
# INTAMBWE ZO MU NZIRA Y'AGAKIZA

**Ntimuzavayo mwihuta, kandi ntimuzagenda nk'abahunga, kuko Uwiteka azabajya imbere, Imana ya Israeli ni yo izabashorera ( Yesaya 52 : 12 )**




**Christine NYAKAMWE**

# IGICYE CYA I

# IJAMBO RY'IMBANZE

Ijambo ry'ibanze ni rya nyiri Ijambo Uwiteka Imana yacu, yo yasanze ari ngombwa kuducyaha no kutwiyigishiriza uburyo twagendera muri ino nzira y'Agakiza. Mu by'ukuri yararebye isanga abenshi batarayumva, abandi batayisobanukiwe neza. Abandi bariho bayikiniramo. Abandi barayibeshyeho, abandi bayigenderamo nk'abatagira ubwenge, abandi barananiwe, barayitaye basubira iyo bavuye. Abandi barayobagurika bahora bajarajara.

Uwiteka Imana yacu, yaraturebye tumutera agahinda kuko areba agasanga ko nidukomeza kugenda uko turi kugenda muri ino si dushobora guhusha ijuru bamwe tutanabizi. Imana yaraturebye isanga tugiye gutahukana amazero, kuko tudakizwa neza ngo duhinduke abana bayo nyakuri tubashe gukora umurimo wayo wo kuyunga n'abandi batarayimenya.

Ni yo mpamvu dusa n'aho abenshi bari gukinira muri ino nzira y'Agakiza kuko basa naho nta cyerekezo bafite, abandi bagasa n'aho batazi icyo gukora icyari cyo kugirango bazagere iyo bajya.

Ni cyo gituma mbanje kubagezaho buno butumwa bw'Imana yampaye ngo mbubagezeho butubuza gukomeza gukinisha Agakiza nk'Ijambo ry'ibanze rya kino gitabo. Bukaba buno butumwa ari na bwo bwatumye nandika kino gitabo, kuko nsanga hari benshi bari gukinisha Agakiza ku bwo kutamenya.

## AGAKIZA SI IGIKINISHO

**Uwiteka Imana yacu iravuze iti:**

" Kwakira Yesu no kumugumana bisaba kuba ukuze mu bitekerezo. Ntimugahatire abantu kunyakira. Ndarambiwe n'Abantu banyakira ntibampe icyo kunywa, ntibamvugishe. Babwire bamenye kwakira Yesu icyaricyo. Ntabwo ndi ibigezweho ( mode) , ntabwo ndi Agakingirizo ( passade ) , ntabwo ndi umukino. Babwire ko kubera bo, uburakari bwanjye bwabaye bwinshi. Mugire gukomera mu kwizera, mu ngamba mufata. **Yohana 2: 23-24, 28 -29** Mumenye aho mujya.

Baragowe abantera umugongo bantesha umwanya wanjye. Hagowe mwebwe mwamenye nyuma mukigendera. **2 Ngoma 15: 2** . Hagowe abo ngirira icyizere nkabaha ibiryo byanjye nyuma bakigendera. **Matayo 12: 30** Ukwihangana kwanjye gufite iherezo. Hazagera aho bazatsitara kw'Ibuye ryanjye. Ndabemerera ibyiza by'isi n'ibitangaza ariko ntimubasha kubirindira. Jyewe nabarindiriye igihe kingana iki ?.**YAkobo 1: 12** Ndananiwe no kubigisha urukundo nyuma mwebwe mukicana. *1 Yohana 4 : 7-21 , 1 Yohana 2 :9-10 , 1 Abakorinto 13: 1-13, Luka 6: 27-38 , 1 Yohana 3: 15-18, Matayo 25: 31-46, Matayo, 10:42, 2 Timoteyo 3: 1-5*

Mwishakira inyungu ubwanyu kandi ari jye nyungu y'iyi si. Ndananiwe, ndananiwe no kubarindira. Ni iki ntakoze ko mutanyemera ?. Sinabakuye mu byobo ?, sinakijije abaturanyi banyu, sinagaburiye abana banyu ?. Nimwisubireho ndabinginze, nimwisubireho. Hazaza umwanya ntazaba nkivuga, nzakora gusa. Ndabakunda cyane, nabahaye byose, n'ubu ndabaha. Kandi ndababarira, ariko mbabarira abansaba imbabazi. **Yesaya 1: 16-19**

Nimwisubireho ubu nyine, abanyumva nimusubire mu nzira yanjye, mwongere kumpa ubuzima bwanyu. Mutuma ntakaza ubushobozi kubera ibyaha byanyu. Mwuzuza umutima wanjye umubabaro kubera ububeshyi bwanyu. Nimwihane mungarukeho ntimupfane ibyaha ngo murimbuke. Ab'intege nke bagiye gutaha, intwarane zigiye kwambuka. **Matayo 11 : 12** . Kandi, ikimbabaje by'indengakamere, ni uko hariho abagiye gutaha batariho ikimenyetso cyanjye. Abo, ntibazabona mu maso hanjye. **Yohana 3: 1-7 , Abaroma 8: 1-17** Ubu, ni igihe cyo kwambara imbaraga. Abanyegereye bagiye kwambara imbaraga. Si ndi umubeshyi, ndi Imana ishobora byose. Ndatabara. Ariko, ntabara abari kumwe najye. **Yeremiya 33: 2-3** Abanyumvira, ngiye kubahagurutsa bakorane nanjye, ariko abiyobora ngiye kubicaza. Ni igihe cyanjye cyo gukorana n'abanjye. Ni igihe gikomeye. **Yesaya 66 : 17-19**.

Naho bikomeye guryo, ngiye gusuka Agakiza mw'isi. Ariko , hariho nanone abagiye kwinangira imitima. Mukomeze mubwire abantu gukiranuka no kuva mu byaha. **Abaroma 12, 1 Yohana3:1-10** . Abakiranutsi bagiye kugubwa neza n'aho abanyabyaha, bagiye kurimburwa n'inkota y'Uwiteka. Ibihembo by'abakiranutsi birurutse, n'inkoni y'abanyabyaha irabanguye. Iki ni igihe cyo guhemba no guhana **2 Gutegeka 11: 26-28** . Ni icyo gutwikurura ibyari bitwikiriwe. Kandi, ni jye wihagurukiye. Nabohereje abahanuzi murabica, mbohereza Umwana wanjye ntimwamwemera. Ndarambiwe no gukina n'abanyabyaha.

Ntacyo ntabakoreye, none ibihembo mumpemba ni ukunyimura, ni ukunta. **Yakobo 4: 7-9, 1 Petero 4: 17-19.** Urugamba ruragabwe, ariko ni jye wo kururwana. Ni jye wo gutabara no guhana. **Estelle 3**. Satani yahagurukiye kwica abayuda bafite umutima nk'uwo nshaka. **Daniyeli 8: 23-25 .**

Ikimbabaza kindi gikabije n'uko bambeshyera ngo nazanwe no kubaha iby'isi kandi nazanwe no kubaha iby'ijuru. Ntabwo amamodoka, amazu, amadege ari byo nabasezeranije, nabahaye ijuru. Ni ryo ryonyine rigomba kubahaza. Ariko mwebwe, muhora mufite inzara y'iby'isi. Nta nzara y'ijuru mugira *1 Yohana 2: 25-27, Abafilipi 3:18-19, Matayo 6: 31-34, Matayo 13: 44-51* .

Nkimara kubona buno butumwa, nagize umutwaro munini wo kubona twebwe abantu tuva mu bujiji no mu mikino kugirango tumenye kandi duharanire kumenya uko twakwitwara muri ino nzira yo gukizwa tutazayigwamo, ahubwo tuzayirangize amahoro. Nasabye Imana ko ari yo yatwikurira mu mikino turimo ikatwinjiza mw'ishuli ryayo ikatwiyigishiriza kugirango tumenye inzira tunyuramo tuzabashe kugera iyo tujya, iwacu mw'Ijuru.

Imana rero, ni yo yampishuriye Intambwe zo mu nzira y'Agakiza ngiye kubagezaho muri kino gitabo. Umwami wanjye we ubwe yaranazinyigishije mu kugenda azinyuzamo. N'uko nagiye nsobanukirwa ko buri wese yarakwiye kuzimenya no kuzinyuramo kugirango akizwe amaramaze, agere no ku rugero rwo gukora umurimo w'Imana.

## 1.2. GUSHIMIRA

Mbanje gushimira Imana Data wa twese wo mw'Ijuru, we wangiriye ubuntu akampa Agakiza, yarangiza akantera iteka ryo gukwiza hose inkuru nziza y'Agakiza. Iyo mbitekereje birandenga bigasiga n'ubwenge bwanjye, kuko, mu mibereho nari ndi mo, nta mpamvu nimwe mbona yatumye Imana inkunda by'ako kageni. Ntacyo mfite nayitura atari ukuyikunda nkayiha umutima wanjye, narangiza nkayihamiriza kugirango abatarayimenya na bo bayimenye bakizwe.

Nshimiye abakozi b'Imana bose banshyigikiye kugirango kino gitabo kibashe kujya ahabona. Kandi mbaye nshimiye abo bose bazagira uruhare mu kugikwiragiza hose kugirango gisomwe na benshi. Imana ibampere umugisha.

Nshimiye Umuyobozi w'Itorero ryanjye ryitwa "**Living World Church**" rikorera i Kanombe, ndetse n'abakristo dusengana, kuko badasiba kuntera ingabo mu bitugu, kugira ngo umurimo Imana yampaye ujye imbere.

Nshimiye umuryango wanjye, umutware wanjye Ambasaderi Polisi Denis n'abana bacu bose bo batigeze bambangamira muri ino nzira y'Agakiza, ahubwo bamfashe mu mugongo bampa n'uburyo nkoresha mu murimo w'Imana. Imana izabibibukireho mu minsi mibi ibatatabare. Kandi ndasaba Imana iri mw'Ijuru kubahoza ku mutima wayo.

Nongeye gushimira Umubyeyi wacu, ari we Data wa twese wo mw'Ijuru, kandi sinzamushimira uko bikwiriye, we utigera udutererana, ahubwo atubereye maso kugirango dukizwe tuzabashe kubana na we mw'Ijuru. Ashimishwa n'uko dukizwa kuko yishimira kuduha Ubwami bwe, ni cyo gituma atuburira ubutitsa atubwira ko Umwami Yesu ari bugufi bwo kuza gutora Itorero rye, ndetse akanadufasha kumenya uburyo twamwitegura. Twihane, tube maso kandi dusenge ubutitsa.

## I.3 IRIBURIRO

Iki gitabo ni icya gatanu nanditse inyuma yo gushyira ahagaragara ibindi bine nari nararangije kwandika, ari byo by'ibi:

**-** Icyambere cyitwa ngo:**'' YESU YARANYIYERETSE ''** , kikaba ari icyasobanuye ubuhamya bw'uburyo nakijijwe, n'imibanire mfitaniye n'Umwami Yesu.

**-** Icya kabiri cyitwa ngo : '' **AGAKIZA NI YESU** '' Iki gitabo cyarasobanuye ko Agakiza ari Yesu wenyine, ko tutagomba kukitiranya n'amadini cyangwa imirimo myiza. Iki gitabo kandi cyaratwihanangirije, kitwumvisha ko tutagomba gufata Agakiza nk'ibigezweho, agakingirizo cyangwa igikinisho.

**-** Icya gatatu cyitwa ngo :''**DUKIZWA N'UBUNTU BW'IMANA**'', kikaba cyarasobanuye neza icyo dukizwa icyaricyo, gukizwa icyaricyo , ikidukiza icyaricyo n'uburyo dukizwa.

**-** Icya kane cyitwa ngo : "**GUKINA BIRARANGIYE"** , cyashize ahabona ubutumwa bwose Imana yampaye ngo mbubagezeho. Mu by'ukuri, ni Imana yihagurukiye kutwiyigishiriza kuko ubutumwa bwose yatanze, yabutanganye n'imirongo ya Bibiliya yo gusoma ngo twese tubashe gusobanukirwa n'ubutumwa bwiza.

Iki gitabo cya gatanu citwa ngo**:** ''**INTAMBWE ZO MU NZIRA Y'AGAKIZA**'' kidusobanurira intambwe tugomba gukora kugirango tugere ku cyo twahamagariwe: **KWIYUNGA N'IMANA** *'',* twarangiza ''**TUKAYUNGA N'ABANDI** ''. N'umutwe Imana yahaye Ubutumwa bwose yampaye kubagezaho ugaragaza uno mu-

hamagaro wacu tugomba kwitwararika iteka : *''Ndashaka ko muhinduka muhinduwe nanjye, nyuma mugahindura abandi ''.* Ubu butumwa Imana yaduhaye mushobora kubwisomera muri cya gitabo cyitwa ngo : ''**Gukina Birarangiye**''. Mu magambo make ubu butumwa, ni ubwo kuduhamagarira guhinduka. Duhore tuzi ko Imana yiyunga n'abahinduka, kandi ntiwahindura abandi ngo ubunge n'Imana nawe ubwawe byarakunaniye guhinduka kugirango wiyunge na Yo.

Ni cyo gituma nagize uno mutwaro wo gushyira ahagaragara zino nyigisho zijyanye no gusobanura Intambwe tugomba kwitwararika muri ino nzira turimo y'Agakiza. Buriya, umwana apfira mw'iterura. No mu Gakiza ni uko, hari abantu bakira Agakiza barangiza bakananirwa gukizwa kuko batabonye inyigisho zibafasha kugendera mu Gakiza. Ugasanga abantu baradindiye, abandi basubiye inyuma ku bwo kujarajara batazi uruhare rwabo muri iyo nzira yo gukizwa. Nanjye, ukwo kujijwa no kujarajara nabinyuzemo. Ni yo mpamvu yatumye nsaba Imana ngo inyiyigishirize kandi inyiyoborere. Kunyobora kwayo ni ko kwanyigishije, menya inzira iboneye kandi igororotse yo kunyuramo kugirango nkizwe. Ni inshingano yanjye rero kuyimenyesha abandi ku bwo kuba naragiriwe ubwo buntu.

Ubundi, hari Ijambo Yesu yavuze rintera agahinda, noneho rinshyiramo uwo mutwaro wo kumenyesha abandi ibyo namenye kugirango batazananirwa kunyura mu nzira nanjye ndi kunyuramo bakaneshwa. Umuntu yaramubajije ati : *'' Data Buja, mbese abakizwa ni bake ? . Na we aramusubiza ati : '' Mugire umwete wo kunyura mu irembo rifunganye. Ndababwira yuko benshi bazipfuza kurinyuramo ntibabibashe.* **Luka 13 : 22-24** Mu by'ukuri, birababaje kubona abantu bashaka gukizwa bikabananira kuko babuze ubafasha kumenya uko babigenza. Ni cyo gituma, nzavuga kandi nkandika nshize amanga uko nagendanye na Yesu, ibyo yambwiye byose, ibyo yanyigishije byose, ibyo yanyeretse byose, ndetse n'ibyo yampishuriye byose kugirango Ubwami bw'Imana bwaguke, abantu bahindukirire Imana, biyunge na yo ari benshi kandi bazaneshe bazagere mw'Ijuru.

N'iyindi mpamvu iri gutuma nandika kino gitabo, n'uko nsanga mu matorero menshi ubutumwa ari bwo buvugwa gusa noneho abantu ntibababashe kwigishwa uko bikwiriye. Kandi ubutumwa benshi bavuga, bibanda ku byo Imana yadukoreye n'ibyo idukorera na bugingo n'ubu, bakibanda mu kutubwira imigisha ituruka ku Mana, ariko ntibadusobanurire twebwe uruhare rwacu urwarirwo kugirango ibyo Imana ikora n'imigisha yayo bitugereho. Noneho ugasanga abantu aho kunezererwa mu Gakiza, bahora mu mibabaro kuko batabasha kubona impinduka zizanywa n'Umwami wacu Yesu-Kristo mu buzima bwabo. Ibi bikaba bituruka ku kutamenya uruhare rwabo muri ino nzira y'Agakiza kugirango bagendane na Yesu, noneho babashe kwiyungira n'Imana muri

Yesu-Kristo. Incuti z'Imana, ni zo zonyine zibona amahoro n'umunezero bituruka kuri Yesu-kristo.

Mu by'ukuri, ubutumwa bw'Imana bwahindutse nk'imivugo , nka slogans mu gifaransa. Ugasanga bariho babwira abantu ngo : Mukizwe, mube maso, mwirinde, muve mu byaha, mwambare imbaraga, mugire kwizera, musenge ubutitsa, n'ibindi n'ibindi.

Ibyo bakabivuga, kandi bakabivugaho cyane, ariko ntibababashe gusobanurira abantu gukizwa icyaricyo n'uburyo bakizwa, abantu ntibababashe kumenya kuba maso icyaricyo n'icyo bakora ngo babe maso, ntibasobanurirwe uburyo bakwirinda n'ibyo birinda ibyaribyo, ntibababashe kumenya neza ibyaha bakora ibyaribyo n'uburyo babivamo, ntibababashe kumenya izo mbaraga bambara izarizo n'uburyo bazibona, bakananirwa kumenya icyo bakora kugirango bagire ukwizera. Bakababwira gusenga ariko ntibabigishe n'uburyo basenga n'amasengesho akora ku mutima w'Imana ayariyo n'uburyo akorwa.

Izi mpamvu zose ni zo zatumye nandika bino bitabo ndetse n'ibindi bizakurikiraho. Kino gitabo gisobanura neza ino nzira y'Agakiza iyariyo, uko imeze n'uburyo twayigenderamo.

## IGICYE CYA 2

## INZIRA Y'AGAKIZA NI IYIHE ?

Mu buzima busanzwe bwo muri ino Si, inzira, ni aho tunyura kugirango tuve aho twari turi noneho tugere aho dushaka kujya. Twaba tugenda n'amaguru, twaba tugenda n'imodoka, twaba tugenda n'ubwato cya ngwa indege, dukenera inzira yo kunyuramo. Inzira ni ikintu gikomeye mu bu zima bw'abantu kuko ni yo ihuza imiryango, ni yo ihuza ibihugu, ni yo yegera nya ibihugu ugasanga isi yahindutse nk'umudugudu. Kandi mu mibanire myiza y'abantu n'ibihugu nta wimana inzira.

Inzira kandi, dushobora kuyifata nk'uburyo umuntu akoresha kugirango agere ku kintu runaka yifuza. Abantu bashobora kuba bifuza ubukire ari benshi, ariko inzira banyuramo babushaka ntiba imwe kuri bose. Hari ababushakira mu bucuruzi, abandi muri politique, abandi mu gukorera abandi n'ibindi n'ibindi….. Izo rero ni inzira zitandukanye zo kugera ku kintu kimwe. Iyo nzira rero twavuga ko ari uburyo wakoresha kugirango uve mu buzima usanzwemo, ubone ubuzima bwiza kurushaho.
Duhereye kuri ibyo bisobanuro by'inzira, ibyaribyo byose, iyo ufashe inzira runaka, n'uko hari aho uba ushaka kuva, n'aho uba ushaka kugera. Uba ufite intego. Nta muntu upfa guhaguruka ngo agende cyangwa ngo ahagurutse umushinga runaka atagira aho ashaka kugera.

No mu buryo bw'Umwuka ni ko bimeze. Mu gitabo nanditse cyitwa ngo :"**DUKIZWA N'UBUNTU BW'IMANA",** nasobanuye ko inzira y'Agakiza ko itugeza ku Gukizwa, kandi twavuze ko Gukizwa ko ari uguhindura Ubwami. Tukava mu bwami bwa Satani twavukiyemo ku bwo icyaha cy'inkomoko cyo kwikunda, tukimukira mu Bwami bw'Imana burangwa n'Urukundo. Mu yandi magambo, ni ukuva mw'ishusho ya Satani irangwa no kwikunda, tukambara ishusho y'Imana irangwa n'urukundo. Ntushobora kwimuka utavuye hasi ngo ugende uve aho wari uri ugane aho ushaka kuja. Ni cyo gituma Bibiliya

itwita abasuhuke n'abimukira. Ntabwo iyo turi muri ino si tuba turi i wacu. Dusa n'impunzi. I wacu ni mw'Ijuru. Ubwo rero, ku bemeye Yesu-Kristo bose, ubu zima bwabo bwo muri ino si, ni urugendo rurerure rungana n'iminsi basigaje yo kubaho kwabo rubavana mu by'isi rubaganisha kwa Data wa twese wo mw'Ijiru.

Mu **Baheburayo 11 : 13**, Ijambo ry'Imana riratubwira riti : "*Abo bose bapfuye bacyizera batarahabwa ibyasezeranijwe, ahubwo babiroraga biri kure cyane bakabyishimira bakavuga ko ari abasuhuke n'abimukira mu isi. Abavuga batyo, baba berekana yuko bashaka gakondo. Iyo baba barakumbuye iyo bavuyemo, baba barabonye uburyo bwo gusubirayo. Ariko noneho barashaka Gakondo irusha icyo gihugu kuba cyiza ari yo yo mu ijuru*." Gakondo yacu ni Ijuru, ntabwo Gakongo yacu ari isi kuko iyi si umunsi umwe tuzayivamo. Igikuru ni ukumenya iyo uva n'iyo ujya.

**Petero mw'Ibaruwa rya 2 yatwandikiye, igicye cya 2, umurongo wa 11**, ayobowe n'U mwuka Wera yaratubwiye ati : '' *Bakundwa, ndabahugura ubwo muri abasuhuke n'abimukira kugira ngo mwirinde irari ry'umubiri ry'uburyo bwinshi rirwanya ubugingo. Mugire ingeso nziza hagati y'abapagani kugirango nubwo babasebya nkabakora nabi, nibabona imirimo yanyu myiza, izabatere guhimbaza Imana ku munsi wo kugendererwamo.*''

Iri Jambo ridusobanurira neza ko urugendo turimo ko ari urugendo rwo kuva mw'irari ry'uburyo bwose tugana mu guhinduka guhamye kudushushanya n'Iyaturemye. Mw'Ijambo ry'Imana riri muri **1 Abatesalonike 4 : 2** riratubwira riti : '' *Icyo Imana ishaka ni iki : Ni ukwezwa kwanyu no kwirinda gusambana. Ngo umuntu wese muri mwe amenye gutegeka umubiri we, wezwe ufite icyubahiro, mudatwarwa n'irari ryo kurigira nk'abapagani batazi Imana*.'' Uko kuva mw'irari, ni ko kudushoboza gukora imirimo myiza y'urukundo. Kandi nk'uko Yesu yabitubwiye muri **Matayo 25 : 31- 44,** nagaruka kuducira urubanza, abazaragwa Ubwami bw'Imana ni abazaba ba ritanze bagatanga n'ibyabo batabara abababaye. Nayo, abazaba barabayeho ubuzima bwo kwikunda, bazaja kwa Satani.

Ni urugendo rwo kuva mw'ishusho ya Satani irangwa no kwikunda, tukambara ishusho y'Imana irangwa n'urukundo nk'uko nari nabivuze kare, na hano ndabishimangira.

Ni urugendo rwo kugera ikirenge mu cya Kristo twitangira abandi nk'uko yatwitangiye. Ni urugendo rwo kwishushanya na Kristo, kuko ngo niyerekanwa tuzasa na we.

Kandi uzasa na we, ni uwuzaba ubuzima bwe bwose yarafashe iyo nzira yo guhitamo kumera nka Yesu agakora ibyagomba gukora kugirango ahinduke.

Muri urwo rugendo, hari inzira tugomba kunyuramo, ni '' **INZIRA Y'AGAKIZA** '' kuko tugomba gukira indwara y'imitima tuvukana yo kwikunda nk'uko twabisobanuye mu gitabo cyitwa ngo : ''**DUKIZWA N'UBUNTU BW'IMANA"** . Iyo nzira y'Agakiza, twavuga kandi ko ari inzira idukiza Satani kuko itugeza ku kurokoka ku ngoyi n'ububata bwa Satani, tugahinduka abana b'Imana. Ni inzira idukura kwa Satani ikatuganisha ku Mana. Ni inzira idutandukanya na Satani ikatwunga n'Imana. Ni inzira iduhindura incuti z'Imana. Mu magambo make, ni inzira yo kunesha Satani tugatandukana na we, tukifatanya n'Imana.

Iyo nzira, ni Yesu-Kristo Umwana w'ikinege w'Imana. Yarabitwibwiriye ati : ''*Ni jye nzira n'ukuri n'ubugingo, nta wujya kwa Data ntamujyanye* ''.**Yohana 14 : 16** Umwami wacu Yesu-Kristo ni we uzatugeza kwa Se ari we Data. Iyi nzira rero turimo, ni yo iduhuza na Data, kandi ni yo izatugeza mw'Ijuru. Data ntiyatwimye inzira yo kumugeraho yaduhaye Umwana we w' Ikinege ngo atwunge nawe.

Pasteur Rick Warren yigeze atwigisha ko ntawuba inshuti y'Imana ataba nje kuba inshuti ya Yesu, abitwigishiriza nko mu migani. Aratubwira ngo hari umubyeyi yajyanye n'umwana we gukina muri Parike. Noneho uwo mwana asangayo umwana w'inshuti ye. Iyo Parike ngo yarimo imikino myinshi, ati ka ndi kugirango abana babashe gukina, bagomba kuba bafite amatike.

Uko uwo mwana yashaka kujya mu mukino runaka, uwo mubyeyi yamuguriraga itike akagurira n'uwo mwana w'inshuti ye. Noneho aho muri Parike ngo hari umwana utagira ababyeyi yari yaje kuhatemberera, abura uwamugurira itike na we ngo akine. Noneho akabona uriya mubyeyi, agurira itike umwana we, akagurira na mugenzi we. Noneho aribaza ati : Kubera iki njyewe ata ngurira ko agurira n'uriya wundi mwana atari uwe ?. Noneho yegera wa mwana aramubaza ati : Nakora iki ngo nanjye Papa wawe angurire itike nk'uko agurira n'uriya mwana wundi. Aramubwira ati nta kindi bisaba ni uko uba inshuti yanjye, Papa arahita akugurira. Kwari ukumubwira ati : Nuba incuti yanjye, urahita uba n'incuti ya Papa, ariko ntushobora kuba incuti ya Papa utabanje kuba incuti yanjye.

Rero iyo nzira y'Agakiza, ni iyo guhinduka inshuti za Yesu kugirango atwunge n'Imana. Yesu ni we nzira kuko ni we uzi Data neza, ni we wenyine wabonye Imana kuko yabanye nayo kuva mbere na mbere. Muri **Yohana 1 : 18** Ijambo ry'Imana riratubwira riti : '' *Uhereye kera kose, nta muntu wigeze kubona Imana, ahubwo Umwana w'ikinege uri mu gituza cya Se ni we wayimenyekanishije.* '' Kuba ari we ubana n'Imana, Yesu ni we wenyine uzi aho atujyana.

Ikindi, ni we Muhuza w'Imana n'abantu Imana yaduhaye. Twari twaratandukanijwe n'Imana ku bwo ibyaha byacu. Yesu ni we waje mw'isi gupfira ibyaha byacu kugirango twezwe n'amaraso yatumeneye ku musalaba. Noneho tubashe kwegera Imana tutagira inenge.

Muri **1 Timoteyo 2 : 5**, Ijambo ry'Imana rirabitubwira neza riti : '' *Kuko hariho Imana imwe, hariho Umuhuza umwe w'Imana n'abantu, na we ni umuntu, ari we Yesu - Kristo witangiye kuba incungu ya bose.''* Kuko ari we wenyine uduhuza n'Imana, ni we wenyine tugomba kunyuraho kugirango tubone Imana kandi tubane na Yo.

Yesu ni we uduhuza n'Imana kuko ni we rumuri rutumurikira muri runo rugendo turimo rutuganisha kwa Data mw'Ijuru. Utagira Yesu muri we ari we Jambo ry'Imana, aracyari mu mwijima na bugingo n'ubu, kuko atazi iyo ajya. Umwami Yesu muri **Yohana 8 : 12,** ni we wivuze aratubwira ati : '' *Ni jye mucyo w'isi. Unkurikira ntazagenda mu mwijima na hato, ahubwo azaba afite umucyo w'ubugingo*.'' Nuko rero, uzabika Ijambo ry'Imana mu mutima we ari we Yesu –Kristo, akarigenderamo, ni we utazazimira, azagera i wabo mw'Ijuru. Ijambo ry'Imana rero, ni yo nzira kuko ni ryo ritumurikira kugirango duhore duhitamo neza tutayoba. Ni cyo gituma dukwiye kurushaho kugira umwete wo kwita ku byo twumvise kugirango tudatembanywa tukabivamo **Abaheburayo 2 : 10**. Nuko, uzagendera mw'Ijambo ry'Imana, azagerayo kuko Ijuru ni iryabahindutse kandi twarabisobanuriwe mu buryo burambuye ko duhindurwa n'Ijambo ry'Imana. Mubyisomere mu gitabo nise ngo: '' **Dukizwa n'Ubuntu bw'Imana** ''

Kandi Yesu ntabwo ari inzira gusa ahubwo ni na we rembo ry'Iyo nzira y'Agakiza. Nta handi ushobora kwinjirira, ni ukuvuga ko nta wundi ushobora kunyuraho kugirango winjire muri iyo nzira y'Agakiza. Ni cyo gituma urugendo rwo gukizwa rutangirira mu guhitamo Yesu nk'Umwami n'Umukiza wacu nk'uko tuza kubibona mu gicye gisobanura ku ntambwe zo mu Gakiza. Umwami wacu Yesu-Kristo ni we wabitwibwiriye muri **Yohana 10 : 9**, ati : '*'Ni jye rembo, umuntu niyinjira muri jye azakizwa, azinjira asohoke kandi azabona urwu*ri.''

Mu magambo make, inzira y'Agakiza ni Yesu. Uba muri we, akagendera muri we kandi akagendana na we, ni we uzagera i wabo mw'Ijuru akabana n'Imana iteka ryose. Mu gicye cya 4, ni ho tuza gusobanukirwa neza ku cyo tugo mba gukora twebwe nk'abantu kugirango tubashe kugendera muri Yesu kandi tugendane na we.

## IGICYE CYA 3

## INZIRA Y'AGAKIZA IMEZE ITE ?

Inzira y'Agakiza iganisha mw'Ijuru, Umwami wacu Yesu-Kristo yayisobanuyeho mu magambo abiri : IRAFUNGANYE kandi IRARUHIJE. Ibi yabivuze muri **Matayo 7 : 13-14**, aho Yesu yatubwiye ati : "*Munyure mw'irembo rifunganye, kuko irembo ari rigari ni inzira ijyana abantu kurimbuka ari nini, kandi abayinyuramo ni benshi. Ariko irembo rifunganye ni inzira ijya mu bugingo iraruhije kandi abayinyuramo ni bake*"**.**

Umwami wacu Yesu – Kristo ni umunyakuri, ntiyigeze na rimwe adushukisha amagambo aryoshye kugirango tumukurikire. Ntiyigeze na rimwe atwireherezaho adushukisha ibishashagirana byo muri ino si kugirango tumwizere. Umwami Yesu yatubwije ukuri. Atubwira n'impamvu iyo nzira ari uko imeze.
Umwami Yesu yatugaragarije impamvu 3:

- Yatubwiye ko ari inzira yo kwiyanga tukikorera umusaraba wacu.
- Ni inzira yo gutandukana n'ababyeyi bacu, abavandimwe n'inshuti zacu.
- Ni inzira yo kwanga iby-isi

### 3.1. Ni inzira yo kwiyanga no kwikorera umusaraba wacu

Yabivuze muri **Luka 9 : 23***,* aho yatubwiye ati : *''Umuntu nashaka kunkurikira niyiyange, yikorere umusalaba we iminsi yose ankurikire, kuko ushaka kurengera ubugingo bwe azabubura ariko utita ku bugingo bwe ku bwanjye ni we azabukiza''.*

Muri kamere yacu ya bumuntu, n'ubu ndabigarukaho, turikunda. Duhorana umururumba wo gushikira ibyo turarikiye ku bwo gushukwashukwa n'imibiri yacu ihora idukururira mu biyinezeza. Duhora twitekerezaho, dutekereza ku bidushimisha, ku byatuzamura, ku byatuma tugaragara nk'abakomeye, ku byaduhesha icyubahiro. Duhora ari njye njye. Duhora twirebaho.

Noneho Yesu aje kukubwira ati: " Kugirango tugendane mbashe kukuyobora, banza ushire ku ruhande ibyo bindi byose byari bigushishikaje, na we ubwawe wishire ku ruhande ushishikazwe na njye njyenyine".

**Ubwa mbere,** ni ukuvuga ko adashaka ko wihugiraho, ahubwo, hugira ku mwami wawe. Abe ari we uhoza mu bitekerezo byawe, umushikamisheho umutima wawe kandi uhore umuganiririza mu mutima wawe ubutitsa. Uku ni ko kugendana na we, ni ko kwitandukanya n'uyu mubiri ukifatanya na Kristo. Kandi tumenye ko iyo turi iwacu mu mubiri ni ukuvuga ngo iyo twihugiyeho, tuba tugiye kure y'Imana nk'uko Ijambo ry'Imana ribitubwira muri **1 abakorinto 5: 6 - 10** riti " *Ni cyo gituma dukomera umutima iteka, kandi tukamenya yuko iyo turi iwacu mu mubiri, tuba dutuye kure y'umwami wacu ( kuko tuba tugenda tuyoborwa no kwizera tutayoborwa n'ibyo tureba), nyamara dukomera umutima kandi icyo turushaho gukunda ni ukwitandukanya n'uyu mubiri ngo twifatanye na Kristo "*

**Ubwa kabiri,** ni ukuvuga ko ikindi Umwami wacu ashaka, ni uko tudakomeza gukora ibyo twebwe dushaka, ahubwo, ashaka ko duhora mu bushake bwe. Kandi ubushake bwe ni uko dukundana nk'uko yadukunze akatwitangira. Ni inzira rero yo kwiheba tukitangira abandi, ari na ko kwitangira Umwami wacu. Ni inzira yo kwiyima ibyo wifuza kugirango ukore ibyo Imana ishaka.

Iyo nzira yo kwikorera umusaraba wacu, ni inzira yo kwibabaza kuko ni inzira yo kwirinda ibyaha tubuza umubiri wacu gukora ibyo wifuza. None se ugira ngo ntibibabaza kureka gusambana kandi wari ubifitiye ubushobozi ? Ugira ngo ntibibabaza kwiyiriza ubusa ku bwo gusenga kandi utari ubuze ibyo urya ? Ugirango ntibiruhije gushakishiriza ubukire mu nzira nziza yo gukora ukiyuha akuya ha kwiba cyangwa ukarya ruswa ?. Nyamara tubwizanye ukuri, gukora ibyaha biraryoshe kandi biroroshe. Ingaruka ni zo mbi ariko ukibikora uba uryohewe. Gukora ibyiza ni byo bibabaza kandi biragoye. Ingaruka ni nziza ariko kubigeraho ni ukwiyuha icyuya kandi ni ukwibabaza, ni ukwiheba, ni ukwiyibagirwa.

Iyi nzira ni iyo kwezwa nk'uko Ijambo ry'Imana ribitubwira muri **Yesaya 35 : 8 -10,** aho Ijambo ry'Imana ritubwira riti : " *Kandi hazabaho inzira nyabagendwa, iyo nzira izitwa inzira yo kwera. Abanduye imitima ntibazayinyuramo, ahubwo izaba iya babandi. Abagenzi n'aho baba ari abaswa ntibazayiyoba. Nta ntare izahaba, inyamaswa yose y'inkazi ntizayibonekamo, ntibizayibonekamo, ahubwo abacunguwe ni bo bazayinyuramo. Abacunguwe n'Uwiteka bazagaruka bagere i Siyoni baririmba, ibyishimo bihoraho bizaba kuri bo, bazabona umunezero n'ibyishimo kandi umubabaro no gusuhuza umutima bizahunga" .*

Iyi nzira ni inzira yo kwera, ni iyo gutungana, abanduye n'abanyaburakari ari bo bitwa intare n'inyamaswa z'inkazi, ntibazayigenderamo. Muri **1 Abatesalonike 4 : 3,** Imana itwigisha kwezwa icyari cyo muri aya magambo : Icyo Imana ishaka ni iki : " N*i ukwezwa kwanyu no kwirinda gusambana, ngo umuntu wese abashe gutegeka umubiri we, wezwe ufite icyubahiro, mudatwarwa n'irari ryo kurigira nk'abapagani batazi Imana* ".

Kwezwa ni ukubasha gutegeka imibiri yacu. Kandi ibihimba by'umubiri bigoye gutegeka ni ururimi, inda, igitsina n'amarangamutima. Iyo ubashije gutegeka ururimi rwawe, rukavuga ibitunganye, ukabasha gutegeka inda yawe kugira ngo urye kandi unywe ibigukwiriye nta kurenza urugero, ukabasha gutegeka igitsina cyawe kitagushora mu mirimo y'urukozasoni, ubundi ukirinda guhubuka no kurakara, ahubwo ugahorana umutuzo, umunezero n'amahoro mu mutima wawe, uzaba uri uwera.

Ikindi Imana yavuze kitugira abere, ni ukwirinda gusambana. Ugusambana hano Imana ivuga, ni ubusambanyi bwo mu Mwuka. Ubusambanyi bwo mu Mwuka ni ugahoza ku mutima wawe ibyo urarikiye, ari byo bihinduka ibigirwamana byawe, kandi uzi neza ko umutima wawe ari ubuturo bw'Imana, atari ubuturo bw'ibyo urarikiye. Ibi bigasimbura Imana ihoraho mu bitekerezo byawe kandi ari yo ugomba guhora ushikamishijeho umutima. Ubwo rero uba uriho uca inyuma Imana ugasambanira mu mutima wawe n'ibigirwamana byawe. Mu magambo make rero, iyi nzira turimo y'Agakiza idusaba kwera, ni ukuvuga ko ari iyo kugira umwete n'ishyaka byo gutegeka imibiri yacu, no kwirinda irari ry'uburyo bwose **1 Abatesalonike 4: 1-8.** Musome na cya gitabo nanditse cyitwa ngo : ''**Dukizwa n'Ubuntu bw'Imana** '' kirabasobanurira icyo mwakora ngo mugere kuri urwo rugero rwo kwera ari ko gukizwa.

Iyo nzira kandi yo kwikorera umusaraba wacu, ni inzira yo kwiheba, tukitangira Imana n'abandi bantu. Tugaheba ibyo twari kwinezerezamo, tugakorera Imana. Imana mu butumwa yampaye kubagezaho buduhamagarira guhagarara kigabo tutazaneshwa, Imana yaratubwiye iti : *''Ibyo mwipfuza ku giti cyanyu nta mumaro n'umwe bimariye, ahubwo ibimfitiye umumaro n'uko mwipfuza ko Ubwami bwanjye buza mu kwubahiriza amategeko yanjye.'' Kandi amategeko makuru y'Imana ni abiri gusa : '' Ukundishe Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose n'ubugingo bwawe bwose, n'ubwenge bwawe bwose. Iryo ni ryo tegeko rikomeye ry'imbere. N'irya kabiri rihwanye na ryo ngiri : Ukunde mugenzi wawe nk'uko wikunda. Muri ayo mategeko abiri yombi, amategeko yose n'ibyahanuwe ni yo yuririraho. ''* **Matayo 22 : 37-40**

Rero, iyo nzira, ntiyoroshe kuko idusaba kugira **URUKUNDO** kandi muri kamere yacu **twikunda.** Idusaba kutikwegeraho kandi muri kamere yacu duhora twifuza tutanyurwa. Idusaba kuba abantu bashya bumvira Imana aho gukomeza kuba abantu ba kamere bagengwa n'imibiri yabo.

Iyi nzira y'Agakiza idusaba kugira urukundo nyakuri nk'urwari muri Yesu-Kristo. Yesu yaratwibwiriye ati : *'' Ndabaha itegeko rishya ngo mukundane nk'uko nabakunze, mube ariko namwe mukundana. Ibyo ni byo bose bazabamenyeraho ko muri abigishwa banjye nimukundana.''* **Yohana 13 : 34-35** Urwo rukundo Yesu adusaba, ni urwo kwi-

tangira abandi, ugatanga imbaraga zawe, ugatanga umwanya wawe ndetse n'ibyo utunze kugirango ukorere abandi. Urwo rukundo ni urwo kuba umugaragu w'abandi, ni urwo gutekereza ku bandi nk'uko Yesu yabikoze. Yiyambuye byose ku bwacu. Yiyambuye ubwiza n'icyubahiro, yiyambura umunezero yararimo mw'Ijuru hamwe na Data, aza muri ino si y'amarira azanywe no gukiza twebwe abantu tutarimbuka. Yaritanze kugeza aho atanga ubuzima bwe ku bwacu, abambwa ku musalaba ku bwo urukundo adufitiye.

Yadushize imbere ariyibagirwa aduha agaciro gakomeye, aduha icyubahiro tutari dukwiye. Yakojejwe isoni ngo twebwe tubone icyubahiro, yarapfuye, aducunguza amaraso ye yameneye ku musalaba ngo ntitube tugipfuye. Twari twarapfuye mu mitima yacu aduhembuza amaraso ye n'Ijambo ry'ukuri turazuka.

Urwo rukundo rudusaba kwicisha bugufi nk'uko Yesu yicishije bugufi kugeza aho yoza ibirenge by'intumwa ze. Natwe, rudusaba kwoza ibirenge bya bene Data tubakorera, tubikorerera imitwaro kandi tububashye, tutabereka ko tubaruta, ahubwo ibyo dukora byose tubishimira Imana yatubashishije. Kuko ari ibyo dutanga cyangwa dukorera abandi, ni Imana ibikorera muri twe kuko ni yo iduha imbaraga, ni yo iduha ibyo dutanga, ni na yo iduha umutima w'urukundo wo kubitanga.

Ntacyo rero twakwirata kuko  ku bwa kamere yacu yo kwikunda, ntabyo twashobora. Dusohoze rero Agakiza kacu dutinya duhinda umushitsi kuko Imana ari yo idutera gukunda no gukora ibyo yishimira nkuko Ijambo ry'Imana ribitubwira mu  **Abafilipi 2 : 12 b-13,** mu **Abaroma 12:9,** ndetse no mu **Abafilipi 2:3b-11 riti:** *'' Mwakirane ibibaremerera kugira ngo abe ariko musohoza amategeko ya Kristo. ''  '' Kandi, urukundo rwanyu rwe kugira uburyarya. Mwange ibibi urunuka muhorane n'ibyiza. Ku byo gukunda bene Data mukundane rwose, ku bwo icyubahiro umuntu wese ashire imbere mugenzi we.''  ''Mwicishe bugufi mu mitima, umuntu wese yibwire ko mugenzi we amuruta. Umuntu wese muri mwe areke kwizirikana ubwe gusa, ahubwo azirikane n'abandi. Mugire wa mutima wari muri Yesu-Kristo . Uwo nubwo yabanje kugira akamero k'Imana ntiyatekereje ko guhwana n'Imana ari ikintu cyo kugundirwa, ahubwo yisiga ubusa, ajyana akamero k'umugaragu w'imbata, agira ishusho y'umuntu, yicisha bugufi araganduka ntiyanga no gupfa ku musalaba.  Ni cyo cyatumye Imana imushira hejuru cyane ikamuha izina risumba andi mazina yose, kugirango amavi yose apfukame mw'Izina rya Yesu, ari ay'ibyo mw'Ijuru, ari ay'ibyo mw'isi, cyangwa ay'ibyo munsi y'isi, kandi indimi zose zihamye ko Yesu ari Uwiteka , ngo Imana Data ihimbazwe. ''*

Iyi nzira rero, ni iyo kunywera ku gikombe Yesu yanywereyeho cyo kuba umugaragu w'abandi. Ni ko yabwiye Intumwa ze muri **Matayo 20 : 26 – 28** ati : ''  *Ushaka kuba mukuri muri mwe ajye aba imbata yanyu nk'uko Umwana w'Umuntu ataje*

*gukorerwa, ahubwo yaje gukorera abandi no gutangira ubugingo bwe kuba incungu ya benshi* ''. Rero biragaragara ko ari iyo kuva mu byubahiro tugaca bugufi, tukabana n'aboroheje kandi tukabakorera, tukababera inyunganizi. Hari benshi bagiye gupfira mu byubahiro. Abo ntibazabona Imana. Kuko iyo nzira nk'uko tumaze kubisobanura, ni iyo guhereza si iyo guherezwa nk'uko benshi babyihenze-ho, bumva ko kuja mu Gakiza ko ari ugukorerwa n'abandi no kubanyunyu-za bakoresheje ubwenge bw'incakura, uburyarya n'ubuhanuzi bw'ibinyoma.

Mwirinde kandi mugendane ubwenge. Abajura bibisha Imana n'ibyayo baruzuye. Abandi bakumva gukizwa ari ukwirirwa basenga gusa, abandi bakumva ari ukwirirwa birukanga kuvuga ubutumwa badakora bategereje ko Imana izajya ibyaka ababikoreye kugirango ibibahere ubuntu. Noneho ba-kirirwa basabiriza. Pawulo yabaye Intumwa ya Kristo yakoze imirimo myinshi cyane. Sinzi ko hari indi ntumwa ya Kristo yakoze nk'ibyo yakoze. Murebe ama-torero yashinze muri Aziya uko angana, agera n'i Burayi i Roma. Muri icyo gihe cye, nta ndege, nta modoka zari zihari, ahanini bagendaga n'amaguru, ubundi bakagenda n'indogobe, mu nyanja bagenda n'amato ya giturage.

Ubundi, murebe amabaruwa yagiye yandikira abanyamatorero uko angana. Nta koranabuhanga ryari rihari, nta n'amashanyarazi yarahari ngo abashe gu-koresha imashini no kugira ibyo yandika nijoro. Nyamara, uwo murimo wa Yesu yawukoranye umwete n'aho wari ugoye kandi ntiyigeze yishimira gutungwa n'amatorero kuko yatinyaga kubabera umutwaro, ahitamo no gukora umurimo ugayitse wo kuboha amahema kandi yarize, kugirango yitunge kandi atabare abakene.

Pawulo rero ayobowe n'Umwuka Wera yaratugiriye inama muri **2 Abatesalo nike 3 : 6-12,** aho adusaba ko tumufataho icyitegererezo atwumvisha ko udakora adakwiye no kurya. Yaratubwiye ati : '' *Nuko bene Data, turabategeka mw'izina ry'Umwami wacu Yesu-Kristo kuzibukira mwene Data wese ugenda yica gahunda, cyangwa udakurikiza ibibabwiriza mwahawe natwe. Ubwanyu muzi uko mukwiriye kutwigana kuko tutica gahunda muri mwe, cyangwa ngo tugire uwo turya iby'ubusa, ahubwo, twagiraga umuhati n'imiruho dukora ku manwa na nijoro, kugirango tutagira umuntu muri mwe turemerera. Icyakora, si uko tudafite ubutware, ahubwo, ni ukugirango tubiheho icyitegererezo ngo mugere ikirenge mu cyacu, kuko iki ari cyo twabategetse tukiri kumwe, ngo umuntu wese wanga gukora ntakarye. Twumvise yuko hariho bamwe bo muri mwe bagenda bica gahunda, batagira icyo ba-kora ahubwo bakaba ba kazitereyemo. Nuko abameze gutyo turabategeka tubihanangiriza mu Mwami Yesu - Kristo gukorana ituze ngo babone uko barya ibyokurya byabo ubwabo* ''.

Nuko rero Bakizwa bene Data, muve mu byo mwibwira mugorore amaboko yanyu mukore. Imana yanga abanebwe badashaka gukora. Yaravuze ngo ntacyo bimumariye ko musenga gusa mudakora.

Hanyuma imburamumaro zikirirwa zisabiririza mu murimo w'Imana ngo Imana yarababujije gukora, abandi bagahinduka abatekamutwe. Abandi bagahembesha abantu umurimo bakorera Imana. Ugasanga bariho baciririkanya n'abashumba ngo nukuri ntabonye **30.000 frw**, sinshobora kuza kuvuga ubutumwa. Umuririmbyi ati banza wohereze **200.000** frw kuri Tigo cash mbone guhaguruka nze kuririmbira Itorero ryawe. Ibi biteye agahinda kandi bibabaje Imana cyane. Ababikora nyamara mwisubireho amazi atararenga inkombe. Ntawuhembeshereza mw'isi azabona ibihembo by'Ijuru.

Nyamara nunezereza Imana ukayikorera n'umutima ukunze, na yo izakugororera ukiri muri ino si iguhe n'ubugingo buhoraho. Mugomba kwumva neza ko iyi nzira atari iyo guhabwa, ni iyo gutanga. Tugomba gukora kugirango tubone ibidukwiriye n'ibyo dutabaza abatishoboye, tugera ikirenge cyacu mu cya Kristo.

Urwo rugendo kandi rudusaba gukunda n'abanzi bacu. Umwami wacu Yesu-Kristo ntiyadukunze kuko twari incuti ze, ahubwo twari abanzi be ku bwo ibyaha byacu. Ariko byose ntiyabyirengagije gusa, ahubwo yarabyirengeye kugeza aho ku bwo imbabazi ze zitangaje, ahanirwa ibibi dukora kugirango twebwe tubeho mu mahoro n'umunezero twarababariwe. Ijambo ry'Imana riri mu **Bakolosayi 1 : 21** riratubwira riti : '' *Twari twaratandukanijwe n'Imana turi abanzi bayo mu mitima yacu no ku bwo imirimo mibi, none yiyungishije namwe urupfu rw'umubiri we ngo abashire imbere ye muri abera n'abaziranenge mutariho umugayo.*''

Kuko twiyunze n'Imana ku bwa Kristo, tugomba gusa na yo muri byose tugakunda n'abanzi bacu. Muri **Luka 6 : 35**, Yesu yaratubwiye ati : '' *Ahubwo mukunde n'abanzi banyu, mubagirire neza mugurize abantu mudatekereza ko bazabishyura. Ni bwo ingororano zanyu zizaba nyinshi, namwe muzaba abana b'Isumbabyose kuko igirira neza ababi n'indashima. Mugirirane imbabazi nk'uko So na we azigira* ''.

Abari muri iyi nzira bagomba kwirinda kwihorera bakarangwa no kubabarira. Pawulo yaranditse mu **Baroma 12 : 14,17 -21** aratubwira ati : ''*Ababarenganya mubasabire umugisha, mubasabire ntimubavume. Ntimukiture umuntu inabi yabagiriye. Niba bishoboka mu rwanyu ruhande mubane amahoro n'abantu bose. Bakundwa, ntimwihoranire ahubwo mureke Imana ihoreshe uburakari bwayo, kuko byanditswe ngo : '' Guhora ni ukwanjye, ni jye uzitura, ni ko Uwiteka avuga ''. Ahubwo umwanzi wawe nasonza umugaburire, nagira inyota umuhe icyo anywa kuko nugira utyo uzaba umurunze amakara ku mutwe. Ikibi cye kunesha, ahubwo unesheshe ikibi icyiza. ''*

Nta nubwo tugomba kugarukira ku kutihora gusa, ahubwo tugomba kugera ku rugero rwo kubabazwa n’ubugingo bw’abatugiriye nabi, tugahora tubasabira imbabazi imbere y’Imana kugirango Imana ibatabare ibababarire, irengere ubugingo bwabo, kuko tuzi ko nta muntu ugirira abandi nabi uzabona ijuru.

Nta rukundo aba afite aba yangana. Ijambo ry’Imana ribitubwira neza muri **1 Yohana 3 : 14b-15** riti : ‘’ *Udakunda aguma mu rupfu. Umuntu wese wanga mwene Se ni umwicanyi kandi muzi yuko ari nta mwicanyi ufite ubugingo muri we* ‘’**.**

Uwangana ni umwicanyi mubi wica ubugingo. Kuko igihe cyose wanga mwene So ugatangira kumusebya no kumuvuga uko atari umubeshyera, iyo abimenye akomereka umutima agasharira, umutima we ukazana iminkanyari kandi Yesu azatwara abatagira ikizinga n’umunkanyari. Iri ni ijambo dusanga mu **Befeso 5 : 26- 27** Umutima ubabaye, ushaririye, ntuzabona Imana. Imana izabana n’imitima yuzuye amahoro n’umunezero, nkuko tubisanga mu **Baheburayo 12 : 14- 17** . Umuntu rero atuma imitima y’abandi isharira, ni umwicanyi.

**3.2. Ni inzira yo kwitandukanya n’ababyeyi, abavandimwe n’inshuti**

Muri **Matayo 10 : 34 – 39,** Yesu yaratubwiye ati : ‘’ *Mwe gutekereza ko nazanywe no kuzana amahoro mw’isi. Sinaje kuzana amahoro, ahubwo naje kuzana inkota. Kuko naje gutanya umwana na se, umukobwa na nyina, umukazana na nyirabukwe, abanzi b’umuntu bazaba abo mu rugo rwe. Ukunda Se cangwa nyina kubandutisha ntakwiriye kuba uwanjye, kandi ukunda umuhungu we cyangwa umukobwa we kubandutisha, ntaba akwiriye kuba uwanjye*’’**.**

Umwami wacu Yesu – Kristo, iri Jambo yavuze, hari abashobora kuryumva nabi ugasanga kuba umugore cyangwa umugabo yemeye gufata iyi nzira y’Agakiza bigomba gutuma yangana n’uwo bari bubakanye utarakizwa bigatuma bavana.

Cyangwa ugasanga bitumye ahora ahanganye n’ababyeyi, abavandimwe, abana be, n’inshuti ze zitarakizwa.Ntabwo ari byo Yesu yashatse kuvuga kuko Yesu atabasha kwivuguruza. Yadusabye gukundana, ariko icyo atubuza hano, ni ugukundanira mu bugome, duhurizahamwe imigambi yo kugambanira abandi no gukora ibyaha. Ni cyo gituma yavuze ko yaje kudutandukanya. Aha arashaka kutwumvisha ko iyo umuntu yemeye kwakira Yesu agafata inzira y’Agakiza, agomba kwitandukanya n’abo badasangiye urugendo mu mitekerereze, mu mivugire, mu mikorere, mu myumvire, muri za gahunda zitanezeza Imana, n’iyo baba ari abo mu rugo rwe. Kwitandukanya ni ukudasangira nabo imigambi mibi ku bwo gutunga Kristo, ahubwo akaberera imbuto kugirango nabo bakizwe.

Muri Zaburi 1 : 1-2, Ijambo ry'Imana riratubwira riti : '' *Hahirwa umuntu udakurikiza imigambi y'ababi, ntahagarare mu nzira y'abanyabyaha, ntiyicarane n'abagambanyi. Ahubwo amategeko y'Uwiteka ni yo yishimira, kandi amategeko ye ni yo yibwira ku manywa na n'ijoro. Uwo azahwana n'igiti cyatewe hafi y'umugezi cyera imbuto zacyo igihe cyacyo. Ibibabi byacyo ntibyuma, icyo azakora cyose kizamubera cyiza*.'' Yesu yabereye abamwumvira bose umuhesha w'Agakiza kadashira.

Aya magambo yose ni ayo kudusobanurira ko Inzira y'Agakiza ko ari iya buri muntu ku giti cye agendanamo na Yesu wenyine. Ntabwo ari inzira y'umuburu-rano n'umukururano. Ntabwo umuntu agomba kureka gukizwa ngo ni uko ababyeyi be batigeze bakizwa, ngo ni uko abavandimwe be badakijijwe, ngo ni uko uwo bubakanye adashaka gukizwa. Ntawukirizwa uwundi. Umuntu wese akizwa ku giti cye. Ijuru ni irya buri muntu ku giti cye. Buri wese azabazwa ibye. Niba ukijijwe ugakora ibishoboka byose kugirango umuryango wawe wose umenye ukuri, ariko hakabamo abakomeza kwinangira imitima, ntabwo Imana izabaguhora. Mu muryango umwe, abantu bashobora gufata inzira zitandu-kanye, kandi ntabwo wava mu nzira y'Agakiza kugirango udatandukana n'abo mu muryango wawe badakijijwe ngo mwese muzarimbukire rimwe.

Ni na cyo gituma Yesu avuga kandi ati**:** Uzandutisha uwari we wese ntakwiye kuba uwanjye. Yesu niwamurutisha bene so, ababyeyi bawe n'inshuti zawe, ukanga kumukurikira ngo utitandukanya n'abo mu muryango wawe bakiri mu mwijima, ntuzabasha kuba uwe. Yesu arashaka ko ari we ushira imbere muri byose. Niba ureka gukora ibyo Yesu agushakaho ngo utarakaza abana b'abantu, ntabwo uzabasha kugendana na we. Waremewe kunezereza Ima-na ntiwaremewe kunezereza abantu. Ntugomba kwikura ku Mana ngo ukunde wemerwe n'abantu. Abafarisayo n'Abanditsi bari abantu bishyira hejuru kugi-rango bemerwe, bubahwe kandi bakundwe n'abantu.

Noneho Umwami Yesu arababwira ati : *Mbese mwabasha mute kwizera kan-di mumaranira gushimwa n'abantu mu cyimbo cyo gushaka ishimwe riva ku Mana ubwayo*? **Yohana 5 : 14**

Icyakora, hano ndashaka gusobanura neza kurusha kuko hari abashobora ku-bitwara nabi ugasanga barashenye ingo zabo nk'uko bijya bishika cyane cyane ku bagore bamwe b'abababpfapfa babuze ubwenge ha gukomeza ingo zabo bakazisambura ngo barakijijwe ntibabana n'abagabo badakijijwe bakiri mu businzi n'izindi ngeso za kamere.

N'ukuri, birababaje rero kubona hari abantu baburira ubwenge muri ino nzira y'Agakiza bagahinduka ibyigomeke n'intagondwa, ndetse hari n'abahi nduka inzererezi zitakigira icyo zitaho, abana bakarwa ruswi bakarwara bwaki, abagabo babo bagahindukirira abamaraya kuko abagore babo batakibitaho, amaherezo bagasambura ingo zabo. N'abagabo nabo babaye inzererezi batagifasha abagore babo gukorera ingo zabo ngo bari mu butumwa na bo baragwiriye.

Nyamara, ubutumwa bwa mbere Imana yaguhaye ni ukwubaka urugo rwawe neza ukitaho abana bawe n'uwo mwubakanye ukabakunda, ukabakorera kandi ukabubaha, waba umugore cyangwa umugabo.

Ni gute umuntu yakwubaka Ubwami bw'Imana kandi yananiwe kwubaka urugo rwe?. Tugomba kumenya ko Ubwami bw'Imana butangirira mu ngo zacu. Ijambo ry'Imana riri muri **2Timoteyo 5 : 6** riratubwira riti : '' *Niba umuntu adatunga abe cyane cyane abo mu rugo rwe, aba yihakanye ibyizerwa, kandi aba abaye mubi hanyuma y'utizera.''*

Pawulo yatugiriye inama mw'ibaruwa rya 1 yandikiye **Abakorinto 7 : 12 -16** mu kutubwira ati :'' *Mwene Data niba afite umugore utizera, kandi uwo mugore agakunda kugumana na we ye kumusenda. Kandi umugore ufite umugabo utizera na we agakunda kugumana na we ye kwahukana n'umugabo we, kuko umugabo utizera yezwa ku bwo umugore we, kandi n'umugore utizera yezwa ku bwa mwene Data uwo. Iyo bitameze bityo, abana banyu baba bahumanye, ariko dore ni abera. Wa mugore we, ubwirwa n'iki y'uko utazakiza umugabo wawe ?. Nawe wa mugabo we, ubwirwa n'iki y'uko utazakiza umugore wawe* ?"

Ntabwo Yesu aza mu buzima bwacu kugirango dusenye ingo zacu tubone kumukurikira, ahubwo aza kudufasha kuzikomeza, no kuzihindura Ijuru ryo muri ino si mu kuhasasagaza urukundo, amahoro n'umunezero kugirango abacu batarakizwa na bo bakizwe. Yesu ntabwo yaje kutubuza gukora inshingano zacu nk'abagore, abagabo cyangwa abana, ahubwo aza kudufasha kuzikomeza no kuzirangura neza kurusha kugirango twerere imbuto abatarakizwa, na bo babashe kwizera Kristo ku bwacu.

Hano nabaha ubuhamya bumwe namwe bwababafasha. Nkimara gukizwa, nafashe ingamba yo gutangira gusenga nijoro. Buri gihe nabyuka sa Munani cyangwa sa cyenda, nkava mu cyumba turyamamo nkaja mu cyumba cy'amasengesho. Buri gihe iyo narangizaga gusenga haba ari mu masakumi n'imwe, nahita nirambika ku gitanda cyari kiri aho nasengeraga, nkabwira Yesu ngo ngwino twiryamanire nshuti nziza. Maze nkitetesha imbere ya Yesu

mubwira utugambo tw'urukundo twinshi cyane. Narangiza nkabyuka mu masamoya njya ku kazi. Ibyo si nari nzi ko biri kunsamburira urugo kuko umu tware wanjye byaramubabaza ntabizi na we akanyihorera. Bimaze iminsi, ni ho Yesu yandebye asanga ndi kwisenyera mu bujiji arancyaha.Uwo mu nsi nari nongeye kwigwandika muri icyo gitanda mbwira Yesu twa tugambo nari naramumenyereje, hanyuma numva aranyishuye arambwiye ngo : ''*Erega umugabo naguhaye ni uriya*''. Nahise nkorwa n'isoni ndirukanka nsubira mu cyumba turyamamo. Noneho umutware wanjye arambaza ngo: noneho bigenze gute ko uje hakiri kare ? Mubwira ko Yesu anyirukanye n'uko byage nze. Noneho arambwira ngo n'ukuri Yesu ni umunyabwenge, nari narababaye ndicecekera mbura uko nabikubwira, ariko nkibaza amaherezo yabyo ayariyo.

Uwundi munsi Yesu arambwira ngo : '' *Ujye ugandukira umugabo wawe muri byose, njye sinkunda abagore bataganduka* ''. Icyo Yesu yarabikuyeho, ni uko ngitangira kuvuga ubutumwa, sinagiraga gahunda. Aho bampamagara hose nahita nirukanka, ni yo haba ari mu minsi y'imibyizi, kandi akenshi nkagenda nihishe Muzehe. Hari igihe rero yabimenyaga bikabyara intonganya mu rugo. Nanjye nkumva ntagiye gukorera Imana naba ntumviye Yesu. Bimaze kuba nk'incuro nk'eshatu, ni ho Yesu yambwiye ariya magambo, anongeraho ngo : '' *Ntuzongere kujya kuvuga ubutumwa udafite uruhushya rw'umutware wawe. Aho atazakurekurira kujya ntuzajyeyo nzatumayo abandi*. Nuko naciye bugufi, nsaba umutware wanjye iminsi yo gusenga no gukorera Imana. Yampaye iminsi ibiri mu cymweru. Muri iyo minsi nta mirimo yo mu rugo nkora, njya gusenga cyangwa nkajya kuvuga ubutumwa, cyangwa nkicara nkandika ibitabo by'ubutumwa. Nsigaye ngendera kuri gahunda. Ntabwo bakimpamagara ngo mpite nirukanka, gahunda zose zigomba gukurikiza amasezerano mfitaniye n'umutware wanjye. Ubundi iyo bibaye ngombwa ko ndenza iminsi twasezeranye, mbanza kubisabira uruhushya.

Yesu icyo mukundira ni Umwungeri mwiza. Iyo umwizeye ukamwegera ntabwo yemera ko uzimira akureba, arakuyobora akajya akongorera, bibaye ngombwa akanagucyaha. Igikuru ni ukugendana na we. Ntiyigera akureka ngo ukorwe n'isoni. Hazimira abatari kumwe na we, kandi abatamurekuriye ubuzima bwabo by'ukuri ni bo bakorwa n'isoni. Ba bandi bamushimisha iminwa imitima yabo imuri kure ni bo bariho bakorwa n'isoni, bagakoza n'isoni Izina rya Yesu kuko bamwibye identité bakamwiyitirira biyita abakizwa kandi batamurekuriye imitima yabo ngo ayigenge.

### 3.3. Ni inzira yo kwanga iby'isi.

Umwami wacu Yesu-kristo yaratubwiye ati : *Ntimugakunde iby'isi. Nta wuceza abami babiri kuko yakwanga umwe agakunda undi, cyangwa yaguma kuri umwe agasuzugura undi. Ntimubasha gukorera Imana n'ubutunzi*. **Matayo 6 : 24**

Aha, ntabwo Yesu yashatse kutubuza gushaka iby'isi, iby'isi tugomba kubishaka kugirango tubeho tubesheho n'imiryango yacu. Ariko, gushaka iby'isi, si wo murimo ugomba kuba intego y'ubuzima bwacu. Tugomba kumenya ko dushaka iby'isi kugirango tubeho, ntabwo tubereyeho gushaka iby'isi. Iby'isi tugomba kubishaka atari ukugirango twibereho twebwe ubwacu n'imiryango yacu gusa, ahubwo ari no kugirango tubereho Imana n'abandi bose badukeneye haba mu buryo bw'umubiri cyangwa mu buryo bw'Umwuka .

Ijambo ry'Imana riri mu **Migani 17 : 17** *ritubwira ko 'Umuvandimwe aberaho gukura abandi mu makuba*.'' Intego y'ubuzima bwacu si iyo kwirundanyaho ibintu, tugo mba kubishakira gukorera Imana kugirango Ubwiza bw'Imana n'urukundo rwayo bigaragarire abandi bakizwe noneho Ubwami bw'Imana bwaguke.

Pawulo intumwa ya Yesu ayobowe n'Umwuka Wera yabwiye Timoteyo ati : '' *Wihanangirize abatunzi bo mu by'iki gihe, kugirango be kwibona cyangwa kwiringira ubutunzi butari ubwo kwizigirwa, ahubwo biringire Imana iduha byose itimana ngo tubinezezerwe, kandi bakore ibyiza babe abatunzi ku mirimo myiza, babe abanyabuntu bakunda gutanga, bibikire ubutunzi buzaba urufatiro rwiza mu gihe kizaza, kugirango babone uko basingira ubugingo nyakuri*.
'' **1 Timoteyo 6 : 17-19** .

Pawulo we ubwe yatubereye icyitegererezo . **Mu Bafilipi 3 : 7- 8,** yaratubwiye ati : '' *Nyamara ibyari indamu yanjye nabitekereje ko ari igihombo ku bwa Kristo, ndetse n'ibintu byose mbitekereza ko ari igihombo ku bw'ubutunzi butagira akagero, ari bwo kumenya Kristo Yesu. Ku bw'uwo nahombye ibyanjye byose, ndetse mbitekereza ko ari amase kugirango ndonke Kristo* ".

Ubuzima bwo gukizwa, ni ubwo gushyira Yesu imbere. Ni we usigara afite agaciro kurusha byose na bose. Ibyo usigara witaho mu buzima bwawe, ni ibikwu nga na we, ni ibyo kumukorera kugirango umunezereze, ni ibyagura Ubwami bwe, ni ibimukwegereza kugirango ubashe kugendana na we no kuzabana na we iteka ryose.

Hano muri **Matayo 13 : 44-46** Umwami Yesu yaduciriye imigani 2 itwumvisha ko ntacyo tutatanga kugirango dukomeze ino nzira y'Agakiza tuzaje mw'Ijuru. Yaravuze ngo : "*Ubwami bwo mw'Ijuru bugereranywa n'izahabu zahishwe mu murima, umuntu azigwaho arazitwikira aragenda, umunezero umutera kugura ibyo yari atunze byose ngo abone kugura uwo murima. Ati kandi Ubwami bwo mw'Ijuru bugereranywa n'umutunzi ushaka imaragarita nziza, abonye imaragarita imwe y'igiciro cyinshi, aragenda agura ibyo yari atunze byose ngo abone kuyigura*". Aha ni ukutubwira ko ntacyo tutatanga, kandi ntacyo tu takora kugirango tuzabone Ubwami bwo mw'Ijuru, ndetse natwe bibaye ngo mbwa twakwitanga ha kubura Ijuru.

Rero ino nzira y'Agakiza, " **ni iyo gusiga ibyo dufite byose** " , ni ho tuzaba abigishwa ba Kristo nk'uko yabitwibwiriye we ubwe muri **Luka 14 : 33**. Kubisiga Yesu avuga hano, si uguta ibyo dutunze cyangwa ngo dute imiryango yacu, ni ukudakomeza gushikamisha imitima yacu ku kindi kintu icyari cyo cyose, cyangwa ku wundi muntu uwari we wese atari Yesu Kristo.

Mu magambo make, inzira y'agakiza ni iyo gukunda Imana kurusha byose na bose, kandi tukaba ari Yo twisunga muri byose.

## IGICYE CYA 4

## INZIRA Y'AGAKIZA INYURWAMO N'ABANYABWENGE

Abanyabwenge bavugwa hano ntabwo ari abafite impamyabumenyi zihanitse, ntabwo ari abazi imibare n'indimi kurusha abandi. Ntabwo ari abazi gukina politique kurenza abandi. Ntabwo ari abazi gucuruza kurusha abandi, ahubwo, ni abazi Imana. Ijambo ry'Imana riratubwira riti : ''*Kwubaha Imana ni bwo bwenge, kandi kuva mu byaha ni ko kujijuka*''. **Yobu 28:28**

Kwubaha Imana kwa buri muntu ni ukumenya ubushake bw'Imana akaba ari bwo agenderamo. Ubwo ni bwo bwenge Imana idushakaho. Ibi biradusaba kumenya Ijambo ry'Imana. Umuntu uzi Ijambo ry'Imana, akemera kuyoborwa na ryo ntazayoba ino nzira y'Agakiza, kuko azaba ayoborwa n'ubushake bw'Imana bwahishuwe n' Ijambo ryayo. Ijambo ry'Imana ni yo nzira nyakuri itugeza mu bugingo buhoraho. Nk'uko Dawidi yabivuze muri **Zaburi 119 : 105** ati : *Ija mbo ry'Imana, ni itabaza ry'ibirenge byanjye. Ni umucyo umurikira inzira yanjye. Kandi arongera aravuga ko yibikiye Ijambo mu mutima we kugirango adacumura k'Uwiteka.* **Zaburi 119 : 11.** **"***Kandi Ijambo ry'imana ni ryo riduhesha guhitamo neza"* **zaburi 119:104**

Muri iyi minsi y'imperuka, inzira y'Agakiza izashoborwa n'abazi Imana yabo kuko ibitsitaza n'ibituyobya ni byinshi. Kandi abakozi ba Satani barahagurutse barakora mu buryo bw'amayoberane bitwikirije Izina rya Yesu-Kristo, baga hanura ibinyoma kandi bakavuga ubutumwa bw'ubuyobe bushikamisha aba ntu muri kamere y'irari ibakoresha ibyaha kugirango bazarimbuke ntibazigere barokoka. Yesu ubwe yarabyivugiye muri **Matayo 24 : 11** aho yavuga ibyo mu minsi y'Imperuka ati : ''*Abantu bazagambanirana bangane, n'abahanuzi b'ibinyoma bazaduka bayobye benshi. Uzihangana akirinda kugeza ku mperuka ni we uzakizwa*''.

Kandi nta kindi cyabasha kukurinda ibyo binyoma byose n'uburiganya bwa Satani atari ukuba ushikamye mw'Ijambo ry'Imana ribasha kuvuguruza ibyo binyoma byose rikagushoboza guhora wumvira Imana. Muri **Danieli 12 : 32**, Imana iratubwira ngo : "*Abazi Imana yabo bazakomera bakore iby'ubutwari*.''

Abanyabwenge ni bo bazanesha kandi bazagarurira benshi ku gukiranuka kuko bazigisha benshi kandi bakabigisha iby'ukuri. Nayo injiji zizayoba zikurikire ibigirwamana zizi ngo zirakurikira Imana nyakuri. Benshi ngo bazajarajara hirya no hino kuko ubwenge buzagwira. N'abaziyita Kristo na bo bazaboneka abe nshi babakurikire bayobe.

Hari hano hanze abantu bari gukoresha ibyaha abagore bababesha ngo bariho babakorera delivrance, ngo barabakuraho imivumo ibakurikirana ku bwo ibyo ababanjirije bakoze. Abagore mugendane ubwenge. Ibaze, umugabo akaza ngo ni umukozi w'Imana, agakingiranira abagore mu cyumba ngo cy'amase ngesho yarangiza akabasambanya ngo ariho arabeza. Ariko murumva Imana ibyo yabyihanganira ?. Ni gute wakwumva gusambana cyahindutse umurimo weza umuntu kuko ukozwe n'uwiyita umukozi w'Imana. Uwo ni umukozi wa Satani ugomba kuguhumanya ngo urimbukire kimwe na kimwe.

Nukuri , bene Data, mugendane ubwenge, Imana ntigendana n'injiji zihitanywa n'ibije byose. Hari abantu bameze nk'imyenda imanitse itegereje abayambara. Umwenda, yaba nyirawo cyangwa undi wese, uwuwushatse wese arawambara ntuzi ubwenge ngo wange kwambarwa n'utari nyirawo. Hari n'abantu rero bameze batyo bajana n'ibigenda, bakagurukana n'ibiguruka, bagatembanywa n'ibitemba nk'aho umenga bo nta bwenge bagira bwo kwitekerereza icyo ba gomba gukora bashingiye ku cyo bagomba kuba cyo.

Umuntu w'umunyabwenge agomba kumenya icyo yarari ejo, icyo ari uno munsi n'icyo agomba kuzaba cyo ejo hazaza. Mw'iherezo rya byose ugomba kuba iki? Icyo, ni cyo kigomba kukuyobora mu byo utekereza, uvuga no mu byo ukora. Ushatse kuguhushisha inzira urimo, muzibukire umwiyime.

Ndumva kano ari akaryo keza ko gusobanura mu magambo make gukora délivrance ( kwitandukanya n'abatubanjirije, n'ibyo bakoze ngo bitadukurikirana) , impamvu n'uburyo bigomba gukorwamo. Mu by'ukuri, turakurikiranwa n'ibintu bibi abatubanjirije bakoze. Baba bararaguje, baraterekereye cyangwa barabanzwe. Mu magambo make, barasenze ibitari Imana. Hariho n'abana ngo baba baramurikiwe Satani. Ubundi, hari za kamere tuba dufite zikomoka mu miryango tuvukamo. Ugasanga abenshi mu muryango ni abasinzi, abasambanyi, abajura, abanyaburakari, abanyabwoba n'ibindi, n'ibindi. Ubundi ugasanga hari indwara za karande mu muryango: diabètes, cancer, asima…… Ugasanga abantu b'umuryango runaka barakenyuka abandi bagakunda kwiyahura.

Nta muntu n'umwe wagutandukanya n'ibyo byose bigukurikirana bituruka mu miryango ukomokamo, ni wowe ubwawe ugomba kubyikorera ubifashijwemo na Yesu-Kristo. Kandi intambwe ya mbere ugomba gukora kugirango utandukane na byo, ni ukwiyegurira Yesu-Kristo. Umwami wacu Yesu yaje guca amateka. Mw'Isezerano rya kera, umuvumo cyangwa umugisha by'ababyeyi byakurikirana ababakomokaho kugeza ku buvivi.

Ariko noneho Yesu amaze kuza mw'isi kuducungura ibintu byarahindutse. Nk'uko Ijambo riri muri **Yeremiya 31 : 29** ribitubwira riti : '' *Muri Iyo minsi ntibazongera kuvuga bati : Ba Data bariye imizabibu ikarishye, kandi amenyo y'abana ni yo arurirwa. Ahubwo, umuntu wese azapfa azize igicumuro cye, umuntu wese ariye imizabibu ikarishye ni we amenyo ye azarurirwa* ''.

Ku bizeye Kristo, umuntu wese azazira ibyo azaba yakoze ku giti cye, ntawuzahorwa iby'abandi bakoze ngo n'uko bafitanye isano. Icyaha ni gatozi n'ingaruka zacyo ni gatozi. Iyo umaze kwakira Yesu-Kristo, hari icyo rero ugomba gukora wowe ubwawe kugirango witandukanye burundu n'imivumo, ndetse n'ibirwara bya kamere bikomoka mu miryango yawe.

**Icya mbere,** kizagutandukanya na bo, ni ukwakira Yesu-Kristo nk'Umwami n'Umukiza wawe, ukihana ibyaha wakoze byose utarakira Yesu, na we aka kweza akaguturamo, agatangira umurimo wo ku kubohora.

**Icya kabiri,** ni ugukora amasengesho yo kwitandukanya n'abo ukomokaho bose. Ukabwira Imana ko witandukanije n'ibyo bakoze byose bibi, ko bitakuba rwaho ku bwo kuba waremeye Kristo ugahinduka Umwana w'Isumbabyose. Kandi ko wamiriye kure indwara na kamere zo mu miryango yawe.

**Icya gatatu,** ni ukumenya Ijambo ry'Imana, ugakunda kurisoma, ukagira umwete wo kurisobanukirwa no kurishira mu bikorwa. Umwami Yesu muri **Yohana 8 : 31,** 36 ni we watubwiye ati : " *Ni muguma mw'Ijambo ryanjye muzaba abigishwa banjye nyakuri, namwe muzamenya ukuri, kandi ukuri ni ko kuzababatura. Umwana nababatura muzaba mubatuwe by'ukuri* ''.

Ijambo ryose rero wiyaturiraho, uvuga ibyo ukuye ku mutima wemera, n'Ija mbo ryose ubwirwa cyangwa wisomera, igihe cyose wemera ko ari ukuri, rikugiraho imbaraga rikakubera koko iry'ukuri. Ni cyo gituma Ijambo wiyaturiraho bifatanije n'Ijambo ry'Imana wakiriye, ayo magambo uko ari abiri azakubatura ku ngoyi izarizo zose, kuko ahindura imitekereze yawe. Ni ukuvuga ko igihe cyose utakemera ko byakubaho, ntabizakubaho. Humura rero ntugipfuye, Yesu byose yabirangirije ku Musaraba. Igisigaye ni uko uca ubwenge ukamenya kwakira imigisha Yesu yapfiriye wiyaturiraho amasezerano meza y'Imana dusanga mw'Ijambo ryayo.

**Abefeso 5 : 6, 15-17** Pawulo ayobowe n'Umwuka Wera yaratugiriye inama aratubwira ati : '' *Ntihakagire umuntu ubohesha amagambo y'ubusa kuko ibyo ari byo bizanira umujinya w'Imana abatayumvira. Nuko mwirinde cyane uko mugenda mutagenda nk'abatagira ubwenge, ahubwo mugende nk'abanya*abwenge*, mucunguze uburyo umwete kuko iminsi ari mibi. Nuko ntimukabe abapfu ahubwo mumenye icyo Imana ishaka* ''.

Muze mwibuka buri munsi ko ubuhanuzi butavangiye ko ari Ijambo ry'Imana. Ubuhanuzi bwose wumva cyangwa ubutumwa bwose ubwirwa, imbere yo ku gira icyo wemera, banza ubisesenguze Ijambo ry'Imana. Kandi umenye ko amasezerano yose Imana yahaye abakiranutsi, nyimba na we ugerageza kwubaha Imana mu kwirinda ibibi, na we ni ayawe. Ndetse n'ibihano bigenewe aba nyabyaha, nyimba utariho ugwana no kubivamo ugakomeza kubyivurugutamo, iyo mivumo yose izakugeraho. Birababaje rero iyo abanyabyaha basengera kubona imigisha y'Imana. Banza uve mu byaha imigisha y'Imana izagusho rera. Nubigumamo imivumo izakwomaho. *Nta mahoro y'abanyabyaha*, ni ko Uwiteka avuga. **Yesaya 57:21**

Ntimukigere mwibagirwa rino Jambo Uwiteka yabwiye Abanyistraeli akimara kubavana muri Egiputa, natwe uno munsi riratureba, ni iryacu. Yarababwiye muri **2 Gutegeka 30 : 15-20** ati : ''*Dore uyu munsi ngushize imbere ubugingo n'ibyiza, n'urupfu n'ibibi, kuko ngutegeka uyu munsi gukunda Uwiteka Imana yawe no kugenda mu nzira ikuyoboye, no kwitondera ibyo yategetse n'amategeko yayo n'amateka yayo kugirango ubeho, ugwire, Uwiteka Imana yawe iguhere umugisha mu gihugu ujyanwamo no guhindura. Ariko umutima wawe nuteshuka ntuyumvire, ukoshywa ukikubita imbere y'izindi mana, ukazikorera, uyu munsi ndababwira yuko muzarimbuka. Ntimuramire mu gihugu mwambuka Yorodani mujyanwamo no guhindura. Uyu munsi ntanze ijuru n'isi ho abahamya bazabashinja, yuko ngushize imbere ubugingo n'urupfu n'umugisha n'umuvumo. Nuko uhitemo ubugingo ubone kubaho wowe n'urubyaro rwawe, ukunde Uwiteka Imana yawe uyumvire uyifatanyeho akaramata kuko ari yo bugingo bwawe no kurama kwawe kugirango ubone kuba mu gihugu Uwiteka yarahiye ba sekuruza banyu, Aburahamu na Isaka na Yakobo ko azakibaha*.''

Mu magambo make, iyi nzira y'Agakiza, ni iyo kumenya kugendana na Yesu, ukamwifatanyaho akaramata, ukamenya Ijambo rye ukaryumvira, ukarekeraho guhora ukorera kurebwa neza n'abantu ha kurebwa neza n'Imana. Ibyo ni byo bizaguhesha umugisha, umuvumo wose ukuveho kandi ibyo bizakurinda guhora wirukanga inyuma y'abantu n'inyuma y'amadini ahubwo wizirike kuri Yesu ube umwigishwa we wuzuye. Iyi nzira rero ni iyo abameye kuba abigishwa ba Kristo wenyine. Ni inzira igendwamo n'abanyamakenga nk'uko Yesu yabwiye intumwa ze ati : '' *Dore mbatumye muri nk'intama hagati y'amasega, nuko mugire ubwenge nk'inzoka, kandi muzabe nk'inuma mutagira amahugu*.'' **Matayo 10 : 16** .

## IGICE CYA GATANU

## INTAMBWE ZO MU NZIRA Y'AGAKIZA

Nk'uko nabihishuriwe n'Umwami Imana maze igihe mutitiriza ngo anyigishe Agakiza nanjye nigishe abandi bakizwe, bimwe mu byo yansobanuriye numva bikomeye mu buzima bw'abizera Yesu-Kristo bose, ni ukumenya ibyo twakora kugirango dukizwe by'ukuri tugere ku musaraba, duhinduke abana b'Imana ihoraho. Ibyo tugomba gukora, ni byo Imana yise Intambwe zo mu nzira y'Agakiza. Umwami Yesu iyo yaje mu buzima bwacu, intego ya mbere iba imuzanye, ni ukugirango atweze adutunganirize kuba abana n'Imana basa na Se.

Azanwa no kudukuramo kamere yo kwikunda twandujwe n'umwanzi anyuze mu babyeyi bacu ba mbere, kugirango aduhe kamere y'Urukundo ya Data wo mw'Ijuru. Ariko, Umwami Yesu ntiyikorana wenyine mu buzima bwacu, akorana natwe. Agakiza kazaduhindura aruko tuzanye uruhare rwacu. N'impamvu abantu benshi bagaragara nk'aho badakijijwe kandi barakiriye Agakiza, ni uko batazi uruhare rwabo, cyangwa bakagwirengagiza. Nagirango rero mbahugurire gushira mu ngiro ibyo Imana idusaba kugirango tutazanesherezwa mu nzira tukayivamo, tugasubira mu nzira yagutse ijana abantu mw'irimbukiro.

Izo ntambwe zo mu nzira y'Agakiza nahishuriwe ko ari eshanu :
**UGUHITAMO, UKWIMUKA, UGUSEZERANA, UGUHINDUKA, UGUKORA IMIRIMO MYIZA.**

Izi ntambwe, twazikurikiranije mu kuzandika kugirango tubone uko tuzisobanura neza zumvikane, ariko mu by'ukuri, kiretse Intambwe ya mbere yo guhitamo Yesu ari yo igomba kutwinjiza muri iyo nzira y'Agakiza, izindi zihoraho, kandi hari izo dushobora gukorera icyarimwe, izindi ntizikurikirane uko twazikurikiranije. Igikuru ni ukumenya ko Imana idusaba kugendera muri ino nzira twitwararika bino bintu uko ari bitanu, ni ho tuzagendana na Yesu akatugeza mw'Ijuru.

## Intambwe ya mbere: UGUHITAMO

Agakiza k'imitima yacu ivuka irwaye kwipfuza n'ubwoba ku bwo kwikunda karahari. Ni Yesu-Kristo ari we Jambo ry'Imana. Umwami wacu Yesu-Kristo yaradupfiriye kugirango dukizwe. Nk'uko twakomeje kubivuga, n'uno munsi tukaba dukomeza kubisobanura, ubwami ni bubiri: Hari ubwami bwa Satani n'Ubwami bw'Imana. Ku bwo kuvuka dukomoka kuri Adamu na Eva, tuvukana icyaha cy'inkomoko cyo kwikunda. Icyo cyaha, ni cyo cyatwunze n'ikuzimu, kidushira mu masezerano yo kurimbukana na Satani iteka ryose, kuko twari tumeze nka we. Ibyo twarabisesenguye cyane mu biganiro twashize kuri YouTube twise ngo : "**Agakiza si igikinisho** " , no muri cya gitabo twanditse cyitwa ngo " **Dukizwa n'Ubuntu bw'Imana**.

Mu buryo bw'Umwuka, icyaha cyatuboheye ikuzimu tukivuka, tutaramenya ubwenge ngo tumenye icyiza n'ikibi. Ibyo twarabibonye uburyo umwana avukana ishyari n'ubugome ku bwo kwikunda biri mu maraso ye. Ayo masezerano mabi tuvukiramo, ni yo Yesu yaje kurangiza. Yaje guca amateka. Umwami wacu yaradupfiriye, apfa mu kibanza cyacu kugirango tuzabeho iteka ryose. Kuko Satani yari yinjije umuntu mw'isezerano ry'urupfu, hagomba na none undi muntu yagomba kurangiza ayo masezerano, agapfa mu kibanza cyacu. Aha, ni ho tubonera uburyo Imana ihagarara ku masezerano.

Ibaze kugirango ibe ari yo ihagarara no ku masezerano twebwe abantu twakoranye n'umwanzi we. Aha ni ho tubonera urukundo rw'Imana rutagereranywa. Muri **Yesaya 28 : 16 na 18**, Imana yaravuze iti : '' *Dore ndashira muri Siyoni ibuye ry'urufatiro ryageragejwe, ibuye rikomeza imfuruka ry'igiciro cyinshi rishikamye cyane, kandi uwizera ntazahutiraho. Maze, isezerano mwasezeranye n'urupfu rizapfa, kandi ubumwe mufitanye n'i kuzimu ntibuzahama*''. Ibuye Imana ivuga ni Yesu-Kristo. Ariko tumenye ko ayo masezerano yaje kurangiza, azarangira ku bazabishaka. Imana nta bwo idufata ku ngufu, ntabwo idutwaza umukazo. Ku batazashaka kuva muri ayo masezerano ya Satani, azabasohoreraho.

Kandi, ikindi kintu gikomeye Umwami wacyu yakoze, amaze gupfa, yamanutse i kuzimu, aboha Satani, amwaka n'impfunguruzo z'i kuzimu, aho twari tuzirikiwe mu buryo bw'Umwuka. None, umwanzi wacu araboshe, natwe twarabohowe. Dufite rero uburenganzira, ndetse n'ubushobozi byo kuva mu bubata bwa Satani. **Mw' Itangiriro 3 : 15,** Satani akimara gucumuza umwana w'umuntu, we yibaza ko amutwaye burundu. Ariko Uwiteka Imana yacu yahise ashiraho

umugambi wo kwigarurira abantu yaremye, ni ho yabwiye Satani ati : '' *Nzashira urwango hagati yawe, n'uyu mugore, ndetse no hagati y'urubyaro rwawe n'urwe*.''

Ni yo mpamvu Imana, yaduhaye Umwana wayo kugirango itwereke uruku ndo idufitiye, itwereke neza kandi tumenye urwango Satani na we yatwanze, noneho tubashe gutoranya tuzi neza uwo dutoranya uwariwe, n'uko ameze, n'umumaro adufitiye. Ku bw'Urupfu rw'Umwana we w'Ikinege, Imana yireherejeho amahanga yose. Kwireherezaho, ni ukwigarurira. Twari twaratwawe na Satani ku bw'uburiganya bwe, nta mpongano yatanze, nta kiguzi nta n'inkwano yahaye umuremyi wacu kugirango tumwegukire, yadutwaje akarimi kabi kabeshya, yadutwaje uburyarya, arangije adutwaza umukazo. Imana, nta kiguzi, nta mpongano, nta ruswa idusaba kugirango tuyigarukire. Yabonye na twe turengana bitatuvuyeho, byose irabyikorera. Muri **Yesaya 52 : 3,** Uwiteka aratubwira ati : '' *Mwaguzwe ubusa, na none, muzacungurwa ari nta Feza mutanze* ''.

Imana yacu, ari we mubyeyi wacu, ntiyihanganiye kudutakaza burundu. Ni cyo gituma ku bw'Urukundo rwe, yadukoye ikiguzi gikomeye, kitagereranwa, yadukoye amaraso y'Umwana we yatumeneye ku musalaba. Imana yaratureheje, itubwira urukundo idufitiye mu kuduha Umwana wayo ngo nabe ari we ababazwa ibyo twari kubabazwa ku bw'ibyaha byacu. Igihano cy'ibyaha byacu, ni we yagihanwe. Imana, twese iradushaka, twese yaratubwiye ko idukunda uko tumeze kose, ibihamisha umurimo ukomeye wo kuduha Umwana wayo nk'uko twakomeje kubivuga. Icyo Imana ishaka uno munsi, ni uko natwe tuyaturira, tukayibwira ko tuyikunda mu kwakira iyo mpano ihebuje yaduhaye ari we Yesu-Kristo.

Urwo rukundo rero turuhamisha kwakira Yesu-Kristo mu bugingo bwacu, tukamwemera nk'Umwami n'umukiza wacu. Tukamubwira ko twanze Satani n'ibishuko bye, tukamubwira ko ari we tugiye gukunda no kubana na we iteka ryose tukamusaba no kutwandukura mu gitabo cyo kurimbuka akatwandika mu gitabo cy'ubugingo. Ni ko Guhitamo Ubwami bw'Imana, ni ko guhitamo ku zabana n'Imana mw'i Juru, ni ko guhitamo kuvavanura na Satani, tukifatanya n'Isumba byose.

### I 1. None, guhitamo, ni iki ?

Guhitamo, ni ugucagura, ni ugutoranya, ni ugufata icyerekezo cy'ubuzima bwacu, ni ukugira intumbero, ni ugufata ingamba. Guhitamo, ni ukugaragaza icyo wemeye, icyo wakunze n'icyo wanze. Duhitamo kuko hariho ibintu bibiri cyangwa birenga biri imbere yacu.  Mu by'ukuri, ubuzima bwacu bugizwe no guhora duhitamo. Kandi, guhitamo neza, ni yo ntango yo kunesha, no guhitamo nabi, ni yo ntango yo kuneshwa.

Imana yaturemye idukunda, ni cyo gituma ishaka ko tubaho dufite uburenganzira bwo guhitamo icyo tugomba kuba cyo. Ubushobozi n'ubwenge byo guhitamo, yarabiduhaye. Mu buzima busazwe bwo muri ino si, dushobora gutoranya icyo tugomba kwiga, umurimo tugomba gukora, uwo twubakana n'ibindi. Hejuru y'ibyo, Imana yaduhaye n'uburenganzira bwo gutoranya icyo tugomba kuzaba cyo inyuma y'ubu buzima, iduha uburenganzira bwo gutoranya ubwami tuzaturamo nitwamara kurangiza ubuzima bwo muri ino si, iduha ubwenge n'ubushobozi byo gutegurira muri ino si ubuzima bwacu bw'inyuma y'ubu.

Ubwami ni bubiri. Hari Ubwami bw'Imana n'ubwami bwa Satani nk'uko twabivuze kare. Ku bwo kuvuka turi abanyabyaha, tuvukira munsi y'Ubwami bwa Satani. Ibi twarabisobanuye muri cya gitabo twanditse cyitwa ngo : " **Dukizwa n'Ubu ntu bw'Imana** ". Ni ukuvuga ko ku bwa kavukire, Satani adufiteho imbaraga, aratubata akadukoresha kugeza igihe tuzakirizwa tukava munsi y'ubutegetsi bwe. Kuva munsi y'ubwami bwe, bituvaho, ni twebwe tugomba kubihitamo twakira Yesu-Kristo mu buzima bwacu, mu kumusezeranya ko tuvanye na Satani, ko ari we dushaka ko atubera Umwami n'Umutware w'ubuzima bwacu. Imana yaraduhaye uburenganzira bwo guhitamo ubwami bwe cyangwa tugahitamo ubwa Satani.

Imana yarabitubwiye neza muri **2 Ugutegeka 30 : 19**, iti : '' *Uyu munsi ntanze ijuru n'isi ho abahamya bazabashinja yuko ngushize imbere ubugingo n'urupfu, n'umugisha n'umuvumo. Nuko uhitemo ubugingo ubone kubaho wowe n'urubyaro rwawe. Ukunde Uwiteka Imana yawe , uyumvure, uyifatanyeho akaramata kuko ari Yo bugingo bwawe no kurama kwawe* ''
Muri **Yeremiya 21 : 8**, naho Uwiteka abitubwira muri aya magambo ati : '' *Dore nshize imbere yanyu inzira y'ubugingo n'inzira y'urupfu ngo mwihitiremo* ''Imana yadushize imbere inzira ebyiri. Iyo kurimbuka, n'iyo gukizwa. Kandi mu kubitubwira, ntiyigeze icya amarenga, cyangwa ngo ibivugire mu migani, yatubwije Ijambo ritumbereye. Yarongeye aratubwira ati : "*Ni mumpugukire mukizwe mwa bari ku mpera z'isi mwese mwe, kuko ari njye Mana nta yindi ibaho. Ndirahiye, Ijambo rivuye mu kanwa kanjye, ni ryo Jambo rikiranuka ritavuguruzwa, yuko amavi yose azampfukamira, indimi zose zikaba ari njye zirahira*". **Yesaya 45 : 22-23**

Kandi Imana, yatweretse ingaruka yo guhitamo kwacu kubi cyangwa kwiza. Ntabwo yigeze iduhisha ingaruka z'ibyo duhitamo, kuko itishimira na rimwe ko duhitamo nabi ngo turimbuke. Ishimishwa n'uko duhitamo kubana na Yo no kuyikunda. Ni cyo gituma idusaba guhitamo kuyikunda no kuyifatanyaho akaramata. Ni ho tuzabona ubugingo buhoraho. Urebe, kuva mw'Itangiriro, Imana ikirema Adamu na Eva, yabahaye gutoranya kuyumvira cyangwa kuyigomera. Aha, ni ho dutandukaniye n'ibikoko cyangwa ibindi biremwa.

Imana rero, idusaba kugira ubwenge kugirango duhitemo neza. Kandi, tumenye ko ubuzima bwacyu bwose ko bugizwe no guhora duhitamo. Tuje tugira ubwitonzi n'ubushishozi mu guhitamo kwa buri munsi, mu guhitamo kwa buri gihe. Ntitukigere tugendera ku marangamutima yacyu atuma duhubuka tukazasanga turi kwijana mu kaga. Duhore dutekereza neza ku byo duhitamo mu buzima bwacu, kuko nk'uko Imana yabivuze, ibyo duhitamo byose bitugiraho ingaruka, byaba byiza cyangwa byaba bibi. Ni cyo gituma tugomba no guhora twisunga Imana n'Ijambo ryayo kugirango tubashe guhitamo neza.

**I. 2. Duhitamo Agakiza dute ?**

Mu guhitamo Agakiza, tubyemeza umutima wacu, twarangiza tukabyatuza akanwa kacu, ku mugaragaro, mu guha indahiro Umwami wacu Yesu-Kristo yo kubana nawe akaramata . Kandi, iryo Jambo riguhesha Agakiza, riri muri wowe, riri mu kanwa kawe nk'uko Ijambo ry'Imana ribitubwira riti : ''*Kuko ayo mategeko ngutegeka uyu munsi atari ayo kukunanira, kandi atari aya kure ngo utayageraho. Ntari mw'I juru ngo ubaze uti : Ninde uri butuzamukire mu ijuru ngo ayatuzanire ayatwumvishe tuyumvire ?. Ka ndi ntari hakurya y'inyanja ngo ubaze uti : Ni nde yatwambukira ngo ayatuzanire, ayatwumvishe tuyumvire ? Ahubwo, iryo Jambo rikuri bugufi cyane, riri mu kanwa kawe no mu mutima wawe ngo uryumvire* ''. **2 Gutegeka 30 : 11-14** .

Ibaze, uhabwa kwizera n'Ijambo uvuze gusa urikuye ku mutima atari ugupfa kuvuga. Murumva ingene Imana yatworohereje. Nta mirimo tugomba gukora, nta kiguzi tugomba gutanga , nta gitambo tugomba gutamba kugirango tubone Agakiza, tugaheshwa no kwiyegurira Yesu tubimubwira tubikuye ku mutima kandi tumwizera nk'umwungere wacu w'iteka ryose.

Uburyo twakira Agakiza, tubibwirwa n'Ijambo ry'Imana ryanditse mu **Baroma 10 : 8-9** , ni ryo ritubwira riti : " *Ahubwo kuvuga kuti : Ijambo rirakwegereye, ndetse riri mu kanwa kawe no mu mutima wawe. Ni ryo Jambo ryo kwizera, iryo tubabwiriza. Niwatuza akanwa kawe y'uko Yesu ari Umwami, ukizeza mu mutima wawe y'uko Imana yamuzuye, uzakizwa, kuko umutima ari wo umuntu yizeza akabarwaho gukiranuka, akanwa akaba ariko yatuza agakizwa. Kuko umuntu wese uzambaza Izina ry 'Umwami azakizwa* ".

Imana kugirango iguhe Agakiza, nta kindi igutegerejeho, ntigutegerejeho uko uba uresha cyangwa wambaye, ntigutegerejeho ibyo waba utunze ngo uzabimugabanirizeho, igutegerejeho gusa kumwemerera ugahitamo Umwana we Yesu-Kristo ko ari we akubera Umwami n'Umutware, ukambaza izina rye. Ni cyo gituma iyo twakira Agakiza, tuvuga tuti : " **Kuva uno munsi, maze kubona ko ndi umunyabwaha, kandi ko ibyaha byantandukanije n'Imana, ndiyemeje Mwami wanjye Yesu- kristo ko umbera Umwami n'Umutware.**

**Ntandukanye na Satani n'inyoshambi ze zose, ndakwiyeguriye ngo unyobore mu buzima bwanjye bwose. Mwami Yesu, ndagusabye rero ngo unyandukurure mu gitabo cyo kurimbuka, unyandike mu gitabo cy'ubugingo ".**

Ayo ni yo magambo tuvuga twakira Agakiza ari we Yesu-Kristo. Aya magambo akaba atwereka ko uyabwira Yesu- Kristo ko aba afashe umugambi wo gutandukana na Satani no kwimukira mu Bwami bw'Imana. Aba yeretse Imana guhitamo kwe, kugaragaza ubushake n'inyota byo kuzabana n'Imana. Aba yakiriye urukundo rw'Imana. Aba asabye Imana kumwandukura mu gitabo cyo kurimbuka akamwandika mu gitabo cy'ubugingo buhoraho. Iri Jambo rigaragaza neza ko tuvuka twanditse i kuzimu kuko tuvukana icyaha cy'inkomoko cyo kwikunda.

Agakiza rero tukakiriza Ijambo, ntabwo tukakiriza umutima gusa, ntabwo tukakiriza ibitekerezo gusa, turatura, tugatanga indahiro, tugashira ibyipfuzo byacu ahabona. Kandi, ibyo umwanzi wawe arabizi neza, ni cyo gituma iyo abona ko uriho ufata ingamba zo kwakira Agakiza, ntabura ibyo akwongorerera akuryarya kugirango udafata umwanzuro wo gutandukana na we.

Arabanza akakwumvisha ko biteye isoni kwakira Yesu, akakwumvisha ko atari ngombwa ko abandi bamenya ko wari umunyabyaha. Akakwumvisha ko atari na ngombwa ko wakira Agakiza kugirango ukizwe uzaje mw'I juru. Abumvise ubuhamya bw'ingene nakiriye Agakiza, umwanzi yari antesheje ayo mahirwe iyo Yesu atankuramo ubwoba ngo anyubahure, anyinginge we ku giti cye. Satani yari amaze kunyongorera ngo Madame Polisi, ubu rero ugiye kuva hasi wirate, wakire Agakiza bose babireba. Bivugire aho ngaho Yesu arabyumva. Yanyitiriye izina ry'umugabo wanjye kugirango anyumvishe ko nkomeye. Ugira ngo Satani ntazi ko nitwa Christine, arabizi, ntacyo ayobewe. Ahubwo, kwari ukugirango nibaze ko kuva hasi nkakira Agakiza ko mbirengeye, ko bikojeje isoni.

Ariko Umwami Yesu yari yagambiriye kunkiza uwo munsi, ni we wampagurukije anyinginga ngo ndamwakire ankize ubwoba nabanaga na bwo. Musome cya gitabo cyitwa ngo " **Yesu yaranyiyeretse**" mubashe kume nya neza uko byagenze. Urumva rero, tugomba kwatuza akanwa kacu, umwanzi ntakaturiganye ngo atubeshe akomeze atugumishe mu Bwami bwe. Ariko nyine, ugomba kuba mu mutima wawe wemera ibyo uvuga kuko hariho n'abakira Yesu ku rurimi gusa batafashe umugambi uhamye wo kugumana na Yesu-Kristo. Abo, ni ba bandi bakira Agakiza babeshya, kandi bazi ko bariho

babesha, bakakakira batakakiriye by'ukuri ahubwo bifitiye izindi mpamvu atari izo kugendana na Yesu-Kristo. Abo na bo bagomba kwisubiraho bagafata ingamba nsha zo gusubira kwakira Agakiza bemera kwiyegurira Umwami Yesu by'ukuri.

Abandi na bo, bakira Agakiza mu bujiji batazi n'ibyo bariho bakora biturutse ku madini amwe amwe yafashe kwakira Agakiza nk'umuhango. Nanjye, ni ko byari byarangendekeye kuko dufite Imyaka 11, turi mu wa gatanu w'amashule abanza, aho nasengeraga, bari baratwakirije Agakiza tukiri abana bato, kandi batadusobanuriye ko ari ukwakira Agakiza, ahubwo batubwira ko ari ukuraga nira, na yo mu Kinyarwanda babyita ugukomezwa, ugusubiramo amasezerano. Mu gifransa, c'était la communion solennelle. Icyo gihe abana bageze mu mwaka wa gatanu w'amashule abanza bose twaraganirira icyarimwe duhagaze imbere ya Arutali, umukozi w'Imana yaba yaratwigishije mbere amagambo tugomba kuzavuga uwo munsi, twaba tuyazi ku mutwe.

Noneho twese tukaza tukavugira rimwe, umwe wese agatangira kuvuga izina rye ati " Njyewe naka, yarangiza agakurikizaho ya magambo nababwiye mbere tuvuga twakira Agakiza, hakuwemo kwiyandukuza mu gitabo cyo kurimbuka no kwiyandikisha mu gitabo cy'ubugingo. Ibyo urumva ko ari ibintu twakora ku gahato, kuko wari umwe mu mihango twagomba gukurikiza nk'abanyedini. Ibyo rero Imana irabitubuza no mu butumwa bwa kabiri Imana yaduhaye, Imana iratubuza guhatira abantu kwakira Agakiza atari bo bifatiye umwanzuro bamaze kumenya no gusobanukirwa. Imana iratubwira neza ko kwakira Agakiza bisaba kuba dukuze mu bitekerezo, ni ukuvuga ko tugomba kuba tuzi icyo turiho dukora icyaricyo n'uburyo tuzakigenderamo. Ni cyo gituma Imana icyo idusaba, ni ugusobanurira abantu Agakiza icyaricyo n'umumaro wo gukizwa, kugirango bo ubwabo, babifashijwemo n'Umwuka Wera bifatire umwanzuro.

Buri wese agomba guhitamo Yesu atawumuhase. N'Ijambo ry'Imana riri mu **Baroma 10 : 14** rirabishimangira riti : " B*amwizera gute bataramwumva, kandi bamwumva bate ari nta wababwirije*. Tugomba kumenya ko umuntu wese afite umu nsi we wo kwakira Agakiza wagenywe n'Imana, kandi ni Imana iduha Agakiza ke ari we Mwana we, ikamuduha tumaze kwatuza akanywa kacyu ko tumwakiriye, no kwemera Yesu mu bugingo bwacyu nk'Umwami n'umucyunguzi wacyu. Nta mwana w'umuntu n'umwe ufite ububasha n'uburenganzira byo gufata ingamba zo kwakiriza Agakiza mu buryo bw'agahato, kuko nta wuhitiramo undi muntu cyangwa abandi bantu. Imana rero, ntabwo igendera ku magambo gusa ubwira Yesu, igendera no ku kwemera kwawe.

Imana iyo irebye ikabona uvuga ibyo utemera cyangwa ibyo utazi, nta Gakiza gose iguha, irakwihorera kugeza umunsi uzahugukira kwakira Agakiza by'ukuri.

Iyo, ni yo mpamvu yatumye nanjye Imana isubira kunyihamagarira ngo nze mwakire kandi ya magambo nari narayamubwiye kera nkiri muto. Ariko, kuko navuga ibyo ntazi, Yesu yansabye gusubira kumwakira noneho nzi icyo ndiho nkora kugirango nzabashe guhagarara ku magambo namubwiye nyashire mu bikorwa. Umwami Yesu, ntabwo yarayobewe ko ayo magambo nari narayamu bwiye, yarabizi, ariko yari yarayagwije n'ubusa ku bw'impamvu nababwiye, ni cyo gituma yansabye kuyasubiramo.

Kandi, kuva umunsi nasezeranije Yesu mbikuye ku mutima, ubuzima bwanjye ntibwasubiye kumera uko bwari bumeze, bwarahindutse. Abari barakiriye Agakiza muri ubwo buryo bagashishikara kwitwara uko bitwaraga kera, mu bujiji bwo kutamenya nk'uko nari meze, ndabatangariza ko muda-kijijwe, ntimujijwe, ntimukareke kwakira Agakiza kuko nta Gakiza murabona. Nyamara, ababereyeho kujijisha abandi nabo, bizababagora kuko bazabibazwa n'Imana ku munsi w'amateka. Ariko rero natwe, tugendane ubwenge. Nti-dukwiye gukurikira abana b'abantu nk'impumyi barandata zitazi iyo zija. Kuko nitwapfa tutakoze ibyo twagomba gukora ngo dukizwe, ntabwo tuzireguza kuba twarabeshywe kuko Imana ntacyo itakoze, kuko yaduhaye Ijambo ryuzuye, idutumaho Umwana we w'Ikinege ngo atubwire ukuri, ikigeretseho, ntasiba na rimwe kuvugira mu kanwa k'abahanuzi be ndetse no mu kanwa k'intumwa ze.

Inkuru nziza y'Agakiza iri kwamamazwa ahantu hose mu maradiyo , ku matele-visions, kuri za internet, mu bitabo n'ibindi. Ntacyo tuzireguza nidukomeza gupfunga amatwi yacu tukanga gutega amatwi kugirango tumenye ukuri. Ukuri kuri kuvugwa ahantu hose. Ariko, ikibazo kihari, n'uko abantu benshi bamaze kwinangira imitima kandi imitima ya benshi inangijwe n'amadini basengeramo atababwira ukuri kw'Ijambo ry'Imana, ahubwo ababwira kandi akabakoresha amahame n'imihango y'amadini yabo, binyuranije n'Ijambo ry'Imana. Hama abantu bagahora bibwira ngo ni ab'Ijuru kuko bubahiriza ibyo amadini yabo byose abasaba.

Nyamara, buri wese asabwe gushakana umwete ukuri akagushikira, akaba ariko agendera mo. Umwami Yesu yaratubwiye muri **Yohana 14 : 6** ati : " *Ni jye nzira n'ukuri n'ubugingo* ". None iri Jambo ntirisobanutse ko benshi bataryitayeho?. Si iryo Yesu yivugiye, hari undi yarivuze? Kuki hari benshi bataryemera ?. Agakiza ari we Yesu, ari we Jambo ry'Imana, ni we nzira yacu itujana mw'IJu-ru. None murashaka ko Yesu yabajyana mw'Ijuru ate mutamukundiye ngo mwemere kuba abe?

Mutamuhisemo ngo mumutoranye mwagendana na we gute ?. Nimuge rayo mutamuhisemo, azabihakana, ababwire ko atigeze kubamenya kuko

namwe mwamwihakaniye mw'isi mukanga kumwakira. Kuko nk'uko umugani w'igifransa ubivuga uti : « *Qui ne dit mot consent* " N'ukuvuga ngo iyo utavuze, uba wiyemeje kuguma mu byo wari urimo . Rero iyo udakoze umurimo wo guhitamo Yesu ubikuye ku mutima, uba wiyemeje kuguma munsi y'Ubwami bwa Satani wavukiyemo. Ntibizagutangaze rero nugerayo ukanyurana n'Imana. Umwami Yesu yaratubwiye ati : " *Se akunda Umwana we kandi yamweguriye byose. Uwizera uwo Mwana aba abonye ubugingo buhoraho, ariko utumvira uwo Mwana ntazabona ubugingo, ahubwo umujinya w'Imana uguma kuri we* ". **Yohana 3 : 35-36**

**I .3. None, Agakiza nta handi gatangirira ?**

Nta handi Agakiza gatangirira. Ni ukuvuga ko Inzira itujana mw'Ijuru, tuyitangirira mu kwatuza akanywa kacu ko twemeye kubana na Yesu ubuzima bwacu bwose, tukabana akaramata, agahora adufashe ukuboko atuyoboza Ijambo rye. Tukemera kumwubaha no kumwumvira muri byose. Tukamwemera nk'u mwami, umutware n'umucyunguzi wacyu.

**I. 3. 1. Gukizwa, ntabwo bitangirira mu mubatirizo**

Hari amadini avuga ko umubatizo udukiza icyaha cy'inkomoko . Ni cyo gituma bihutira kubatiriza abana bakiri impinja ngo batazapfana icyo cyaha bakajya mu muriro. Ikikwereka ko umubatizo babatiriza abana utabakiza icyaha cy'inkomoko, ni uko bakurana kwikunda nk'abandi bose. Naho tuba dufite amazina yitwa aya gikristo twitwa ngo twarabatirijwe, dukomeza gu twazwa umukazo na Satani adukoresha ibyaha ku gahato kuko uwo mubatizo utadukura munsi y'Ubwami bwa Satani. Dukurwa munsi y'ubwo Bwami no guhitamo Yesu. None, sinababahaye ubuhamya bw'ingene nitwara ntarakizwa ?. Satani ntiyari yaranyicishije uburakari, ubwoba, amacakubiri, ndetse no gukunda amafranga mu buryo bukabije?.

N'uwambwira ati : Ariko, ntiwacisha make ? Namusubiza ko ariko nteye ntasho bora guhinduka, ko na Data ariko yarameze, maze mu gushibaguzwa nkishigikira. Sinitwa se Christine, ugirango iri zina naryiswe nkijijwe ? Nararihoranye, ariko nitwara gipagani. Agakiza, ni ko konyene kaduhindura, kakaduhebesha ibyaha. Agakiza ari we Yesu-Kristo, ni we wenyine yancishije bugufi. Umubatizo, ugomba kuza inyuma yo kwakira Agakiza, kuko, ni ikimenyetso kigaragaza ko turi abana b'Imana.

Ntabwo rero wagaragaza ko uri Umwana w'Imana utaraba we , kuko tubihe shwa no kwakira Agakiza, tukizera Yesu-Kristo. Umwami wacu Yesu-Kristo we ubwe,yarivugiye ati :" *Niwizera ukabatirizwa uzakizwa* " Urumva rero ko umubati-

zo ugomba kuza inyuma yo kwizera, kandi ukwizera gutangwa na Yesu-Kristo ari we Jambo ry'Imana. Kandi aha kumwizera abamwiyeguriye mu kumuhitamo. Ese yaha kwizera abatari abe ?, abatamwitayeho?, abatamuzi?. Yaha kwizera abatakiriye Ijambo rye ngo barimenye kandi barigenderemo ? Kuko tuzi ko kwizera ko ari ukwemera ko Ijambo ry'Imana ari ukuri, kandi ko rifite imbaraga zo gukora mu buzima bwacu ibyo rihamya.

### I. 3.2 Gukizwa kandi, ntibitangirira mu masengesho, nta n'ubwo bitangirira mu gukora imirimo myiza

Abantu benshi ubabwira iby'Agakiza, bati erega natwe turakijijwe, turasenga, turatabara abandi, kandi, ntawe tugirira nabi. Abantu ugasanga bariho bitiranya Agakiza n'ibyo byose. Ibi twabisobanukirwa neza twisunze uburyo Koronaliyo uvugwa mu Byakozwe n'Intumwa mu gice cyaho cya 10, ingene yakijijwe we n'umuryango we. Ngo yari umunyamahanga, ntabwo yari Umuyuda. Noneho, uwo mugabo ngo yakunda gusenga no kugira ubuntu, agafasha abarushye n'abaremerewe. Imana ngo yashimishwa n'amasengesho ye ndetse n'impu hwe ze.

Ariko kugirango we n'umuryango we bakizwe babone Umwuka Wera, Imana yarinze kumwoherereza Petero Intumwa ya Yesu-Kristo, kugirango aba bwire ubutumwa bwiza bw'Agakiza, bizere Umwami Yesu- Kristo, bihane, ni ho babashije kubona ku murage w'abana b'Imana ari wo Mwuka Wera uhabwa abihanye. Uyaba abantu bakizwa n'amasengesho n'Imirimo, uwo murimo Petero yabafashije kurangura wo kwemera Yesu-Kristo, ntiwari kuba ari ngo mbwa kugirango bakizwe. Ibi turabisanga **mu Byakozwe n'Intumwa 10 : 30-33**, ngo Petero amaze kugera kwa Koronaliyo, Koronariyo yaramubwiye ati : " *Dore uyu ni umunsi wa 4 uhereye ubwo nari ndi mu nzu nsenga magingo aya ariyo sa cyenda, nuko umuntu ahagarara imbere yanjye yambaye imyenda irabagirana arambwira ati* : " *Koronariyo, gusenga kwawe kwarumviswe, n'ubuntu bwawe bwibutswe imbere y'Imana. Nuko, tuma i Yopa utumireyo Simoni wahimbwe Petero… Uwo mwanya ndagutumira, nawe wakoze kuza . Nuko rero turi hano twese imbere y'Imana, dushaka kwumva ibyo Umwami Imana yagutegetse kutubwira* "**.**

Ubundi, Umwami wacyu Yesu-Kristo we ubwe yarabitwibwiriye ku mugaragaro, atwereka ko uzashaka kwinjirira mu yindi nzira atari Agakiza ko atazagera mw'Ijuru. N'ukuvuga ko atazakizwa. Umuntu umwe yabajije Umwami wacyu Yesu-Kristo ati : Ese abakizwa ni bake ? Umwami wacyu aramusubiza ati : *Mugire umwete wo kunyura mw'irembo rifunganye. Ndababwira ko benshi bazashaka kurinyuramo ntibabibashe*. **Luka 13 : 22** .

Ntibazabibasha kuko batazaba bemeye kunyura muri Yesu. Iryo rembo, ni Yesu-Kristo. Ni we tugomba kunyuramo kugirango twinjire muri iyo nzira itujana mw'Ijuru, noneho atwiyoborere kuko ni we

uyizi, we waturutse mw'Ijuru. Abazashaka kunyura mw'irembo ritari Yesu ntibaza gera iyo baja. Yesu arongera ati : *Nyirinzu namara guhaguruka agakinga urugi, namwe mugatangira kurukomangaho, muhagaze hanze muvuga muti : Mwami dukingurire, azabasubiza ati: Simbazi, sinzi n'aho muturutse. Ni bwo muzavuga muti* : *Kandi twariraga imbere yawe, tukanywera imbere yawe, ndetse ukigishiriza mu nzira z'iwacu. Ariko azababwira ati : Sinzi aho muturutse. Nimumve i mbere mwa nkozi z'ibibi mwe* ".

Urumva rero, kubatazaba baramwemeye, ni yo bazaba barabanye akiri mw'isi, bagasangira ibiryo n'ibinyobwa, n'iyo boba baramukurikiye bumva ubutumwa bwe, ariko ntibamwemere nk'Umwami n'umucunguzi wabo, no kubana na we byababereye impfabusa. Rero, irembo ryemewe n'Imana ryo kutugeza iwe, ni Yesu-Kristo, ari we Jambo ry'Imana. Ntabwo tugomba kwitekerereza no kwihangira izindi nzira twakwinyuzamo twebwe ubwacu. Umuntu rero wese atakiriye Umwami Yesu mu bugingo bwe ngo yihane, amwizere, Yesu azamwihakana. Umwami Yesu we ubwe yarivugiye muri **Luka 19:27** ati : " *Ba banzi banjye batakunze ko mbategeka, nimubazane hano mubicire imbere yanjye* ". Rero abatazemera ko abategeka ngo ababera Umwami n'Umutware, nta juru bazabona.

**I 3.3. Gukizwa kandi, ntabwo bitangirira mu kugerageza guheba ibyaha no kugerageza gukurikiza amategeko y'Imana**.

Abantu benshi, usanga bumva ko kubera ko bahebye kunywa inzoga, kubera ko bahebye gusambana n'ibindi, bakumva ariko gukizwa. Bakumva ko gukizwa, ni ukugerageza gukurikiza amategeko y'Imana.

Ijambo ry'Imana rirasobanutse neza ko tudakizwa n'amategeko, ahubwo dukizwa no kwizera Yesu-Kristo. Kwizera, ni ugushikamisha umutima ku Mana ibitekerezo byawe bigahora kuri Yo , igahora ari Yo igutekerereza. Kuko umunutu ayoborwa, n'ibitekerezo bye. Utekererezwa n'Imana, ni we mukiranutsi. Kandi ikindi twamenya n'uko kureka gukora ikintu, ntibivuga ko wakibabariwe. Hababarirwa abakiriye Yesu-Kristo, barangiza bakihana ibyaha byose bari barakoze. Ubu se yakubabarira gute ucyibereye munsi y'ubundi bwami, utari sabira gucungurwa,utarava muri ya masezerano wavukiyemo na bwa bumwe wavutse warunze na Satani ku bw'icyaha cy'inkomoko cyo kwikunda ?
Ntabwo dukizwa n'amategeko, iyaba yadukizaga, ntabwo Umwami wacu Yesu-Kristo aba yararinze kuza mw'isi kuducungura .

Abanyisraeli, ni bo batubereye akabarore. Imana yabahaye amategeko me nshi, asobanutse, kugeza aho ababwira uburyo bagomba gufata abakozi babo, ababwira Imyaka bagomba kubakoresha ubundi bakababaha umwaka wo kuruhuka.Ariko n'icyo cyari cyoroshe cyarabananiye gukurikiza. Imana rero yagerageje gukirisha Abanyistraeli amategeko, kugeza aho yayabandikiye ku bisate by'a mabuye ariko ntibashoboye kuyakurikiza. Kandi, birumvikana, tuvukana muri twe imbaraga zidukururira mu cyaha, kuko kuba turi munsi y'ubutegetsi bwa sekibi. Ku bwo irari ritubamo, izo mbaraga z'umubi ziratunesha igihe cyose tudafite imbaraga z'Imana zibonerwa muri Yesu-Kristo.

Amategeko tukaba tuyazi kandi twipfuza kuyakurikiza ariko bikatunanira. Uyaba amategeko yadukiza icyaha akatuneshereza, ntituba twarakijijwe kera?. Amategeko cyumi y'Imana bayatwigishije kuva ngirango tugitangira kuvuga. Ariko se ntibyatunaniye kuyakurikiza kugeza umunsi twiyeguriye Umwami wacyu ngo adukize ?. Pawulo, ni we wandikiye Abaroma arababwira ati : "*Nuko rero mbona ko amategeko anyipfuriza ibyiza, nyamara ibibi bikantanga imbere* ". **Abaroma 7 : 21**

Ijambo ry'Imana rirongera rikatubwira mu **Baroma 3 : 21-24** riti : " *ariko noneho hariho gukiranuka kw'Imana kwahishwe kudaheshwa n'amategeko, nubwo amategeko y'ibyahanuwe aribyo biguhamya, ni ko gukiranuka kw'Imana abizeye bose baheshwa no kwizera Yesu-Kristo. Ari nta tandukaniro kuko bose bakoze ibyaha, ntibashikira ubwiza bw'Imana, ahubwo batsindishizwa n'ubuntu bwayo ibibahereye ubusa ku bwo gucungurwa kubonerwa muri Yesu-Kristo* ". Gushaka gukizwa no kuneshereztwa n'imbaraga zacu ziturutse mu bushake bwacu gusa bwo gukurikiza amategeko, ntabwo bishoboka. Dukizwa n'ubuntu bw'Imana duhabwa na Yesu-Kristo. Ubwo Buntu bugizwe n'Ijambo ry'Imana, n'imbabazi z'Imana zibonerwa mu maraso ya Yesu-Kristo, n'imbaraga z'Imana ari wo Mwuka Wera. Ibisobanuro kuri ubwo buntu bw'Imana murabisanga muri cya gitabo nanditse cyitwa ngo: **Dukizwa n'ubuntu bw'Imana,** ndetse no mu nyigisho ku Gakiza si Igikinisho ziri kuri Youtube ibice bya **5** na **6.** Iyo tumaze kwakira ubwo buntu bw'Imana mu buryo bwuzuye, ni bwo buduhi ndura imitekerereze, tukagira ibitekerezo by'Imana. Icyo gihe ntituba tukiyobo rwa n'amategeko duhabwa n'amadini, tuba dusigaye tuyoborwa n'ibitekerezo by'Imana, ari yo mategeko yayo yanditse mu mitima yacu. Uku ni ko kuvuka ubwa kabiri, ni ko kuba abana b'Imana, ni ko kuba ibyaremwe bishya.

Ni yo mpamvu Ijambo ry'Imana riri mu **Befeso 2 : 8** rirabitubwira neza riti : " *Mwakijijwe n'ubuntu ku bwo kwizera, ntibyavuye kuri mwe, ahubwo ni impano y'Imana. Ntibyavuye no ku mirimo kugirango hatagira umuntu wirarira, kuko turi abo yaremye aturemeye imirimo myiza muri Kristo-Yesu, iyo Imana yiteguriye kera kugirango tuyigenderemo*".

### I.4. Kubera iki Agakiza tukakiriza Ijambo tutakakiriza umutima gusa ?

Kumenya neza imbaraga z'Ijambo tuvuga ku buzima bwacu, ni byo bidusobanurira impamvu Imana yategetse ko twakiriza Umwana we Ijambo, tutamwakiriza gusa ibitekerezo.

Ubuzima n'urupfu, biri mu kanwa kawe. Ubukire n'ubukene biri mu kanwa kawe. Imbaraga n'intege nke, biri mu kanwa kawe. Kunesha no kuneshwa biri mu kanwa kawe. Gusubizwa no kudasubizwa biri mu kanwa kacu. Umwami wacu Yesu-Kristo, yarabitubwiye neza muri aya magambo ati : " *Kandi ndababwira yuko Ijambo ryose abantu bavuga, bazaribazwa ku munsi w'amateka. Amagambo yawe, ni yo azagutsindishiriza, kandi amagambo yawe, ni yo azagutsindisha* ". **Matayo 12 : 36-37** .

### I.4 1. Kubera iki ari uko bimeze ?

Ijambo, ni ikintu gikomeye mu buzima bwacu. Ryaba Ijambo twumva, ryaba ijambo tuvuga twebwe ubwacu. Kuko Ijambo twumva tukaryemera, tukarishira mu bitekerezo byacu, rirabihindura. Kandi ijambo na ryo tuvuga ubwacu, ni ryo rigaragaza ibitekerezo byacu, ni ryo rigaragaza ibyipfuzo byacu, ni ryo rigara gaza abo turi bo. Kiretse indyadya, ni zo zivuga ibinyuranye n'ibyo batekereza. Abo nabo, ibyabo bizagaragazwa ku munsi w'amateka ni batahinduka. Imana yanga indyadya, ntishobora kubana na zo. Iyo ni imwe mu ngeso mbi za Satani. Umwami wacu Yesu-Kristo yarabitwibwiriye muri aya magambo ati : " *Ibyuzuye mu mutima ni byo akanwa kavuga. Umuntu mwiza atanga ibyiza abikuye mu bubiko bwe bwiza, n'umuntu mubi atanga ibibi abikuye mu bubiko bwe bubi* ". **Matayo 12 : 34 b- 35**

Hari rero ibituma bitatu bitwereka ko amagambo tuvuga ko afite agaciro gako meye ku Mana, mu buzima bwacu, ndetse no mu buzima bw'abandi.

**a.** Umwuka Wera ubereyeho gukurikirana ibyo tuvuga ngo ubisoze.
**b.** Umubiri wacu, utegekwa n'icyicyaro cy'Ijambo kiri mu bwonko bwacu.
**c.** Umuntu wese abohwa n'Ijambo yavuze

**a. Umwuka Wera ubereyeho gukurikirana ibyo tuvuga ngo ubisoze.**

Umwuka Wera w'Imana uri muri twe, ntabwo ukora wonyine utitaye ku byo tugambira. Ni cyo gituma Umwami wacu yawise umufasha. Noneho nyimba ariko bimeze, kuko ibyo tuvuga biba bivuye mu byo dutekereza, kandi tukaba tuzi ko tuyoborwa n'ibitekerezo byacu, Umwuka Wera w'Imana, udufasha kugera ku byo tuvuga, ku byo twatuza akanwa kacu kuko tuba duserura ibite-

kerezo byacu. Nyimba ibyo uvuga ataho bihuriye n'ibyo utekereza, Umwuka Wera w'Imana ntacyo uzabasha kukumarira mu buzima bwawe. Ariko, nyimba ibyo uvuga ari ibintu biba bivuye ku mutima wawe, Umwuka Wera w'Imana uzakora ibitangaro n'ibitangaza mu buzima bwawe kuko ukorera mu bitekerezo byacu.

Umwuka w'Imana uba muri twe ukorera mu bitekerezo byacu. Ni ukuvuga ko iyo uwemereye uragutekerereza. Igihe cyose useruye ibitekerezo byawe, ukabyatuza akanwa kawe, uba ugaragaje ubushake bwawe bwo kubishira mu bikorwa. Icyo gihe, nta mpamvu Umwuka Wera atazakurikirana ibyo wavuze kugirango ubisohoze, na cyane cyane ko ari wo wabigutekerereje.

Umwuka Wera w'Imana ushoboye byose, ariko, nta Jambo, ntukora. Ukurikirana Ijambo kugirango urisoze. Imana, yaremesheje byose Umwuka Wera, ariko, byose yabitegekesheje Ijambo, kugirango Umwuka we Wera ubashe gukora. Kandi, Ijambo ry'Imana, ni Yesu-Kristo. Ibi turabisanga mw'**Itangiriro 1**,**1-25** aho Ijambo ry'Imana ritubwira uburyo ibiri mw'isi byose byaremwe n'aya ma gambo: " *Mbere na mbere Imana yaremye ijuru n'isi. Isi yari itagira ishusho, yariho ubusa, umwijima wari hejuru y'imuhengeri, maze Umwuka w'Imana yagendagendaga hejuru y'amazi. Imana iravuga iti : Habeho umucyo, umucyo ubaho, n'ibindi….* "

Imana itaravuga, Umwuka Wera wari uhari, ariko ntacyo wari warabashije gukora. None, murebe uburyo Imana idukunda, kandi murebe uburyo Imana iduha agaciro gakomeye kuko hejuru yo kuba ibyaremwe bye, turi n'abana be. Ni cyo gituma icyambere yaturaze ni Ijambo rye. Ijambo yaremesheje byose, kandi igitegekesha byose n'ubu, iryo Jambo ikiremesha n'ubu, Imana yarariduhaye. Ni Yesu-Kristo, ari we Jambo ry'Imana. Ni Bibiliya twese tugendana, duhora dusoma. Imana yashize Ijambo rye mu mitima yacu no mu kanwa kacu, kugirango ibashe gukorera muri twe ibikomeye, kandi ibashe kudukoresha ibitangaro n'ibitangaza, ku bw'Umwuka Wera wayo uba muri twe kandi ubana natwe, kugirango usohoze ibyifuzo byacu bigaragazwa n'ibyo tuvuga.

Ijambo ry'Imana riri muri **Yesaya 51 : 16** riratubwira neza riri : " *Kandi, nshize amagambo yanjye mu kanwa kawe, ngutwikirije igicucu cy'ukuboko kwanjye, kugirango ntere ijuru rishya, nshinge imfatiro z'isi nshya mbwire i Siyoni nti : Muri ubwoko bwanjye* "

Imana yaturemanye ubushobozi bwo kuvuga. Ni ubutunzi bukomeye. Noneho, amagambo Imana yashize mu kanwa kacu, iyo tuyatuye, Umwuka w'Imana, urayakurikirana ugakora ibikomeye, ugahindura byinshi muri ino si, kandi ugahindurira abantu kuba ubwoko bw'Imana.

Ni nacyo gituma Imana yatubwiye aya magambo muri **Yeremiya 31 : 28** iti : " *Nuko, uko nabahanzeho amaso kugirango ndandure, nsenye, nubike, ndimbure, mbabaze, ni ko nzabahangaho amaso kugirango nubake kandi ntere ".* Muri icyo gice nyine ku muro ngo wa 20, Imana irongera ikatubwira iti *: " Uri intorezo yanjye ndwanisha, uri n'intwaro z'intambara, kuko ari wowe nzacagaguza amahanga, kandi ni wowe nzarimburisha ibihugu* "

Hano, Imana nta kindi iri kutubwira. Yashize muri twe ububasha n'ubushobozi mu kanwa kacu. Imana, idusaba gusa gutegeka no gusenga mw'izina rya Yesu, ibintu bigakoreka. Ni twe ntwaro ze azasambuza Ubwami bwa Satani, kandi ni twe bikoresho bye azubakisha ubwami bwe. Ibyo rero tugomba kubimenya kugirango tubashe gukorana na Yo. Imana, yaravuze mu butumwa yampaye iti : " "I*torero ryanjye ntacyo rikivuga kuko ryuzuye ibyaha* " Kuba tudahamanya n'Umwuka Wera ko turi abana b'Imana nyakuri, ko turi incuti z'Imana nyakuri, ko dukorana n'Imana by'ukuri, bituma tutizera mu mbaraga z'Imana zikorera mu bera be, noneho, ntitubashe kugira icyo dutegeka mw'Izina rya Yesu ngo gikoreke ahu bwo tukabitinya, tukibera mu gushidikanya.

Ni gutyo Imbaraga z'Imana zitakigaragara muri ino si nk'uko zagaragara mu gihe cya Kristo, ndetse no mu gihe cy'Itorero rya kera ryashizweho n'Intumwa za Yesu-kristo. Nyamara, Imana ya cya gihe, ni yo y'ubu, ntiyapfuye, ihoraho, kandi ntihinduka. Ihora ari ya yindi. Ibyo yakoraga kera, n'ubu iracabikora, ahubwo Imana yabuze abantu ikorana nabo. Yabuze abanyabwenge b'intwari ikorana nabo. Yabuze abatinyuka gutegeka mw'Izina rya Yesu-Kristo kugirango ibintu bikoreke, kuko bibaza ngo nintegeka ntibikoreke, ndaba mwaye. Ibyo byo, ibyo uzategeka ushidikanya byose ntibizasoza, kuko utazaba ubivuganye ukwizera. Imana ntija ikorana n'abatayizera by'ukuri ngo bizere mu mbaraga zayo zibakoreramo. Ibyo watura wizeye udashidikanya, ni byo Umwuka Wera uhagurukira gusoza. Dusabwe rero kuvuga amagambo natwe twemera ko agomba gusozwa, kuko amagambo yacu ararema.

Nk'uko Imana yavuze isi n'ibiyirimo byose bikabaho, natwe, Ijambo ryacu, ni ryo Umwuka Wera akoresha kugirango ashishikare areme, noneho Imana ikagaragara mu buzima bwacu, abantu bakabasha kwizera. Uko Imana yagaragariye mu Mwana we w'ikinege, ni ko n'ubu ishaka kwigaragaza muri twe, kuko natwe turi abana be. Ni cyo gituma tugomba kuvuga dutegeka mw'Izina rya Yesu-Kristo, noneho Umwuka Wera ugakora, ugasoza ibyo tuvuze. Hari ibihe byo gusenga twinginga, ariko hariho n'ibihe byo gutegeka. Twebwe, Imana yaduhaye urupfunguruzo rwo kugera ku byo dushaka byose, ku bwo kuduha ububasha bwo kuvuga, ikongeraho no kuduha Ijambo ryayo, ikaduha n'Umwuka Wera ho umufasha. Ariko noneho, duhora turi imbere y'Imana dusabiriza, turira kandi ibyo dusaba biri mu kanwa kacu.

Ku Nyanja Itukura, Mose yarasabirije, aririra Imana ayibwira ati : " *Mana dufashe, dufashe Abanyegiputa bagiye kutwica. Imana nayo iramubaza iti : " Kubera iki untakira, tegeka Abany'Istraeli bakomeze bagende* " **Kuva 14 : 15** . Rero buriya, hari ibihe byo guse nga, ariko hariho n'ibihe byo gutegeka.

Iyo dusomye ubuzima bw'Umwami wacu Yesu-Kristo, dusanga igihe cyose yarategekaga. Yasenga mw'ijoro, akambaza Se wo mw'Ijuru ngo amwambike imbaraga, ariko noneho yagera mu bantu, agategeka abantu bagakira, agategeka amadayimoni akava mu bantu, agategeka abantu bakazuka. N'Intumwa ze zabanye na we, ni ko zakoraga. Petero yategetse ikimuga cyahora imbere y'urusengero gisabiriza. Noneho Petero na Yohana bahanyuze, kibategera amaboko. Petero arakibwira ati : Nta mafranga dufite, ariko, icyo dufite turakiguha. Nta kindi bari bafite, bari bafite Ijambo ryo kwizera gusa. Noneho aramu bwira ati: " *Mw'Izina rya Yesu-Kristo, haguruka ugende* ". Maze, ahita aramuhagurutsa ahaguruka ako kanya **"Ibyakozwe n'Intumwa 3:1-9** ".

Imbere y'intumbi ya Tabita, Petero yarasenze, arangije, ategeka iyo ntumbi ati : "*Tabita, haguruka arahaguruka*. **Ibyakozwe n'Intumwa 9 : 36-43** . Ubwo bubasha, ntabwo Imana yabuhaye Umwami wacu Yesu-Kristo gusa, n'Intumwa ze gusa babanye, yabuhaye abazizera Yesu-Kristo bose ari we Jambo ry'Imana. Umwami wacu Yesu-Kristo yarabitubwiye muri aya magambo ari muri **Yohana 14 : 12-14** ati : " *Ni ukuri ni ukuri, ndababwira ko unyizera wese, imirimo nkora, na we azayikora kuko njya kwa Data. Kandi icyo muzasaba cyose mw'Izina ryanjye nzagikorera kugirango Data yubahirizwe mu Mwana we. Nimugira icyo musaba cyose mw'Izina ryanjye, nzagikora* ". Umwami Yesu yadusigiye ububasha bwose imbere yo kujya kwa Se mw'Ijuru.

Ni twe yasize mu cyimbo cye. Ngo dukize abarwaye, duhagurutse ibimuga, twirukane abadayimoni mw'Izina rya Yesu, kugirango Imana ihabwe icyubahiro.

Muri **Mariko 16 : 15-20**, Umwami Yesu yabwiye intumwa ze ati : " *Mujye mu bihugu byose, mwigisha abaremwe bose ubutumwa bwiza, Uwizera akabatirizwa azakizwa, ariko utizera azacirwaho iteka. Kandi ibimenyetso bizagumana n'abizera ngibi : Bazirukana abadayimoni, mu izina ryanjye, bazavuga indimi nshya, bazafata inzoka, kandi nibanywa ikintu cyica, nta cyo ki zabatwara na hato, bazarambika ibiganza ku barwayi bakire. Umwami Yesu amaze kuvugana na bo, ajyanwa mw'Ijuru yicara i buryo bw'Imana. Abo, barasohoka bigisha hose, Umwami Yesu ari kumwe na bo abafasha, akomeresha Ijambo rye, ibimenyetso byagendanaga na ryo".* Umwami wacu Yesu-Kristo, abasha kudukoresha ibyo byose, ariko, dusabwa kuvuga kandi tuzi neza ko ibyo tuvuga biza gukoreka.

Si twe tubikora, ni imbaraga z'Imana ziri muri twe ari wo Mwuka Wera zibikora, zikabisoza ku bwo Ijambo twatuye. Dusabwe rero gukora ibishoboka byose kugirango imbaraga z'Imana zibe muri twe, noneho zikore ibikomeye mu buzima bwacu , ndetse no mu buzima bw'abandi ku bwacu.

Duhamagariwe rero gutegekesha amagambo twemera kandi asobanutse neza. Ni ukuvuga amagambo asobanura neza ibyo dushaka, kuko ni yo atuma Umwuka Wera w'Imana ukora, ugasoza ibyipfuzo byacu. Umwuka Wera ntuza usoza amagambo adasobanutse neza, kandi ntusoza amagambo agenda ahindagurika. Imana isoza Ijambo duhagazeho kandi twemera, Ijambo rigaragaza neza ibyo twipfuza.

Amagambo yacu rero ararema, cyangwa akica. Ni cyo gituma Imana itubuza kuvuma abandi, kuko ibibi ubaturiraho bizabageraho. Aha, nagomba no gukebura ababyeyi kurekeraho gutuka abana banyu, mubaturiraho amagambo mabi. Ngo wa kijuju we, ntacyo uzapfa wimariye, wa nzererezi we, n'ibindi byinshi. Nawe niwisuzume umenye imvugo ufite mu bana bawe, wihane kandi wisubireho, wige kubwira abana bawe amagambo abubaka, ntukababwire amagambo abasambura, amagambo abasubiza hasi, amagambo abasuzuguza, amaga mbo atuma bisuzugura bo ubwabo.

Ni cyo gituma iyo Imana hari ibyo igomba guhindura mu buzima bwacu, mu miryango yacu, mu bihugu byacu, ndetse no mw'isi, harabo ibwira ngo babi sengere. Kandi iyo usenze, ibintu birakoreka. Ariko, iyo wishe amatwi ukareka gusengera ibyo Imana yakubwiye ngo bikurweho, biraba, bigusohoreraho cyangwa bigasohorera ku bandi ubirebesha amaso.

Njya nkunda gusobanura ntanga ingero z'ibyo Imana yambwiye, yanyeretse cyangwa yankoresheje, kugirango mubashe gusobanukirwa kandi bigire abo byafasha.

Igihe kimwe, narabyutse mw'ijoro nja gusenga, noneho ndabwira Imana ngo wadukuyeho Satani ko yatujujubije twebwe abana bawe ko turushe twabuze i buryo n'i bumoso. Iryo sengesho, nararivuze nshimitse kandi mbabaye. Noneho, icagiye kuntangaza, n'uko nasubiye kuryama, hamwe agatotsi kantwaye ho gato, mbona mfite mu kiganza cyanjye cy'i buryo igifunguruzo kinini nka bimwe byugurura amasengero ya kera. Hano, Imana yagomba kumbwira ko ari twe yahaye ubushobozi n'ubutware bwo kwirukana Satani n'abadayimoni be muri ino si. Ubu, ni ho nanjye ndi gusobanukirwa ko Imana yashize Ijambo ryayo mu kanwa kacu ngo dutegeke abadayimoni biruke, kandi, ibyo twipfuza byose bibe.

Ni cyo gituma mu **Byahishuwe 5 : 10**, Ijambo ry'Imana ritubwira ko : " *Yesu yaduhinduriye kuba abami n'abatambyi* ". Turi abo kwinginga Imana mw'izina rya Yesu, ariko, turi n'abami, ni ukuvuga abategetsi muri iryo zina nyine.

Tugomba kwima, tugategekesha ino si Ijambo, isi igahinduka nshya, imikorere ya Satani ikaneshwa muri ino si. Impamvu Satani ari kwigaragambya muri ino si, isi ikaba yuzuwemo urugomo, rugaragarira mu ntambara z'urudaca, mu makimbirane hagati y'abayobora ibihugu, hagati y'abavandimwe, hagati y'abubakanye ndetse no hagati y'ababyeyi n'abana babo; isi ikaba ikorerwamo ibyaha by'indengakamere; ibihugu bigategekwa n'amategeko anyuranye n'Ijambo ry'Imana. Imana yabuze abo ikoresha ngo bategeke bizeye mw'izina rya Yesu noneho ibintu bihinduke. Ibintu byahinduka kuko Umwuka Wera ubasha kwinjira mu bitekerezo by'abantu ukabihindura

Imana rero yarabuze abo ikorana nabo ibikomeye ku bw'ibyaha byacu, ku bwo kutisobanukirwa, ndetse no ku bwo kutizera mu Mana no mu Mbaraga z'Imana zidukoreramo.

Twe turavuga gusa tugategeka mw'Izina rya Yesu-Kristo, Umwuka Wera w'Imana ugakora. Murumva mu byukuri Imana idusaba ibingana iki ? Imana, nta kindi idusaba atari ukuvuga, ibisigaye ni ibyayo. Ariko no kuvuga byaratunaniye, turi abanyabwoba, kuko tutizeye ko Imana ikorana natwe.

### I. 4.2. Umubiri wacu, utegekwa n'icyicyaro cy'Ijambo kiri mu bwonko bwacu.

Iri hame, ryaravumbuwe n'abashakashatsi mu by'ubuvuzi. Ariko kandi, Ijambo ry'Imana rirabitubwira muri **Yakobo 3 : 2b** " *Umuntu wese udacumura mu byo avuga, aba ari umuntu utunganye rwose, yabasha no gutegeka umubiri we* "

Urumva rero, hano Ijambo ry'Imana icyo rishaka kuvuga, ni uko nyimba tubasha gutegeka ururimi rukavuga ibintu byiza by'umumaro gusa, tuzaba dutegetse n'ingingo z'umubiri wacu kuko ibyo tuvuze, umubiri wacu uhita witegurira kubishira mu ngiro. Ibyo uvuga, ni byo ibice by'umubiri wawe bikora kuko byabonye itegeko rivuye mu kanwa kawe.
Iyo ukomeza kuvuga ngo ndashaje, ndarushye cyane, ntacyo nkibasha gukora, vuba cyane, igicye cyo mu bwonko kigenga Ijambo, citaho ibyo watuye, kigaca gitegeka ibindi bice by'umubiri, na byo bikagegwaho n'itegeko ryo gusaza bikibwira biti ni byo, uzi ko, dushaje, tugomba kwitegurira gupfa kuko ntacyo tukimaze. Uwuhora yivugira ko ashaje, azapfa vuba. Ariko, nuhora uvuga ko ukiri muto, ko ushoboye gukora, ko ushobora gukora nk'abakiri bato n'iyo waba ufite imyaka myinshi, umubiri wawe uzisubizamo imbaraga, ugire intege, ukore nk'abakiri bato, ahubwo usange harabo urusha n'imbaraga.

Abantu bakunda kwiyaturiraho ibintu bibi, akenshi, ugasanga bashingiye ku buryo abababanjirije babayeho, bakumva nabo ariko bagomba kubaho. Ugasanga umuntu aravuga ngo nzapfa ndi umukene. Mu muryango i wacu turi abakene twese. Ugasanga, umuntu, ntashobora no gutekereza ikintu yakora ngo kimuvane mu bukene. Ndetse iyo ubwonko bumaze kubyakira ko ariko bimeze, ni ko bizagenda. Uca witwara nk'umukene, ntubashe kugira icyo ukora kugirango ube umukire. Ukumva kuba umukene ari byo bikubereye, ukumva bikunyuze. Ariko, nukomeza kwatura ko ushoboye, kandi ko ugomba kunesha, ibihimba by'umubiri wawe byose bizahita byitegurira gukora kugirango uneshe, ubone ibyo wipfuza.

Nagiye mbona abantu benshi barageze ku byo biyaturiraho bakiri abana. Abana bakunda kuvuga ko bazagura imiduga, ko bazubaka amazu meza, babigeraho. Nibuka musaza wanjye yakunda kubwira maman ngo nziga amashule menshi, nkorere amafranga menshi, ngure imodoka njye ngutwara, ntuzasubira kuge nda n'amaguru. Ni ko byagenze, musaza wacu yari muto kuri twe, ariko, ni we watangiye kugura imodoka mu muryango i wacu, akazaja atwara maman, amuvana mu cyaro amuzana mu mujyi kuturamutsa cyangwa kumuvuza yarwaye, twebwe tutagira n'ikinga. Nzi abakobwa, bahora bavuga ngo, ntituzarongorwa n'abirabure, tuzaja ku bazungu. Kandi akabivuga na we ubwe atabona ingene azahura n'umuzungu ngo amutware, ariko ni ko byabagendeye.

Abantu bakunda gusenga basaba Imana ngo duhindurire amateka. Ariko ndababwiye ko igihe cyose mutazahindura imvugo yanyu ngo mwiyaturireho amagambo yo kunesha, amagambo y'ubutsinzi, nta mpinduka nziza muzabona mu buzima bwanyu. Muhora buri munsi muvuga muti : '' *njye naragowe, ibyago byose ni jye bigwaho, nta mahoro aba iwanjye, twama mu makuba* ''. None ibyo ko ari byo wemera kuko ni byo uvuga buri munsi, urumva amateka yawe yahinduka ate kandi udafata umwanya wo gutekereza uburyo wayahindura, noneho ngo watuze akanwa kawe ubwire Imana uko ubitekereza ?

Ndabwira ababyeyi ko nimba bashaka ko abana babo baba abantu bakomeye, babigishe kwiyaturiraho amagambo akomeye y'ubutwari. Kandi, muze mubateramo ishaka ryo gutekereza ku buzima bwiza bazagira. Ntimukaje mubaca intege igihe bariho biyaturiraho ibyiza, ahubwo muze mubatiza imbaraga zo kubishimangira mu bitekerezo byabo, bumve ko ariko bigomba kugenda.

Noneho, umuntu yakwibaza ati : " **Imvugo nziza umuntu yayikura hehe** ?. Nta handi twakura iyo mvugo nziza atari mw'Ijambo ry'Imana. Tugire umwete n'ishaka byo gusoma Ijambo ry'Imana, turishimangire mu bitekerezo byacu.

mu kuryibwira amanwa n'ijoro, kugirango rigaburire ubugingo bwacu. Muri ryo, harimo ibyo twipfuza byose. Rirubaka, riteza imbere, rizana uburumbuke, rita nga amahoro, riduhesha kunesha mu buryo bwose. Iryo Jambo ry'Imana niri-mara kugwira muri twe, ni ryo tuzasigara dusengeramo, noneho risoze ibyo rihamya mu buzima bwacu ku bwo Umwuka Wera ukurikirana iteka Ijambo ry'Imana kugirango urisoze. Kandi n'umubiri wacu uhora witeguye gushira mu ngiro ibyo tuvuga. None Se, ibihimba by'umubiri wawe bifatanije n'Umwuka Wera w'Imana, Imbaraga zawe, zifatanije n'Imbaraga z'Imana urumva wane-shwa gute ?

Imana rero yakuremanye ububasha n'ubushobozi bwose, bwo guhitamo icyo ushaka kuba cyo :

- **Umukire cyangwa umukene**
- **Umukiranutsi cyangwa umunyabyaha yananiwe n'umubiri we.**
- **Umwana w'Imana cyangwa uwa Satani**
- **Umuntu wuzuye imbaraga cyangwa umunyantege nke**

Ushobora kuba rero icyo ushaka kuba cyo, kuko ufite muri wowe ububasha n'ubushobozi byo guhitamo icyiza cyangwa ikibi, kandi icyo uhisemo,ni cyo kizakubaho. Ubasha kwihitiramo gupfa cyangwa gukira, gukenyuka cyangwa kurama n'ibindi.... Imana, yaturemanye twese ubwo bushobozi, ni buri muntu ugomba gutoranya kubukoresha, cyangwa akabureka. Twese Imana yature-mye idukunze, iduha ubushobozi n'ububasha bwo kubaho neza. Uko wifata, ni ko umera, kandi uko uvuga ni ko uzamera. Umuntu asa n'Ijambo rye.

Nk'uko nabivuze, n'ubu ndakomeza kubishimangira. **IMANA YADUHEREYE UBWO BUSHOBOZI MW'IJAMBO.** Kuko tubasha kuvuga ni cyo gituma tubasha no kuyobora ubuzima bwacu mu bibi cyangwa mu byiza. Tukabaho ubuzima bwiza cyangwa bubi muri ino si. Tukabaho mu mahoro no mu muneze-ro, cyangwa mu maganya n'imibabaro. Byose byategekewe mw'iremwa. Ushobora guhindura ubuzima bwawe bwiza cyangwa bubi kuko buri wese abo-na ingaruka z'ibyo avuga. Ni cyo gituma buri wese azabazwa ibye ku munsi w'amateka, kuko buri wese yahawe ubushobozi bwo kuyobora ubuzima bwe. Rero, iyo ubuzima bwatunaniye, ntitugate ishavu ku Mana cyangwa ku bandi bantu.

Mu butumwa yampaye bwa 24, buri muri cya gitabo cyitwa ngo: **Gukina Birarangiye**, aho Imana iduhamagarira guhitamo neza no guhagar-ara mu byo duhitamo, Imana irabisobanura neza muri aya magambo iti : ''*Ubu birahagije ko hari abantu bahora barira, bitotomba amanywa n'ijoro badatuza. Ko hari abantu bahora bahahamuka kuko ubuzima butababereye uko babutekerezaga. Hama bakampindukirira*

*bazi ko ubwa mbere, ko ari njye nabateye ayo magorwa yose barimo. Ubwa kabiri, bakampindukirira kandi bibwira ko ntacyo nshoboye ku mibabaro yabo. Ariko njye, narabaremye, mbaha n'uburenganzira bwo kuyobora ubuzima bwanyu. Ni mwe mwigenga mu ngamba mufata, kandi, amahitamo yanyu abafiteho ingaruka mbi cyangwa nziza. Agaba n'amashami akera imbuto ziyobora guhitamo kwawe mu minsi iri i mbere. Zikayobora imyitwarire yawe n'ibyo ukora mu bo mubana no mu bo muhura bose. Umuntu wese afite mu biganza bye kazoza ke. Ni mwamara kwu mva ibyo, ibyo mukora byose, muzabikorera kubona ubuzima buhoraho. Ndi Imana So wanyu, kandi muri njye, nta kwicuza kubaho. Kandi igihe cyose muri bugufi bwanjye, ngwanana namwe kugirango imigambi yanyu ibazanire ibyiza gusa* ".

Hano, Imana irashimangira ibyo twariho tuvuga. Ni twe duhitamo icyo tugomba kuba cyo tukabihamisha amagambo tuvuga. Nk'uko twabivuze mbere, ibyo tuvuga, ibihimba by'umubiri wacu byiteguriye kubishira mu ngiro, Umwuka Wera w'Imana na wo, kuko uri muri twe, kandi ukaba ubana natwe, witeguye kugwanana natwe, ukadufasha kugera ku byo dushaka. Imana ntikora yo nyine, yigaragarize intego y'ubuzima bwawe kandi uyiharanire Imana na Yo izahagurukira kugufasha. Ikibazo, n'uko hari abantu usanga badashaka gushira imbaraga mu byo bifuza, ahubwo bagategereza ko Imana ibasanza ibitangaza aho bicaye. Abo, ni bo usanga bavuga amagambo arimo gucika intege no kutizera. Nyamara, iri Jambo Imana yigeze kumbwira nawe rizagufashe :
Ngo : " *Igihe ugitegereje, gira icyo ukora* ." Kuko rero byagaragaye ko Umwuka Wera w'Imana ukurikirana ibyo tuvuganye ukwemera tudashidikanya kugirango ubisoze, kandi natwe tukaba dutegekwa n'icyicyaro cy'Ijambo kiri mu bwonko bwacu ; ni cyo gituma Imana yashizeho itegeko rivuga ko kugirango dukizwe, tugomba kwatuza akanwa kacu, ibyo twemeza umutima wacu ko Yesu ari we ugiye kutubera Umwami n'Umutware wacu. Umwuka Wera adufasha kwumvira Yesu-Kristo kugirango tuyoborwe na we, kandi n'ibihimba by'umubiri wacu bihabwa iryo tegeko ryo kugendera munsi y'ubutegetsi bw'Umwami wacu Yesu-Kristo bikaryumvira.

Rero, ibi byose twasobanuye kwari ukugirango mwese mumenye impamvu twakiriza Agakiza Ijambo, tutakakiriza gusa imitima yacu gusa ngo bibe bihagije.
Mu **Baroma 10 : 9,** Ijambo ry'Imana rirabitubwira neza riti : " *Niwatuza akanwa kawe y'uko Yesu ari Umwami, ukizera mu mutima wawe y'uko Imana yamuzuye uzakizwa. Kuko umutima ari wo umuntu yizeza akabarwaho gukiranuka, kandi akanwa akaba ari ko yatuza agakizwa* ".

Ibi rero, Satani arabizi kuturusha nk'uko nari nabivuze kare. Iyo hageze ko wakira Agakiza, ntabura ibyo akwongorera kugirango agutere ubwoba ureke kwatura Agakiza. Abumvise ubuhamya bwanjye bw'ukungene nakiriye Agakiza, mwarumvise uburyo umwanzi yitanganije kumbwira ngo: Madame Polisi, ubu rero ugiye kwirata uve hasi wakire Agakiza bose babireba. Bivugire aho ngaho

Yesu arabyumva. Yariho ambesha ngo naho ntorinda kuva hasi nkabyiyemeza mu mutima gusa Yesu arabyumva arabyemera. Ariko noneho Umwami Yesu ubwe mu nyuma ni we yanyongoreye ati : "*Christine, uvuye hasi ukanyakira, nkagukiza ubwo bwoba ubana nabwo waba ubaye iki*"?.

Yesu rero, ntiyakirizwa ibitekerezo gusa, tugomba gusezeranira na we ku mugaragaro twatuza akanwa kacu. Uko ni ko gutanga indahiro. Iyo tumaze kwatura ko Yesu ari we ugiye kutubera Umwami n'umutware, tukabivuga bivuye ku mutima, umubiri wacu wose uhita wubahiriza ibyo twavuze, ugatangira kwi twara koko nk'umugaragu wa Yesu. Noneho Umwuka Wera w'Imana, ukadufasha kwubaha no kwubahiriza amasezerano twahaye Umwami wacu Yesu-Kristo

Icya mbere Umwuka Wera w'Imana ukora, ni ukutwigisha Ijambo ry'Imana, ukaridukundisha kugirango tube ari ryo tuvugisha ibyifuzo byacu byose, tunarishire mu bikorwa. Ni ko kuyoboka Kristo, tukemera gutegekwa nawe, kuko ni we Jambo ry'Imana. Icya kabiri Umwuka Wera udufasha ni uguca bugufi tugahinduka abantu bumvira, tukubaha Umwami wacu twarahiriye kugira Umuyobozi wacu.

Iri tegeko ry'Imana, ryo kwakiriza Yesu Ijambo ntabwo ari impfagusa, nta na kimwe Imana yategetse ata mumaro gifite. Ni cyo gituma tutagomba kugira na kimwe duca ku ruhande ngo tuciyobagize, cyangwa ngo twibwire ibindi bituruka mu bitekerezo byacu. Abantu benshi rero bumva ngo barakijijwe kuko bage rageza kwizera Yesu-Kristo no kumuborogera ibintu bibagoye. Iyo yabashu bije hoho, bishiramo ko ari bo bakiranutsi ba mbere. Tukibagirwa ko Imana iha ababi n'abeza, ikagushiriza imvura bose itarobanuye.

Ikindi, njya mbona Abakozi b'Imana bamwe bamwe batazi kwakiriza Agakiza abantu. Ugasanga bahamagaye abantu bashaka kwakira Agakiza, barangiza bakabasengera gusa, ibyo abo bantu bari kwiyaturira bakaba aribo babibavugira mw'isengesho. Abo bantu muba mubishe, kuko nta Gakiza baba bakiriye, kandi bo, bagenda bazi ko bakakiriye. Bakama bazi ngo barakijijwe kandi badakijijwe.

Ibyo bintu mukuru wanjye na murumuna wanjye byababayeho.Twari mu giterane, bahagurutsa abashaka kwakira agakiza. Mu bahagurutse na bene data barimo, barabasengeye gusa ntibababatuza ngo bisezeranire na Yesu. Murumuna wanjye narasubiriye ndamwakiriza Agakiza aremera bitangoye. Ariko mukuru wanjye, Imana yo yonyine n'Ijwi ryayo yamwibwiriye ngo ugomba gukizwa. Yahavuye yakira Agakiza abyiyaturiye we nyine kw'itegeko ry'Imana. Ko Imana yabimutegetse, ugirango ntiyari izi ko yari yarasengewe ? Imana yari ibizi ariko ibyo bitwereka ko Imana iha agaciro amagambo twebwe ubwacu

twivugiye atarayo tuvugiwe n'abandi. Kandi n'ingingo z'umubiri wacu nta gaciro ubiha kuko nta ngamba tuba twafashe twebwe ubwacu ngo tubyiyaturire. Buriya, icyo watuje akanywa kawe, gihinduka itegeko wihaye.

Iby'Imana, ni ibyo kwitondera, ntabwo tugomba kubikora no kubitwara uko twishakiye, tugomba gukurikiza ku kadomo n'akaburungu ibyo Ijambo ry'Imana ridutegeka byose. Nayo ahandi hoho, tuzasanga twarayobye tunayobye na benshi kandi twibwira ngo turi mu nzira y'ukuri. Tugendane ubwenge bw'Imana kandi tureke kwiringira mu bwenge bwacu, cyangwa mu bwenge bw'abana b'abantu.

**I.4.3 Umuntu abohwa n'Ijambo yavuze.**

Mu by'ukuri, umuntu iyo yavuze ikintu, agasohora igitekerezo cye, agomba kugishira mu bikorwa n'ayo ahandi hoho atakaza agaciro. Umuntu udahaga rara kw' Ijambo yavuze yitwa imbwa. Ni ukuvuga ko nta muntu aba arimo kuko nta butwari aba afite. N'umugani w'ikinyarwanda uvuga ngo : Umugabo yihi ndukiza mu kirago ntiyihindukiza mw'Ijambo. Rero ibyo twatuje akanwa kacu bihinduka itegeko twihaye twebwe ubwacu nk'uko nari maze kubivuga. Iyo tubirenzeho, tuba ducumuye. Gusezerana na Yesu, ni ukumwemerera kumubera umwana, umuyoboke n'umwigishwa. Iyo utabyubahirije, uba uhemutse.

Tugomba rero kwitondera amagambo tuvuga, kugirango tuvuge ibyo tuzashira mu ngiro, ibyo tutazashobora tubiceceke. Ni yo mpamvu tugomba kwakira Agakiza tuzi neza ko tuzubahiriza indahiro dutanze, kandi tugakora ibishoboka byose kugirango tuyubahirize. Bitabaye ibyo, tuba tubaye ababeshi, tuba tubaye imbwa nk'uko nari maze kubivuga.

Kandi twibuke ko hanze hazaba imbwa n'izindi nkozi z'ibibi zose nk'uko Umwami Yesu yabivuze mu **Byahishuwe 22 : 15** . Rero twirinde ntitugakinishe Agakiza mu gupfa guha Yesu-Kristo indahiro tutazahagararaho. Ibyo byaduteza akaga gakomeye.

## Intambwe ya kabiri : KWIMUKA

Iyo tumaze kwakira Agakiza ari we Yesu-kristo, tugomba guhita dukora umurimo wo kwimuka. Hano, kwimuka tuvuga, ntabwo ari mu buryo bw'umubiri, ni mu buryo bw'Umwuka. Mu by'ukuri, ni ukwimura umutima wawe, ni ukwimura ibitekerezo byawe. Kwimuka, ni ko kwezwa, ni ko kwihana.

Nk'uko twabisobanuye hejuru, ubwami ni bubiri : Ubwami bwa Satani n'U bwami bw'Imana. Kuko tuvukira munsi y'ubwami bwa Satani ku bw' icyaha cy'inkomoko cyo kwikunda, tugomba iyo tumaze guhitamo Yesu, gufata u mwanzuro uhamye wo kwimukira burundu munsi y'Ubwami bw'Imana. Abantu benshi barakira  Agakiza, ariko bakigumira aho bari bari. Bagakomeza bakaba ba bandi, bakitwara uko bitwaraga kera, bagakomeza gutwarwa n'irari ry'imibiri yabo n'iry'iby'isi. Bagakomeza gusabana n'abanyabyaha. Ndetse bagakomeza kwibera injiji ziyoborwa n'abandi bantu, ha gushakisha kumenya ukuri kw'Imana ngo bagushikire kube ari ko kubayobora.

Abantu nk'abo, ni bo Imana ivuga ko bariho bakinisha Agakiza kuko badahagaze ku ndahiro bahaye Yesu-Kristo. Hari abantu rero bakira Yesu nk'umuhango, barangiza Yesu bakamusiga aho bamwakiririye bakitahira, ntibasubire kwibuka n'uko bamwakiriye ngo bamuhindure Umwami n'umutware wabo nk'uko babimwemereye. Amagambo rero bamubwiye, abahindukira impfabusa bakiriho, kandi nibapfa, ni yo azabacira urubanza. Muri **Matayo 12: 36-37**, Umwami Yesu yarabitwibwiriye we ubwe ati: "*kandi ndababwira y'uko ijambo ry'impfabusa ryose aba ntu bavuga, bazaribazwa ku munsi w'amateka. Amagambo yawe ni yo azagutsindishiriza, kandi amagambo yawe ni yo azagutsindisha".*

### Kwimuka mu buryo bw'Umwuka ni ukuvuga iki ?

Ni uguhindura umuyobozi w'ibitekerezo byawe. Ni ukwimika undi mwami mu bitekerezo byawe, mu mutima wawe. Ni uguhindura ubwami. Ku bw'icyaha cy'inkomoko, tuvuka umwanzi yaradufashe mu bitekerezo. N'ukuvuga ko aba adutekerereza. Kuko tuzi ko umuntu ayoborwa n'ibitekerezo bye, uwicyaye mu mutima wawe agutekerereza, ni we na none ukuyobora. Twabonye uburyo Umwana agaragaza ishyari n'ubugome biri muri we kare cyane akiri muto. N'uko afite muri we ikibimusunikiramo ataranabasha no gutekereza we ubwe ngo ahitemo icyo gukora, icyiza cyangwa ikibi.  Muzabisanga muri cya gitabo nanditse cyitwa ngo : "**Dukizwa n'Ubuntu bw'Imana** ".

Kwimuka rero, ni ukwimura Satani mu mutima wawe, ukawimikamo Yesu-Kristo akaba ari we yicara mu bitekerezo byawe akabigenga noneho akabasha no kugutekerereza. Ni ko kukubera Umwami n'Umutware, kuko Yesu iyo ageze ku rugero rwo kuyobora ibitekerezo byawe akagutekerereza, aba yakwigaruriye by'ukuri kuko ni we aba asigaye agutegeka.

Uwo murimo wo kwimura no kwimika, ntabwo woroshe, kuko Satani nta na rimwe yishimira kugutakaza, ahora mu ntambara yo kugirango agusubirane. Ahora mu ntambara yo kugaruka mu bitekerezo byawe. Ni cyo gituma tugomba guhora turi maso, kugirango tumenye nyimba twatewe n'umwanzi, tumwamirire kure. Kandi ni yo mpamvu Imana itubwira ngo turinde imitima yacu kurusha uko turinda imboni z'amaso yacu kugirango Satani atatwinjirana ngo atangire kudutekerereza ibibi atugushe mu byaha.

**Kubera iki tugomba kwimuka ?**

Tugomba kwimuka kuko Imana ntishobora kubanira natwe mu bundi bwami butari ubwe. Nta n'ubwo yabasha kutubabarira ibyaha twakoze igihe cyose tutariyandikisha mu mubare w'abana be ngo twemere kwozwa n'amaraso y'U mwana we Yesu-Kristo. Kandi Imana, nta n'ubwo yabasha kuduhera umugisha we mu bundi bwami tutari mu Bwami bwe. Hano, ntitugomba gusa gutekerereza imigisha y'Imana mu byo iduha bigaragara, umugisha w'Imana wa mbere, ni uko  iguha kuyimenya no kuyisobanukirwa, ukabasha kubana na Yo nk'uko umwana abana n'umubyeyi we. Umugisha wa kabiri, ni amahoro n'umunezero bituruka ku Uwiteka.

Buriya, ubwoko bw'Abistraeli, twari dukwiye kubukuraho isomo rikomeye, Abanyistraeli, biragaragara ko ari ubwoko Imana yatoranije kugirango inzira yabanyujijemo itwigishe.

Iyo dusomye  mu byanditswe byera, ingene Imana yabanye n'abantu bayo, dusanga abo yatoranije kugirango ibane nabo, yabanza kubimura ikabajana kubatuza ahandi, bakava mu biwabo, bakava mu miryango yabo. Uku kwari ukudushushaniriza ko mu buryo bw'Umwuka, ko atabanira n'abana be mu byakera, mu byo bahozemo, mu ngeso zabo za kera, muri kamere yabo yo kwikunda. N'Umwami wacu Yesu-Kristo yarabyivugiye muri **Matayo 9 : 16** ati : ''*Ntawutera ikiremo cy'igitambaro gishya ku mwenda ushaje kuko icyo kiremo cyacya umwenda, umwenge ukarushaho kuba mugari. Kandi, nta wusuka vino y'umutobe mu mifuka y'impu ishaje, uwagira atyo, iyo mifuka yaturika, vino igasandara hasi, imifuka ikononekara. Ahubwo, vino y'umutobe isukwa mu mifuka mishya byompi bikarama*''.

Ibishaje, ntabwo bivangatiranywa n'ibisha ngo bikunde. Imana rero, ibana n'abemeye gutandukana n'ibyakera, n'ibyo bakora batarayimenya, bagata ndukana n'ibitekerezo bibi, bagatandukana n'imvugo, n'imikorere yabo bya kera. Abo, ni bo bazabona imbaraga z'Imana ari wo Mwuka Wera. Imana ibana n'abemeye gutandukana n'abanyabyaha, ni yo baba ari abantu bo mu mirya ngo yabo. Aha ntimubyumve nabi, ngo mwibaze ngo tugomba kwanga abanyabyaha. Ahubwo, ni ukuba tutagisangira na bo ibyo twakoranaga, ndetse n'ibiganiro bibi twagiranaga. Ni ukwitandukanya na bo mu mivugire, mu ngeso, mu myitwarire ndetse no muri za gahunda zidahesha Imana icyubahiro twasangiraga kera tutarakira Yesu, nkuko twari twabivuze mbere. Imana, ye mera kubana n'abatandukanye no kujarajara inyuma y'abana b'abantu, ni ukuvuga, abemeye guhagarara kw'Ijambo ryayo.

Abo, ni bo bazahabwa ukwimuka nyakuri, bakabana n'Imana, bakabona ubwiza bw'Imana. Hano, hari Ijambo Imana yabwiye Mose, icyo gihe Mose yasabye Imana ngo imwiyereke ngo abone ubwiza bwe burabagirana. Imana iramubwira iti : '' *Kugirango uzabone ubwiza bwanjye, hariho ahantu bugufi bwanjye, nawe, uzahagarare ku rutare* ''. **Kuva 33 : 21**. Urutare ni Yesu-Kristo, ni Ijambo ry'Imana. Abazahagarara kw'Ijambo ry'Imana, ni bo bazimukira mu Bwami bwayo, bakabana akaramata.

Hano rero muri Bibiyiya, hari ingero nyinshi twaganiraho zikabidusobanurira neza ko tugomba kwimuka tukava aho twari turi kugirango tubashe kubana n'Imana, kandi tubone umugisha wayo.

Duhereye kuri Abrahamu, Imana yamutegetse kuva mu gihugu cy'i wabo, no mu muryango w'i wabo ngo aje mu gihugu azamwereka. Igihugu yari yaravukiyemo cyari igihugu gituwemo n'abantu batazi Imana basenga ibigirwamana. Ngo na se wa Aburahamu yitwa Tora yabaza ibishushanyo by'ibigirwamana. Kubera ko yari yaratoranijwe n'Imana, yagomba kwimuka kugirango Imana izabashe kubana nawe, imwiyereke kandi imuhe umugisha.

Ibi turabisanga mw'**Itangiriro 12 : 1-3.** '' Uwiteka ategeka Aburahamu ati : '' *Va mu gihugu cyanyu, usige umuryango wanyu, n'inzu ya so, uje mu gihugu nzakwereka. Nzaguhindura ubwoko bukomeye, nzaguha umugisha, nzogeza izina ryawe, uzabe umugisha. Kandi nzaha umugisha abakwipfuriza umugisha, kandi uzakuvuma nzamuvuma, kandi muri wowe, ni mo imiryango yose yo mw'isi izaherebwamo umugisha*''. Ibya Aburahamu mubyisomere byose mw'Itangiriro, kuva mu gice cya 12, kugeza mu cya 24.

Iyo urebye uburyo Imana yakijije Abany'Istraeli agahato k'abanyegiputa, yaba nje kubimura, ibasubiza mu gihugu cy'abasokuruza babo kugirango bamenye Imana, kandi babone umugisha wo mu buryo bwose. Imana, yashizemo imba raga nyinshi kugirango umugambi wayo usoze. Nyamara, Imana ntiyari inaniwe no gutabarira Abanyistraeli muri Egiputa. Yashobora no kubakundisha Farawo, bakagubwa neza, bakigumira aho ngaho. Ariko, ibyo Imana ntiyabishatse, kuko yabona ata kuntu azigarurira ubwoko bwe bukomeje kuguma muri Egiputa. Abanyisirayeri bari barafashe umuco w'abanyamahanga. Bararongoranye, basigaye basenga ibigirwamana byaho. Bari baribagiwe Imana ya ba Sekuruza babo. Nuko rero Imana yatumye Mose ngo abakure muri Egiputa abimure, abajyane i Kanani. Yaramubwiye ati : '' *Nukuri, mbonye kubabara kw'ubwoko bwanjye buri muri Egiputa, numvise gutaka batakishwa n'ababakoresha uburetwa, kuko nzi imibabaro yabo. Kandi manuwe no kubakiza mbakure mu maboko y'abanyegiputa, mbakure muri icyo gihugu, mbajane mu gihugu cy'amata n'ubuki*''. **Kuva 3 : 7- 8** Iby'iyimuka ry'Abanyistraeli, mubisome mu gitabo cyo KUVA.

**Twimuka dute ?.**

Uburyo twimuka, Imana yabidushushanyirije mu buryo Yakobo ari we Imana yise Istraeli yimutse ahunga mwene se Esawu yashaka kumwica kuko yari yamuriganije umugisha. Imana imaze kubwira Yakobo iti : Haguruka, uzamuke, ujye i Beteli utureyo, wubakireyo igicaniro Imana yakubonekeye, ubwo wahu ngaga Esawu mwene so. Imana imaze kumubwira ityo ngo nibimuke, Yakobo abwira abo mu rugo rwe bose n'abo bari kumwe bose ati : '' *Mukureho imana z'abanyamahanga ziri muri mwe, mwizirure mwambare indi myenda, duhaguruke tuzamuke tuje i Beteli, nanjye nzubakirayo igicaniro Imana yanyumviye ku munsi w'umubabaro wanjye, kandi yagendanaga nanjye mu nzira nagenzemo.* ''

Yakobo n'abe bose bagiye kwimuka bimukira ku musozi wa Beteli, aho bari bagiye guhurira n'Imana, ntabwo bimukanye ibyabo byose, babanje kujugunya ibibi byose byari hagati yabo. Bajugunya ibigirwamana byose. Biyambura imyenda yanduye bari bambaye bakoranaga imirimo , bariyuhagira, batunganya imibiri yabo, bambara imyenda myiza imeshe, barangije bara zamuka baja gusanga Imana, baja kuyitambira ibitambo. Urugendo natwe tugomba gukora mu buryo bw'Umwuka tuva munsi y'Ubwami bwa Satani tuja munsi y'Ubwami bw'Imana, ni ko rumeze. Hano, Imana yariho irudushushanyiriza kugirango tubashe kurusobanukirwa.

**Urugendo rwo kwimuka rurimo intambwe 3 :**

**1. Kwiyambura**
**2. Kwiyuhagira**
**3. Kwambara**

No mu buzima busanzwe, mu mibereho yacu, turetse kwimuka burundu tuva ahantu tuja ahandi, iyo tugiye kuva mu rugo araho tugiye, ntabwo dupfa kuge nda tumeze nk'uko twari tumeze turi mu mirimo yo mu rugo. Tubanza kwitegura kugirango duseruke mu bantu dusa neza. Umuntu aragenda akiyuhagira. Mu kwiyuhagira, abanza gukura imyenda ye yose. Yarangiza akiyuhagira n'amazi meza n'isabune. Amaze kwiyuhagira, ntasubira muri ya myenda yari yanduye cyangwa icyitse yari yambaye mu rugo, ashaka umwenda mwiza umeshe aho yawubitse akaba ari wo yambara akabona gusohoka akajya aho yagombaga kujya.

Ndetse, n'iyo tugomba kwimuka tuva mu nzu tuja mu yindi, ntabwo twimukana ibintu byose twari dutunze. Dufata umwanya wo kubisobanura tukimukana ibyiza gusa, ibitagifite umumaro tukabijugunya. Igihe cyo kwimuka, ni wo mwanya mwiza wo gukora isuku mu byo dutunze. No mu buryo bw'Umwuka, kugirango tubashe gusanga Imana tubane na Yo, tugomba gukora isuku mu mitima yacu, tugakuramo imyanda yose, tukimukana ibyiza gusa.

## II. 1. KWIYAMBURA

Kwiyambura ni ukwiyorosora. Kandi umuntu yiyorosora ibyo yari yiyorosheje, umuntu yiyambura ibyo yari yambaye. Kandi uwo muntu tworosora, si umuntu w'inyuma, ni uw'imbere. Umuntu wacu w'imbere, ni umutima wacu. Imana yaturemanye umutima ngo uyibere ubuturo. Ariko uwo mutima wacu iyo uca mbaye ibindi bintu cyangwa abandi bantu nka twe, Imana ntibasha kuwuturamo kuko Imana itavangatiranwa. Mu cyubahiro cyayo, igomba kwiharira imitima yacu. Umutima wawe ibyo uwambitse, ni ibyo byose byawutwaye, bikaba ari byo uwushikamishaho. Ni ukuvuga ko ari byo uhoza mu bitekerezo byawe. Igihe cyose ibitekerezo byawe biterekeje ku Mana, uba uyiyambuye, uba uyimuye. Uba rero wambaye ibyo warekuriye umutima wawe mu kubirekurira ibitekerezo byawe, uku ni ko kwibagirwa Imana, ni ko kuyimura, ni ko gusinzira no gusambana kwo mu mwuka.

Uyu murimo wo kwiyambura muri ino nzira yo gukizwa, ni ikintu gikomeye cyane tutagomba kwirengagiza kuko tutawitayeho ntacyo twageraho, twa

gwa vuba cyangwa ntitwigere duhaguruka. Kwitwa ngo warakijijwe ariko ntiwi yambure ngo utandukane n'umwanzi, ndavuga hano umwanzi kuko ibyo wa mbaye byose bitari Imana, umwanzi abiba hafi akabigushukashukisha akagukoresha ibyaha. Kandi igihe cyose utambaye Imana, uba wambaye Satani.

Ibi rero bibabaza Imana cyane bikanayirakaza kuko wasezeranije Yesu ko akubera Umwami, warangiza ukananirwa kwiyambura wa mwami wawe wa mbere ukaba ari we ukomeza kwimika. Uburyo kwimura Imana ari bibi turabisanga mw'Ijambo ry'Imana. Muri **Ezekiyeli 23 : 35**, Uwiteka aravuga ati : '' *Kuko wanyibagiwe ukandengaho, hoshi jyana n'ibibi byawe bikabije n'ubusambanyi bwawe*''. Murabona ko umuntu yibagirwa Imana ntayihozeho ibitekerezo bye, Imana imukura imbere y'amaso ye kuko yigize indaya yo mu mwuka, akishora mu busambanyi hamwe n'ibigirwamana bye. Aba ari mu busambanyi hamwe n'ibyo yashikamishije mu mutima we kuko yaciye inyuma Imana, ubuturo bwayo akabutuzamo ibyo ararikiye n'ibimushishikaje.

Muri **Zaburi 73 : 27**, Ijambo ry'Imana rirongera rikatubwira riti : '' *Kuko abakuja kure bazarimbuka, watsembye abakurekeshejwe no kurarikira bose* ''. Turetse no kuva imbere y'amaso y'Imana, abantu batafunguriye imitima yabo Imana bazari mbuka. Imana yigeze imbwira ngo : "*Abazaguma kwa Se bazagororerwa, na yo inzererezi zizarimbuka* ". Ni ukuvuga ngo abazagumiza imitima yabo ku Mana bazabona ibyiza naho abaguma bajarajaza ibitekerezo byabo, bazarimbuka.

None se mu **Byahishuwe 14 : 13** , Imana iratubwira iti: '' *Hahirwa abapfa bapfiriye mu Mwam*i '' . Gupfira mu Mwami, ni ugupfa Imana ari Yo iri mu mutima wawe. Mu by'ukuri, uwo upfuye ari mu mutima wawe ni we uzagutwara. Nyimba ari Imana izakujana iwayo mw'Ijuru, nyimba ari Satani, azakujana iwe muri wa muriro utazima.

None, mu buryo bw'Umwuka twiyambura iki ?

**II. 1. 1. Twiyambura abantu**
**II. 1. 2. Twiyambura iby'isi**
**II. 1. 3. Twiyambura ibigeregezo**
**II. 1. 4. Twiyambura Satani**

### II.1.1. TWIYAMBURA ABANTU

Nk'uko twabivuze, umuntu yiyambura ibyo yari yambaye. Kwambara aba ndi bantu cyangwa kwiyambara wowe ubwawe, ni ukwihozaho ibitekerezo, ukanabihoza ku bandi bantu ha kubihoza ku Mana. Wibagirwa Imana ugahora wiyibuka, wibuka n'abandi bantu nka we. Uba utwaye ibigirwamana mu mutima wawe, ni byo biheza bikakugenga, ntuba ukigengwa n'Imana. N'ubusabane

bwawe n'Imana buragabanuka, bikomeje, bugahagarara. Mu yandi magambo, usigara wigenga, ubundi ukagengwa n'abandi bantu ha kugengwa n'Imana. Abantu tugomba kwiyambura twabashira mu byiciro 2 :

A. **Kwiyambura twebwe ubwacu**
A.1 Kwiyambura ibitekerezo bibi
A.2. Kwiyambura ubwenge bwacu
A.3. kwiyambura imibiri yacu
B. **Kwiyambura abandi bantu**
B.1. Abatuyobya
B.2. Abo tudasangiye urugendo
B.3. Abatugiriye nabi

## A. Kwiyambura twebwe ubwacu

Imana ntishaka ikintu na kimwe kiyiruta cyangwa umuntu n'umwe yumva ko uyiruta. Nawe ubwawe, ntishaka ko wishira hejuru yayo ngo wiringire muri wowe ubwawe, ni ukuvuga : mu bwenge bwawe, mu buhanga bwawe, mu mbaraga zawe no mu bushobozi bwawe. Irashaka ko wiringira mu mbaraga ze n'ubushobozi bwe iteka ryose . Imana irashaka ko wikuraho amaso, ukareka kwihugiraho. Irashaka ko icyo uri cyo, n'ibyo wabashije kugeraho byose ko wumva ko ubikesha Yo, kandi ni ko biri. Irashaka ko wumva ko ari Yo ikora atari wowe. Imana irashaka ko n'ibyo abandi bagufashije ko umenya ko ari Imana yabakoresheje ikabashoboza atari bo mu mbaraga zabo, mu bwenge bwabo, mu bubasha bwabo no mu bushake bwabo. Numara kumenya ibyo, uzabasha gukunda Imana kurusha byose, no kuyigira iya mbere mu buzima bwawe. Noneho uhore ari Yo wisunga, uyishima, uyisingiza mu mutima wawe.

Uku ni ko kuyubaha. Kandi icyubahiro uha Imana, kigaragarira mu rugero rwawe rwo kwiringira muri Yo, no kuyiyoboka . Kwiringira mu Mana, ni ukwe mera ko Imana ishobora byose itaneshwa. **Mu butumwa bwa 3 Imana ya mpaye** bwa nditse muri cya gitabo nanditse cyitwa ngo : " **Gukina birarangiye**

", Imana iratubwira iti : " *Ndabakunda mu ntege nke zanyu, ariko icyo ntabasha kwiha nganira ni ukutanyizera* ". Nukuri, ibyo twiringiramo byose bitari Imana tukabigira ibigirwamana byacu, bizatsembwaho. Natwe ubwacu nitwiringira muri twebwe, tuzaba twigereranije n' Imana, tuzatsembwaho. Muri cya gitabo cyitwa ngo : **Ubugeni bw'Umwana w'Intama,** Yesu yaratubwiye ati: ibyo mundutisha byose muzabibura nanjye mumbure.

Imana irashaka ko ibyo ukora byose, ko ibyo urangura byose ko ubikesha Yo,

ukareka gukomeza kubyiyitirira. Imana irashaka ko uyambaza muri byose , mu bito no mu bikomeye kugirango igufashe. Imana yigeze imbwira ngo : *''Njya mbona wiroha mu madosiye utambajije* ''. Imana yashaka kumbwira ko nta kintu na kimwe ngomba gukora ntayibajije ngo mbanze kugisengera, ngishire mu maboko yayo, nyigishe inama, nyisabe ubufasha n'imbaraga zo kugikora kugirango kigende neza.

N'Umwami wacu Yesu – Kristo yarivugiye Muri **Matayo 12:30** ati : " *Uwo tutabana ni umwanzi wanjye, kandi uwo tudateraniriza hamwe arasandaza* ". Imana yacu irashaka ko ubuzima bwacu bwivanga n'ubwe, tugahora tuyambaza ngo ibane na twe muri byose . Ni ho ibyacu bizaja imbere kandi bigatungana. Mu by'ukuri, nk'uko nabivuze, ntacyo twari dukwiye kwirata no kwiyitirira, kuko ibyo dukora byose tubishobozwa n'Imana yaturemye. Kuba turiho byonyine, tukaba dufite ubuzima bwiza, dukomeye tutarwaye, tukaba dufite ubwenge n'imbaraga zo gukora tukagera ku migambi myinshi, ni Imana yabiduhaye, ni yo tubikesha byose, ni yo ikorera muri twe. N'ukuri, twese twari dukwiye kuvuga nka Pawulo yavuze ati : " *Nshobozwa byose na Kristo umpa imbaraga*." **Abafilipi 4 : 13** .

Ijambo ry'Imana yanyujije mu kanwa ka **Yeremiya 9; 22** , riratubwira riti : '' *Umunyabwenge ye kwirata ubwenge bwe, n'intwari ye kwirata ubutwari bwayo, umutunzi ye kwirata ubutunzi bwe, ahubwo uwirata yirate ibi yuko asobanukiwe, akamenya yuko ari Jye Uwiteka ugirira imbabazi no kutabera, no gukiranuka mw'isi, kuko ari byo nishimira. Ni ko Uwiteka avuga* ''.

Ntaco dukwiye kwirata na kimwe kuko natwe ubwacu turi ab'Imana , kandi ibiri mw'isi n'abari mw'isi bose, mw'itangiriro rya byose, ni ab'Imana, ni iby'Imana. Ni ukuvuga ngo, umubiri n'ubwenge bwacu dukoresha, ni iby'Imana nk'uko nari nabivuze kare. Abo dukorana n'abashobora kutugirira umumaro, Imana ni yo yabaremye, ibaha n'ubushobozi, n'ububasha bwo kugira icyo babasha kutumarira no kudufasha mu buzima bwacu. None, murumva twebwe twakwirata iki imbere y'Imana ? Ko byose ari Yo tubikesha ? Cyangwa urumva undi twa kwiringira ari nde atari Yo yaremye byose kandi ikaba ibifite byose mu biganza byayo?
Ibyabaye kuri Nebukadinezari Umwami w'i Babiloni, byari bikwiriye kutubera akabarore, bigatuma twicisha bugufi imbere y'Imana ikomeye. Muri **Danieli 4 : 26-27**, Ijambo ry'Imana ritubwira ingene uwo Mwami w'i Babiloni yishimiye ibyavuye mu biganza bye, akishira hejuru, akikubita mu gituza, akihimbaza yumva ari we wabikoze. Ibyamubayeho, n'uko Imana yamuhanantuye ku butegetsi ikamujana mw'ishamba kurisha nk'ibikoko, imyaka irindwi yose, kugeza aho yibukiye ko Imana ari Imana ikomeye, akayambaza akayisaba imbabazi. Kugeza aho

yamenyeye ko ari Imana yamugize kuriya kandi ko ari Yo ishobora kubimukuramo. Imana iyo yakwanitse, ntawakwanura atari Yo ibyikoreye ngo bikunde. Kandi ngo iyo ikinze ntawukingura, n'iyo yakinguye nta wukinga. Imana ikora uko ishaka, isi yose ni iye, n'ibiyirimo byose ni ibye. Imana ibikoresha uko ishaka, n'abantu ikabakoresha uko ishaka. Ikora uko ishaka mu ngabo ze zo mw'isi n'izo mw'ijuru.

Ijambo ry'Imana rero riratubwira uko uwo Mwami byamugendekeye : '' *Hashize amezi cumi n'abiri, Umwami yari i Babiloni arambagira mu rugo i Bwami , aravuga ati : Ngiyi Babuloni hakomeye niyubakiye ngo habe umurwa wanjye nturaho, mpubakishije imbaraga z'a maboko yanjye ngo haheshe ubwami bwanjye icyubahiro . Umwami atararangiza ku vuga ayo magambo, haza ijwi rivuye mw' IJuru riti : '' Yewe Mwami Nebukadinezari, ni wowe ubwirwa. Ubwami bwawe ubukuwemo, bazakwirukana bagukure mu bantu, ubane n'inyamaswa zo mw'ishamba, kugeza aho uzamenyera ko Isumbabyose ari yo itegeka ubwami bw'abantu, kandi ko ibwimikamo uwo ishaka. N'uko, uwo mwanya, iryo jambo risohora kuri Nebukadinezari yirukanwa mu bantu, akajya arisha nk'inka umubiri we utondwaho n'ikime kiva mw'ijuru, kug eza aho umushatsi we wabereye urushoke nk'amoya y'ikizu, inzara ze, zihinduka nk'iz'ibisiga* . **Danieli 4;25-30**

Ibyo, ni ko byamugendekeye imyaka irindwi yose. Imana yamusubije ku ngoma aruko akangutse, agasaba Imana imbabazi akemera ko Imana ari Yo isumba byose, kandi ko ari Yo ishobora byose ko we nta cyo ari cyo.

Imana ntishaka ko hari umuntu n'umwe n'iyo yaba nde, yumva ko hari icyo ari cyo imbere yayo. Imana ishaka ko twese twumva ko ntacyo tubashije imbere y'Imana, ko byose biyiturukaho kandi ko bikorwa na Yo.

Nta muntu n'umwe wari ukwiriye kwiringira muri we ubwe. Byonyine kubona utabasha no kwiha ubuzima, cyangwa ngo ubwiyake, wagomba kwumva ko ukesha byose uwo ukesha ubuzima. Imana ikurema, nta nama yakugishije, no mu gupfa kwawe, nta nama Imana izakugisha. Turi ibibumbano bye, ni yo ifite ubuzima bwacu mu biganza byayo. Ifite rero ubushobozi bwo kutugenza uko ishaka. Ijambo ry'Imana ni ryo riri kutubwira riti : '' *Nta muntu ufite ububasha ku mwuka we kugirango awiyumirize, kandi nta bubasha afite bwo kwimira umunsi wo gupfa. " Muri izo ntambara, nta gusezererwa* ". **Imigani 8:8**

Ku bwacu ntacyo dufite twakwirata kuko tutazi n'ejo hacu hazaza uko hazaba hameze. Nta n'ubwo tuzi nyimba tuzaba tukiriho. Icyo umuntu yakwirata ni kimwe. Ni uko azi Imana, akamenya n'imigambi Imana imufiteho. Rero Imana yo mw'Ijuru ni Yo ishobora byose kandi ni Yo izi byose. Izi ibyabayeho, ibiriho n'ibizabaho, ariko twebwe ntabyo tuzi. Ni cyo gituma natwe nta cyizere dukwiye kwigirira. Umubwiriza yarabyitegereje aratubwira ati :

‘’ *Nuko, nitegereje imirimo y’Imana yose nsanga y’uko umuntu atabasha kugenzura umurimo wose ukorerwa munsi y’Ijuru, kuko n’ubwo umuntu yakwiha kuwumenya atazawumenya, ndetse n’ubwo umunyabwenge yi bwira ko azawumenya ariko ntazawumenya* “. **Umubwiriza 8 : 17**

N’uko rero, umuntu wese agomba kumenya ko ubushobozi bwe, imbaraga ze, ubwenge bwe, ko byose bifite aho bigarukira. Aho bigarukira, ni ho Imana itangirira yuzuza ibitari byuzuye, noneho ikadushoboza muri byose. Ugomba rero kwikuraho amaso, ukiringira mu Mana yonyine. Ugahora ubwira Imana aya magambo Yobu yabwiye Imana ati :“ *Nzi yuko ushoboye byose, kandi ntakibasha kurogoya imigambi yawe yose* “. **Yobu 42 : 2** .

Umugani w’igifaransa uratubwira uti : “ **L’homme propose et Dieu dispose** “. N’ukuvuga ngo umuntu aragambira, ariko usoza imigambi yacu, ni Imana. Ushobora kugambira ibintu byinshi uzakora mu buzima, ariko ugapfa utarabigeraho, kuko imigambi yawe idahuye n’iyo Imana igufiteho. Uko utekereza, si ko Imana itekereza. Ni cyo gituma mu byo dutekereza byose, mu byo tugambira byose, twari dukwiye kugisha inama Imana, kuko ni yo izi ejo hacu hazaza.

Imana ubwayo iratubwira iti : ‘’ *Nimushake Uwiteka bigishoboka ko abonywa, nimumwa mbaze akiri bugufi. Erega ibyo nibwira si byo mwibwira, kandi inzira zanyu si zimwe n’izanjye, ni ko Uwiteka avuga. Nk’uko Ijuru risumba isi, ni ko inzira zanjye zisumba izanyu, n’ibyo nibwira bisumba ibyo mwibwira* ‘’. **Yesaya 55 : 6-9** . Twebwe rero abana b’abantu, dukwiye gushaka Imana ubutitsa, tukayigisha inama muri byose. Uku ni ko kwemera kuyoborwa na Yo, uku ni ko kuyizera. Imana ntishaka ko abana bayo biyobora ngo bigire ibyigenge. Ayo masezerano yo kuyoborwa n’Imana turayafite, Yo ubwayo yarayatwihereye muri aya magambo : ‘’ *Nzakwigisha nkwereke inzira unyura, nzakugira inama, ijisho ryanjye rizakugumaho* ‘’ . **Zaburi 32 : 8** Nitwemera kuyoborwa n’Imana tuzaba amahoro masa, kandi ibyo tuzakora byose bizatubera byiza.

Tugomba rero kwiyambura ibice byose bitugize bishobora kudukura munsi y’ubutegetsi bw’Imana. Na byo ni ibi : Ibitekerezo bibi, ubwenge bwacu n’ imibiri yacu

### A.1. Twiyambura ibitekerezo bibi

Tugomba kumenya ko umuntu nyakuri ko ari ibitekerezo bye kuko ni byo bimu yobora. Iyo afite ibitekerezo bibi akora ibintu bibi. Ariko iyo afite ibitekerezo byiza akora ibintu byiza. Muri **Matayo 15 : 18-20** , Umwami Yesu yarabihamije ati : “ *Ibija mu kanwa si byo bihumanya umuntu, ahubwo ibiva mu kanwa ni byo bimuhuma nya kuko biba bivuye mu mutima. Kuko mu mutima w’umuntu ari ho haturuka ibitekerezo bibi: Kwica no kubeshera abandi, gusambana no guheheta n’ibitutsi, ni byo bihumanya umuntu* “ .

Arongera aravuga muri **Matayo 12 : 34** b ati : " *Ibyuzuye mu mutima, ni byo akanwa kavuga. Umuntu mwiza atanga ibyiza abikuye mu bubiko bwe bwiza, n'umuntu mubi atanga ibibi abikuye mu bubiko bwe bubi*"

Tugomba rero guharanira kugira ibitekerezo byiza mu mitima yacu ari bwo bubiko bwacu. Kandi ikibazo kihari, ni uko tuvukana ibitekerezo bibi. Tuvuka ibitekerezo byacu ku bwa kamere yo kwikunda byerekeje ku binezereza imibiri yacu, noneho bikaba ari byo duhora twipfuza mu mitima yacu . Bidutwara imitima, ibitekerezo byacu bikaba ari byo bishikamaho noneho tukabirarikira. Nk'uko Ijambo ry'Imana muri Yakobo ribitubwira, nkaba narabisobanuye muri cya gitabo cyitwa ngo : '' **Dukizwa n'Ubuntu bw'Imana** '', irari ridushora mu byaha by'ubwoko bwose. Iyo twambaye irari mu mitima yacu, tuba twiyambitse Satani tukiyambura Imana. Iryo rari, ni ryo Umwami Yesu yaje kudukiza. Ariko tuzakizwa ari uko turyiyambuye tukambara Kristo. Tugomba rero gukura ibitekerezo byacu ku byo turarikiye, tukabyerekeza kuri Kristo nk'uko Imana ibidusaba muri **2 Timoteyo 2 : 8** , aho Imana itubwira iti : '' *Ujye wibuka Yesu-Kristo wakomotse mu rubyaro rwa Dawidi akazuka mu bapfuye*. "

Nuhora wibuka Kristo ukamuhoza ku mutima, azatura muri wowe ahore agutekerereza noneho aguhe gutekereza kwe. Ni ho Yesu azabasha kugukuramo ibitekerezo bibi wahorana ugahinduka ugasa na we. Uko ni ko gukizwa. Duki zwa ibitekerezo bibi bya kamere, tukagira ibitekerezo byiza bya Kristo. Uku ni na ko kuba umukristo. Buriya ikindi navuga hano, ni uko igitekerezo gisimburwa n'ikindi. Niwagira ibitekerezo bya Kristo muri wowe, ibya kamere bizakuvamo mu buryo na we udasobanukiwe.

Iyo umaze kwakira Yesu-Kristo, ni we ugomba guhora wibuka, utekerezaho, ha guhoza umutima wawe ku byo wawuhozaho kera utarahura n'Umukiza wawe. Ubundi yakiza umutima ibitekerezo bibi gute utawumurekuriye ? Ka ndi kuwumurekurira, ni ukumurekurira ibitekerezo byawe, noneho akaba ari we ahora agutekerereza. Umwami wacu azanwa mu mutima wacu no guhora tumutekerezaho. Iyo twimitse ibindi mu mitima yacu, Yesu atuba kure, ntabasha kuduhindura. Ikibazo cya benshi n'impamvu bakira Agakiza ntibahinduke, ni uko batabasha kwimura irari bavukanye, ngo bimike Umwami wabo kugirango abe ariwe afata ubuyobozi bw'ubuzima bwabo, ahubwo bagashishikara kurekurira ubuzima bwabo ibyo bararikiye ku bwo guhora ari byo bipfuza.

**Mu Befeso 4 : 22- 24**, Ijambo ry'Imana riratubwira ngo : " *Mukwiye kwiyambura umuntu wa kera uheneberezwa no kwipfuza gushukana , mugahinduka bashya mu mwuka w'ubwenge bwanyu, mukambara umuntu mushya waremewe ibyo gukiranuka no kwera biza nywe n'ukuri nk'uko Imana yabishatse* ". Nukuri, dukwiye kwiyambura ibitekerezo bya

kera, tukambara ibishya bituruka ku Mana, tubihawe no kumenya ukuri ari ryo Jambo ry'Imana tugomba guhozaho imitima yacu mu guhora turyibwira ama nwa n'ijoro.

Mu **Bakolosayi 3 : 1- 4**, Ijambo ry'Imana riratubwira riti : " *Nuko rero niba mwara zuranywe na Kristo, mujye mushaka ibiri hejuru aho Kristo ari, yicaye i buryo bw'Imana . Mujye muhoza umutima ku biri hejuru atari ku biri mw'isi, kuko mwapfuye kandi ubugingo bwanyu bukaba bwarahishyanywe na Kristo mu Mana. Kandi ubwo Kristo ari we bugingo bwacu, azerekanwa, namwe muzaherako mwerekananywe na we muri mu bwiza bwe* " **.**

Rero niba twarakijijwe, umuntu wacu wa kera ari byo bitekerezo bya kamere agapfana na Kristo, tujye duhoza imitima yacu ku by'Ijuru, tuyikure ku by'isi. Ni ho imitima yacu izaturwamo n'Imana, noneho Imana igahisha ibitekerezo byacu mu mutima wayo, bigatuma ari Yo ituyobora kuko ari Yo izaba udutekere reza. Uko ni ko kwimuka nyakuri tukava munsi y'ubutegetsi bwa Satani, tukinjira munsi y'ubutegetsi bw'Imana Ihoraho.

## A.2. TWIYAMBURA UBWENGE BWACU

Igihe cyose tuzishingikiriza ku bwenge bwacu twibaza ko ari bwo buzaduhesha kuba abantu beza tugakizwa tugahinduka tuzaba twibeshe. Mu by'ukuri, Imana ntiyaturemeye kwiyobora, yaturemye kugirango itwiyoborere nk'uko umubyeyi ayobora umwana we. Ibi bitugaragarira mw'**Itangiriro 2 : 7,** aho Ijambo ry'Imana ritubwira ko Uwiteka Imana ko yaremye umuntu mu mukungugu wo hasi, yarangiza ikamuhumekera mu mazuru Umwuka w'ubugingo, noneho umuntu ngo ahinduka ubugingo buzima.

Umuntu amaze kwakira Umwuka Wera w'Imana, yarasigaye ayoborwa na wo atayoborwa n'ubwenge bwe cyangwa abandi bantu nka we. Kuyoborwa n'Umwuka Wera ni bwo bugingo buhoraho kuko uwemera kuyoborwa na wo ntakora icyaha, ahora mu bushake bw'Imana. Uwiteka yashaka ko umuntu ahora mu bushake bwayo. Ni yo mpamvu mw'**Itangiriro 2 : 16,** Imana yahaye itegeko umuntu ryo kutazigera na rimwe arya imbuto z'igiti cyari hagati mu ngobyi . Icyo giti ngo cyari icy'ubwenge bumenyesha icyiza n'ikibi. Imana ibwira umuntu ko umunsi yakiriyeho, ko no gupfa azapfa. Imana yashaka kumwumvisha ko nashaka kwiyoboza ubwenge bwe, azarimbuka kuko ntazabasha kume nya ubushake bw'Imana. Ku bwo kudakurikiza ubushake bw'Imana, ubwenge bwe buzamukoresha ibyaha arimbuke, ni rwo rupfu Imana yavugaga. Umuntu ntiyumviye Imana yakoze ibyo yamubujije noneho ahinduka icyigenge. Ku bwo gukomoka kuri Adamu na Eva, natwe tuvuka turi ibyigenge tutemera gutegekwa n'Imana.

Mu by'ukuri, ikibazo kihari, ni uko ibyo twita byiza kuri twebwe atariko biba ari byiza ku Mana. Abantu benshi usanga imbere yo gukora ikintu bariho bibaza mu bwenge bwabo nyimba ari cyiza cyangwa kibi, bakanibaza bo ubwabo uburyo bwiza bwo kugikora. Barangiza kugirango bumve umutuzo mu nga mba bari gufata, bagashakisha abandi bantu babagira inama. Tugomba kume nya ko ubwenge bw'abantu ko bufite aho bugarukira. Kandi kubera kutamenya kazoza, ntitubasha gusobanukirwa uko ibintu bizagenda mu minsi iri mbere, n'imbogamizi zishobora kuza tutari twarategekanije. Ni cyo gituma Imana idu saba kwiringira muri Yo yonyine ikaba ari Yo tugisha inama muri byose. Tukikuraho amaso, tukayakura no ku bandi bantu.

**Watchman NEE** yaduhaye ingero ebyiri z'uburyo dukora ibyaha tuzi ngo turiho dukora ibyiza kuko tutazi ubushake bw'Imana. Ibi yabidusobanuriye mu gitabo yanditse cyitwa ngo : " **L'Eglise Glorieuse "** ni ukuvuga**,** '' **Itorero rinesha**''

Ingero ya mbere, ngo yahuye n'umuntu amusaba amafaranga, ati njye nabona koko ayakeneye ndayamuha. Ati ariko nahise mbura amahoro. Noneho arasenga abaza Imana impamvu yabuze amahoro kandi we yumva yakoze ikintu cyiza cyo gufasha. Ngo Imana iramubwira ngo Njye sinashaka ko uyamuha. Ngo yasabye Imana imbabazi abona gutuza. Buriya hari n'igihe uwo muntu yasabira ingeso abesha ngo arakenye.

Ingero ya kabiri yaduhaye ngo hari abahungu babiri bari bafite umurima w'umuceri hejuru y'umusozi. Ngo noneho buri munsi bakiririrwa bawuyobore-ramo amazi. Mu kabande munsi y'uwo musozi ngo hariho undi mugabo yari ahafite nawe umurima w'umuceri. Ni ukuvuga ngo igihe cyose abo bahungu bagomerera amazi mu murima wabo, uwo mu kabande yarayaburaga. Noneho agahengera abo bahungu batashe, agahita agenda akayoborera ya mazi mu murima we, akayakura mu murima wa ba bahungu. Baza mu gatondo bagasanga umurima wabo nta mazi akirimo, bagasubira bakayagomera bakicecekera ntihagire icyo bavugisha wa mugabo ubiba amazi. Ibyo bibazo byabo ngo byabaye igihe kirekire, ariko uko guceceka bakamubabarira, ngo ntibyabahesheje amahoro. Bakomeje kwumva babuze amahoro mu mitima yabo.

Noneho ngo begereye umukozi w'Imana bamugisha inama. Arababwira ati : impamvu mutagira amahoro ni uko mwatanze umukenyero, ntimwatanga n'u mwitero. Mwatanze itama rimwe ni ryo uwo mugabo yakubise ariko mwa mwimye irya kabiri kandi Umwami Yesu yaravuze ngo uzakwaka umukenyero, uzamuhe n'umwitero, ati kandi uzagukubita kw'itama rimwe, uzamuhe n'irya kabiri arikubite. **Matayo 5:38-42** .

Abo bahungu bamusabye kubasobanurira kuko batabyumvaga arababwira ati: Guceceka mukamubabarira, ni ukumuha umwitero cyangwa itama rimwe. Mwari mukwiye kugerekaho no kumugirira neza nk'uko Yesu yavuze muri **Luka 6:27-36** ati "*mukunde n'abanzi banyu mubagirire neza".* Ati rero abatugiriye nabi ntitugomba kubabarira gusa, tugomba no kubakunda tukabagirira neza. Uko ni ko kubaha n'umwitero cyangwa itama rya kabiri ngo barikubite na ryo. Ati rero icyabahesha amahoro, ni uko imbere yo gushira amazi mu murima wanyu, muje mubanza muvomerere umurima wa wa wundi, ni murangiza mubone gushira amazi mu murima wanyu, uwe umaze kwuzura. Baragiye babikora gutyo, wa mugabo aje mu gitondo arishima cyane noneho arabasanga arababwira ngo nyimba kuba umukristo ari uko, nanjye mbaye umukristo. Abo bahungu na bo barishima babona amahoro cyane cyane ko uwo bari bahanganye yabahindukiye incuti muri Yesu-Kristo. Iki ni ikikwereka ko uyaba twebwe abakristo twese twagendera mw'Ijambo ry'Imana, twohinduriye benshi ku gukiranuka.

Rero, kuva twarakiriye Yesu-Kristo nk'Umwami n'Umutware wacu, akaba aba muri twebwe, ntabwo tugomba gukomeza kugendera ku marangamutima yacu cyangwa ngo dushishikare kuyoborwa n'ubwenge bwacu, tugomba kwemera gutekererezwa n'Ubuzima bwa Yesu-Kristo buri muri twe imbere. Iyo tugiye gukora ikintu tukumva kiduhesheje amahoro n'umunezero, kiba ari cyiza, Imana iba icyemera. Ariko nubona ugiye gukora ikintu ukumva ubuze amahoro, cyihorere ni yo waba ubona ari cyiza, ntikiri mu bushake bw'Imana. Ubuzima bwacu, tugomba kubwubakira ku buzima buturimo ari we Yesu-Kristo. Mu buryo bufadika, Yesu ni Ijambo ry'Imana. Tugomba rero kwubakira ubuzima bwacu kw'Ijambo ry'Imana. Tugomba guhora tugisha inama Ijambo riturimo.

Ni cyo gituma nkomeza guhugurira buri muntu yahisemo Yesu guhora asha kisha buri munsi kumenya kurusha Ijambo ry'Imana akarihoza ku mutima, aka ryibwira amanwa n'Ijoro. Lero, kumenya Ijambo ry'Imana ni inshingano ya buri muntu yizera Yesu-Kristo. Nyimba ugomba kuba Umwana w'Imana nyakuri, ugomba kumenya Ijambo rye ukarigenderemo, bitabaye ibyo, ushobora guhora wibesha ngo uri uwe utari uwe ukazakorwa n'isoni atari byo wari witeze. Imana yo ubwayo yaranambwiye ngo : "*Abatagira Ijambo ry'Imana muri bo bazarimbuka ", kandi ngo : « Abadasoma Ijambo ry'Imana, si abe,ntibazi, Imana irabihakanye »* Kandi mu by'ukuri ibi birumvikana, ntawayoborwa n'ikitamurimo imbere, ni ukuvuga, ikitari mu bitekerezo bye. Kandi ukuri kose kuri mw'Ijambo ry'Imana. Utarifite, ntazamenya ukuri, ntazamenya ubushake bw'Imana, azazimira.

## A.3 TWIYAMBURA IMIBIRI YACU

Iyo umaze kwakira Yesu, ugomba kurekeraho kuyoborwa n'umubiri wawe. Ugomba guheba ibinezeza umubiri wawe, ahubwo ugahugukira gushaka ibinezeza Imana. Iyo umuntu akiri munsi y'ubwami bwa Satani arangwa no kwikunda, no guharanira ibishimisha umubiri we. Ararya ntahaga, ara nywa ntashira inyota. Inda ye ni yo ashira imbere ya byose. No mu kirundi, iyo umuntu yaterekera abantu inzoga mw'ijambo yakiriza abashitsi be yarababwira ati : " *Muhe umutima, ni wo ushima, ntimuhe inda, inda ni bahomora* ". Inda ntija ishima, ihora ari mpa mpa. Umuntu iyo atarakizwa, umubiri we ni wo uba umuyobora, ni wo uba umukoresha. Ibyo umubiri we wipfuza, ni byo ararikira. Ntabwo abasha gushira umubiri we kuri gahunda, ni wo umushira kuri gahunda yawo. Ntaho lero aba atandukaniye n'igikoko. Aba yumva abereyeho kurya no kunywa, ntaba arishiramo ko arya kandi akanywa kugirango abeho akorere Imana.

Gukizwa rero biragusaba kugenga umubiri wawe ukawuha ibiwukwiriye kugira ngo ubeho, ibindi byose ukabiwima. Imana nta na rimwe yishimira ko imibiri yacu ibatwa n'ikintu na kimwe. Kuko imibiri yacu ni insengero z'Imana, ni ibikoresho byayo. Ni Yo igomba kuyiyoborera. None yayiyobora gute ikibaswe n'irari riyisunikira kwipfuza no gukora ibinyuranije n'ubushake bw'Imana?. Imana yategeka gute umubiri ugitegekwa n'ibindi bintu? . Yategeka gute umubiri ugihemuka, uhemuwe n'ibiryo, n'inzoga, n'ubusambanyi n'ibindi ?. Mu by'ukuri, Imana ntishaka ikintu na kimwe ushira imbere ngo kikugire imbata yacyo. Ntishaka ikintu na kimwe wakwumva ko utakibonye utabaho. Imana ntishaka ikintu na kimwe kigusha ivutu umutima wawe kikaguhahamura, kigatuma uhora ugihangayikiye. Imana ishaka ko ugera ku rugero rwo kwumva ko ubuzima bwawe ko wabweguriye Imana. Ko kubaho kwawe ari Yesu-Kristo.

Imana ishaka ko uba imbata yayo yonyine, ukayoborwa n'Umwuka Wera, ukava munsi y'ubutegetsi bw'umubiri wawe.

Mw'ibaruwa **rya 1 rya Petero 2: 11** , Ijambo ry'Imana riratubwira riti : "*Bakundwa, ndabahugura ubwo muri abasuhuke n'abimukira, kugirango* mwir*inde irari ry'umubiri ry'uburyo bwinshi rirwanya ubugingo*". Irari ry'umubiri rirwanya ubugingo kuko iyo rikuyobora uhinduka icyigenge ugakora ibyangwa n'Imana. Iryo, ni ryo rigusunikira mu cyaha. Icyaha nacyo nta kindi kibyara atari urupfu. Iyo urarikiye ibyo utabasha kubonera mu nzira nziza, uhitamo kwiba, cyangwa ukanicya. Iyo ufite irari ry'inzoga urasinda ukaba wanagwana cyangwa ugatukana, urugo rwawe ukarusambura n'ibindi. Inzoga, zishobora no kugushora mu busambanyi no gukora ibiterasoni byinshi.

Umuntu uri muri kamere, ntaba agenga umubiri we. Hari igihe umukoresha ibyo adashaka, agasigara yicyuza ariko yabikoze. Uri muri kamere, akenshi akora ibinyuranye n'ibitekerezo bye byiza, agatwarwa no guhubuka. Usanga avuga ibisunitswe n'impemu. Ntabasha no kugenga ururimi rwe kuko atagira kwihangana mu mutima we. Umuntu ukiri muri kamere, arangwa n'uburakari , arangwa no kuvuga nabi, arangwa no kwandagaza abandi, arangwa no kubesha, arangwa no gutongana. Umuntu ukimeze gutyo, ntashobora kubana n'Imana kuko atabasha kuyinezereza. Aba akiri uw'isi, aba akiri uwa Satani.

**Abaroma 8: 5** Ijambo ry'Imana riratubwira riti : " *Umutima wa Kamere utera urupfu, ariko umutima w'Umwuka uzana ubugingo n'amahoro , kuko umutima wa Kamere ari umwanzi w'Imana, kuko utumvira amategeko y'Imana, ndetse ntushobora kuyumvira. Erega burya abari mu butware bwa Kamere ntibashobora kunezeza Imana* ".

Iyo tumaze kwakira Umwami wacu Yesu-Kristo, tugomba guhugukira gukoresha imibiri yacu ibyiza, tugomba kurekeraho kwimika ibyaha mu ngingo z'umubiri wacu, tukareka kuzikoresha ibyaha, ahubwo, tukazikoresha ibinezeza Imana. Tugomba kwirinda gukoresha ingingo z'umubiri wacu ibidahesha Imana icyubahiro. Kuko imibiri yacu ari ibikoresho by'Imana, igomba kuba yejeje. Ntabwo bikwiriye ko umubiri wava gusambana, ngo nurangiza uze kubyinira Imana. Ntabwo amaboka yava kwiba, ngo narangiza aze gukomera amashi Imana biyishimishe. Ntabwo ibiganza byaba byuzuye amaraso, ni birangiza biramburwe bihamagara Yesu ngo aze, cyangwa ngo biramburirwe abakene. Ntabwo ururimi rutukana rukwiye kuvuga Ijambo ry' Imana. Ntabwo umunwa ubesha ukwiye gusenga Imana n'ibindi, n'ibindi.........

Kwiyambura imibiri yacu, ni ukuyikura munsi y'ubutegetsi bwa Kamere ya Satani yo kwikunda igategekwa na Kamere y'Imana, ari rwo rukundo. Ntabwo tuba tukigendera mu butware bw'imibiri yacyu, ahubwo tugendera mu butware bw'Imana. Umubiri ukiri munsi y'ubutegetsi bwa Satani urigenga ugakora ibyo urarikiye byose, ariko umubiri iyo umaze kwiyambura Satani, ugendera mu mategeko y'Imana. Pawulo yanditse mu **Baroma 12: 1-2** , ati: " *Nuko, bene Data, ndabinginga ku bw'imbabazi z'Imana ngo mutange imibiri yanyu ibe ibitambo bizima bishimwa n'Imana, ari ko kuyikorera kwanyu gukwiriye. Kandi ntimwishushanye n'abiki gihe , ahubwo muhinduke rwose mugize imitima mishya , kugirango mumenye neza ibyo Imana ishaka, ari byo byiza bishimwa kandi bitunganye*. "
Imibiri yacu rero, igomba kuba ibitambo bizima bishimwa n'Imana. Kuko igo mba gukoreshwa n'Imana iby'icyubahiro. Tugomba kuyirinda kuyikoresha icyaha n'igisa nacyo kugirango Imana yishimire imirimo tuyikorera. Rero, imibiri yacu ntigomba kutugenga, ahubwo, imibiri yacu igomba kugengwa n'Imitima yacu ishikamye muri Yesu-Kristo. Hari abantu bibaza ko gukizwa byoroshye, ariko

si ko biri. Gukizwa, ni ukwiyima, ukima umubiri wawe ibyo wakundaga byari byarawubase. Ni ko kuwiyambura, ntube ukigukururira mu bibi ngo ugutegeke. Ni ukwiyibagirwa, ugashira imbere Imana n'abandi bantu. Ni uguharira abandi. Ni uguhinduka umuhereza, ukarekeraho kuba umuherezwa. Ku bwa kamere yacu yo kwikwegeraho, duhora dushaka guhabwa twebwe atacyo turekura ngo duhe abandi.

Umuntu yiyambuye umubiri, ni uwuhora atekereza ku bandi, agahora ashakisha icyo yaha abandi cyangwa icyo yakorera abandi. Umuntu yiyambuye umubiri, ntaba agihora ari : Njye, njye, ahora atekereza no ku bandi. Umwami Yesu yavuze ko abo ngabo ko ari bo bazabona Ijuru, ni na bo bazaba bakuru mw'Ijuru. Umwami Yesu yabwiye intumwa ze ati : " *Ushaka kuba mukuru muri mwe, aje aba umugaragu wanyu, kandi ushaka kuba uw'i mbere muri mwe, ajye aba imbata yanyu, nk'uko umwana w'umuntu ataje gukorerwa, ahubwo yaje gukorera abandi no gutangira ubugingo bwe kuba incungu ya benshi* ". **Matayo 20 : 26-28**.

Umwami Yesu yarongeye arabitubwira muri aya magambo ati : '' *Munyure mw'irembo rifunganye, kuko irembo ari rigari, ni inzira ijyana abantu kurimbuka ari nini , kandi abayinyuramo ni benshi. Ariko irembo rifunganye, ni inzira ijya mu bugingo iraruhije, kandi abayinyuramo ni bake* ''. **Matayo 7 : 13-14** . Inzira y'Agakiza irafunganye kuko igoye kunyuramo. Ntabwo ari iyo kudamarara, ni iyo kuba maso. Ntabwo ari iyo kwikunda, ni iyo kwitanga. Ntabwo ari iyo kwinezereza, ni iyo kwiyima, ni iyo kunezereza Imana n'abandi bantu.

Ariko kubera ko Yesu aba ari muri wowe, ntabwo wumva biruhije, ahubwo kubera urukundo Yesu agushiramo rwo gukunda Imana, n'amahoro y'umutima aguha, byose ubikorana akanyamuneza n'umunezero. N'ibyo wiyima wumva bitakiri itegeko kuri wowe, bikuzamo nk'ibisanzwe kandi ukabikorana ibyishimo byinshi kuko ari byo usabwa na So ukunda wo mw'ijuru. Ni cyo gituma Imana itubwira ko kuba mu Gakiza nta kigoye kirimo, kiretse utuzuye Yesu. Kuko iyo akwuzuye, ni we ugukoreramo. Wowe, nta n'imbaraga wumva ushiramo. Buriya, umuntu avunwa n'ibyo akorera Imana, bigasa n'aho ari nk'agahato, n'uko ataba arimuka ngo asubire mu rukundo rw'Imana.

Mu by'ukuri ahari urukundo, nta munaniro, nta gucyogora. Uzarebe ibyo umubyeyi akorera umwana we, ni byinshi ariko nta na rimwe yumva bimuremereye, ahubwo abikorana umunezero kuko akunda umwana we. Ibintu byose ukorana urukundo ntabwo wumva bikuremerereye.

Na none Pawulo yaduhuguje Ijambo riri mw'i baruwa yandikiye **Abefeso 5 : 1-5** ritubwira riti : '' *Nuko, mwigane Imana nk'abana bakundwa. Kandi mugendere mu rukundo nk'urwo Kristo yadukunze, akatwitangira kuba ituro n'igitambo cy'Imana n'umubabwe uhumura neza. Ariko, gusambana n'ibyonona byose no kurarikira ntibikavugwe rwose muri mwe nk'uko bikwiriye abera, cyangwa ibiteye isoni, cyangwa amagambo y'ubupfu , cyangwa amashengo mabi kuko ibyo bidakwiriye, ahubwo mushime Imana. Kuko ibi mubizi neza yuko ari nta musa mbanyi cyangwa urarikira, ari we usenga ibigirwamana, ufite ibyo azaragwa mu Bwami bwa Kristo n'Imana* ''.

Imibiri yacu rero, si iyo kwinezereza, ni iyo kwitangira abandi. Si iyo gukoresha ibiterasoni. Imana iri kudusaba kwihana. Ni cyo gituma nasaba buri muntu wese akiri mu bubata bw'umubiri we, umuntu wese ukigengwa na kamere ze zo kunezereza umubiri we, ko yoca bugufi akatura ibyaha bye akihana, agafata ingamba hakiri kare vuba na bwango zo kuvavanura n'icyaha. Inyuma yo kwiyeza, agafata amasengesho y'iminsi by'ibuze ibiri, akiyiriza ubusa, agatakira Imana ikamuha imbaraga zo kudasubira kuganzwa n'umubiri we. Tumenye ko nta gihe tugifite cyo kwiyobagiza, kuko hari n'abagiye kwonwa nk'uko Imana yabitubwiye mu butumwa bwa 2012. Twihute rero, twirinde amagambo nk'aya ngo : **"Reka mbanze, nzaba nihana, nzaba nkora"**. Nitutashiramo ishaka n'umwete, hari igihe twakwicuza atako tukibigira.

Iri Jambo Pawulo yandikiye **Abakorinto** mu gice cya 6 cy'ibaruwa rya **1, : 12-13,** yarababwiye ati : '' *Byose ndabyemererwa, ariko ibingirira umumaro si byose. Byose ndabyemererwa, ariko sinzategekwa n'ikintu cyose. Ibyokurya ni iby'inda, n'inda ni iy'ibyokurya, ariko byose Imana izabitsembaho byose* .''Rero, ibishira bitazahoraho, ntibigomba kudutegeka ngo bihinduke intego y'ubuzima bwacu. Imana, ni yo yonyine igomba kudutegekesha Ijambo ryayo, kuko ni yo izahoraho iteka ryose. Kuzabana n'Imana, ni byo bigomba kuba intego y'ubuzima bwacu. Noneho, tukiyambura ibishobora kudutesha ubugingo buhoraho byose. Twebwe rero nk'abana b'Imana, ntidufite guhitamo gutegekwa n'ikintu na kimwe, waba umubiri wacu, byaba iby'isi cyangwa amaranga mutima yacu. Rero, ntitukemere gutegekwa n'i mbata ziturusha ububata kuko zo ata n'ubwenge zifite. Twemere rero gutegekwa n'Imana yo yonyine. Ni Yo nyene byose, ni na yo izatugenera ibidukwiriye. Kandi tugomba kumenya ko inzira ari imwe yo kubasha kwiyambura ikintu icyari cyo cyose, n'umubiri wacu urimo : *" **Ni ukubikura mu bitekerezo, ukareka guhora witekerezaho, cyangwa utekereza ku byo umubiri wawe wipfuza, ahubwo ugahora utekereza ku Mana no ku bushake bwayo Imana yagaragaje mw'Ijambo ryayo. Kwiyambura ikintu, ni ukugikura mu mutima wawe ku bwo kutaba ukigishikamishaho ibitekerezo byawe".***

## B. KWIYAMBURA ABANDI BANTU

Kwambara umuntu, ni ugufata umuntu nk'ikigirwamana cyawe, ukumva ume nga atakubeshejeho ntabwo wabaho. Ni uguhora umuhanze maso, ukumva gutabarwa kwawe ari we kuturukaho. Iyo wambaye umuntu, ni we uhozaho umutima, ukamuhoza mu bitekerezo byawe, ukamurarikira. Iyo wambaye umuntu, umukunda kurusha uko ukunda Imana. Iyo wambaye umuntu, uramwizera kurusha uko wizera Imana, noneho ugahora ari we wisunga. Iyo wambaye umuntu, ni we ugira icyitegererezo cyawe, agasigara ari we akugenga. Ni we wubaha kurusha uko wubaha Imana, ni we wumvira kurusha uko wumvira Imana. Iyo wambaye abantu, uhora ushakisha gushimwa na bo, ha gushakisha gushimwa n'Imana. Ibi bintu bikunda gushika cyane cyane hagati y'abubakanye, cyangwa hagati y'ababyeyi n'abana babo, hagati y'abakozi n'abakoresha babo. Umuntu akumva gahunda afitanye na wa wundi yashizemo icyizere iza imbere ya gahunda afitanye n'Imana. Ibi kandi birakunda gushika hagati y'abakristo n'abakozi b'Imana. Umuntu ugasanga yiziritse ku mukozi w'Imana nk'aho umenga ni we Gakiza ke, cyangwa ni we wamuhaye Agakiza. Abo ni ba bandi no kwise ngera batabasha kwisengera. Bahora bumva umenga Imana ntibumva, noneho bagahora ari : Nsengera nsengera. Ha kwishakira ubusabane bwihariye n'Imana, bashakisha ababavuganira ku Mana. Abo bantu bashizemo ibyiringiro, babahindukira ibikuta ntarengwa bibatandukanya n'Imana.

Ubundi ugasanga umuntu ku bwo kwizirika ku bandi bantu, Imana yarayibagiwe, nta kibanza igifite mu buzima bwe. Muri byose, yirukira abantu, ni bo atabaza. Nyamara, ibi bintu Imana irabitubuza mu magambo yanditse muri **Yeremiya 17 : 5**, aho Uwiteka atubwira ati : " *Havumwe umuntu wiringira undi muntu akishima amaboko ye mu mutima we akimura Uwiteka. …….* ". Ndetse, no muri **Zaburi ya 146 : 3-4,** Imana iratubwira iti : '' *Ntimukiringire abakomeye, cyangwa umwana w'umuntu wese, utabonerwamo Agakiza. Umwuka we, umuvamo agasubira mu butaka bwe, uwo munsi, imigambi ye igashira* ''.

Mu byukuri, nta muntu n'umwe, n'iyo baba so na nyoko, bakubyaye, bakaba banakubeshejeho, bagomba gusimbura Imana mu buzima bwawe. Ntabwo ari bo ugomba kwizera no gukesha ubuzima bwawe, ahubwo, nta n'ubwo ugomba kuba ari bo wimika mu mutima wawe. Imana ni yo yonyine ugomba gutuza mu mutima wawe. Ni Yo kamara, ni na Yo mwungeri wawe wenyine, nta wu ndi ugomba kwegurira no gukesha ubuzima bwawe. Kuko, n'abo babyeyi ufite, ni Imana yabaguhaye, n'ubushobozi bafite bwo kukurera no kugukuza, ni Yo yabubahaye.

Umunsi Imana yashakira kubakwaka yabakwaka ata n'inama ikugishije. Kandi n'abandi bose wakwubakiraho ubuzima ntibazahoraho, kandi bashobora no kuguhemukira, cyangwa ubushobozi bukageraho bukabura ibyo bagukoreraga ntibabe bakibishobora. Imana irashaka ko ari Yo tugira umubyeyi wacu wa mbere, tukaba ari Yo duhanga amaso yonyine. Ni Yo ifite byose, kandi izahoraho iteka ryose. Nta na rimwe uzayishaka ngo uyibure, kandi nta na rimwe izananirwa kugukorera ibyo uyipfuzaho byose, igihe cyose uzaba ufitanye na Yo imibanire myiza.

Igihe twakira Agakiza, twasezeranije Umwami wacu Yesu-Kristo kumwiyegurira akatubera Umwami n'umutware. Ni ukuvuga ko twemeye kuja munsi y'ubutegetsi bwe we wenyine, akaba ari we atugenga. Umwami Yesu ntashaka na rimwe kudusangira n'umuntu n'umwe cyangwa n'ikintu na kimwe. Arashaka ko uba uwe bwite we wenyine, akakuyoboza Ijambo rye. Umwami Yesu, ntashaka ko uba imbata y'umuntu n'umwe, ashaka ko uba imbata ye gusa.

Kwiyambura abantu rero, ni ukubakuraho amaso, ukayahanga Imana yo yonyine. Ni ugutumbira Imana ukarekeraho gutumbira abana b'abantu. Ijambo ry'Imana riri mu **Baheburayo 12 : 2**, rirabitwumvisha neza riti : " *Dutumbira Yesu wenyine kuko ni we banze ryo kwizera, kandi ni we ugusohoza rwose* ." Imana ni yo yo nyine yo kwizerwa, ni yo rero tugomba gutumbira, tukaba ari Yo duhanga amaso. Mu **Bafilipi naho 4 : 6** , Ijambo ry'Imana rikongera rikatubwira riti : "*Ntimu kagire icyo mwiganyira, ahubwo ibyo mushaka byose, bimenywe n'Imana mubisabiye, mubyi ngingiye mushima.* " Urumva rero, tugomba kwiyambura abantu ku buryo batago mba kumenya n'ubukene bwacu, ngo bamenye n'ibyo twipfuza, ngo babe ari bo dutura ibibazo byacu. Imana irashaka ko ari Yo dusaba yonyine. N'ukuri, ki mwe mu biranga umuntu udakijijwe, ni ugusabiriza. Iyo umaze gukizwa by'ukuri, ufata Imana nk'umubyeyi wawe ukayikunda, kandi ukayigirira icyizere cyinshi, nta mpamvu n'imwe rero yatuma uja kwirigwa wiha amenyo y'abatwenzi usaba abana b'abantu. Ibibazo byacu byose nk'abana b'Imana, bigomba kumenywa na Data wo mw'Ijuru wenyine, ni na we ufite ibisubizo by'ibibazo byacu byose. Na yo abantu, akenshi ni abo kutwumvira ubusa.

Igituma Imana idusaba gukura amaso yacu ku bana b'abantu, ni uko abantu duhinduka, abantu ntidufite urukundo n'ukuri byuzuye, abantu si abera,

nta n'ubwo dufite ubushobozi butagira iherezo. Hari ibyo n'umubyeyi wawe atagushoborerera, cyangwa umuvandimwe wawe ntabashe kuguha ibyo wari umutezeho. Iyo rero wahanze amaso umwana w'umuntu, ntabashe kugukorera ibyo wari umutezeho, havamo inzangano ndetse n'amakimbirane no gusharira hagati y'abantu bahora ari incuti, cyangwa hagati y'abavandimwe, ndetse no hagati y'ababyeyi n'abana babo.

Umuntu kandi yambaye abantu, ni umuntu ukiri imbata y'abantu, ni umuntu utekerererezwa n'abandi, ibyo bamubwiye bikaba ari byo akurikiza. Urya yamubwira kiriya, kikaba ari cyo akora, uwundi yamubwira ikindi, akaba arahinduye. Ni mugabo n'iryo. No mu buzima busanzwe, ni umuntu utagira aho ahagaze. Ajanywa n'ibije, aba ameze nk'agati gahungabanywa n'umuyaga. Aho ukerekeje ni ho gahengamira. Abantu nk'abo, Imana ntibemera, ahubwo ntinabasha kubana na bo, nta n'ubwo yabasha kubayobora kandi bakiyoborwa n'abandi bantu. Kubakoresha hoho ni umugani. Ni abantu batagira ifatiro kubera ko nta Jambo ribarimo. Ni abantu batiringira Imana, biringira abana b'abantu. Imana Yo ubwayo mu butumwa yampaye, haraho itubwira iti : « *Mu kwizera, no mu byo mukora, mugomba kuba abantu badahindagurika. Kandi, ukwo kudahindagurika, muzabihabwa n'imbaraga z'Ijambo ryanjye. Ijambo, ni kwo kuri, iyo ugendera mu kuri, ntabwo uhindagurika* >>. Muri Bibiliya, hari akarorero Imana yaduhaye k'ukuntu Efurayimu atigeze yemerwa n'Imana kuko yiringira mu bana b'abantu, ntiyiteho Imana n'Ijambo ryayo.

Muri **Hoseya 7: 8-9,** Ijambo ry'Imana riratubwira riti : " *Efurayimu yivanze n'andi moko, Efurayimu ni nk'umutsima udahinduwe ugashya uruhande rumwe. Abanyamahanga bamumazemo imbaraga ze kandi ntabizi, ndetse yameze n'imvi z'ibitarutaru ntiyabimenya*"**.** Efurayimu, yivanze n'abanyamahanga badasangiye Imana kuko atamenye Imana ye ngo abe ari Yo akurikira. Ahubwo, yumviye abana b'abantu baba ari bo bamuyobora. Ni cyo gituma bigaragara ko ari umuntu udashitse, udafite kwitekerereza, ahubwo atekerererezwa n'abandi. Ngo ameze nk'umutsima uhiye uruhande rumwe, kandi ngo imvi ze ni urutarutaru, ngo kandi ngo yamazwemo imbaraga kandi ntabizi.

Ni ko abakristo benshi ba none bameze. Kubera kutamenya Ijambo ry'Imana ngo ribe ari ryo bagenderamo, bayoborwa n'abana b'abantu, bayoborwa n'amadini, nayo ayoborwa n'amahame y'abantu. Ugasanga umuntu ni umu nyabyaha, ariko atabizi, akumva ari umwere kubera ko iby'idini rimusaba byose abikora. Yaba ashimwa na Pasteur cyangwa Padiri, akumva bihagije,ahubwo, agahora ari byo aharanira, aho guharanira gushimwa n'Imana.

Muri **Hoseya 7:11-13** no muri **Hoseya 8: 10-12**, Ijambo ry'Imana ritubwira kubera iki Efurayimu yari ameze atyo. '' *Efurayimu ni nk'inuma y'injiji itagira ubwenge, batakira Egiputa, bagahungira muri Ashuri. Bazabona ishyano kuko bayembayembye nkababura. Nibarimbuke kuko bangomeye, nubwo nifuzaga kubacungura barambesheye* "**.** *Efurayimu yiguriye abakunzi . Naho namubwira iby'amategeko yanjye nkageza ku bihumbi icumi, yayareba nk'ikintu cy'inzaduka* '' **.** *Efurahimu , ni umurinzi uheza Imana yanjye : ubukira bategesha inyoni butezwe ku nzira zose, aho umuhanuzi anyura, urwango rwabo ruramukurikirana no mu nzu y'Imana ye*. **Hoseya 9 : 8**

Efurayimu, kubera kutamenya Imana, yishakira ubucuti mu bantu, ni bo bamu twaye umutima. Ibyo bamugiramo inama byose akabifata nk'ihame akaba ari byo agenderamo, azi ngo ni byo Imana ishyaka. Yiringiye abantu ku buryo Ija mbo ry'Imana arifata nk'inkuru y'icyaduka. Ni ko abitwa abakristo benshi bameze. Bazi ko Agakiza ko ari ubutumwa bw'inzaduka kandi ari bwo butumwa nyakuri bwavuye ku Mana. Ntibazi n'uko Imana Yo yonyine ko ari Yo ibahamagarira gukizwa. Muri **Yesaya 45, 22** Imana iratubwira iti : " *Nimumpugukire mukizwe mwa bari ku mpera z'isi mwe*." Abandi ntibazi aho bahagaze ahariho. Barajarajara hirya no hino, aho bumvise umuhanuzi ubahanurira imigisha ni ho birukira, ibyumba by'amasengesho ni byo birigwamo bava muri kimwe baja mu kindi. Ntibakigira n'aho babarizwa. Nyamara ubigisha Ijambo ry'Imana ntibamutega amatwi, na Bibiliya ntiwababaza n'uko isa. Abantu nk'abo bazarimbuka batabizi. Ni cyo kibazo bafite. Bamazwemo imbaraga nka Efurayimu kandi ntibabizi. Bahinduwe nk'intama zitazi iyo zija. Babaye nk'impumyi zirandatwa.

Imana, irashaka ko tugendana ubwenge. Tukamenya Imana tuyimenyeshejwe n'Ijambo ryayo, tutayimenyeshejwe n'abana b'abantu. Irashaka kwihurira na buri muntu ku giti cye. Ni na cyo gituma n'ubu butumwa imana iri kumpa, ibumpana n'amagambo ya Bibiliya tugomba gusoma kugirango tubusobanukirwe neza. Ntacyo tuzireguza, kuko na Bibiliya Imana yahagurukiye kuyitwigisha we wenyine. Jye natangariye Imana cyane n'imikorere ye iratangaje. Tuzireguza iki ?, nidukomeza kurangara, no kwigira ba sindabibazwa na ba ntibindeba?.

Abandi bantu tugomba kwiyambura twabashira mu byiciro 3 :

- **Abatuyobya.**
- **Abo tudasangiye urugendo.**
- **Abatubabaje.**

## B.1. KWIYAMBURA ABATUYOBYA

Tugomba kugendana ubwenge, twirinda abatuyobya, ni ko kubiyambura. Umunyabwenge, ni uzi Imana, akamenya imigambi ye n'intego ze ku buzima bwe akaba ari byo agenderamo. Umunyabwenge, ni uwemera kuyoborwa n'Imana yo yonyine. Imana iradusaba kugendera mu nzira y'ukuri. Kandi iyo nzira, ni Agakiza, Agakiza ni Yesu, kandi ni we Jambo ry'Imana rizima. Umuntu utagendera mu Gakiza ari ryo Jambo ry'Imana, akagendera mu mahame y'amadini, akagendera mu byo abwirwa n'abiyita abakozi b'Imana b'ingeri nyinshi, ntabikengurishe Ijambo ry'Imana yisomeye we ubwe, azayoba. Kuko usanga twigishwa amahame n'imihango y'amadini ha kwigishwa Ijambo ry'Imana, kuko n'abatwigisha bamwe ari byo bazi. Umuntu atanga icyo afite. Ubundi bakatwigisha igice kimwe cy'Ijambo ikindi ntibakidusobanurire, ugasanga turayobye.

Hariho n'abigisha ibijanye n'ibyifuzo byabo, ibijanye n'irari ryabo, ibijanye n'i ntego bo bafite twe tutazi, kandi zinyuranije n'ubushake bw'Imana, ugasanga Ijambo ry'Imana riragoretswe, cyangwa rirahindaguwe, rikoreshejwe uko ritari.

Ni cyo gituma Imana yacu iduhugurira kwisomera Ijambo ryayo. Ryanditse mu rurimi twumva, ryo nyine ubwaryo , ririsobanura, kandi n'Umwuka Wera urahari wo kudusobanurira. Nta nuwasobanura Ijambo nka nyiraryo. None se, warusha Umwuka Wera gusobanura ibye ?.

Ijambo ry'Imana riri muri **Yesaya 3 : 12** riratubwira riti : " *Nyabuna bwoko bwa njye, abakuyobora barakuyobya, bakarimbura inzira zawe unyuramo*" . Imana iratuburira ngo tudakurikira abana b'abantu nk'intama zitazi iyo zija, tugomba kugendana ubwenge. Mu butumwa Imana yampaye kubagezaho buduhamagarira kuge ndana ubwenge, Imana yo ubwayo yarivugiye iti : **"***Birandambiye kubona aba kizwa bubahiriza ibyo Pasteur runaka cyangwa undi runaka ababwiye ariko ntibubahirize Ijambo ryanjye. Ndashaka ko icyitegererezo cyabo ko kiba mw'Itorero ryanjye no muri Bibiliya. Bwoko bw'ubwenge buke, ntimubona ko byose bizakurwaho kiretse Ijambo ryanjye rizamaho iteka ryose?. Lero ntimukizirike ku bizashira, ku magambo atagira umumaro mubwirwa n'abiyita abarokore. Ntimugakurikize imyizerere n'amahame y'Idini runaka, ahubwo, gerageza gukurikiza Ijambo ryanjye. Iryo Jambo ryanjye, rikubiye muri iri hame ko ku bw'urukundo mbafitiye, nabohe rereje Umwana wanjye w'Ikinege. None ku bw'ibyo, mbasabye gukundana, kuko Ijambo ryanje ri-kubiye mu murimo umwe wo gukunda. Mwuzure urukundo ni rwo ruzabashoboza byose kuko mu zababarira, muzagira impuhwe, mufasha abandi kandi muzabakorera mubatabare . Mu by'ukuri, mu Rukundo ni ho habonekera Ubwiza bwanjye n'Ubumana bwanjye bwuzuye. Ntimukabeho mu buzima bwo kwizirika ku mahame yo muri ino si abakandamiza, hanyuma bigatuma mutekereza ko kubana nanjye ko bigoye kandi ko harimo imibabaro. Hamwe nanjye nta mibabaro iriho. Kuko ni ubuzima bwuzuye bw'urukundo hagati yawe nanjye. Nyimba wumva kuri wowe kunkurikira bikugoye, banza ufate umwanya wibaze nyimba uriho ukurikira njyewe cyangwa abantu mu myemerere yabo. Mube abaziranenge, cyane cyane mube abanyabwenge mu kwizera no mu byo mukora byose***"**.

Rero, iyo udateze amatwi Imana, uba utega amatwi abantu nka we, uba utega amatwi amadini, cyangwa ukaba utega amatwi Satani. Ibyaribyo byose muri runo Rwanda, nta n'umwe udasenga Imana. Kuba tudakizwa, nk'uko Ijambo ry'Imana ribidusaba, n'uko tudashakisha kumenya Agakiza nyakuri duhishu rirwa n'Ijambo ry'Imana, ahubwo tugakomeza kwisunga no gukurikiza ama-hame n'imihango y'amadini. Ha kuba abayoboke ba Yesu, tugahinduka aba-yoboke b'Idini. Abayoboke ba Pasteur, abayoboke ba Padiri, ba Musenyeri se. Mwagira icyo muharira n'umuntu, ukumva ha kukubwira ibyo Ijambo ry'Imana rivuga, ukumva ngo, reka uko si ko Padiri yabitubwiye, si ko Pasteur yabivuze.

Rero, n'ikintu kibabaje Imana cyane, kandi kiri kugaragara mu byo Imana itubwira muri ino minsi, n'uko twumvira abantu kurusha uko twumvira Imana. Nyamara tugire ubwenge. Nta dini rijana abantu mw'Ijuru, na ryo ntirizajayo, kandi nta muntu n'umwe wakugezayo atari nyiraryo ari we  Yesu-Kristo.

Nabaha urugero rw'inkuru y'umugabo Imana yeretse ko ashobora kuja mu muriro nakomeza gukurikiza inyigisho z'umushumba we. Iryo yerekwa naribonye kuri video. Hari umugabo yari umuyobozi w'abaririmbyi mu rusengero yasengeragamo.

Ngo akaba umugabo yitanga cyane, agahora atunganya ibiterane, ngo n'ibyuma chorale yabo yakoresha ni we yari yarabiguze ku giti cye. Ariko ngo ibyo byose yabikorana ubusambanyi, agahora aca inyuma umugore we. Umunsi umwe, ajya ahantu mu giterane. Noneho ngo umukozi w'Imana wabwirije asobanura ku cyaha, aranababwira ko nibatihana ibyaha byabo ko bazarimbuka. Noneho iryo Jambo rimukubita ku mutima kuko yarazi ko ari umunyabyaha. Yaratashe ageze mu rugo atelefona umushumba we ha gufata Bibiliya ngo arebe icyo Ijambo ry'Imana rivuga ku byaha, atangira kumubaza nyimba ibyo uwo muvugabutumwa yavuze ari byo.

Uwundi aramubaza ngo uwo muvugabutumwa mwumvise yarize amashule ayahe ? Ngo ese yarize Theologie ?  ati simbizi yavuga ko ari umuvugabutu mwa gusa. Pasteur aramubwira ati: "Abo bantu batize bazabayobya". Wowe ba utega amatwi ibyo nkubwira bibe ari byo ukurikiza. Aramubwira ati :  Wowe uri umwana w'Imana ukundwa cyane, uritanga mu rusengero, ukorera Imana mu buryo butangaje. Ati kandi iyo wakiriye Agakiza uba ukijijwe ibyaha byose wakoze n'ibyo uzakora, ati ibyo byo kwihana rero sinzi iyo abantu babikura. Uwo mugabo yariho agwana n'umutima ngo yihane, noneho yumvira umushumba we, ahita asubira gushaka ya ncoreke ye. Ageze mu nzira agira impanuka arapfa. Apfuye, umubona imbere y'Umwami Yesu n'umuriro ugurumana inyuma ye. Umwami Yesu amubwira ko umugabane we ari mu muriro utazima kuko atihanye ubusambanyi bwe.

Uwo mugabo abwira Yesu ati : Njye Pasteur yambwiye ko ntagomba kwihana ko ibyaha byose twabikijijwe kuko twakiriye Agakiza. Ati kandi urabizi Yesu ko nagukoreye byinshi. Ibuka ko nayobora chorale, ngakoresha ibiterane byinshi abantu bagakizwa, n'ibyuma ni njye wabiguze. Yesu aramubwira ati ibyo  byose wakoze ntibyagukiza, icyari kugukiza cyonyine ni ugukiranuka. Ati kandi Ijambo ryanjye rirababwira ngo : " *Mwaturanire ibyaha byanyu musengeranire kugirango mukizwe*".  **Yakobo 5 : 16**  Rikongera rikavuga riti : Hahirwa abapfa bapfira mu Mwami.  **Ibyahishuwe 14 : 13**

Ati none, wapfira muri njye gute uri umusambanyi utigeze wihana ?. Wa mugabo aramubwira ati : noneho kuko ari wowe ubimbwiye ndabyumvise, mbabarira nsubire mw'isi sinzasubira ahubwo nzamamaza ubutumwa nyakuri bwo kwihana. Umwami Yesu aramubwira ati ntibigishoboka. Ni ho ubona uwo mugabo ajugunywe mu muriro agenda avuza induru nyinshi cyane.

Twibuke ko mu bagenewe ubutumwa bw'Imana nashize ahagaragara muri cya gitabo nise ngo : "**Gukina birarangiye** " ko harimo abayobya abandi ndetse n'abayobwa ku bwo gukurikira abandi nk'impumyi. Imana ni yo yivugiye iti :

- Ubu butumwa bugenewe na none ababesha ubwoko bwanjye
- Bukagenerwa ubwoko bwanjye bubura ubwenge bwo kunshaka.
- Bugenewe abatazi uko bangeraho kuko babeshwe
- Munsenge nzabihishurira. Nimusome Ijambo ryanjye, muzamenya ibinezeza.
- Ndi kubwira Abapasteurs bayobya abantu batigisha Agakiza, batigisha kwihana, batigisha njye mu byukuri, ahubwo babesha abantu babigisha imihango y'abantu.

Imana rero, yihagurukiye kutwiyigishiriza ngo tudashishikara kuyoba. Umuntu wese, yarakwiye kugira ishaka ryo kubona icyo gitabo maze kuvuga. Ni cyo gikubiyemo ubutumwa bwose Imana yampaye. Uzakwisomera ubwo butumwa bwose n'imirongo ya Bibiliya Imana yabumpanye, nzi neza ko buzamufasha nk'uko nanjye bwamfashije kwegera Imana no kwisunga Imana kurusha, nkava inyuma y'abana b'abantu. Gira umwete n'ishyaka, ubu butumwa bw'Imana ni ubugenewe kuneshereza abazabwitaho bose.

Kwisunga Umwami Yesu we nyine, ni byo by'ingenzi. We ubwe, yaratwibwiriye ati : " *Ni jye mucyo w'isi. Unkurikira ntazagenda mu mwijima na hato, ahubwo azaba afite umucyo w'ubugingo* " . **Yohana 8:12** .

Ni Umwami wacu Yesu-Kristo wenyine tugomba gukurikira akatubera umuyobozi, abandi bose bashobora kutuyobya. Gukurikira umwana w'umuntu ukaba ari we ugenderaho, ni ukwigerezaho, kuko iyo ahirimye, uhirimana nawe. Icyo abakozi b'Imana bagomba gukora, ni ukutwigisha inzira yo kugera kuri Yesu tukinjira mu busabane na we bwihariye.

Aha nagirango mbakangurire kugira ishaka ryo guhora mu busabane bwihariye na Yesu-Kristo. Umwami wacu Yesu-Kristo, ni Umwuka, ntabwo akiri muri ino si ku bwo umubiri, oya, ni ku bwo Umwuka we Wera. Ni cyo gituma dusabanira

mu mitima yacu, ni ukuvuga ko mu buryo bufadika, dusabanira mu bitekerezo byacu. Umwami Yesu arashaka ko umuhozaho ibitekerezo byawe, mu guhora uganirira na we mu mutima wawe, ukongera ukagira ibihe birebire byo gusenga no gusoma Ijambo ry'Imana wihereranye na Yesu wenyine. Aho, ni ho Umwami Yesu abonera umwanya wo kukwiyereka, wo kukwihishurira, wo kukwiyigishiriza, no kukwambika imbaraga ze, ari wo Mwuka Wera. Uwo Mwuka Wera, ni we uhorana na twe ukatuneshereza mu byo tunyuramo byose.

Ibihe byihariye byo gusabana na Yesu-Kristo, ni iby'igiciro cyinshi imbere ye, kuko ni byo bimwereka urukundo umukunda uko rungana. Buriya uwo ukunda, uhora wishimira kugumana na we. Muri **Luka 10 : 38-42**, ibya Marita na Mariya, bitugaragariza agaciro Yesu aha ubusabane bwacu na we. Muri cya gitabo na cyo yandikishije umugaragu we Suzane Davis cyitwa ngo : "**Ubugeni bw'Umwana w'Intama**", mu gice cyaho cya kabiri, agaragaza agaciro k'ubusabane hagati ye natwe. No mu gice cyacyo cya 7, Yesu agaragaza ko ku munsi w'Ubugeni bwe, ku meza azakiriraho umugeni we, buri wese azabona impano ijanye n'ibihe birebire yamaranye na Yesu akiri mw'isi. Musome na Zaburi ya 91, murabona inyungu zo guhorana n'Uwiteka Imana yacu.

Rero, biragaragara ko Imana yiteguriye kutwiyigishiriza no kudutabara muri byose, igihe cyose tuzayiba bugufi tugasoma Ijambo ry'Imana. Icyo abakozi b'Imana bagomba kudufasha cyane cyane, ni ukudusobanurira umumaro w'Ijambo ry'Imana, bakaridukundisha, bakaduhugurira kurisoma no kwemera kuyoborwa na ryo. Bagomba kwirinda guhindura abakristo abayoboke babo ha kubahindura abayoboke ba Kristo ari we Jambo ry'Imana.

Nja mbabazwa n'uburyo twayobejwe n'amadini. Abenshi, tuba no mu madini yiyitirira Kristo, ariko ntitumenye Agakiza, ntitumenye Yesu by'ukuri, ngo tumenye uburyo tumugeraho, uburyo twimukira iwe tukabana nawe, ahubwo bakamutwigisha nka harabaye, tukamwumva nk'amateka.

Pawulo yandikiye Timoteyo aramubwira ati : " *Kandi abantu babi n'abiyita uko batari bazarushaho kuba babi , bayobya, bayobywa. Ariko wehoho, ugume mu byo wize ukabyizezwa, kuko uzi uwakwigishije, kandi uzi ko uhereye mu buto bwawe ko wamenyaga ibyandistwe byera bibasha kukuzanira Agakiza gaheshwa na Kristo Yesu. Ibyanditswe byera byose, byahumetswe n'Imana kandi bigira umumaro wo kwigisha umuntu, no kumwemeza ibyaha bye, no kumutu nganya, no kumuhanira gukiranuka kugirango umuntu w'Imana abe ashitse akore imirimo myiza yose* " . **2Timoteyo 3; 13-17**.

Kumenya Ijambo ry'Imana ni ingenzi ku buzima bw'Umuntu uwariwe wese. Kuko Ijambo ry'Imana nk'uko Pawulo yabivuze, ni ryo rituzanira Agakiza, kuko ni ryo riduhindura mu bitekerezo, noneho rikatuyobora mu kudukuramo imitekerereze ya kera rikaduha imitekerereze mishya ituruka ku mana. Ni ryo ritwe rekeza mu nzira y'ukuri izatugeza iyo tuja. Kuba iryo Jambo tutaryitayeho, bi babaje cyane Imana. Ntacyo itakoze kugirango ituyobore, ariko turayobye tu zize kwiyobagiza.

Ijambo ry'Imana rirabitubwira neza muri **Yesaya 9: 12- 16,** riti: "*Ariko, Abantu ntibagarukiye uwabahanye, kandi ntibashatse Uwiteka Nyiringabo. Nicyo kizatuma Uwiteka acira Istraeli umutwe n'ikibuno, inkindo n'imiberanya icyarimwe. Umugabo mukuru w'icyubahiro ni we mutwe, n'umuhanuzi wigisha ibinyoma ni we kibuno. Abayobora aba bantu barabayobya, kandi abo bayoboye bararimbuka. Bizatuma Uwiteka atishimira abasore babo, ye kubabarira imfubyi zabo n'abapfakazi babo, kuko umuntu wese asuzugura Imana akaba ari inkozi y'ibibi, kandi akanwa kose kavuga ibinyabapfu. Nyamara, uburakari bw'Uwiteka ntiburashira, ahubwo, ukuboko kwe kuracyabanguye*.

Rero, abantu bagarukiye abantu nkabo ha kugarukira Imana. birukanka inyuma y'abana b'abantu, ni bo bayoboka ha kuyoboka Imana. Abo ngabo bagiye kurohamana n'abo bisunze nibatareba neza. Ha gutega amatwi ibyo Imana itubwira, abenshi barabipinga, bakumva ko ibyo bahugurirwa n'abana b'abantu ko ari byo kuri. Nyamara, tumenye ko Imana yanga agasuzuguro kandi tumenye ko Imana ari Imana ifuha. N'ubu butumwa, hariho abariho babupinga bameze nka Efurahimu, bumva ari ubutumwa bw'inzaduka. Nyamara, jye ndababurira ka ndi ndababwiza ukuri ko bugiye kuducira urubanza. Ari njye ubuvuga, ari mwe mububwirwa, nitutabutega amatwi, ngo tubwitondere kandi twihane tugarukire Imana, kurimbuka kwacu kurihuse, n'iminsi mibi idusohoreyeho kubera kwina ngira kwacu, ubwibone n'agasuzuguro dusuzugura Imana.
Muri **Nahumu 1; 2** ; Ijambo ry'Imana riratubwira riti: *"Uwiteka ni Imana ifuha kandi irahora, Uwiteka arahora kandi agira uburakari bwinshi, Uwiteka ahora ababisha be, kandi abanzi be ababikira umujinya".*

Abanzi be, ni abanze gutegekwa na we, bakanga kumenya amategeko ye no kuyagenderamo, bagahora birukanga inyuma y'abana b'abantu n'amadini ha gukurikira Imana. Abo ngabo, bagiye kubona ishyano. N'Umwami Yesu ya ravuze ati : " *Kandi ba banzi banjye batakunze ko mbategeka, ni mubazane mubicire imbere yanjye* ". **Luka 19: 23**. Ariko, abemeye kwiga Ijambo rye, bakamenya Imana, bakemera no kuyoborwa na ryo, bagiye kugubwa neza. Umwami Yesu ngo araje gukoza isoni no guhemba. Kandi buri wese azasarura ibyo yabibye.

Rero, Imana, nta wundi muyobozi yaduhaye, nta muntu numwe cyangwa idini na rimwe yaturagije, yaturagije Yesu, ni we ugomba kutwiyoborera. Umwami Yesu yaratwibwiriye muri Yohana 10 ko ari we Mwungere mwiza. No muri **Yohana 14 : 6** atubwira ko ari we nzira n'ukuri n'ubugingo ko ntawuzagera kwa Data atamujanye. Amadini, ni aho tubarizwa. Yesu arashaka ko tuba mu bikari bye tukagendana na we. Tugomba kuba abanyamakenga, tukagenzuza byose Ijambo ry'Imana.

Uzisunga Imana, akisunga n'Ijambo rye, azakizwa, kandi Imana izamuneshereza. Ariko tumenye neza ko Imana itaneshereza abaneshwa. Ntineshereza abatari kumwe na Yo, ntineshereza abatayiyoboka, abatayumvira bazaneshwa. Muri **2 Petero 3: 16 -18**, Ijambo ry'Imana riratubwira riti: .

" *Mumenye yuko kwihangana k'Umwami wacu ari Agakiza nk'uko mwene Data Pawulo yaba ndikiye abwirijwe n' ubwenge yahawe, ndetse no munzandiko ze zose, yavuze ibyerekeye ibyo. Icyakora, zirimo bimwe biruhije gusobanukirwa, ibyo abaswa bahindagura bagoreka, nk'uko bagira ibyanditswe bindi bakizanira kurimbuka* **".**

Mu **Befeso 5 : 6** Ijambo ry'Imana riratubwira riti :**"** *Ntihakagire umuntu ubohesha amagambo y'ubusa, kuko ibyo ari byo bizanira umujinya w'Imana abatayumvira***"***.*

Rero, amagambo y'ukuri yo kutuyobora arahari muri Bibiliya, ni cyo gituma Imana ibabazwa cyane no kubona uburyo twumvira abantu kurusha uko tuyu mvira nk'uko twari twabivuze. Lero, ni yo yaba nde, ntimukemere ibyo ababwira bihushanije n'Ijambo ry'Imana. Kugorekwa kw'Ijambo ry'Imana kugaragara mu madini, ni ko kwabujije abantu gukizwa. Nyamara, ari abagoreka iby'Imana, ari n'abemera kuyoborwa nk'impumyi nk'aho umenga ntibazi gusoma no kwa ndika, bose bazabibazwa. Ntacyo tuzireguza. Nyamara, abiyita abanyabwenge benshi bo muri ino si, bagiye kurimburwa no kutitaho iby'Imana.

Muri **1 Abakorinto 7: 23**: Ijambo ry'Imana riratubwira riti : " *Mwacungujwe igiciro, nuko lero ntimukabe imbata z'abantu. Bene Data, umuntu wese abane n'Imana ameze uko yari ameze agihamagarwa*". Rero, tube imbata z'uwatumeneye amaraso, ni na we udukunda kurusha bose, tureke gukomeza kuba imbata z'abantu ni z'amadini. Tuve mu madini tuje mu Gakiza nyakuri. Kandi gukizwa ni uguhinduka, ni ukuba abakiranutsi. Mu by'ukuri idini ritakwigisha Agakiza ngo riguhugurire gukizwa, ntacyo riba rikumariye.

Iyo dusubije amaso inyuma tukareba abatubanjirije banesheje bagakomera imbere y' Imana, ni abantu bagiye bahagarara kw'Ijambo bavuganye n'Imana, ni abantu batava kw'izima y'intego yabo, ni yo yaba nde, ni yo yaba Umwami

ushaka kubayobya, ntibamwemereye. Twibuke Moridekayi, yanze gupfukamira Hamani . Uyu yari umukuru w'ingabo ari n'igisonga cy'Umwami. Kandi Moridekayi uwo, yari umuzamu wo kw'irembo ry' Umwami. Naho yari asuzuguritse ari n'umunyagano, yaravuze ati : Sinshobora gupfukamira umwana w'umuntu, nzapfukamira Imana yanjye yonyine. **Estelle 3, 5,6,7,8,9 na 10** Twibuke Danieli uburyo yatawe mu rwobo rw'intare, kuko yanze gupfukamira ikigirwamana cy'Umwami. Ibi turabisanga muri **Daniyeli 3.** Abo bose Imana yarabatabaye. Ariko, abantu bose basuzuguye Ijambo rye bagakorera abantu n'izindi mana , bakaba ari bo bayoboka, bakuweho icyizere n'Imana barari mbuka.

Twibuke Sawuli wakijije Agagi umwami w'abamereki n'ibitungwa bibyibushe kandi Imana yamubwiye kurimbura byose, akaja ku mosha y'ingabo ze. Ntiyahuye n'akaga agakurwa ku ngoma, amaherezo akicwa nabi ?. **1 Samweli 15:28**

Twumvire Imana, dukurikize Ijambo rye, n'ayo ahandi hoho, tuzasumirwa n'uburakari bw'Uwiteka. Imana nimara kwicuza icyatumye iguha Agakiza uziboneraho. Ntugakomeze gukinisha Agakiza, isarura rirageze, urukungu rugiye gusobanurwa mu masaka. Wihangane utazaba urukungu. Umuntu wese ni yisuzume yihane, yisubireho, avavanure n'ubunebwe, n'ikintu cyose kimubuza kumenya Ijambo ry'Imana. Nta kintu na kimwe mw'isi kirusha agaciro gushaka Imana, kuyimenya no kuyikiranukira. Nta na kimwe kirusha agaciro ubugingo bwawe. Ibaze ko Imana yarinze itanga Umwana we w'ikinege ngo abambwe ku bwawe. Na we, tekereza ku gaciro Imana iha ubugingo bwawe, na we urwanire kuburokora, ureke kubwanjanjwaho.

Ndi kubinginga nshimitse kuko iby'isi bigiye kurangira. Ndi kubingingana umubabaro mwinshi kuko benshi bagiye gutaha batabonye umwanya wo kwiyunga n'Imana. Abo ngabo ntibazabona mu Maso y'Umuremyi wabo. Ako, ni ko kaga kabi kandi gakabije kaziye abatumvira Imana.

Nakwanzura kuri kino gice mvuga ko dukwiye kwiyambura abantu, mu kurekeraho kubahanga amaso, ndetse no kureka kwemera kuyoborwa n'abo bose batuyoboza cyane cyane imihango n'amahame y'amadini. Tugomba guhanga amaso Imana yo yonyine, kandi tukemera kuyoborwa n'Imana yo yonyine ituyoboza Ijambo ryayo. Ijambo ry'Imana ni ko kuri, kandi ukuri kwonyine ni kwo kuzatubatura ku cyaha: **Yohana 8:31-58**

## B.2. Kwiyambura abo tudasangiye urugendo

Gutandukana n'abo tudasangiye urugendo, ni ukureka gukomeza ubusabane n'ubucuti hagati yawe n'abakiri mu bundi bwami, ukareka kugendana nabo no gukorana na bo ibyo mwakoranaga kera. Gukizwa, gusaba guhindura na gahunda zawe, kugira ngo winjire muri Gahunda z'Imana. Gukizwa lero, nta mikino irimo. Imana mu Butumwa yampaye, haraho na Yo yatwibwiriye iti :

"*Muhamagariwe gusa na So wo mw'Ijuru no kwitwara nka we ". Mukivangura n'abo mudasangiye urugendo , ahubwo mukivanga na Yesu-Kristo* " . Tugomba rero twebwe ubwacu kwisuzuma, tukamenya uko duhagaze mu Gakiza. Ese twarivanguye n'abo tudagihuje ubwami cyangwa turacivanze ? Ni wowe wo kwiyishura ukamenya ingamba ufata.

Umwami wacu Yesu-Kristo we yakoresheje ijambo gutandukana nabo, kugeza n'aho tugomba gutandukana n'abavandimwe bacu, n'ababyeyi bacu, tugatandukana n'abo twubakanye bakiri mu bundi bwami, tugatandukana n'abana bacu kugirango dufatanywe n'Umwami wacu Yesu-Kristo. Hano gutandukana, ndashaka ko mutabyumva nabi. Gutandukana, nta bwo ari ukwangana, kuko tugomba kurushaho gukunda abacu na cyane cyane abatarakizwa kugirango tuberere imbuto, na bo bakizwe. Gutandukana, ni ugutandukanira mu mitekerereze, mu mikorere, ndetse no mu mivugire, mu ngamba dufata no muri za gahunda zacu.. Ni ukuva muri za gahunda zidahesha Imana icyubahiro, zimwe twasangira n'incuti zacu za kera . Hari n'abiyita abakristo kandi babeshya, baturyarya, bakora ibiteye isoni byangwa n'Imana. Abo bose, ni ukubatera umugongo.

Pawulo, ni we wandikiye Abakorinto arababwira ati : Kandi na twe uno munsi, nitwe turi kubwirwa. Yaravuze ati :"*Nabandikiye muri rwa rwandiko ko mutifatanya n'abasambanyi. Ariko, sinavuze ko mudaterana rwose n'abasambanyi bo mu b'iyi si, cyangwa abipfuza ibibi, cyangwa abanyazi, cyangwa abasenga ibishyushyanyo, kuko iyo biba bityo mwari mukwiriye kuva mw'isi. Ahubwo, none, nabandikiye ko mutifatanya n'uwitwa mwene Data, niba ari umusambanyi cyangwa uwipfuza ibibi, cyangwa usenga ibishyushyanyo, cyangwa utukana, cyangwa umusinzi, cyangwa umunyazi, umeze atyo, ntimugasangire na we*". **1Abakorinto 5 : 9-11** Hano kandi, gusangira, ntabwo ari ugusangira ibiryo cyangwa ibinyobwa. Icyo Imana itubuza, ni ugufatanya na bo mu gukora ibibi.

Ibyo rero biradusaba kutagira umuntu n'umwe, ni yo yaba uwo twubakanye, cyangwa incuti magara, dufataho icyitegererezo atari Yesu-Kristo. Tugomba kumenya ko nta muziranenge abaho atari Imana, ni yo yaba umukozi w'Imana umeze ate.

Ni cyo gituma Ijambo ry'Imana ritubwira riti "*Nuko, mwigane Imana nk'abana baku ndwa, kandi mugendere mu rukundo nk'urwo Kristo yadukunze. Ntihakagire umuntu ubohesha amagambo y'ubusa kuko ibyo ari byo bizanira umujinya w'Imana abatayumvira. Nuko, ntimugafatanye na bo kuko kera mwari umwijima none mukaba muri umucyo mu Mwami wacu. N'uko mugende nk'abana b'umucyo, kuko imbuto z'umucyo ari ingeso nziza zo gukiranuka n'ukuri. Nuko, ntimukifatanye n'imirimo y'ab'umwijima kuko ibyo bakora rwihishwa biteye isoni no kubivuga*". **Abefeso 5: 1 - 12**

Nta muntu n'umwe Imana itubwira ko ashobora kutubera icyitegererezo, ni Yesu wenyine kuko ari nawe waturemye mw'ishusho ye, akaducunguza amaraso ye. Dusabwe kutemera kwoshwa n'abatuyobya, kandi dusabwe kwitandukanya n'abakigendera mu mwijima. Ni ukuvuga abakiri mu byaha batarakizwa, ari bo bakiri munsi y'ubundi bwami.

Ijambo ry'Imana riri mu **2 Abakorinto 6 : 14 -17** riratubwira neza riti: ''
*Ntimukifatanye n'abatizera mudahwanye. Mbese gukiranuka no gukiranirwa byafatanya bite? Cyangwa umucyo n'umwijima, byabana bite ? Kandi, Kristo ahuriye he, na Beliyali , cyangwa, uwizera n'utizera bafitanye mugabane ki ? Mbese urusengero rw'Imana, rwahuza rute n'ibi shyushyanyo bisengwa, ko turi urusengero rw'Imana ihoraho ? Nk'uko Imana yabivuze iti : '' Nzatura muri bo, ngendere muri bo. Nzaba Imana yabo, nabo bazaba ubwoko bwanjye. Nuko, muve hagati ya ba bandi, mwitandukanye, ni ko Uwiteka avuga*.

Biradusaba kandi kutagandukira umuntu n'umwe udukoresha ibinyuranije n'amategeko y'Imana, cyangwa ushaka kutuvana mu nshingano Imana yaduhaye. Twatanga urugero kuri Yozefu: "Uwo musore yanze kuryamana na nyirabuja. Inkuru za Yosefu, ndumva abenshi bazizi, ko yari Umwana w'Umuheburayo, yaguzwe n'igisonga cy'umwami wo muri Egiputa, arangije amubera umuja. Ariko ngo yari umugaragu mwiza kandi akagira umugisha mwinshi, ku buryo shebuja, yahavuye akamwegurira ibyo yaratunze byose ngo abe ari we ugenzura ibyo mu rugo rwe rwose. Kandi, ngo yari umusore mwiza, ku buryo nyirabuja yamwifuje, ashaka kumufata ku ngufu ngo baryamane, uwundi aramuhakanira aramubwira ati : " *Dore Databuja ntagenzura ibyo mubikiye byo mu rugo. ….. Muri uru rugo, ntawurundutamo, kandi ntacyo yasize ngo akinyime keretse wowe, kuko uri umugore we. None, nabasha gute gukora icyaha gikomeye gityo, ngacumura ku Mana*?. **Itangiriro 39 : 8-9.**

Naho, uwo mugore yari nyirabuja, Yosefu, ntiyamwemereye ko amushora mu byaha kuko yubaha Imana kurusha uko yubaha nyirabuja, naho ari we wari umutunze. Yarazi ko namwangira ashobora kumugirira nabi, kandi, ni ko byagenze, yaramufungishije. Yosefu yaremeye arafungwa ha kuva ku Mana

ngo yivange na nyirabuja. Natwe, uno munsi Imana irashaka ko dushikama mu Gakiza, ntitube ba mugabo n'iryo ngo hagire uduhendesha ubwenge bwe, cyangwa ngo adukoreshe ibinyuranije n'ibyo Imana ishaka kubera ko adufiteho ubutware cyangwa ubutegetsi. Ndetse n'iyo yaba hari inyungu ari gushira imbere yacu, ntitugomba guhemukira Imana ku bw' ibihembo uko byaba bingana kose. Ni yo yaba ari uwo twubakanye, ni yo yaba ari umubyeyi wacu. Imana, ntishaka ko hagira umuntu n'umwe twumvira kurusha uko tuyumvira. Ngo hagire umuntu n'umwe dutinya cyangwa ngo tumwubahe kurusha uko dutinya n'uko twubaha Imana.

Imana iratwihanangiriza muri **Yesaya 51 : 12- 13** iti : " *Uri muntu ki, yewe utinya umuntu kandi azapfa, ugatinya n'umwana w'umuntu uzahindurwa nk'ubwatsi ?, ukibagirwa Uwiteka yakuremye ari we wabambye ijuru agashiraho imfatiro z'isi, maze ukiriza umunsi watinye uburakari bw'umugome butwaye iki* "?. Abo tudasangiye urugendo, ntibago mba gutuma dusubira inyuma mu Gakiza kacu ku bwo kubatinya n'iyo baba ari abanyacyubahiro bameze bate.

Mu gihe cya Nowa, Imana ijya kurimburana isi n'abo yari yariremeye, ni uko abana b'Imana, abo yari yaratoranije ngo bamubere ubwoko, bivanze n'aba nyamahanga, abo Bibiliya yita abantu. Buriya, tujye dutandukanya ibintu. Hari abana b'Imana n'abantu b'Imana. Twese twaremwe n'Imana, ni cyo kitugira abantu b'Imana.  Ariko, ntabwo twese muri ino si turi abana b'Imana. Hari abamaze guhinduka abana b'Imana ku bwo kwemera no kwizera Yesu-Kristo, ariko abataramwemera ngo bamwizere, ubwo bushobozi bwo kwitwa abana b'Imana ntibarabubona. Baracyari abantu b'Imana na bugingo n'ubu.

Ijambo ry'Imana mw'**Itangiriro 6 : 1-3** riratubwira uko byagenze : '' *Abantu batangiye kugwira mw'isi, babyara abakobwa. Abana b'Imana, bareba abakobwa b'abantu ari beza, barongoramo abo batoranyijemo bose. Uwiteka aravuga ati : '' Umwuka wanjye ntazahora aruhanya n'abantu iteka ryose, kuko ari abantu b'umubiri. Nuko rero imyaka yabo izaba 120.*
Imana ireba isi, ibona yuko yononekaye, kuko abafite umubiri bose bari bononye ingeso zabo mw'isi. Ku bwo kwivanga n'abanyamahanga, abana b'Imana bakarongora abakobwa b'abana b'abantu, bahavuye bafata imicyo yabo batakaza umucyo wabo, batakaza ingeso nziza bari bafite bariyononа, basa nabo. Buriya iyo uhorana n'umuntu, mugeraho mugasa.

Uno munsi, abakizwa benshi ni ko basigaye bameze. Barivanze n'isi. Bivanze n'abo badasangiye urugendo. Nta tandukaniro rikiri hagati yacu n'abataraki zwa. Usanga, dusangira ibiganiro bibi. Ugasanga dusabana mu buryo burengeje, butuma dukorana ibyangwa n'amaso y'Imana.

Usanga ku bwo kwivanga na bo, baturusha imbaraga, bakadukururira mu bibi, ha ko ari twe tubajana mu byiza. Erega, tumenye ko icyaha kiryoha gukora, kandi kiri muri kamere yacu. Tutagize ukwirinda kwinshi no kwihangana kwi nshi, ibishuko biri hano hanze, ntibyareka kutugusha. Tugomba kuba abantu bazi icyo bashaka n'icyo bakurikirana, bazi aho bahagarara n'aho bazibukira, bazi intego yabo, bakayihagararaho. Tugomba rero no kumenya gutoranya incuti tugendana nazo, incuti tubana nazo. Niba ubona umuntu agambiriye kukugusha, muzibukire. Umwijima ntabwo ugendana n'umucyo.

Umwami wacu Yesu-Kristo yaravuze we ubwe ati : *Mwe gutekereza ko nazanywe no kuzana amahoro mw'isi. Sinaje kuzana amahoro, ahubwo naje kuzana inkota. Kuko naje gutanya umwana na Se, umukobwa na nyina, umukazana na nyirabukwe, abanzi b'umuntu bazaba abo mu rugo rwe*. **Matayo 7 : 34-36**

Iyo umaze gukizwa, ntabwo uba ugihuje imigambi, intego, imitekerereze, imikorere n'imivugire n'abadakijijwe, n'iyo baba ari abantu bo mu muryango wawe. Gukizwa, ni ugutera umugongo ibya kera. Ukareka kugenda nk'abandi, n'iyo boba abo mubana. Ni cyo gituma hari n'igihe havukamo impaka, cyane cyane mu minsi ya mbere, ikintu cyo kudahuza no kutumvikana ku bintu bimwe bimwe bija bibaho. Hariho n'abahagurukirwa n'imiryango ikabarwanya.

Iyo ugikizwa, udahagaze kigabo ngo uhagarare ku ntego yawe wafashe yo gukurikira Yesu no kubana nawe, abo mubana, abari basazwe ari incuti zawe, abo mukorana… ni bo bakugusha utaranaca n'umutaru. Ni bo baguca intege. Ugomba rero kubiyambura, ukabirinda ntube ugisangira na bo za gahunda mbi zose zitahesha Imana icyubahiro mwahora musangira. Kuko bakomeza ku kugendaho ngo bagusubize mu byo wavuyemo.

Uwo mwubakanye wewe, hari n'igihe agushyiraho n'igitugu kugirango urekeraho gahunda z'Imana zituma utagihuza gahunda na we. Ugomba kumenya uko umutwara kandi ukamubwiza ukuri ku buryo ibintu bigomba kugenda.

Ariko icyo wamenya cyocyo ni uko ikintu cya mbere kizatuma akworohera, ni ukumusengera Imana ikamworosha umutima. Ikindi, ni uguhinduka kwawe, ukamwerera imbuto, na we akabona gukizwa kwawe agufitemo inyungu. Kandi, ikindi kizamwemeza, ni uko abona ko uhagaze ku byo wemera by'ukuri. Ntukabe umuntu ujegajega mu mibanire yawe n'Imana.

Njye icyakora ibi nabibahamo ubuhamya buto, kuko maze gukizwa nafashe gahunda yo kubyuka gusenga n'ijoro. Byari ngombwa ko ndyama kare kugirango mbibashe. Nagomba rero guhagarika gutarama ndeba za films,

cyangwa nywa inzoga. Iyo gahunda narayifashe nyumvikanaho n'uwo twubakanye, mbimugishamo inama. Mubwirako umugabo wanjye wa mbere nabonye nawe ankeneye kugirango ngire igihe cyo kuganira no kubana nawe. Byarakunze kandi ni ko bimeze. Isaha twavuganye ya satatu n'igice iyo igeze mpita nja kuryama kugirango nje kubasha kubyuka hakiri kare. Ni yo mbaye nk'uwibagirwa, aranyibutsa.

Hari n'izindi gahunda twasangiraga kenshi ntakibasha kujyamo nk'uko byari bimeze kera kuko zatuma ndyama ntinze. Nko gusohoka tujya gufungura hanze, twarabigabanije cyane ahubwo dusa n'ababiretse, kuko na byo bitwara umwanya munini wa nijoro, ugasanga gahunda yo gusenga no gusoma Ijambo ry'Imana irapfuye kubera gutaha dutinze. Jye rwose nariyambuye abantu, niyambura n'umugabo wanjye. Sinjya nkunda kwemera ko haba umuntu n'umwe aza kuntesha gahunda yanjye n'Imana. Niba ari umunsi wo gusenga, ni uwo gusenga, niba ari uwo kujya kubwiriza, ni uko nyine. Ntushobora kunzanaho ibindi ngo nkwemerere.

Kandi, icyo nahugurira buri muntu ni uko gahunda wahaye Imana utagomba kujya uyihindagura uko ashatse cyangwa ngo uyice. Imana ni Imana igira gahunda, ni Imana ikomeye, igomba kuba iyambere mu buzima bwawe kuko ni Imana inafuha cyane. Ni Imana yo guhabwa icyubahiro. Kandi kwubaha Imana bigaragarira ubwa mbere na mbere mu kwubahiriza gahunda mufitaniye. Ntukayikurwemo n'abana b'abantu. Uba ububashe kurusha Imana . Kandi ntugasangire urugendo n'abica gahunda y'Imana. Jya ubazibukira. Pawulo , ni we wabwiye Abatesalonike mw'ibaruwa rya kabiri yabandikiye ati : " *Nuko bene Data, turabategeka mw'izina ry'Umwami wacu Yesu-Kristo kuzibukira mwene data wese ugenda yica gahunda, cyangwa udakurikiza ibibabwiriza mwahawe natwe*. " **2 Abatesalonike 3 : 6**

Ugomba kuzibukira uwo wese utitwara nk'Umwana w'Imana, ni yo yaba ari umukozi w'Imana mu rwego urwarirwo rwose. Ndetse ni yo yaba ari Umwungere, udakiranuka, ntukamutindeho ngo aguteshe Agakiza kawe. Ugomba kwomatana n'Umwami wawe. Ni we mwungere wawe utazakuyobya. Ntukigere wibagirwa ko " *Agakiza ari aka buri muntu ku giti cye* ". Kandi, ntukigere uva mu masezerano wagiranye na Yesu, umucunguzi wawe, ngo uriho ukurikira abantu cyangwa ngo babe ari bo ushaka kunezereza. Uwambere wo kunezereza ni Imana yawe yo yaguhamagaye ikaguha Agakiza, ikaguha n'ubugingo buhoraho.

Nuko rero, ugomba gukora ku buryo udatakaza icyizere Imana yari itangiye kukugirira ngo usubire muri ba bandi. Jya buri gihe utekereza kuri iri Ja mbo ry'Imana ryanditse muri **Yobu 27: 5-6** ngo : " *Kugeza ubwo nzapfa sinzikuraho*

*ubunyangamugayo. Gukiranuka kwanjye ndagukomeje ntabwo nzakurekura, ntabwo umutima wanjye uzagira icyo unshinja nkiriho* " Yobu amaze kugeragezwa n'Imana, yahuye n'abamuca intege benshi kugeza no ku mugore we, ariko ntiyateshutse ku masezerano yari yarahaye Imana, ahubwo yarayakomeje, ntiyigeze asubira inyuma mu mibanire ye n'Imana. Imana itegereje ko ari ko tumera, ko dushikama nka Yobu na Daniel n'izindi ntwari zatubanjirije, mu byo twahisemo. Imana ishaka ko dukomera mu Gakiza, dukomejwe na Kristo ari we Jambo ry'Imana. Mu yandi magambo, tugomba gushikamishwa mu Gakiza n'Ijambo ry'Imana. Ni ryo rigomba kutuyobora. Ntitukayoborwe n'umuntu n'umwe, na cyane cyane abo tudasangiye urugendo.

Wibuke icyo Ijambo ry'Imana ritubwira ngo : "*Bazakugarukira, ariko wowe ntuzabagarukire* " **Yeremiya 15:19**. Ni bo bagomba kugusanga iyo wimukiye mu Gakiza, si wowe wo gusubira inyuma ngo ubanire na bo iyo wavuye. Ugo mba lero kuberera imbuto, ugahinduka, kandi bakabona ko uhagaze ku byo we meye, bikaba ari byo ugenderamo, nta ntawabasha kukunyeganyeza ngo agukure mu nzira watangiye. Ni ho nawe uzabatera ishyaka ryo gukizwa. N'ayo ahandi ho nibabona usa n'aho utazi ibyo urimo, bazakunesha kandi na bo bazazinukwa Agakiza biguturutseho, noneho ubabere ikigusha.

Ugomba rero kwiyambura igikundi cy'abantu mudasangiye urugendo ari bo baba:

- Abo mwasangira inzoga, mugahora mugorobezanya mu bubare munywa, mugasinda, mukavuga ibitagira umumaro, cyangwa mukarwana.
- Abo mwataramanaga mutaramiye ku bantu, mubavuga uko mwishakiye, mubasebya, mubanegura, mubacira imanza
- Abo mwasangiraga urumogi, itabi n'ibindi biyobyabwenge
- Abo mwararanaga mu tubyiniro.
- Abo mwari musangiye umurimo w'ubusambanyi cyangwa ubujura n'indi miri mo y'isoni nke n'iy'ubugome.
- Abo mwajyana mu bapfumu, kuraguza no guterekera kuko mwari musangiye kwiringira mu bitari Imana.
- Abo mwahora muhura muhujijwe no kwiganyira no kwitotombera Imana.
- Abo mwafashanya gupanga imigambi mibi yo kwihora no kwica.

Ibyo byose n'ibindi ntarinze kurondora, ni imirimo y'umwijima igenderwamo n'abakiri munsi y'ubutware bw'umwanzi ari bwo bwami bwa Satani. Kuko muri ubwo Bwami, ni ko abaho bitwara. Nawe ukiri muri ubwo bwami utarakizwa, wasaga n'abaho. Ariko noneho witwa ko wakijijwe, ko wimukiye mu gihugu

cy'Uwiteka, washishikara gusa nabo gute ? Ugomba kubatera umugongo, ukivangura muri za gahunda zabo, ukivanga muri gahunda z'Imana ukifatanya na Yo akaramata.Kubasha kwitandukanya n'Ubwami bwa Satani ukinjira mu Bwami bw'Imana ntibyoroshe. Mu Bwami bw'Imana, kugirango uhabe kandi uhature uhahame, bigusaba gukurikiza amategeko yaho. Bigusaba gusa n'abaho. Bigusaba gusa na nyiraho . Ni yo mpamvu utagomba gushishikara gukururana n'abakiri mu bundi butware ngo wishushanye na bo, nurangiza wiyitirire Yesu.

Abantu benshi bitwa ngo ni abakizwa ni cyo kibazo bafite. Barakira Yesu, ariko bagakomeza kubaho nka kera, bitwara nkuko bitwaraga kera, bagakora nk'ibyo bakoraga kera, kuko bakomeza kwivanga, kugendana no gusangira gahunda mbi n'abatarakizwa. Imana irashaka kubona ubudasa hagati yabo, na twe.

Nk'uko twamaze kubivuga, umuntu iyo amaze kwiyegurira Umwami Yesu ngo amubere Umutware, agomba kwiyambura abantu, akaba ari Yesu akurikira, akamwisunga muri byose, akamwishushanyaho. Ni cyo gituma Imana idusaba kwiyambura abantu, tukirinda kuyoborwa na bo, tukirinda kwanduzwa na bo, tukirinda no kubiringira.

Pawulo ni we yandikiye Timoteyo amubwira uko abantu tuzaba tumeze mu minsi y'imperuka aramubwira ati :"*Umenye y'uko mu minsi y'imperuka hazaza ibihe birushya, kuko abantu bazaba bikunda, bakunda impiya, birarira, bibona, batukana, batumvira ababyeyi babo, indashima, batari abera, badakunda n'ababo, batuzura, babesherana, batirinda, bagira urugomo, badakunda ibyiza, bagambana, ibyigenge, bikakaza, bakunda ibibanezeza aho gukunda Imana, bafite ishusho yo kwera ariko bahakana imbaraga zako. Abameze batyo, ujye ubatera umugongo"*. **2Timoteyo 3 : 1-5.**

Ibi, ni byo bihe tugezemo, abantu benshi ni ko bameze. Niba warakijijwe, isuzume, wishyire ku munzani, urebe ni ba nawe utakiri mu mubare w'abantu bameze gutyo. Isuzume urebe ni ba utakimeze nk'abandi bose, kandi urebe ni ba utakiri mu kivunge cy'abantu bameze gutyo.

Reba niba koko waritandukanije n'abantu bagifite ingeso mbi nk'iz'ab'iki gihe. Pawulo no mu **Baroma 12 : 2,** yatubwiye Ijambo ryiza ati : " *Kandi ntimwishushanye n'ib'iki gihe, ahubwo muhinduke rwose mufite imitima mishya, kugirango mumenye neza ibyo Imana ishaka, ari byo byiza bishimwa kandi bitunganye neza* ".

Ab'Isirayeli, bari bakwiye kutubera akabarore. Kuko mu byatumye barimbukira mu butayu, bagatakaza amahirwe yo kugera i Kanani bose, hakagerayo gusa abantu 2, mu bavuye muri Egiputa bakuze, ni uko bakomeje kwivanga n'aba

nyamahanga. Ibyo abanyamahanga bakoraga, bakaba ari byo nabo bakora. Ibyo abanyamahanga bipfuzaga, na bo ni byo bifuza.

Ijambo ry'Imana riri mu **Kuva 11 : 4**, ribitubwira neza riti : '' *Abanyamahanga b'ikivange bari hagati y'Abanyistraeli batangira kwipfuza. Abisirayeri na bo, bongera kurira, ba ravuga bati : Ni nde uzaduha inyama zo kurya ? Twibutse ya mafi twariraga ubusa tukiri muri Egiputa, n'amadegede, n'amapapayi ………………, ariko none turumye ntacyo dufite, nta kindi tureba atari Manu* ''. Hari Abanyegiputa bahagurukanye n'Abany'Istraeli, bivanga nabo, bajyana i Kanani. Noneho, bagahora barira bibutsa Abany'Istraeli ibyo basize i wabo. Ubu bwoko bw'Imana ha kwitandukanya n'abo banyamahanga, bifatanije na bo, basangira irari ryo guhora bipfuza ibyo barya muri Egiputa. Ibyo byatumye batanyurwa na Manu Imana yabagaburiraga.

Ab'Isirayeli rero, icyabarimbuje, n'uko imibiri yabo ni yo yavuye muri Egiputa, ariko imitima yabo ntiyigeze ivayo. Bakomeje kwipfuza ibyaho, ibyo baryagayo, ibyo banywagayo. Bakomeje gusenga ibigirwamana byaho. Bakomeje kugendera mu mico y'abanyegiputa batari bazi Imana. Bakomeje gusa na bo. Ntibigeze bavana mu buryo by'imitekerereze, n'imigenzo. Bakomeje kwiva nga na bo. Ni cyo gituma bakomeje gukorera ibyaha imbere y'Uwiteka, kuko batigeze bavana na Satani, ntibigeze na none bumva ko Imana ari Yo Se wabo, ko ibyo ibakorera n'ibyo ibanyuzamo byose ko byaturuka mu rukundo ibakunda. Ni cyo gituma batigeze bayishimira, ahubwo bahora bitotomba, babaza Mose icyo yabavaniye muri Egiputa.

Abakristo benshi b'uno munsi ni ko bameze. Barakiriye Agakiza ku rurimi, ariko imitima yabo ntiyigeze iva mu byaha. Ntibigeze bareka gukora ibyo bakoraga kera, ntibigeze bavana n'abo basangiraga kera , ntibigeze bareka gukora ibite rasoni no gutukisha izina ry'Imana. Ntibigeze bahinduka, bakomeje kuguma ari ba bandi. Bakomeje kwiba nka kera, bakomeje kwikunda no kurarikira iby'imibiri yabo yishimira, bakomezanya umwete kubeshya, inzangano, kutababarira, amashyari n'ibindi. Mu magambo make, ntibigeze batandukana na satani.Mu byukuri ntibigeze bimuka. Biyise abana b'Imana, barangije bakomeza gukorera Satani.

Mu magambo make, abantu dukijijwe, tugomba kurekeraho kwivanga n'abo tudasangiye urugendo, ni yo yaba uwo twashakanye, n'iyo baba abana bacu, n'iyo baba incuti zacu cyangwa abakoresha bacu n'abadufiteho ubutegetsi ubwaribwo bwose. Tugomba gutera umugongo gahunda zose twasangira na bo zitari mu bushake bw'Imana. Tugomba kujya muri za gahunda zitwunga n'Imana, tukava muri za gahunda zadutandukanya na Yo, n'iyo abo twazisangiraga kera boba batabyemera kandi batabyishimira. Twaremewe kunezereza Imana, ntabwo twaremewe kunezereza abana b'abantu. Umuntu wese ashaka kwita

mbika mu mibanire yawe n'Imana, mu mikoranire yawe n'Imana, mu murimo usangiye n'Imana, umuzibukire kuko ashobora kugusubiza inyuma no kukugusha ugasubira mu byaha, ukitandukanya n'Imana. Twivangure n'abana b'aba ntu, ahubwo twifatanye n'Imana yo yonyine.

**B.3. Kwiyambura abatubabaje**

Abatugiriye nabi n'ibyo badukoreye, ni kenshi bitunanira kubikuraho umutima ku bwo guhora tubyibazaho. Ku bwo guhora tubitekerezaho, bihora bitubabaza, imitima yacu igakomereka, noneho tugasharira, tugahorana inzika ku mutima. Nyamara tugire ubwenge kuko imitima ishaririye itabasha kubana n'Imana. Ijambo ry'Imana mu **Baheburayo 12 : 15** riratubwira riti :'' *Mwirinde hatagira umuntu ugwa akava mu buntu bw'Imana, kandi hatagira umuzi wo gusharira umera ukabahagarika imitima abenshi bagahumana* ''.

Twirinde rero inzika kuko irakura igahinduka urwango. Urwango na rwo rusho bora kubyara imigambi mibi yo kwihora. Guhora imitima yacu yiziritse ku batubabaje n'ibyo badukoreye, bidutandukanya n'Imana. Imana ntibasha gutura mu mitima yuzuye umubabaro n'urwango. Niba Imana itabasha kuguturamo, nta n'ubwo yabasha gukiza umutima wawe.

Niba twarakiriye Yesu nk'Umwami n'Umukiza wacu, tugomba kwiyambura abo bose bashobora guhagarika imitima yacu, ni ukuvuga ko tugomba kubakuraho ibitekerezo byacu tukabirekurira Umwami wacu. Ku bwo kutabatekerezaho, ibyo badukoreye bizasa n'ibisibangana mu mitima yacu noneho bitakaze uburemere byari bifite ku buzima bwacu.

Ikindi kizadushoboza kubiyambura, ni ukubakura mu kanwa, tukirinda kubavuga tubararaza mu bandi bantu, ahubwo, twabasengera tukabereka Imana, n'ibyo badukoreye tukabyereka Umuremyi wacu, tukabasengera tubasabira imbabazi n'umugisha. Uko tuzagenda tubasengera tubaturiraho ibyiza imbere y'Imana, ni ko imbaraga z'Imana zizarushaho kutumanukira no gukiza imitima yacu urwango, zikadushiramo urukundo rwo kubakunda, ari na rwo rudushoboza kuneshesha ikibi icyiza. Ubundi, abantu bagira ibyo bapfa kuko hari n'ibyo bahuriyeho. Kugirango ubashe kubabarira byimazeyo, gerageza kwibuka ibihe byiza mwoba mwaragiranye n'abakubabaje, wibuke ibyiza baba baragukoreye, ubasabire umugisha ku Mana. Uko uzagenda ubikora, uzumva umutima wawe ugenda ubohoka, urukundo rugaruke.

## II. 1.2. TUGOMBA KWIYAMBURA IBY'ISI

Abantu bahugiye ku bintu no ku by'imibiri yabo. Iryo ni Ijambo Imana yivugiye, impa ubutumwa bwa 2011.

**Umuntu yiyambura icyo yari yambaye.**

Ese, kwambara iby'isi ni ukuvuga iki ? : Kwambara iby'isi, ni ukubishira imbere, ukabikunda kurusha uko ukunda Imana n'abantu. Ugahitamo kubishakisha kurusha uko ushakisha Imana.

Kwambara iby'isi ni ukubigira intego y'ubuzima bwawe. Kandi, tuzi ko ubu zima umuntu abaho, akora ukwo ashoboye kwose kugirango agere ku ntego y'ubuzima bwe. Intego rero ni yo iyobora ubuzima bwacu. Umuntu yagize iby'isi intego y'ubuzima bwe, yumva ubuzima bwe ari ubwo kurundanya ibintu byi nshi ndetse no kugira amafranga menshi. Akumva umutima we awushikamishi-je ku bukire. Iby'isi abiha agaciro kanini cyane mu buzima bwe, akumva yara-je mw'isi kugirango abe umukire, kandi akumva yararemewe kwishimisha mu by'isi no kubinezerererwamo. Kuba umukire, bikamubera umutego wo kubana n'Imana kuko Imana ayiburira umwanya. Umwanya we wose ukaba waratwawe no gushakisha iby'isi. Iyo ibintu umaze kubigira intego y'ubuzima bwawe, bi-rakubata bikagukoresha n'ibyaha. Kuko iyo utabibonye ku neza ubishakisha no ku nabi. Hari abica, abiba, abarya ruswa n'ibindi. Bakemera guhemuka ha kubura ibintu. Noneho ubunyangamugayo bakabuguza ubukire. Imana, aka yiguza iby'isi. Ubugingo buhoraho bakabuguza ubukire, bakabuguza amafra nga. Kandi tumenye ko mu byobo umwanzi yacukuriye abantu, amafranga ari kw'isonga.

Umuntu nk'uwo agifata ubukire nk'intego y'ubuzima bwe, ni umuntu yamana kwifuza. Kwifuza kwe kukamukururira ishyari ari na ryo rimukoresha iyo miri-mo yose y'ubugome tumaze kuvuga. Umuntu nk'uwo, ahorana n'ubwibone mu mutima we, akumva nta wundi yamurusha ubukire. Ni cyo gituma ahora ahi-ganywa areba ku bandi aho kwireba ubwe.
Nyamara tumenye amagambo Umwami Yesu yatubwiye muri **Luka 14 : 33** ati : ''*Umuntu wese muri mwe udasiga ibyo afite byose, ntashobora kuba umwigishwa wanjye* ''
Umuntu rero ukirutisha Umwami Yesu ikintu na kimwe, ntashobora kuba uwe. Kuko icyo arutisha Imana cyose, ni cyo yagize ikigirwamana cye. Umuntu rero ucyambaye iby'isi, umuntu ukibaswe n'iby'isi, ntashobora kubana n'Imana, ntashobora kuyibera incuti, ntashobora kuba umwana w'Imana uyoborwa na yo, kuko iby'isi biba bikimufiteho ubutware.

Umwami wacu Yesu-Kristo yaratubwiye ati :'' *Ntimugakunde iby'isi, ntawuceza abami babiri kuko yakwanga umwe agakunda undi, cangwa yaguma kuri umwe agasuzugura undi. Ntimubasha gukorera Imana n'ubutunzi* ''. **Matayo 6 : 24** . **No mw'ibaruwa rya 1 rya Yohana 2 : 15- 17,** Ijambo ry'Imana riratubwira riti : ''*Ntimugakunde iby'isi cyangwa ibiri munsi mw'isi. Umuntu nakunda iby'isi, gukunda Data wa twese ntikuba kuri muri we, kuko ikiri mw'isi cyose ari irari ry'umubiri, ari n'irari ry'amaso, cyangwa kwibona ku by'ubugingo bidaturuka kuri Data wa twese, ahubwo, bituruka mw'isi. Kandi isi irashirana no kwipfuza kwayo, ariko ukora ibyo Imana ishaka azahoraho iteka ryose*''**.**

Umuntu rero iyo amaze kwakira Yesu agakizwa, agomba guhindura ibitekerezo yari afite ku bintu. Ibintu, ntasubire kubifata nk'intego y'ubuzima bwe ngo ab yibohereho, ahubwo, abifata nk'ibikoresho bimufasha kugera ku ntego y'ubu zima bwe. Icyo twaremewe, ni ukwerekana ishusho ya Data muri ino si, kandi, ishusho ya Data ni urukundo. Nitwamara kwerekana ko Data ari uruku ndo mu gukoresha ibyo yaduhaye muri ino si tubisangira n'abandi batabifite, Imana tuzayunga na benshi, kandi mu byatumye Imana iduha Agakiza, na cyo kirimo ahubwo, ni na cyo kiri kw'isonga.

Ibi, turabihugurirwa cyane n'Imana mu butumwa yaduhaye buduhamagarira gufashanya aho Imana yo ubwayo itubwira iti : **"***Ntabwo mwigaragariza isi nk'umucyo, mwiruka inyuma y'amaronko yo mw'isi nk'indashima zidahaga. Ntabwo musiba gusabira iby'isi Itorero, ariko se iby'abana banjye byo bimeze bite ? Nta bari hagati yanyu bicwa n'inzara ? None se wahimbaza Izina ryanjye gute kandi mwene wanyu atakibona icyo kurya. Harageze ko mwunga ubumwe, mugahindura ibintu mw'itorero ryanjye, kugirango mube mukwiriye kwitwa abageni banjye . Harageze ko mufashanya hagati yanyu hama mugafasha isi yose muyihindura***"**. Musome cya gitabo nise ngo : " **Gukina birarangiye** ", ni mo musanga ano magambo y'Imana.

Umuntu rero yakijijwe by'ukuri akiyambura iby'isi, ntaba akibikunda, ahubwo, asigara akunda Imana n'abandi bantu. Noneho, ibyo atunze ntaba akibigundira, abikoresha kugirango agaragarize Imana urukundo ayikunda, afasha abari mu kaga, kandi, avuga ubutumwa bwiza kugirango abakiri mu mwijima bamuriki rwe n'umucyo bakizwe. Mu by'ukuri, ubukire bwo muri ino si abushakishiriza ahanini kugirango bumufashe kwubaka Ubwami bwa Se wo mw'ijuru. Tugomba guki zwa tukagera kuri urwo rugero, kuko ibyo ni byo byananiye benshi. Aba ntu babasha kwiyambura imibiri yabo, bakareka kuyikoresha ibiterasoni, aba ntu ba kabasha kwiyambura abandi bantu nka bo, ariko, kwumva ko ibyo dutu nze ko ari intizo y'Imana tugomba gukoresha kugirango Imana imenyekane ka ndi ihabwe icyubahiro, bikatunanira. Abantu benshi turagundiriye iby'isi, kandi mw'itangiriro rya byose, nta byacu dufite, turi ababitsi b'iby'Imana, byose ni

iby'Imana ni yo yabiremye kandi ni yo yabiduhaye. Igaba uko ishatse kandi igasubirana ibyayo uko ishatse. Ntabwo rero tugomba kugundira ibyo dutunze, tugomba kubyegurira umuremyi wacu, akabikoresha mu bushake bwe kugira ngo agere ku byo yagambiriye muri ino si.

Tumenye ko twebwe n'ibyacu ko turi ab'Imana. Turi ibikoresho by'Imana n'ibyo yadutije ni ukugirango na byo bikorere Imana. Ibyo ntitukigere tubyibagirwa. Tugomba rero kwemera kwiyambura ibyo Imana yaduhaye tukabishikiriza Imana ikabigenga, ikabikoresha kugirango igaragarize abo yaremye urukundo ibafitiye noneho bayigarukire ubwami bwayo bwaguke. Imana, irashaka kukuyoborana n'ibyo yakubikije. Abantu benshi bumva bayoborwa n'Imana ariko, ibyabo, bakumva Imana itabikoraho.

Pawulo, ku bwa Kristo, yageze aho avuga ko ibyari indamu ye ko byahindutse nk'amase imbere ye. Ibyo yakundaga, ibyo yari yariboheyeho akabyubakiraho ubuzima bwe, ibyo yari yaragize intego, ku bwo kumenya Kristo, yasanze ariwe ufite agaciro wenyine mu buzima bwe, ibindi byose, nta gaciro bigifite. Mu **Bafilipi 3 : 7- 8,** Pawulo yaratubwiye ati : " *Nyamara ibyari indamu yanjye nabitekereje ko ari igihombo ku bwa Kristo, ndetse n'ibintu byose mbitekereza ko ari igihombo ku bw'ubutunzi butagira akagero ari bwo kumenya Kristo - Yesu. Ku bw'uwo, nahombye ibyanjye byose, ndetse mbitekereza ko ari amase kugirango ndonke Kristo* ". Tugomba kwiyambura ibitureme rera byose, ni ukuvuga ibidushishikaza byose bikatubuza kubana n'Umwami wacu Yesu Kristo.

Urukundo dukunda Imana ruhabanye no gukunda ibintu, ahubwo, ukunda Imana yanga ibintu. Ni ukuvuga ko nta gaciro kanini aba agiha ibintu.
Yumva yabibonera kubikoreramo Imana. Umukunzi w'iby'isi, ntabasha guku nda Imana n'abandi bantu nk'uko twabivuze mbere, kuko, ntabasha kugira icyo yikura ngo atange. Kandi mu gutanga duha abababaye, ni ho tugaragariza urukundo dufitiye Imana, kandi, uko ni ko kugaragariza abandi urukundo Imana ibakunda. Nyamara, twisubireho, tumenye ko ibyo twikubiraho kugirango twinezereze gusa twebwe n'abacu, ko nta mumaro bidufitiye kuko bitazabasha kuduhesha ubugingo buhoraho. Ibyo, bizaborana n'imibiri yacu.
Ibidufitiye umumaro ni ibyo dutabaza abakene, hamwe n'ibyo dukoresha kugirango Izina ry'Imana rimenyekane kandi ryubahwe muri ino si. Ibyo, ni byo biriho bitwubakira inzu tuzaturamo mw'Ijuru. None se, kwubaka amazu meza y'ibitabashwa duturamo hano mw'isi, isi tuzakurwamo ejo bundi, tutariho twubaka inzu yo mw'ijuru tuzaturamo iteka ryose, murumva bitumariye iki mu by'ukuri?. Ese nitwagerayo, tugasanga nta nzu yacu iriyo, tukajugunywa mu mwijima, murumva ubuzima twabayeho muri ino si buzaba bwaratumariye iki ?

N'umwami Yesu yaratubwiye ko aho ibyacu biri ko ari naho imitima yacu izaba. Niba ibyacu turi kubyubakisha Ubwami bw'Imana, muri ubwo bwami nyine ni bwo tuzaturamo. Tumenye neza kandi dusobanukirwe ko tutari gusa abana b'Imana, ahubwo turi n'abana b'Ubwami bw'Imana. Ubwami bwa Data rero tugomba kubwubaka dukoresha ibyo yaduhaye. Kandi kwubaka Ubwami bw'Imana, ni ukugeza imitima y'abantu benshi ku Mana, noneho Imana ikayituramo, ikayiganza, ikayibera umwami n'umutware. Kandi nta kuntu wageza abantu ku Mana utabagaragariza urukundo. Nidukomeza kwikubira ibyo Imana yaduhaye, tuzarimbukana na byo.

Iryo Jambo, Yesu yaritubwiye muri **Matayo 6 : 19** ati : ''*Ntimukibikire ubutunzi mw'isi, aho inyenzi n'ingese ziburya, kandi abajura bacukura bakabwiba. Ahubwo, mwibikire ubutunzi mw'i Juru aho inyenzi n'ingese zitabirya, n'abajura ntibacukure ngo babwibe, kuko aho ubutunzi bwawe buri ari na ho n'umutima wawe uzaba* ''. Ibyo dukoresha mu gukorera Imana ni byo tuba turiho twohereza mw'I Juru. Aho ibyacu turi kubyohereza, ni ho tuzatura. Ariko nyimba turi kubikoresha kugirango duhaze irari ry'imibiri yacu gusa, ni nko gutasha inkwi zizadutwika.

Imana, iratugira inama ku bijanye n'uburyo abakire bo muri ino si bagomba gufata no gukoresha ibyo Imana yabatije kugirango babashe kubana n'Imana. Noneho, ibyo batunze bibunge n'Imana, kandi bikomeze ubucuti bw'Imana na bo, ha kubatandukanya na yo. Mw'ibaruwa rya 1 Pawulo yandikiye **Timoteyo 6 : 17-19,** Ijambo ry'Imana riratubwira riti : '' *Wihanangirize abatunzi bo mu by' iki gihe, kugirango be kwibona cyangwa kwiringira ubutunzi butari ubwo kwizigirwa, ahubwo, biringire Imana iduha byose itimana ngo tubinezerererwemo, kandi bakore ibyiza babe abatunzi ku mirimo myiza, babe abanyabuntu bakunda gutanga, bibikire ubutunzi buzaba urufatiro rwiza mu gihe kizaza, kugirango babone uko basingira ubugingo buhoraho*''.

Mu magambo make, iby'isi, ntabwo ari byo bigomba guhinduka intego y'ubuzima bwacu, ahubwo bigomba kutubera ibikoresho byo kwunga Imana n'abantu, no kugaragaza Imana muri ino si. Bigomba natwe ubwacu, nk'uko twari tumaze kubivuga, gukomeza ubucuti bwacu n'Imana, tunamushimira ku byo yaduhaye mu kubimutambiramo, tubikoresha umurimo we. Abantu benshi tumeze nk'abana. Umwana, ni we uha ikijumba, wamubwira uti manyurira, agahita agihisha inyuma y'umugongo we. Hari abantu bakuru, kandi bitwa ngo barakijijwe, bagiye gupfa bakimeze nk'abana, bagihisha Yesu ikijumba inyuma y'imigongo yabo. Murumva ibyo koko bitababaje. Imana ijya itureba, ikatubonamo ubusa mbo bwinshi.

Imana yigeze inyigisha kwiyambura iby'isi mw'Ijambo ryitwa ''gutirura''. Ira mbwira iti : '' *Abana b'abantu mwaranyobeye, mwebwe ubwanyu muri intizo, n'ibyo mutunze byose, ni ibyo nabatijije, ariko naza kwitirurira, mukanyima ibyanjye* ''. Tumenye kandi tubihoze ku mutima wacu ko Imana idatanga iratiza. Ubundi, hari uwavuga ati : '' Ni njye wabikoreye. Ariko se, amaboko n'ubwenge wakoresheje wabihawe na nde, cyangwa se inzira wabiboneye mo, zapfunguwe na nde ?. Imana itaki nguye, nta na kimwe twageraho. Ni cyo gituma twahora tumenya ko byose tubikesha Imana. Ntitukirate ubuhanga bwacu, cyangwa imbaraga zacu. Ntacyo twabona na kimwe Imana itabishatse. Ahubwo, umuntu wese ajye yirata ko azi ibyo Imana ishaka.

*Amagambo Umwami Yesu yaganiriye na wa musore w'umutunzi yabajije Yesu icyo yakora ngo aragwe Ubwami bw'Ijuru aradusobanurira neza ko guheba gukora ibyaha byonyine utariyambura n'iby'isi ngo ubifashishe abandi ko ibyo byonyine bitazabasha kutugeza mw'Ijuru. Umuntu utarabasha kwibohora ku ngoyi y'iby'isi, ntashobora kubana n'Imana. Tugomba rero kugendana ingeso nziza kandi tukagerekaho no kugira urukundo. Umuntu azapfa agikunda utuntu ntazabona* Imana. **Mariko 17:22**

Nuko, umusore w'umutunzi yegereye Yesu aramubaza ati : Nkore iki kugira ngo nzabone ubugingo buhoraho ? Yesu aramusubiza ati : " *Uzi amategeko " Ntukice, ntugasambane, ntukabeshere abandi, ntukariganye, wubahe so na nyoko* ". ? *Uwundi ara mwishura ati ayo yose narayitondeye kuva nkiri muto. Umwami Yesu aramubwira ati : Ushigaje kimwe gusa* : *"Genda ibyo ufite byose ubigure impiya uzifashishe abakene, ni bwo uzagira ubutunzi mw'Ijuru, uhereko uze unkurikire. Yumvise ibyo mu maso he harahonga, agenda afite agahinda kuko yarafite ubutunzi bwinshi.* " **Mariko 10:17-22**

Ibindi byose Imana yamusabaga yari yarabashije kubikurikiza, ariko kwikura ibyo atunze, kubyiyambura byaramunaniye anyura kubiri na Yesu, ananirwa kumukurikira. Ni ko bimeze, abatabasha kwiyambura ubukire bwo muri ino si, bagakomeza gukunda utuntu, bari guhusha inzira y'ijuru, kandi biyita intu ngane. Umuntu akumva ko kubera ko ntawe ugirira nabi ukumva uri umwere, akumva ari uw'Ijuru. None se kuba atawe ugirira nabi, ariko ukaba nta n'uwo ugirira neza, urumva ibyo bizakugeza mw'Ijuru ? Ni ba bandi Imana yita ba ntacyo nkijije, nta n'icyo nishe. Abo ni ba nta mumaro. Ni bo Yesu yita akazuyazi. Uwo musore w'umutunzi bimaze kumunanira yikubuye agiye, Umwami Yesu yabwiye abigishwa be ati : "*Erega biraruhije ko abiringiye ubutunzi ko binjira mu Bwami bw'Imana. Icyoroshe ni uko ingamiya yanyura mu zuru ry'urushinge, kuruta ko umutunzi yakwi njira mu Bwami bw'Imana* ". **Mariko 10 : 17-27** Urumva rero ko ku bwa kamere yacu yo kwikunda ituma duhora twipfuza tutanyurwa, biragoye ko twitandukanya n'iby'isi, tukumva tunezerejwe no kubisangira n'abandi. Umuntu umaze kugera kuri urwo rugero rwo kunezezwa no gutanga ni we uzabana n'Imana.

Mwibuke wa mugani w'umutunzi n'umukene Umwami Yesu yaciriye abigishwa be muri **Luka 16 : 19- 30** . Umukire yabayeho adamaraye afite byose, ariko ananirwa gutabara umukene yahora ku muryango w'inzu ye yipfuza guhazwa n'ubuvungukira bumanuka buva ku meza ye akabura uwabumuha. Ahubwo aho kumugaburira, akarekurira imbwa ku bisebe by'uwo mukene zikamusonga zimurigata. Bose bamaze gupfa, umukire yagiye mu muriro, nayo Lazaro ajya mw'Ijuru. Muwisomere wose, buri wese afate umwanzuro.

Ijambo ry'Imana riranatubwira neza ko kwizera kutagira imirimo ko kuba gupfuye. Muri **Yakobo 2 : 14-17**, Ijambo ry'Imana riratubwira riti : ''*Mbese bene Data, byavura iki niba umuntu uvuga yuko afite kwizera, nyamara akaba ari nta mirimo akora ? Bene uko kwizera kwabasha kumukiza ? Cyangwa se, hagira mwene Data w'umugabo cyangwa w'umugore yambaye ubusa, kandi akaba abuze ibyokurya by'iminsi yose, maze umwe muri mwe akamubwira ati : ''Genda amahoro ususuruke uhage, ariko ntimumuhe ibyo umubiri ukenye byavura iki ? Uko ni ko no kwizera kutagira imirimo ahubwo kuri konyene kuba gupfuye* ''.

Ibi mushobora kubyisomera mukageza ku murongo wa 26, muri icyo gice nyine. Ijambo ry'Imana rikongera rikatubwira riti : *"Idini ritunganye kandi ritanduye imbere y'Imana Data wa twese ni iri : Ni ugusura impfubyi n'abapfakazi mu mibabaro yabo no kwirinda kutanduzwa n'iby'isi".* **Yakobo 1: 27** .

Aya magambo y'Imana, aratwereka ko ukwizera Yesu Kristo ariko gukizwa, kujyana no kwiyambura ibyo utunze, ukumva ko utabitunze ku bwawe, ahu bwo, ko ubitunze ku bwa Kristo, ku bwo guhora ushakisha kworosha imibabaro y'abaremerewe. Umwami Yesu yaravuze ati : '' *Abarushe n'abaremerewe, ni munyegere ndabaruhura* '' . **Matayo 11 : 28-30** Urumva ko ari umurimo we wo kuturuhura, ariko muri ukwo kuturuhura, hari ibyo akoresha abana be mu kubasaba gutabarana no gufashanya. Abiyambuye iby'isi, bashobora gutanga, ni bo rero Yesu abasha gukoresha no kubana na bo. Kandi, tunamenye ko Imana idahagaze ku madini dusengeramo, ihagaze ku buryo twahindutse, ku buryo twimukiye koko mu Bwami bwe, tukaba twariyambuye byose, ariko kwiyegurira Kristo gukwiriye, tukagira urukundo.

Mu Butumwa bwa 27 bwanditse muri cya gitabo cyitwa ngo:" **Gukina birarangiye**", Imana yampaye kubagezaho, buduhamagarira kuba abasilikare babereye umurimo wo gutegura kugaruka kwa Yesu-Kristo, yaratubwiye iti :

" *Mugomba lero kuba muri kumwe na Kristo, kandi mwiteguye kuyoborwa na we. Niba mutujuje ibyo byangombwa bibiri, muri mu mubare w'inzererezi. Muri mu mubare w'abatazumva impa nda kandi bari ku rutonde rw'abazazamuka. Mwisuzume kugirango mumenye niba koko muri*

*ku rugamba. Uzuza isi urukundo ni wo murimo wanyu ". Abayoborwa na Kristo, ni abiyambuye byose, bakemera kujya mu bushake bwe, bakoresha n'ibyo yabahaye ku bwo kumwubaha no kumwubahisha. Abayoborwa na we, ni abuzuye ubuntu, impuhwe, imbabazi n' urukundo, kuko Yesu ni ibyo byose* " .

Nibaza ko gukomeza kwikunda tugundira ubukire Imana yaduhaye, tukana nirwa kubukoresherezamo Imana kugirango mu migambi Imana yagambiriye kurangura muri ino si, natwe tugiremo uruhare, ni ukuba intashima, kuko Imana nta cyo itakoze kugirango itunezereze itwereke n'urukundo rwayo. Yaduhaye ibyo yaremye byose, ngo tube ari twe tubitegeka kandi tubikoreshe kugirango tubeho neza muri ino si, irangije iduha Umwana wayo aratubambirwa kugira ngo tutazarimbuka tuzabane n'Imana iteka ryose. Twarangiza, tukabaho nk'aba tabizi, ntitubihe agaciro na gato. Mu butumwa bwa 1 Imana yampaye butubwira ko gukina byarangiye, Imana yo ubwayo iratubwira iti : " *Nabahaye iby'isi ngo mume rerwe neza ariko sinababwiye ko ari yo maherezo* " .

Hari abantu bashishikara kugira iby'isi iherezo ry'ubuzima bwabo nk'aho ume nga ni byo Imana yabaremeye. Ibyo bigatuma biruka inyuma yabyo amanywa n'ijoro, bakabura n'akanya na gato ko gushaka Imana nk'uko twabivuze dutangi-ra kino gice. Nyamara, tumenye ko byose bizashira, kandi tumenye ko iherezo ry'iby'isi ryegereje. Kubyiruka inyuma, ni nko kwiruka inyuma y'umuyaga. Twari dukwiye kumenya ikiruta ibindi tukaba ari cyo twirukanga inyuma. Imana ni yo Uwiteka, ni yo itazashira izahoraho iteke ryose. Buri wese, yarakwiye kwisunga Ihoraho, aho gushishikara kwisunga ibishira. Ibintu byose bizakurwaho, ibintu byose bifite iherezo, kandi n'abantu bose bafite iherezo. Imana yonyine ni yo itagira iherezo.

Ijambo ry'Imana riri muri **Yesaya 51 : 6** , riratubwira riti : " *Nimwubure amaso yanyu murebe ijuru, murebe no ku isi hasi. Ijuru rizatamuruka nk'umwotsi, n'isi izasaza nk'umwamba-ro, n'abayibamo bazapfa nk'isazi, ariko Agakiza kanjye kazagumaho iteka ryose, kandi gukira-nuka kwanjye, ntikuzakuka* ". Rero, nta mumaro wo kwizirika ku by'isi bizashira. Uwiziritse ku Mana yo yonyine, ni we uzagirirwa ubuntu bwo kubona ubugingo buhoraho, akabana n'Uhoraho iteka ryose. Harageze rero ko duhitamo neza, tugahitamo gutegura ubuzima bw'iteka ryose, tukarekeraho kwirukanka inyuma y'iby'isi ata handi bitwerekeza atari mw'irimbukiro.

Twibuke neza ko ku munsi w'amateka, ko Imana izaducira urubanza ihereye ku buryo twagendeye mu nzira yo gukiranuka tugirira impuhwe abababaye, mu kwigomwa mu byo Imana yaduhaye . Muri **Matayo 25: 31 – 43,** Yesu yaratu bwiye ati : "*Ubwo umwana w'umuntu azazana n'abamarayika bose afite ubwiza bwe, ni bwo*

*azicara ku ntebe y'ubwiza bwe. Amahanga yose azateranirizwa imbere ye, abarobanure nk'uko umwungere arobanura intama mw'ihene. Intama azazishira i buryo bwe, n'ayo ihene azishire i bumoso bwe. Umwami azabwira abari iburyo bwe ati* : " *Nimuze abo Data yahaye umugisha, muragwe Ubwami bwabatunganirijwe uhereye ku kuremwa kw'isi, kuko nari nshonje mukamfu ngurira, nari mfite inyota mumpa icyo nywa, nari umushyitsi murancumbikira, nari nambaye ubusa muranyambika, nari ndwaye muransura, nari mu nzu y'imbohe muza kundeba. Abakiranutsi bazamubaza bati : Mwami twakubonye ryari tugukorera ibyo byose ?. Umwami azabasubiza ati : " Ndababwiye ukuri yuko ubwo mwabikoreye umwe muri bene Data aba boroheje bari hanyuma y'abandi, ari njye mwabikoreye* ".

Umwami, azabwira abari i bumoso ati : " *Nimuve aho ndi mwa bivume mwe, mujye mu muriro w'iteka watunganirijwe umwanzi n'abamarayika be, kuko nari nshonje ntimumfungurire, nari mfite inyota ntimwampa icyo kunywa, nari umushyitsi ntimwancumbikira, nari nambaye ubusa ntimwanyambika, nari umurwayi no mu nzu y'imbohe ntimwansura ". Na bo bazamusubiza bati : Mwami, twakubonye ryari twanga kugukorera ibyo byose? Nawe azabasubiza ati : Ndaba bwira ukuri yuko ubwo mutabikoreye umwe muri bene Data aba boroheje bari hanyuma y'abandi nanjye mutabinkoreye. Abo, bazajya mw'ihaniro ry'iteka, naho abakiranutsi bazajya mu Bugingo buhoraho*. "

Murumva rero ko bizaba ari iby'agahinda, kubona hari abazateshwa Ijuru n'agace k'umutsima. Bagateshwa umunezero wo kubana n' Imana, n'ibishira, no kwikubiraho, bakawuteshwa n'utuntu. Kandi mu by'ukuri, utuntu tutari utwabo, kuko mw'itangiriro rya byose, ni ibya Data wo mw'Ijuru, kuko ni we wabiremye nk'uko twari twabivuze. Urumva rero abazabaho mu by'isi nk'aho ume nga ni ibyabo bwite, ntibigere bamenya ko ibyo bafite ari intizo, ko bagomba no gutirurira nyirabyo, murumva ko ari ibikoza soni. Kandi by'ukuri bazakorwa n'isoni. Ni yo mpamvu no mu butumwa bw'umwaka wa 2012 twabagejejeho, haraho Imana ivuga ngo: Nitureke kwiyobagiza, nitwihute kwishura amadeni dufitiye Imana n'abantu tutazaserukana umugayo imbere y'intebe y'urubanza.

Umwami Yesu imbere yo kubambwa, agiye gusangira n'abigishwa be Pasika ya nyuma, yabanje kuboza bose ibirenge, arangije arababwira ati: "*Ubwo mbogeje ibirenge kandi ndi shobuja, n'umwigisha, ni ko namwe mukwiriye kubyozanya* ". **Yohana 13 : 1-20** Kwozanya ibirenge, ni ukuvuga, gufashanya, gukorera nira. Umwami Yesu yabasaba kudakomeza kwikunda no kwikubira. Ahubwo, bakabaho mu buzima bwo kwitangiranira biyambura imibiri yabo, ndetse n'ibyabo ku bwo kugiriranira neza hagati yabo, ndetse no ku bwo kugirira neza aba ndi. Ni cyo gituma yarangije icyo kiganiro barimo, we n'abigishwa be ababwira ati : "*Ndabaha itegeko rishya ngo nimukundane nk'uko nabakunze, mube ariko namwe muku ndana. Ibyo ni byo bose bazabamenyeraho ko muri abigishwa banje* ". **Yohana 13 : 34** Iri tegeko ni iryacu twebwe abakijijwe, tukitirirwa Izina rya Yesu –Kristo. Tugomba

kurangwa no kwiyambura byose, dukwiza hose urukundo. Iby'isi, si ibyo kugu ndirwa, ni ibyo kwubahisha Imana dutabarana. Iki ni cyo bose bazatumenye raho ko turi abana b'Imana. Imana ni urukundo, n'abayo barangwa n'urukundo. **1 Jean 3:10**

## II. 1.3. Kwiyambura ibigeragezo

Umuntu yambaye ibigeragezo, ni umuntu ubihozaho umutima. Aho ari hose, agahora abitekerezaho. Uko ubitekerezaho cyane ni ko bikuremerera bikagutesha umutwe, bikagutera kwiganyira. Uko bigushishikaza, ni ko byimura Imana bikimika satani mu mutima wawe. Satani icyo akora ni ukugutera ubwoba, aku mvisha ko nta bisubizo by'ibibazo byawe bihari. Iyo umaze kubyemera, utakaza ibyiringiro mu Mana, noneho ukaba wafata imyanzuro y'ubwoko butatu:

- **Kwirwanirira:** Ni ugushakira ibisubizo mu nzira z'ubusamo zigushora mu byaha.Ufite ubukene ukaba wakwiba, ugasambanira amafaranga cyangwa ugasabiriza. Urwaye cyangwa urwaje ukirukira mu bapfumu. Ingero twatanga hano ni nyinshi

- **Gusara :** Buriya ibisazi aha nini biterwa n'uko umuntu abona ibibazo bimure nze atabasha kubitorera ibisubizo ngo abikemure, noneho agahungira mu bisazi, agata umutwe kugirango yiyumvishe, kandi yumvishe n'abandi ko ntacyo agishoboye, noneho ingorane yarafite akaba abonye uburyo bwo kuzegurira ku bandi

- **Kwiyahura:** Satani araza akakumvisha ko nta gisubizo gihari cy'ibibazo ufite, kandi ko nta ejo hazaza hariho ko byose bikurangiriyeho, ko icyakubera cyiza ari uko wakwiyahura. Akumvisha ko urupfu ari rwo rwonyine rwabasha kukuruhura.

## II. 1.4. Kwiyambura Satani

Umuntu wese agomba kumenya uwo mwanzi uwari we kugirango abashe kumwirinda. Ni we mwanzi mubi tugira muri ino si. Ni we waduteje imibabaro yose duhura na yo. Nk'uko abakunzi bacu baba bakoreshejwe n'Imana, ni ko n'abanzi bacu baba bakoreshejwe na Satani. Satani ni Umwuka, ntabwo atugaragarira, ahubwo agendera mu bantu akaba ari bo akoresha mu kubafata mu bitekerezo. Rero, nta wundi mwanzi tugira atari Satani. Nta muntu ari umwanzi wawe, ni Satani akorera mu bantu, akabosha nabi, akabacamo ibice akaba ryanisha. Ni we ubateza irari ry'uburyo bwinshi akabatandukanya n'Imana.

**Uburyo dufite ni bubiri bwo kubasha kwiyambura Satani :**

**Ubwa mbere ni ukwambara Kristo.**

Umwami wacu Yesu Kristo yaranesheje Satani. Ni nawe ubasha kutuneshereza kuko twebwe mu mbaraga n'ububasha byacu, nta bwo twakwineshereza. Ni cyo gituma tugomba kwambara Kristo ari ko kumutuza mu mitima yacu kugirango abe ari we udufata mu bitekerezo noneho abe ari we utuyobora. Buriya, ugutekerereza ni we ubasha no kugukoresha. Tugomba kwirinda gutekererezwa na Satani mu kumwigiza kure yacu. Kandi azatuba kure kuko dutekererezwa n'Imana ihoraho. Kugirango Imana ize ibe mu mitima yacu ibe ari yo idutekerereza, n'uko ari yo duhora duhanze amaso Yo n'Ijambo ryayo ari we Yesu-Kristo. Kandi amaso tuvuga hano ntabwo ari amaso y'umubiri, ni amaso y'umutima wacu ari byo bitekerezo byacu.

Tugomba rero guhoza ibitekerezo byacu ku by'Ijuru tukabikura ku by'isi ndetse no ku bantu abari bo bose. Icyo gihe Imana izahisha ibitekerezo byacu ngo ibihishanye n'ibya Kristo mu mutima wayo. Nibyaba bihishwe n'Imana, Satani azabishikira ate kugirango adutekerereze ibibi adukoreshe ibyaha. ? Ibi bisobanuro turabisanga mu **Bakolosayi 3 : 1- 4** aho Pawulo ayobowe n'Umwuka Wera atubwira ati : « *Nuko rero niba mwarazuranywe na Kristo, mujye mushaka ibiri hejuru aho Kristo ari yicaye iburyo bw'Imana. Mujye muhoza umutima ku biri hejuru atari ku biri mu isi kuko mwapfuye, kandi ubugingo bwanyu bukaba buhishanywe n'ubwa Kristo mu Mana. Kandi ubwo Kristo ari we bugingo bwacu, azerekanwa namwe muzaherako mwekananwe na we muri mu bwiza bwe.* »

Rero, ibitekerezo byacu ni yo maso y'umwuka kandi ni bwo bugingo bwacu. Umuntu arapfa akabora, ariko ikitazapfa ni ibitekerezo bye. Ibitekerezo by'umuntu ni byo bizazamuka imbere y'Imana gucibwa urubanza. Tugomba rero kubiragiza Imana kugirango idushiremo ibitekerezo byayo kandi ibirindane n'ibya Kristo, kugirango ni Yesu yerekanwa tuzasange dusa tuzabane iteka ryose. Kandi aho dusa ni mu bitekerezo. Umuntu rero ugengwa n'ibitekerezo bituruka ku Mana, ni we ubasha kuba mu bushake bwayo. Uwo ni we Imana yita umukiranutsi. Kuba umukiranutsi, ni ko kwirukana Satani mu buzima bwawe. Ntukeneye guhora umwiyama mu magambo, wowe kora iby'Imana ishaka, Satani azakuba kure kuko uzaba ugoswe n'imbaraga z'Uwiteka. Bibiliya muri **Yakobo 4 : 7** irabitubwira neza iti : « *Nuko rero mugandukire Imana ariko murwanya Satani, na we azabahunga. Mwegere Imana na yo izabegera* ». Imana nikwegera, Satani azaguhunga.

Mu magambo make, nta bundi buryo buhari bwo kwiyambura Satani, ni ukwiyegereza Imana uyituza mu mutima wawe, mu kuyihozaho umutima ku bwo kuyitekerezaho amanywa n'Ijoro Yo n'Ijambo ryayo, yarangiza ikagutekerereza, ikakuyobora, ni ho uzahora mu bushake bwayo ugakiranuka. Uku ni ko kuzana Ubwami bw'Imana mu buzima bwacu. Aho Ubwami bw'Imana bwageze, ubwa Satani burahunga.

**Ubwa kabiri, ni ukwirinda kwinjira mu kiganiro na Satani.**

Tugomba kumenya ko Satani ibyo twakora byose ngo tumwirukane ntiyigera acika intege zo guhora ashaka uburyo yadukura ku Mana. Iyo urangaye na gatoya ugacikwa, ibitekerezo byawe bikazerera, Satani ahita aza agatangira kugutekerereza ibintu bibi. Niwumva ibitekerezo bibi bije mu mutima wawe by'ishyari, byo kwangana, byo kwihora, byo kurarikira no kwifuza ntukabi shyigikire ngo utangire kwishyura Satani ngo : Uzi ko ari byo. Ahubwo, umenye ko watewe, upfukame usenge utabaze Imana yihutire kugaruka mu mutima wawe kugirango ibigukuremo. Nta wundi muti wo kwirukana Satani n'inyosha mbi ze, ni ugutabaza Imana kandi izabanguka igukize uwo mubi.

## II.2. KWIYUHAGIRA

Intambwe ya kabiri yo kwimuka ni ukwiyuhagira. Nk'uko twabivuze tugitangira, iyo tugomba kuva mu ngo zacu, tugasohoka tukajya ahandi hantu cyangwa aho duhura n'abandi, turiyambura imyenda twambara mu ngo zacu, twarangiza tukiyuhagira, hama tukambara indi myenda myiza imeshe.

No mu buryo bw'Umwuka ni uko bimeze. Iyo tugomba kuva munsi y'Ubwami bwa Satani twimukira munsi y'Ubwami bw'Imana, ntabwo bishoboka ko tuge rayo dusa uko twasaga, ntabwo tugeranayo imicyafu y'imitima yacu ari byo byaha twakoreye kwa Satani aho twari twarabereye imbohe. Mu Bwami bw'Imana ni ahera, tugomba kuhagezwa no kuba twejeje. Imana ni iyera, tugomba natwe kwera nka Yo, kugirango tube dukwiriye kuyegera no kuba munsi y'ubutware bwayo.

Iyo wamaze kurushwa n'ibyaha, ugafata ingamba yo gukizwa ukakira Yesu-Kristo, ugomba kuva mu ngeso za kamere nk'uko dushobora kuzisomera mu **Bagalatiya 5 : 19-21**, aho Pawulo yatubwiye neza ingeso za Kamere izarizo, zidutandukanya n'Imana.

Intango yo kwisubiraho tukabivamo, ni ukubanza tugafata umwanya wo kwisuzuma neza tukamenya ibyaha byose twakoze imbere y'uko twakira Aga-

kiza, noneho tugafata ingamba yo kureka kubikora. Na none, kwakira Agakiza noneho tugashishikara gukora ibyaha nk'uko twabikoraga kera, nta cyo byaba bimaze. Kuko, gukizwa, ni ugukizwa kamere y'icyaha ari yo kamere ya Satani, ukagira kamere y'Imana ari yo kamere yo gukiranuka. Ni ukuva mu bibi ugakora ibyiza.

Guheba kubikora rero, bitangirira mu kwicuza, tukabona kandi tukumva ko biduteye isoni, noneho, tukihana, twatura ibyaha byose twakoze. Uwo, ni umurimo dukora twitonze, buhoro buhoro. Imana ntabwo ifata chronometre ngo ivuge ngo nurenza amasaha aya naya utararangiza kwihana, ndakujugunya, cyangwa ati : Ndakwica. Oya Imana itugenza buhoro kandi Imana ni yo ibi dufasha. Imana irabizi neza ko kuva muri kamere y'icyaha twavukiyemo bito-roshe. Ni cyo gituma itugenza buhoro itaduhutaza. Icyo Imana ishaka, ni uko uca bugufi ugahorana umutima wihana mu gukunda gusaba imbabazi, ukagira n'ishaka ryo kubivamo, ukamwereka ubwo bushake bwo gutandukana n'ikibi. Imana na Yo irabigufashamo, ikajya ikwibutsa ibyo utakoze neza, ikajya igu-kosora ikubwira uko ugomba kubigenza kugirango ubabarirwe kandi ubivemo.

Muri **Yesaya 52 : 9-12**, Ijambo ry'Imana riratubwira riti : '' *Ni muturagare muririmbire hamwe munezerwe mwa myanya y''iYerusalemu mwe yabaye imyirare, kuko Uwiteka ahumuriza abantu be, acunguye i Yerusalemu. Uwiteka ahina umwambaro wo ku kuboko kwe kwera imbere y'amahanga yose, impera z'isi zose zizabona Agakiza k'Imana yacu. Nimugende nimugende musohokemo ntimukore ku kintu cyose gihumanye muve muri Babiloni hagati. Yemwe bahe tsi bahetse ibintu by'Uwiteka, murajye mwiyeza. Ntimuzavayo mwiruka, kandi ntimuzagenda nk'abahunga, kuko Uwiteka azabaja imbere, Imana ya Istraeli ni yo izabashorera* ".

Hano muri Babiloni hagereranywa no mu byaha kwa Satani. Ngo duhahunge, ngo ariko ntituzavayo twiruka nk'abahunga, tuzavayo, buhoro buhoro, Imana yacu ari Yo Data, ni yo izadushorera, kandi ni yo izatujya imbere idushoboze.
Tugomba rero kwatura ibyaha twakoze. Dushobora kubyaturira umukozi w'Imana, cyangwa tukabyaturira imbere y'Itorero, ndetse no mu matsinda duse ngeramo. Tugomba gusaba imbabazi Imana z'ibyo twari twarakoze tutarakira Agakiza byose kugirango tubabarirwe, nyuma tugahora twatura ibyaha uko ha-gize akantu na gato kadutandukanya n'Imana.

Ijambo ry'Imana riratubwira neza uko tugomba kubigenza. Kwihana ibyaha, ntabwo ari ugufatira ingamba mu mitima yacu gusa, ngo tugerageze kubireka, tugomba no kubyatuza akanywa kacu ko tubyihanye, ko dufashe ingamba yo kutazabisubiramo.

**Kwihana birimo ibyiciro 4** :

- **Ugomba kubanza wowe ubwawe ukibabarira.**
- **Tugomba gusaba imbabazi abo twababaje.**
- **Tugomba kubabarira abatubabaje bose tukabakunda, tukabagirira neza.**
- **Kwatura ibyaha byacu.**

### a. Ugomba kubanza wowe ubwawe ukibabarira

Kwiyuhagiraho imyanda yose y'ibyaha, ni ukubanza wowe ubwawe ukibabarira. Ukemera koko ko ari wowe wabikoze, ukavuga uti Mana, ni byo narabikoze, sinabihakana mbabarira. Nyamara akenshi ibyo dukora tutaramenya Imana, ibyinshi tubikorera mu bujiji, kubera ukutamenya ubushake bw'Imana, ubundi, tukabikora tuzi ko ari bibi, ariko kamere ikatunesha. Ibyo byose, ni ibituma nawe wibabarira, noneho, iyo umaze kwibabarira, jya wumva ko n'Imana ikubabariye

Dawidi muri **zaburi 51:7** amaze gukora icyaha cyo gusambanya umugore wa Uriya yarangiza akamwica, yasabye Imana imbabazi arira cyane, ariko nyine kugirango nawe abashe kwibabarira adakomeza kwicira urubanza yabwiye Imana ati rwose ibyo nakoze ni bibi cyane, ariko ni ku bwa kamere y'ibyaha imbamo, yabibwiye Imana muri aya magambo **:** *Dore naremanywe gukiranirwa, mu byaha ni mo mama yambyariye*"

Rero, muri kamere yacu turi abanyabyaha, ariko ntitugomba kubyitwaza ngo duhere mu byaha. Icyakora, nidukora icyaha dufite umurengezi ari we Yesu-Kristo uhora imbere ya Data adusabira imbabazi ku bwo amaraso yatumeneye ku musaraba. Rero Satani ntakatubeshye ngo aduhoze mu gihirahiro atwihebeshe mu kutwumvisha ko ibyaha twakoze ari bibi cyane ku buryo Imana itatubabarira. Nta cyaha na kimwe Imana itababarira igihe cyose dusabye imbabazi tubikuye ku mutima.

Nkunda gutanga ubuhamya ku byambayeho kugirango musobanukirwe. Igihe kimwe nasezeranye n'abantu ko mbatwara mu modoka noneho bagiye kwitegura ngo tujyane baratinda nanjye mbura kwihangana ndabasiga. Maze kugera mu rugo natangiye kwibaza impamvu nabasize ndayibura kuko nta na gahu nda nari mfite yagomba kunyihutisha. Ntangira kwibaza uburyo bantekerejeho ko bambonyemo ubugome bukabije. Niyumvisemo ko namenje. Iryo joro, no gusinzira byarananiye, nkaguma numva ijwi rinkokeza ngo : Koko, umuntu witwa ngo warakijijwe ukaba uvuga n'ubutumwa urashobora gukora icyaha kingana gutyo ugasiga abantu wari wemereye gutwara ? . Si njye nabonye burakeye. Nashatse uburyo nasaba imbabazi abo bantu birananira kuko nta na telefone zabo nari mfite.

Nahise njya ahantu mu masengesho ndihana ndira cyane. Numva Imana igo mba kuba yantaye kandi yanyanze. Amasengesho yararangiye, njya ku kazi,ariko nyine, nkomeza kubura amahoro. Nakomeje kurira no kumva mbabaye, ntangira no gutekereza Imana ukutariko. Mbwira Imana ngo ese wambabarira ute na Mose utamubabariye n'akazi yari yaragukoreye, ukanga kumugeza i Kanani?. Bigeze sa cyenda, numvise bindenze mpamagara umukozi w'Imana mubwira ibyambayeho. Ni we wampumurije arambwira ati: ubwo ni uburiganya bwa Satani, kuva Yesu yaradupfiriye ku masaraba twarababariwe. Icyo tugomba gukora ni kimwe, ni ukwihana tubikuye ku mutima. Rero humura Yesu yakubabariye. Amaze kumbwira gutyo aransengera, Imana irambwira ngo ihane ubwoba, ati kandi igihano nguhaye, usenge umunsi 1 n'igice utanywa n'amazi nkwambike imbaraga.

Rero bene Data, mube maso. Icyo Satani agamije, ni uko utakaza icyizere mu rukundo Imana igukunda. Iyo amaze kukwemeza ko Imana yakwanze kubera ibyaha byawe ko itabasha kukubabarira ukabyemera, no kurimbuka warimbuka kuko Imana itabasha kubabarira utibabariye. Tugomba guhoza ku mutima ko Imana idufitiye urukundo rudahinduka. Imana idukunda ata mpamvu, Imana ntidukunda kuko dukiranuka cyangwa dusenga cyane, cyangwa dukora imirimo myiza iradukunda gusa. Iyo dukora ibyaha ntitwihane Imana ituba kure, ariko urukundo idukunda ntirwigera rutezura. Ni yo mpamvu ihora iduteze amaboko ngo twihane itubabarire.

Hari abantu batazi kwibabarira, noneho bakumva ibintu bakoze n'Imana itabasha kubibabababarira. Icyo, ni icyo twita sentiment de culpabilite. Umwanzi ahora akwumvisha ko naho wasaba imbabazi, ibyo wakoze birarengeje, ntiwababa ririwa. Abatekereza gutyo mumenye ko ari uburiganya bwa satani. Imana, nta na kimwe itababarira, dupfa gusaba imbabazi twicujije by'ukuri, kandi tu kabinyuza mu nzira yatubwiye, kandi tukihanira kureka, atari ugupfa kubikora nk'umuhango bitavuye ku mutima. Tugomba gufatira ingamba mu mitima yacu, mu bitekerezo byacu, hama tukabyatura twemeza ku mugaragaro ko ibyo twakoze ari bibi kandi ko tutazabisubira. Uburyo dusaba imbabazi muzabisanga muri cya gitabo nanditse kitwa ngo: "**Dukizwa n'ubuntu bw'Imana"**

### b. Tugomba gusaba imbabazi abo twababaje.

Tugomba gutekereza ku bantu bose twababaje mu buryo bunyuranye, tukabasanga, tukabasaba imbabazi. Ndetse, tugasubiza no mu buryo ibyo twaba twarangirije niba bishoboka. Niba twaribye, dusubize ibyo twibye. Niba tutakibifite, tubahe indishi. Niba twarabeshyeye abandi, tubasubize icyubahiro twabakuyeho, tunyure aho twabasebereje hose, tuvuge ko twababeshyeye. Umwami

Yesu yabitwibwiriye muri aya magambo ati : '' *Nuko, nujana ituro ryawe ku gicaniro, ukahibukira mwene so ko afite icyo mupfa, usige ituro ryawe imbere y'igicaniro ubanze ugende wikiranure na mwene so, uhereko ugaruke uture ituro ryawe* " . **Matayo 5 : 23 -24**

Urumva rero, no gusenga, kugirango amasengesho yawe yumvikane, banza wiyunge n'abo mufite icyo mupfa, ni ho Imana izakwishimira. Niba utameraniye neza n'abantu, ufite ibyo wababangamiyemo, banza wikiranure na bo, ureke kwishushanya imbere yabo. Basabe Imbabazi, n'Imana izaheraho iziguhe. Zakayo yatubera urugero. Zakayo amaze kwakira Umwami Yesu akamucumbikira anezerewe, agafata ingamba yo gukizwa ngo ave mu byaha, yabwiye Umwami Yesu ati : ''*Dore Databuja, umugabane wanjye w'ibintu byanjye ndawuha abakene, kandi umuntu wese nambuye, ndabimuriha kane. Yesu aramusubiza ati : Uyu munsi Agakiza kaje muri iyi nzu, kuko nawe uri umwana wa Aburahamu, kandi Umwana w'umuntu yazanywe no gushaka no gukiza icyari cyarazimiye* ''.

Zakayo, amaze kwakira Agakiza, yahise yihana, abwira Yesu uburyo yahoraga yambura rubanda, abisabira imbabazi, arangije, asubiza mu buryo ibyo yangirije, asubiza ibyo yanyereje, abikuba incuro 4, yungukira abo yari yarambuye. Uko, ni ko kwihana nyakuri. Na twe, ni ko tugomba kubigenza.

c **Tugomba kubabarira abatubabaje bose tukabakunda, tukabagirira neza**

Tugomba gutekereza neza ku bantu baba baratugiriye nabi twaba tutarababarira tukabababarira. Iryo ni itegeko ry'Imana. Kandi Imana yabitubwiye incuro nyinshi. Umuntu utababarira, ntazabasha kubona Imana. Kuko umutima we uzaba ushariliye, uzaba urimo ibikomere, kandi Imana ntiza ibana n'imitima idafite amahoro n'akanyamuneza. Pawulo we yayise imitima ihumanye.Tugo mba rero guhumanura imitima yacu tubabarira bose, kandi tubabarira byose nta na kimwe gisigaye. N'aboba baratwiciye abantu tugomba kubabababarira.

Umwami Yesu igihe yatwigishije gusenga yaratubwiye ngo tujye mu byo dusaba Imana tumusaba kuduha ubushobozi bwo kubabarira. Mu by'ukuri, ntibyoroshye. Atari Imana ibidushoboje ntitwabibasha. Buriya, gusaba imbabazi bisa n'aho ari byo byoroshye, ariko kubabarira umuntu yakugiriye nabi akurenganya, atari imbaraga z'Imana zigushoboje, ntiwabyishoboza. Umwami Yesu rero yaratubwiye ati : Nimusenga mu masengesho yanyu ntihakaburemo iri Jambo go : '' *Uduharire imyenda yacu nk'uko natwe twahariye abarimo imyenda yacu*". *Kuko nimubabarira abantu ibyaha byabo, na So wo mw'IJuru, azabababarira ibyaha byanyu, ariko nimutababarira abantu, na So, ntazabababarira ibyaha byanyu*. **Matayo 6 : 12, 14 .**

Urumva rero, kugirango tubabarirwe, haricyo natwe dusabwa. Ni ukubanza kubabarira abatubabaje bose, kandi natwe tugasaba imbabazi abo twababaje. Tugomba kugira ubutwari bwo kubabarira n'abatadusabye imbabazi. Tugo mba kwibohora mu buryo bwose, tukikuraho umugayo wose Imana n'abantu batubonaho.

Umwami Yesu ageza kubabarira kure cyane. Ntatubwira kubabarira abatugiriye nabi gusa ngo bibe bikwiriye, ahubwo adutegeka no kubakunda. Muri **Luka 6 : 27**, Yesu yaratubwiye ati : ''*Ariko ndababwira mwebwe abumva ngo : Nimukunde n'abanzi banyu, mugirire neza ababanga, mwifurize ineza ababavuma, musabire ababangiriza. …………., mugurize abantu mudatekereza ko bazabishyura. Ni bwo ingororano zanyu zizaba nyinshi, namwe muzaba abana b'Isumbabyose, kuko igirira neza ababi n'indashima. Mugirirane imbabazi nk'uko So nawe azigira* ''.

Rero kugirango wemerwe n'Imana ko uri umwana wayo, ugomba kwuzura ubuntu, ukagira urukundo rwuzuye impuhwe rutarobanura, nk'uko Data ameze. Yanga icyaha ntiyanga abagikora. Natwe, tugomba kwanga ibibi abandi badukorera, ariko bo tugashishikara tukabakunda. Ku nabi badukoreye, tukabitura ineza.

Mu **Baroma 12: 17- 21** Ijambo ry'Imana rirongera rikaduhugura neza riti :'' *Ntimukiture umuntu inabi yabagiriye. Niba bishoboka mu rwanyu ruhande, mubane amahoro n'abantu bose. Bakundwa, ntimwihoranire, ahubwo umwanzi wawe nasonza, umugaburire, nagira inyota, umuhe icyo anywa, kuko nugira utyo, uzaba umurunzeho amakara yaka ku mutwe. Ikibi cye kukunesha, ahubwo unesheshe ikibi icyiza* ''.

## d. Kwatura ibyaha byacu

Nk'uko twabivuze kare, dushobora kwaturira umukozi w'Imana, twihereranye turi babiri, akatugira inama, akadusengera, akadusabira imbabazi, Umwami Yesu akatubabarira.

Dushobora no kwaturira ibyaha byacu imbere y'Itorero ry'Imana, umushumba akadusabira imbabazi, cyangwa umukozi w'Imana wese uhari, tukababarirwa. Dushobora kwaturira ibyaha byacu mu matsinda y'amasengesho dusengeramo. Ubundi, imbere yo gutangira gusenga, ndetse n'imbere yo gutangira ama teraniro, twagombye kubanza kwatura ibyaha byacu tukiyeza, kugirango itera niro ryacu ribe iryera kugirango Imana ibane natwe.

Kwatura ibyaha byacu kugirango tubabarirwe, tubitegekwa n'Imana, kandi mu bubasha Yesu yasigiye intumwa ze, harimo ko bagomba kubabarira ibyaha, kandi Yesu yarababwiye ngo ibyo bazaboha kw'isi bizaba biboshe no mw'ijuru, n'ibyo bazabohora mw'isi, bizaba bibohowe no mw'ijuru.

Muri **Yohana 20 : 21** Yesu amaze kuzuka yiyereka abigishwa be arababwira ati : ''*Amahoro abe muri mwe. Uko Data yantumye nanjye ni ko mbatumye, amaze kuvuga atyo, abahumekeraho ati : Nimwakire Umwuka Wera. Abo muzababarira ibyaha bose bazaba babibabariwe, abo mutazabibabarira bose bazaba batabibabariwe*'' Urumva rero, uko Data yamutumye kubabarira abari mw'isi atamutumye kubaciraho iteka, natwe ni ko bimeze, abahamagariwe n'Umwami Imana gukora umurimo we, bafite ubwo bubasha bwo gusabira abandi kugirango bababarirwe.

Ubundi, hari n'andi magambo ari muri Bibiliya aduhugurira gusaba imbabazi Imana twatura ibyaha byacu. Ni ko Imana yabitegetse. Ntihakagire rero umuntu azababesha ngo ababwire ibindi. No mu butumwa bwa 10 buduhamagarira kwihana dusanga muri cya gitabo nanditse cyitwa ngo: ''**Gukina Birarangiye** '' , Imana iri kutwibutsa uburyo tugomba kwihana ko ari ukwaturirana ibyaha byacu. Imana iratubwira ko hari abantu bari kwibesha ngo barababariwe kandi batababariwe kuko bakomeza bakaba mu mwijima kubera ko batinya kwatura ibyaha byabo, bakihana rwireshwa bakanyegeza ibyaha byabo mu ndiba z'imitima yabo bakiyerekana uko batari, ngo ni akazi kabo. Abo ni abariganya, kandi ngo mu menye neza ko : *Umutima wuzuyemo uburiganya, wirukana Umwuka Wera, kandi ngo Imana igiye gutandukanya abana n'inzoka*.

**Amagambo y'Imana akurikira, arabitubwira na yo neza ati :**

'' *Mwaturirane ibyaha byanyu musabirane, kugirango mukizwe*''. **Yakobo 5:16.** ''*Uhisha ibyaha bye ntazagubwa neza , ariko ubyatura akabireka, azababarirwa*''. **Imigani 28: 13.** no muri **1Yohana 1:8-9**. Ijambo ry'imana riratubwira riti ''*Nituvuga ko ari nta cyaha dufite, ukuri kuba kutari muri twe, ariko nitwatura ibyaha byacu, ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu no kutwezaho gukiranirwa kose*. ''

Umwami Yesu, ahora adutegereje adutegeye amaboko. Iyo watuye ibyaha byawe Imana irakubabarira, Umwami Yesu akakwuhagiza amaraso ye ugasigara wera de. Kandi igihe cyose twiyanduje tukihana, aratweza. Icyo adusaba gusa ni kimwe : Ni ukwatura ibyaha byacu nk'uko twakomeje kubivuga, ka ndi tukabyatura tubikuye ku mutima. Inzira tugomba kunyuramo mu gusaba imbabazi Imana, turayisanga muri cya gitabo nanditse cyitwa ngo : **Dukizwa n'Ubuntu bw'Imana**.

Umuntu yakwibaza impamvu tugomba kwaturira ibyaha byacu abandi bantu, tutajya imbere y'Imana gusa ngo abe ari Yo twaturira. Nakomeje kubitekereza-ho, ariko ku bwanjye nasanze Imana iba ishaka kuducisha bugufi no kutwumvi-sha ko tugomba guterwa isoni n'ibyo twakoze , bigatuma dushyira imbaraga mu kureka gukora ibyaha. Kuko na none biteye isoni guhora watura ibyaha bimwe. Kwatura ibyaha byawe, bigushyiramo kwihanira kureka.

Ikindi, nasanze nk'uko twabivuzeho ko dukizwa n'Ijambo riva mu kanywa kacu. Tukaba twasobanuye ko icyicyaro cy'Ijambo ko ari cyo kiyobora izindi ngi ngo z'umubiri zose, icyo twatuje akanywa cyose, umubiri wacu uhita witegurira kugishyira mu ngiro. Niba rero twatuje akanywa kacu kandi bivuye ku muti-ma ko icyaha runaka tucihanye, ko twiyemeje kutazasubira kugikora, ingingo z'umubiri wacu, zirakireka, ndetse zikanakizinukwa. Kandi icyo twatuje akanwa kacu ni isezerano tuba duhaye Imana ko twihaniye kureka. Kuri iyo mpamvu Umwuka Wera araza akadufasha gushyira mu bikorwa ibyo twiyemeje
.
**Muri 1 Abatesalonike 4 : 7** Ijambo ry'Imana riratubwira riti : *Imana ntiyaduhamagari-ye kwanduzwa, ahubwo yaduhamagariye kwezwa. Ni cyo gituma uwirengagiza ibyo ataba ari umuntu yanze, ahubwo aba yanze Imana iha mwese Umwuka wayo Wera*.

Imana rero iradusaba guhora twicuza tukatura ibyaha byacu tugasaba Imana imbabazi, igihe cyose twibonaho umugayo kugirango duhore twejeje. Kuko nk'uko Imana yabivuze, abatezwa baba banga Imana, ubwo rero ntibazabo-na Umwami Imana. Dusabwe rero kudakomeza gukinisha ibyaha, duhore twitu nganije, twitegurira guseruka imbere y'Intebe y'Imana tudakorwa n'isoni. Ibya-ha, ntitukabitindane, tubyiyambure vuba na bwango. Twirirwe nk'abatiriza umu nsi, kandi turyame nk'abatazabyuka. Gukina byararangiye. Twiyeze amanywa n'ijoro, kugirango tubashe kubana n'Imana muri ino si, n' inyuma y'ubu buzima. Utazabanira n'Imana mw'isi, ntabwo azabanira na Yo mw'ijuru. Ijuru ritangirira mw'isi, n'umuriro n'ukwo. Ingaruka z'ibyo dukora, tuzabanza kuzisogongerera hano mw'isi. Imana itubwira muri **Yesaya 57:21** ko nta mahoro y'abanyabyaha, twitwararike.

**e. Kubatirizwa mu mazi menshi.**

Mu gice kijanye no kwiyuhagira harimo no kubatirizwa mu mazi menshi. Ijambo kubatiza risobanura '' *Kwibiza* '' *mu mazi cyangwa se* '' *kwinika* ''. Uhereye mu gihe cya Yohana umubatiza, ukageza mu gihe cy'Intumwa ndetse no mu mateka y'Itore-ro, usanga umubatizo ari umuhango wagiye ukorerwa abizera bose. Ntabwo ari umuhango washizweho n'idini runaka, ahubwo, ni itegeko ry'Umwami Imana.
Ibi bigaragazwa n'Ijambo Yesu yabwiye Yohana muri **Matayo 3:15,** igihe yari

yanze kumubatiza yaramubwiye ati : '' *Emera ubikore kuko ari byo bidukwiriye ngo tura ngize gukiranuka kose.* Umwami Yesu yashatse kumubwira ati. ''. Kugirango dukore ubushake bwa Data bwose, tube abana bumvira, mbatiriza mu mazi menshi kuko ni Data yabitegetse, ni cyo Yesu yashatse kubwira Yohana. Tugomba kumenya rero ko gukora ibyo gukiranuka ko ari ugukora ibyo Imana ishaka, tugakora ibyo Imana idusaba gukora byose.

Tugomba kumenya ko kubatirizwa mu mazi menshi ko ari itegeko ry'Imana. Ibyo turanabisanga mu mirimo Yesu yasigiye intumwa ze yarazibwiye ati : *Nuko, mugende muhindure abantu bo mu mahanga yose abigishwa, mubabatiza mu izina rya Data wa twese, n'Umwana na Mwuka Wera*. Iri ni Ijambo dusanga muri **Matayo 18 : 19** Intumwa zubahirije iyo nshingano. Abo babwiriza ubutumwa bwiza bose, bakizera, barabatirizaga, bakimara kwihana ibyaha byabo. **Ibyakozwe n'Intumwa 2 : 38 -41.**

Ntabwo umubatizo ari wo wakizaga ibyaha, ni umuhango wakorerwaga abantu bamaze kwizera no kwihana ibyaha byabo. Urugero twatanga ni uburyo Ko ronaliyo n'abo mu rugo rwe bujujwe Umwuka Wera batarabatirizwa mu mazi menshi. '' *Petero akivuga ibyo, Umwuka Wera amanukira abumvise ayo magambo bose….. " Noneho abaza abo bari kumwe ati : Aba ngaba bahawe Umwuka Wera nka twe, ni nde wabasha kubima amazi ngo babatirizwe ? Ategeka ko babatirizwa mw'izina rya Yesu-Kristo*. '' **Ibyakozwe n'Intumwa 10 : 44-48** Kubatiriza mu ruhanga byakomotse kw'Itorero rimaze kuva mu murongo w'Ijambo ry'Imana, abanyamadini bamwe batangiye guha umubatizo agaciro udafite. Icyo gihe ni ho batangiye kubatiza
abarwayi n'abenda gupfa, ndetse n'impinja ngo batazapfana ibyaha, kuko bi bwira ko umubatizo ari wo ukiza ibyaha. Uyaba wakiza ibyaha, cyane cyane nk'uko bivugwa ko ukiza icyaha cy'inkomoko, abana babatirijwe ntibobone tsweho kwikunda nk'abana batabatirijwe. None se, ko bakurana kamere y'icyaha nk'abandi, ubundi iyaba koko umubatizo wakiza icyaha cy'inkomoko, bokuze ari intungane badacumura kuko umuzi w'Icyaha wo kwikunda woba wabara nduwemo, bagakura buzuye urukundo. Umwami Constantin ni we yazanye umubatizo wo mu ruhanga ku mpamvu z'isuku, ndetse, n'ubwirasi burimo, noneho amadini amwe arabishigikira akurikiza ibyo uwo Mwami yategetse. Ndetse n'amadini amwe areka burundu umubatizo wo mu mazi menshi asigara akoresha gusa umubatizo wo mu ruhanga.

Umubatizo nyakuri, nk'uko Imana yabitegetse, n'Umwami wacu Yesu akaba ari wo yabatirijwe kugirango tuzamufateho icyitegererezo, ni uwo kwibizwa mu mazi menshi. Uyu mubatizo ushushanya gupfa, guhambwa no kuzukana na Kristo.

Iyo umuntu yemeye kwibizwa mu mazi, aba yemeye ku bw'icyo gikorwa akoze igihano Imana ihanisha ibyaha ko ari urupfu. Aba ahamije ku mugaragaro ko ahambye imibereho ye ya kera, ko ahambye ibyaha bye i kuzimu, ko yitandukanije n'ibyaha ndetse n'isi, ko yabambanywe na Kristo ku musaraba. Icyo gihe umuntu wabatirijwe, aba abaye umwe na Kristo mu rupfu rwe mu buryo bw'Umwuka. Aba abambanywe na Kristo mu mubatizo. Muri make, uru pfu rwa Kristo ku musalaba no gucungurwa kw'umunyabyaha wihanye,bishu shanywa n'umubatizo.

**Mu magambo makeya, kubatizwa ni :**

-Ugushushanywa na Kristo mu kubambwa kwe . Ibi turabisanga mu **Baroma 6 : 6**, aho Ijambo ry'Imana ritubwira riti : « *Kandi tumenye iki y'uko umuntu wacu wa kera ko yabambanywe na we, kugirango umubiri w'ibyaha ukurweho, twe kugumya kuba imbata z'ibyaha, kuko uwapfuye aba atsindishirijwe ibyaha*. »

-Ni ugushushanywa na Kristo mu rupfu rwe, nk'uko tubisanga mu **Baroma 6 : 3** : " *Ntimuzi yuko twese ababatirijwe muri Yesu Kristo ko twabatirijwe no mu rupfu rwe*". ? .

-Ni ugushushanywa na Kristo mu guhambwa kwe no kuzuka kwe, nk'uko tubisanga mu **Baroma 6 : 4- 5** : '' *Nuko rero ku bw'Umubatizo twahambanywe na we mu rupfu rwe, kugirango nk'uko Kristo yazuwe, n'ubwiza bwa Data wa twese, abe ariko natwe tugendera mu bugingo bushya. Ubwo twateranijwe na we gusangira urupfu nk'urwe, ni ko tuzaba duteranijwe na we gusangira kuzuka nk'ukwe*.''

**None se umuntu ubatijwe mu mazi menshi aba ahamije iki ?**

- Aba asezeranye n'Imana yonyene ko yitandukanije n'icyaha icyaricyo cyose.

- Aba ahamirije Imana n'abamarayika ko yishimiye kwiyegurira Kristo, agashu shanywa na Kristo hano mw'isi, akagenda nka we. Uwubatirijwe, aba akurikiye mu buryo bw'Umwuka inzira imwe n'Umwami we. Aba yambaye Kristo, ka ndi aba abaye umwe na we, kandi aba yiyemeje ku mugaragaro kumwu mvira iteka ryose. Ijambo ry'Imana rirabitubwira neza riti : '' *Mwese, muri abana b'Imana mubiheshejwe no kwizera Kristo –Yesu, kuko mwese ababatirijwe muri Kristo muba mwambaye Kristo. None, ntihakiriho Umugiriki cyangwa Umuyuda, imbata cyangwa uw'umude ndezo, umugabo cyangwa umugore, kuko mwese muri umwe muri Kristo- Yesu* ''. **Abagalatiya 3 : 26-28**

- Aba ahamirije isi n'Ijuru, ndetse n'ikuzimu ko yitandukanije na Satani, akaba yiyunze n'Imana ku mugaragaro kandi ko yiyemeje kubaho ku bw'Imana muri Kristo Yesu.

-Aba ahamirije Satani ku mugaragaro ko avuye munsi y'ubutware bwe, ko agiye mu butware bwa Kristo kandi ko nta mushikirano agifitanye na Satani. Ijambo ry'Imana rirabitubwira riti : *'' Muri Kristo, ni na mo mwakebwe, gukebwa kutari ukw'intoki, ahubwo, ni ugukebwa kuva kuri Kristo, ariko kwiyambura umubiri w'ibyaha bya kera. Kuko mwahambanywe na we mu mubatizo kandi ni mo mwazuranywe na we, ku bwo kwizera imbaraga z'Imana zamuzuye mu bapfuye ''*. **Abakolosayi 2 : 11-12** .

**Ni iki noneho gisabwa ngo umuntu abe akwiriye kubatirizwa mu mazi menshi ?**

Nta kindi dusabwa, dusabwa kuba twarakiriye Umwami Yesu mu bugingo bwacu, tukamwizera nk'Umwami, Umukiza n'Umucunguzi wacu. Twarangiza, tukatura ibyaha byose twakoze imbere y'uko twakira Agakiza, tukabyihana, tugafata ingamba zo kubivamo, no kutagisubira kubikora. Tukabyatura kandi tukabyaturira kureka, tukiyemeza kunyura mu nzira ipfunganye twaciriwe na Yesu-Kristo yo gusa na we no kugenda nka we, tumwumvira iteka ryose. Mu magambo make, ni ukuba twafashe ingamba idasubirwaho yo guhindukirira Imana tugatandukana na Satani, ndetse tugatandukana n'iby'isi, n'abantu bose umwanzi ashobora gukoresha kugirango adusubize inyuma

Filipo akimara kubwiriza ibya Kristo umunyetiyopiya w'inkone, yizeye Yesu-Kristo. Bageze ku Mazi iyo nkone iramubaza ati : Ni ki kimbuza kubatiri zwa ? Filipo aramusubiza ati : Niba wizeye n'umutima wawe wose birashoboka. Uwundi aramusubiza ati : rwose ndizeye Yesu-Kristo ko ari Umwana w'Imana. Filipo ahita amubatiriza ako kanya. **Ibyakozwe n'Intumwa 8 : 26-40** Petero n'izindi ntumwa, bamaze kubatirizwa mu Mwuka Wera, barasohotse batangira guhamya ibya Kristo, noneho abantu bamaze gukorwaho barababaza bati none tugire dute ? Petero yarababwiye ati ni mwihane, umuntu wese muri mwe aba tirizwe mw'Izina rya Yesu-Kristo. **Ibyakozwe n'Intumwa 2 : 38** .

Rero, kwiyuhagira, ni intambwe ikomeye mu buzima bw'Umukristo kuko Imana ntishobora kuguha ibyayo ucyanduye. Imana ntishobora no kuguturamo utarikuramo ibibi bikubamo. N'Ijambo ry'Imana ntushobora kurigirira inyota no kurisobanukirwa, ngo uritunge mu mutima wawe, igihe cyose ugifite ibyaha mu mutima wawe, kuko uba ukirimo Satani. Rimera nka za mbuto Yesu yavuga umubibyi yabibye zikagwa mu mahwa izindi zikagwa ku rutare…. Biradusaba

rero kwiyuhagira imitima yacu, tukayimaramo icyo ryose, kugirango Imana iduturemo, yo n'Ijambo ryayo na Mwuka Wera. Na Yesu-Kristo yaratubwiye neza ko nta wutera ikiremo gishya ku mwenda ushaje ngo bishoboke. Umwenda mushya uca ushaje. **Matayo 9 : 16-17**. Ibyo kwa Satani rero ntiwabibanisha n'iby'Imana. Nyimba ushaka iby'Imana, banza ujugunye ibyo kwa Satani. Imana ntibangikanywa na Satani. Niba ushaka kubana n'Imana, irukana Satani

Na Pawulo ayobowe n'Umwuka Wera w'Imana yabwiye Abakorinto ati :'' *Ntibishoboka ko munywera ku gikombe cy'Umwami ngo munywere no ku gikombe cy'abadayimoni. Ntimushobora gusangira ibyo ku meza y'Umwami wacu n'ibyo ku meza y'abadayimoni* ''. Rero, kugirango ube uw'Imana, urire ku meza kandi unywere ku meza y'Umwami wacu, ugomba kwiyambura, kandi ukiyozaho imyanda yose Satani yakwa nduje, wihana, kandi ubatirizwa mu mazi menshi. Uko ni ko gufata umwanzuro wo guhinduka, ugahinduka umwana w'Imana kandi ukabigaragaza.

## II.3 Kwambara

Umuntu iyo amaze kwambura imyenda yanduye akiyuhagira, arambara imyenda myiza. Iyo wiyuhagiye, warangiza ukaguma utambaye, uhita usubira kwandura. Umuyaga ushobora kuza ukagutumuriraho ibikungugu. Nyimba wiyuhagiye ibirenge ntuhite wambara inkweto, ibirenge byawe, bihita bisubira gukandagira mu byondo bikandura. Ni ngombwa rero kugirango ukomeze ube mwiza, ugomba kwambara ukirinda iyindi myanda yakwanduza.

No mu buryo bw'Umwuka ni ko bimeze. Iyo wejeje umutima wawe, wari wicawemo na Satani ku bw'ibyaha byari muri wowe, ntuheze ngo uhite uwutuzamo Imana, ngo uwambike, iyo uwuretse uri gusa, Satani ahita agaruka agafata icyicyaro, agasubira kugukoresha ibindi byaha birenze na bya bindi ku bw'uburakari kuko wari wamwirukanye.

Imitima yacu ntiyigera iba yonyine. Iyo twananiwe kwimika Imana mu mitima yacu, umwanzi araza akayishingamo ibirindiro. Imana, ntiyigera idufata ku ngufu ngo ize mu mbaraga tutayihamagaye, ariko noneho Satani we, nta kindi akora atari ukudufata ku ngufu. Apfa kubona aho amenera akaza yirukanka akadutera, akicara mu bitekerezo byacu, agatangira kudutekerereza. Kuko tuzi ko tuyoborwa n'ibitekerezo byacu, iyo yadufashe mu bitekerezo, tutabaye maso ngo tumwirukane, ni we usigara ayobora ubuzima bwacu, akadukoresha ibibi kuko nta cyiza cyaturuka kuri we.

Umwami Yesu yabitubwiye neza muri aya magambo ati : **"***Dayimoni iyo avuye mu muntu, anyura ahadafite amazi ashaka uburuhukiro akabubura. Akavuga ati : Reka nisubirire mu nzu yanjye navuyemo. Yagerayo agasanga irimo ubusa, ikubuwe, iteguwe. Ni ko kugenda akazana abandi badayimoni barindwi bamurusha kuba babi, bakinjira bakabamo, ibyo hanyuma by'uwo muntu bikaba bibi kurusha ibya mbere. Ni ko bizaba ku b'iki gihe kibi* **" Matayo 12 : 43-45** .

Igihe cyose umaze kwuhagira umutima wawe, ugomba kuwambika kugirango uwurinde gusubira guhumanywa na Satani. Kuko umwanzi nta kindi akora atari ukugutekerereza gukora imirimo y'ubugome ukandurisha umutima wawe ibyaha. Ikindi kimugenza ni ukuzuza imitima yacu imibabaro, akakwihebesha, ugahora uhangayitse, ugahorana ubwoba. Noneho imitima yacu ikazana iminkanyari. Kandi, tuzi ko umutima wanduye n'uwufite iminkanyari, ko utabana n'Imana. Imana iba mu mutima wuzuye amahoro n'umunezero.

Tugomba kumenya rero kwambika imitima yacu icyaricyo, n'icyo tugomba gukora kugirango itaba gusa, cyangwa ngo yambare Satani aho kwambara Imana.

Kwambika imitima yacu, ni ukuyifungurira Kristo ari we Jambo ry'Imana, akayuhagira yarangiza akayicaramo. Muri **Yohana 15 : 3**, Umwami Yesu yaratwi bwiriye ati :'' *None, mumaze kwezwa n'Ijambo nababwiye. Mugume muri njye, nanjye ngume muri mwe . Kandi, kuguma muri Yesu, n'uko amagambo ye aguma muri twe* ''

Umwami wacu Yesu-kristo yashaka kutubwira ko tugomba kumenya Ijambo rye, kugirango ritweze ridutunganye mu guhindura ibitekerezo byacu. Nitumara kurimenya, tugomba kuryimika mu mitima yacu kugirango rikomeze ribe mu bitekerezo byacu rituyobore, ritubere umucyo mu kudukuramo ibitekerezo bibi twashizwemo n'umwanzi ku bw' icyaha cy'inkomoko cyo kwikunda, noneho ridushiremo ibitekerezo by'Imana bishingiye ku rukundo, bibe ari byo bituyobora.

Kugira Ijambo ry'Imana muri twe, tukemera no kuryubahiriza, ni ingenzi mu buzima bw'umukristo. Nk'uko Umwami wacu Yesu-Kristo yabivuze muri **Yohana 14:21** ati : '' *Ufite amategeko yanjye akayitondera ni we unkunda, kandi unkunda azakundwa na Data, nanjye nzamukunda mwiyereke*. Umwami Yesu arongera arashimangira ku murongo wa 23 ati : '' *Umuntu nankunda azitondera Ijambo ryanjye, na Data azamukunda, tuzaza aho ari tugumane nawe* ''.

Ubundi, ku murongo wa 15 w'icyo gice nyine, Umwami Yesu yaravuze ati : **"***Nimunkunda, muzitondera amategeko yange. Nanjye nzasaba Data, na we azabaha undi mufasha wo kubana namwe ibihe byose, ni we Mwuka w'ukuri* **"**.

Aya magambo Umwami Yesu yatubwiye muri kino gice, atubwira neza uburyodushobora gutuza Imana muri twe. Ngo nitwemera Ijambo rye ariwe Yesu-Kristu, tukaba muri we, Ijambo rye rikaba muri twe, tukaryubahiriza, tukarigenderamo, Data azaduha Umwuka Wera, kandi azadukunda, noneho ngo bose baze babane natwe. Imana rero, mu butatu bwe butagatifu, nitwemera guha kaze mu mitima yacu Ijambo rye, azaza yicare muri twe, abane natwe, tumubere ubuturo. Imana, ntija itandukana n'Ijambo ryayo, kandi ntijya itandukana n'Umwuka wayo Wera. Kugira Ijambo muri wowe, ni ko gukaribisha Imana, ni ko kwimika Imana muri wowe, uku ni ko kwambika umutima wawe.

Imana yarambwiye umunsi umwe iti : '' *Nta kindi nipfuza ku bana banjye, ni uko bampereza imitima yabo* ''**.** Imana rero, ntabwo ikeneye ko tuyubakira amazu y'ibi tabashwa kuko si yo ituramo, itura mu mitima yacu.

Imana yaravuze muri **Yesaya 66 : 1-2** iti : **"***Ijuru ni intebe yanjye, isi na yo ni intebe y'ibirenge byanjye. Muzanyubakira nzu ki , kandi aho nzaruhukira hazaba ari hantu ki ? Kuko ibyo byose, ukuboko kwanjye ariko kwabiremye bikabaho byose. Ni ko Uwiteka avuga. Ariko uwo nitaho, ni umukene ufite umutima umenetse, agahindishwa umushitsi n'Ijambo ryanjye***"**. Imana yarongeye iratubwira iti *:* **"***Nzatura muri bo ngendere muri bo. Nzaba Imana yabo nabo babe abana banjye***"***.* Nitwahindishwa umushitsi n'Ijambo rye, tukaryitaho, Imana na yo izatwitaho ibane natwe. Kuba uzi ko Imana ikwitaho ikaba ari Yo ikubeshejeho,ni byo biguhesha amahoro n'umunezero.

Rero, uwitwa umwana w'Imana wese, witiriwe izina rya Yesu-Kristo, agomba kumenya no kugira ishyaka ryo gutuza Se mu mutima we. Umuntu wese Data atabamo, si umwana we. Imana yaramwihakanye muri aya amagambo ati : ''*Udasoma Ijambo ryanjye, si uwanjye, simuzi*''

Nk'uko twabivuze kare Imana ibana n'Ijambo ryayo. Aho ritari n'Imana ntiba ihari. Ntitugakomeze rero kwibeshya ngo turi abakristo, kandi ngo turi abana b'Imana tudasoma Ijambo ryayo ngo turyimike mu mitima yacu, kandi duhore turitekerezaho igihe cyose, kugirango ribe ari ryo rituyobora.

Nitubigenza dutyo, ibitekerezo byacu bizahora byerekeje ku Mana. Tugomba gutekereza Imana aho turi hose, tugatekereza ku byiza idasiba kudukorera, tukayiririmbira mu mitima yacu. Ntitugahe urwuho Satani ngo adufate mu bitekerezo. Ntitukigere twibagirwa ko ugufashe mu bitekerezo ko ari we ukuyobora. Kandi ukuyobora ni na we ugukoresha. Kandi ugukoresha, ni we uzagutsindira, ni we uzagutwara. Tugire kwirinda kwinshi muri twe.

Tumaze kumenya uburyo dutuza Imana mu mitima yacu, ariko kuyituza mu bitekerezo byacu. Imana rero muri bwa butatu bwe butagatifu, ni yo igomba kwiharira ibitekerezo byacu. Kirazira kujarajaza umutima wawe mu guhoza ibitekerezo byawe ku by'isi, ku bibazo byawe, ku bantu cyangwa no kuri Satani. Ndetse n'abana bawe n'uwo mwubakanye, ntabwo ari bo bagomba kwicara mu mutima wawe, ngo babe ari bo wamizaho ibitekerezo byawe. Tugomba rero kwimika Imana imwe rukumbi mu bitekerezo byacu kugirango ibashe kuyobora ubuzima bwacu. Iyo twayihaye icyicaro, ni yo isigara idutekerereza, noneho ikaba ari Yo idukoresha, kandi ikaba ari yo ituvugiramo ibyo ishaka.

Kwicaza Yesu-kristo mu bitekerezo byacu, tukaba ari we duhozaho umutima wacu, tukamurutisha n'abacu, Umwami Yesu yarabidutegetse, abitubwira muri **Matayo 10:37** ati :**"***Ukunda se cyangwa nyina kubandutisha, ntaba akwiriye kuba uwanjye, kandi ukunda umuhungu we cyangwa umukobwa we kubandutisha, ntaba akwiye kuba uwa njye***"**. Buriya, uwo ukunda, ni we uhozaho ibitekerezo byawe, icyo ukunda ni cyo wimika mu mutima wawe. Rero, nushikamisha ibitekerezo byawe ku Mwami Yesu ari we Jambo ry'Imana, uzaba ukunda Imana kuruta byose, kandi, ni ryo tegekeo risumba amategeko yose ngo : '' *Ukundishe Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose, n'ubugingo bwawe bwose, n'imbaraga zawe zose, n'ubwenge bwawe bwose*.'' **Luka 10 : 27**.

Ugomba kugera no ku rugero rwo kwikuraho ibitekerezo wowe ubwawe, ukabihoza kuri Yesu, ni ko gukunda Imana kurusha uko wikunda wowe nyine, ni ko kwiyanga ku bwa Kristo . Umwami Yesu yaravuze ati : '' *Umuntu nashaka kunkurikira, niyiyange, yikorere umusalaba we iminsi yose ankurikire, kuko ushaka kurengera ubugingo bwe azabubura. Ariko utita ku bugingo bwe ku bwanjye ni we uzabukiza* ''. **Luka 9 : 23-24 .** Kandi, iyo imitima yacu yaciye bugufi ikamenekera Imana, ikifungurira Imana, Imana itwitaho nk'uko iri Jambo ribitubwira riti : '' *Nzakwigisha nkwereke inzira unyura, nzakugira inama, Ijisho ryanjye rizakugumaho* '' **Zaburi 32 : 8** Ijisho ry'Imana rihora ku bita kw'Ijambo ryayo.

**Mu migani 8 : 33**, Ijambo ry'Imana rirongera rikatubwira riti : '' *Hahirwa umuntu unyumvira akaba maso mu marembo yanjye iminsi yose* ''. Umuntu yorosha umutima we akumva Ijambo ry'Imana, akariha agaciro rikwiriye, azahirwa kuko azahora ari maso. Ibitotsi byo mu Mwuka bizamuba kure . Uwo, ni we uzanesha, kuko Imana izamuja imbere imuyobore igendane nawe. Kandi tumenye ko kuba maso ko ari ubushobozi bwo kwomatana n'Imana, ku bwo kuyihozaho ibitekerezo byacu. Uku ni ko kugendana n'Imana.

Mu **migani 4 : 20 -23**, Imana iratwibwirira iti : '' *Mwana wanjye, ita ku magambo yanjye, tegera ugutwi ibyo mvuga. Ntibive imbere y'amaso yawe. Ubikomeze mu mutima wawe imbere. Rinda umutima kuruta ibindi byose birindwa, kuko ari wo iby'ubugingo bikomokaho* ''.

Imana yacu rero ari we Data, adusaba kurinda imitima yacu mu kurinda ibitekerezo byacu bidafatwa n'umubi. Kandi nta kundi tuzabasha kubirinda umubi atari ugukomeza Ijambo ry'Imana muri twe, rikaba ari ryo tuzirika mu mitima yacu mu guhora turitekerezaho amanywa n'Ijoro.

Ubundi, twavuga ko umuntu azi Ijambo ry'Imana, rikaba mu bitekerezo bye, rikamuyobora, ntayoba. Kuko Ijambo ry'Imana ni ryo rimufasha guhitamo neza. Umuntu Ijambo ry'Imana ryahindutse ibitekerezo bye, ntashobora kuneshwa, kuko atekereza nk'Imana, noneho agakora byiza, akanavuga n'ibintu byiza gusa. Nk'uko Imana yabivuze, tunesherezwa mu bitekerezo, kandi mu bitekerezo ni ho tuneshereza. Tugomba rero kwitwararika kugira ibitekerezo bizima bituruka ku Mana mu kumenya Ijambo ryayo, kuko ni mw'Ijambo ryayo yaduhishuriye uko itekereza.

Twibuke, uburyo Yesu yaneshesheje Ijambo. Umwanzi yaraje kumugerageza amutekerereza ibinyuranye n'ibyanditswe, noneho Yesu aramuhinyuza aramu bwira ati : Ibyo umbwira ni ukubesha kuko binyuranije n'ibyanditswe.

Ijambo ry'Imana rirabitubwira neza muri **Matayo 4 : 1-11** riti : " *Maze Yesu ajya nwa n'Umwuka mu Butayu kugeragezwa n'umwanzi, amaze iminsi 40 n'amajoro mirongo ine atarya abona gusonza*. Umushukanyi aramwegera aramubwira ati : '' *Niba uri Umwana w'Imana, bwira aya mabuye ahinduke imitsima. Aramusubiza ati : Handitswe ngo* : " *Umuntu ntatungwa n'umutsima gusa, ahubwo atungwa n'amagambo yose ava mu kanwa k'Imana. Maze umwanzi amujana ku murwa wera, amuhagarika ku gasongero k'urusengero aramubwira ati : Niba uri Umwana w'Imana ijugunye hasi kuko handitse ngo : Izagutegekera abamarayika bayo, bakuramire mu maboko yabo, ngo udakubita ikirenge kw'ibuye. Yesu aramusubiza ati : Ntuka gerageze Uwiteka Imana yawe*. *Umwanzi arongera amujyana mu mpinga y'umusozi muremure cyane, amwereka ubwami bwose bwo mw'isi n'ubwiza bwabwo aramubwira ati* : " *Biriya byose ndabiguha numpfukamira ukandamya*". Yesu aramubwira ati : "*Genda Satani kuko handitswe ngo : Uramye Uwiteka Imana yawe, abe ari Yo ukorera yonyine ". Umwanzi aherako aramureka, maze haza abamarayika baramukorera* ".

Umwanzi yashatse gufata Umwami Yesu ngo amutekerereze ibyo gukora asanga amurusha ubwenge kuko yamurusha ibyanditswe. Ibaze aho umwanzi agerageza kumwumvisha ko atari n'Umwana w'Imana, akagerageza kumwibagiza icyo ari cyo.

Ngo niba uri Umwana w'Imana ngo gira kurya na kuriya. Iyo utabaye maso ngo ube koko utekerezwa n'Ijambo, umwanzi ahora ashakisha buri gihe kudu shyiramo gushidikanya no ku byo twari dusanzwe tuzi ko ari ukuri. Ibaze kugirango atinyuke gushaka gutuma Umwami Yesu ashidikanya ku Bumana bwe, nk'uko yatumye Adamu na Eva bashidikanya ku byo Imana yababwiye : Ngo

n'ukuri koko, Imana yaravuze ngo ? . Ibaze, yabumvishije ko bumviranye, ko Imana igomba kuba atariko yababwiye.

Umwanzi rero iyo udatunze Ijambo ryuzuye muri wowe, ngo urihagarareho udashidikanya, umwanzi agutera kuvangirwa no gusigara wumva ko n' Ijambo ry'Imana ko atari irye. Iyo umaze gushidikanya kw'Ijambo ry'Imana, ntube ukiryizera ko ari ukuri, umwanzi aba yakurangije, agukoresha uko ashatse. Icyo gihe, ashobora no kukwumvisha ko utari n'Umwana w'Imana, kandi akazamura muri wowe kwanga Imana. Tugendane ubwenge n'ubushishozi. Kuge ndana ubwenge, ni ukugendana Ijambo muri wowe, rikaba ari ryo rikuyobora mu kugutekerereza. Uko, ni ko kugendana n'Imana.

Guta Imana, ni ukujugunya Ijambo ryayo rikakuba kure. Nujugunya Ijambo ry'Imana nayo izakuba kure, kuko Imana iticara kubiri n'Ijambo ryayo nk'uko nakomeje kubivuga. Noneho Satani akwinjire mu bitekerezo agukoreshe iby'isoni nke. Aho, ni ho usanga abantu birirwa bitotomba ngo byarabananiye kuva muri kamere. None se, uzareka gusambana gute kandi mu bitekerezo byawe hibereyemo amatako y'abakobwa ? Uzareka kwiba gute, nta kindi urota atari uguhaza umubiri wawe ? Uzareka guhorana uburakari no kuvuga nabi gute, uhora witotombera abantu utababarira?.

Ubundi, tumenye ko Satani azi ibyanditswe byera. Aho yabwira Yesu ngo haranditse ko izagutegekera abamarayika bakuramire mu maboko yabo. Koko ibyo biranditse. Ariko noneho Ijambo ry'Imana ritubwira ko nta kindi kintu na kimwe kigomba kudutegeka atari Imana yonyine. Ibyo, Yesu yarabizi cyane, ni cyo gituma yamubwiye ati : Ntukagerageze Imana yawe. Wowe, ntufite ububasha bwo kuntegeka icyo ngomba gukora. Ni cyo gituma tugomba kwiga Ija mbo ry'Imana, tukarimenya ryuzuye. Kuko kumenya igice kimwe ikindi utakizi bishobora gutuma uhendwa n'umubi ukemera.

Tugomba rero kwuzura Ijambo, tukarikomeza mu bitekerezo byacu, kugirango Umwanzi ataza kudutekerereza ibindi. Tumenye ko ahora bugufi bwacu kugirango atwoshe nabi atuyobye. Rinda ibitekerezo byawe kurusha ibintu byose birindwa. Mu bitekerezo byacu ni ho byose bipfira, kandi, ni ho byose bikirira. Ibitekerezo byawe, ni bwo bugingo bwawe. Niwapfa, ni byo bizazamuka imbere y'Imana gucibwa urubanza nkuko nari nabivuze. Ibi ntuzigere ubyibagirwa.

Ambika umutima wawe ibitekerezo byiza biturutse mw'Ijambo ry'Imana kuko ni byo byonyine bizaguhesha guhinduka ugakiranuka. N'ayo ahandi hoho nurekurira Umwanzi ibitekerezo byawe, uzahumana ukiranirwe bikunanire kuva mu byaha kugeza aho uzarimbukira.

Umwami wacu Yesu-Kristo, hari amagambo abiri yatubwiye adusobanurira neza ko gukiranirwa no gukiranuka ko bituruka mu bitekerezo byacu biri mu mitima yacu. Muri **Matayo 15 : 10- 11, 17- 20,** Umwami Yesu yaratubwiye ati: *Nimwumve musobanukirwe. '' Ikijya mu kanwa si cyo gihumanya umuntu, ahubwo, ikiva mu kanywa ni cyo kimuhumanya* ''. Intumwa ze zimusobanuje arazibwira ati *: << Ntimuzi ko ikintu cyose kigiye mu kanwa, ko kijya mu nda kikanyura mu nzira yacyo ?. Ariko ibiva mu kanwa biba bivuye mu mutima, ni byo bihumanya umuntu. Kuko mu mutima w'umuntu ari ho haturuka ibitekerezo bibi : Kwica no gusambana no guheheta, kwiba no kubeshera abandi n'ibitutsi. Ibyo, ni byo bihumanya umuntu>>*.

Muri **Matayo 12 : 34 b- 35,** Umwami Yesu yarongeye aratubwira ati : '' I*byuzuye mu mutima ni byo akanwa kavuga. Umuntu mwiza atanga ibyiza abikuye mu butunzi bwe bwiza, n'umuntu mubi atanga ibibi abikuye mu butunzi bwe bubi* ''.

Aha rero Umwami Yesu nta kindi yashaka kutubwira atari ukutumenyesha ko ibiri mu mutima, ni byo tuvuga, kandi amagambo tuvuga ni yo adukoresha kuko tuzi ko icyicyaro cy'Ijambo ko ari cyo kiyobora izindi ngingo z'umubiri wacu. Umuntu rero asa n'Ijambo rye, kandi akora nk'uko Ijambo rye rimeze. Ibyo tuvuga, bituruka mu bitekerezo byacu, kandi ibyo tuvuga ni byo dukora. Nidutekereza neza, tuzavuga byiza dukore byiza, ariko nidutekereza nabi, tuzavuga bibi dukore bibi. Kandi dukomeze twibutsanye ko ibitekerezo byiza ko nta handi bituruka atari mw'Ijambo ry'Imana, kandi ko ahatari Ijambo ry'Imana ko haturwa na Satani udutekerereza ibyo gukiranirwa gusa kuko ari se kibi.

Mu bitekerezo byacu rero ni ho duhumanira, kandi ni mu bitekerezo byacu ni ho twerezwa, twejejwe n'Ijambo ry'Imana. Umwami Yesu adusengera yabwiye Se ati : *Data, ubereshe ukuri. Ijambo ryawe ni ryo kur*i. Twiyambure rero Satani twambare Kristo mu mitima yacu, ni ho tuzakizwa, ni ho tuzahinduka ibyaremwe bishya, kandi nk'uko twabivuze, tuba bashya mu bitekerezo, ntabwo tuba bashya ku mi biri yacu.

Umuntu rero utemera gutwara Yesu ari we Jambo ry'Imana mu bitekerezo bye, ngo yemere ayoborwe n'ibitekerezo bivuye mw'Ijambo ry'Imana, azacirwaho iteka. Uwo, ni umwanzi w'Imana. Gutwara Ijambo ry'Imana mu mitima yacu, ni yo mpamvu nyamukuru yo kuba inshuti z'Imana no kuzabana na Yo iteka ryose. Ntukavuge ngo kuko usenga, kuko ukora imirimo y'ubutabazi ngo ni byo byonyine byakugeza mw'Ijuru.

Urupfunguruzo rwa mbere rupfungura Ijuru ni Agakiza ari we Yesu-Kristo, ari we Jambo ry'Imana. Utamufite rero, ni umwanzi w'Imana, ntazabasha kubona ubugingo buhoraho.

Umwami Yesu we ubwe yarivugiye ati : ‘’*Uwo tutabana ni umwanzi wanjye”* . **Luka 11 : 23** . Arongera aravuga ati : ‘’*Kandi ba banzi banjye batakunze ko mbategeka, nimubazane hano mubicire imbere yanjye* ‘’ . **Luka 19 : 27**. None se Yesu yagutegeka gute atari imbere mu mutima ngo agutekerereze ?. Mwibaza ko umugore wa Loti yarimbuwe n’iki ?. Nta kindi cyamurimbuye, yarimbuwe no kutabasha gukura ibitekerezo bye ku butunzi bwe, ngo abyerekeze kw’itegeko ryaturutse ku Mana. Yananiwe kwiyambura iby’isi ngo yimike muri we Ijambo ryaturutse k’Uwiteka abe ari ryo yubahiriza. Yigize intumva **Itangiriro 19.** N’uno munsi, abariho bigira intumva, bazabwigwa n’uko amaso atukuye. Tuzireguza iki ko Imana idasiba kuvuga? .

Abamenye Ijambo ry’Imana, bakaryemera, bakaritwara muri bo, bakarigenderamo, bakemera kuyoborwa na ryo, ni bo bana b’Imana, ni bo tumana duto nk’uko Yesu yavuze ati : “ *Navuze ngo muri imana, abo Ijambo ry’Imana ryajeho kandi ibyanditswe bikaba bitabasha gukuka* “ .**Yohana 10 : 34** . Mu yandi magambo, abatagira Ijambo ry’Imana muri bo, ni yo baba basenga, ni yo baba ari aba nyamadini, ni yo baba ari abakozi b’Imana bameze bate, batambaye Ijambo, ntabwo ari abana b’Imana. Umwami Yesu yarongeye aratubwira ati : ‘’ *Uwizera uwo Mwana, aba abonye ubugingo buhoraho. Ariko utumvira uwo Mwana, ntazabona ubugingo, ahubwo umujinya w’Imana uguma kuri we* “. **Yohana 3 : 36** Uwo Mwana nta wundi, ni Yesu ari we Jambo ry’Imana. Utamwizera ngo amwisunge muri byose ntazarokoka umujinya w’Imana. Njya mbwira abantu ngo kugirango musobanukirwe neza Yesu uwari we, n’ukuntu mugendana na we, mujye musimbuza muri Bibiliya ahanditse Yesu, cyangwa Umwana w’Imana, muhasi mbuze n’Ijambo ry’Imana. Mwisomere no muri **Yohana 1 : 1- 18**

Ntitwibeshye rero ku Gakiza ngo tuzahave duhusha ijuru. Ndakomeza kuba bwira ko Agakiza ari Yesu, ko ari Ijambo ry’Imana, kandi gukizwa ko nta ha ndi bitangirira atari uguhitamo Yesu ari we Jambo ry’Imana ukamwakira, uka mwimika mu mutima wawe we wenyine utamubangikanije n’umuntu n’umwe, cyangwa ikintu na kimwe. Nawe ubwawe utamwibangikanijeho mu mutima wawe. Aragusumba. Ni we wa mbere mu buzima bwawe. Ibyo bizagaragazwa no kumushikamisha ho ibitekerezo byawe, na we ubwawe ukirinda kwihugiraho.

## Intambwe ya gatatu : GUSEZERANA

**Gusezerana ni iki** : Ni ugufata ingamba hamwe zo gukorana ikintu. Abantu basezerana ari babiri cyagwa benshi. Ingero : Dushobora kwemeranya gushinga imangazini tugacyuruzanya, twese tugasangira inyungu.

**Gusezeranya** : Umuntu ashobora kwemerera undi kumukorera ikintu, cya ngwa kumugeza ku kintu. Aba akimusezeranije. Ingero : Nshobora kukweme rera kukurihira amashule kugeza uyarangije. Hariho no gusezeranya abandi ba ntu : Ni uko basezeranira imbere yawe, ukakira amasezerano yabo, ukababera umuhamya w'ibyo basezeranye.

Ibyo wasezeranye n'undi muntu cyangwa ibyo wamusezeranije, bituma mukomeza kugiranira imibanire n'ubusabane bwimbitse kuko mufite ikibahuza.

N'Imana kugirango mubashe kubana muhorane, ntiwigere ugwa ngo uyiveho, mugomba gusezerana, mukagira ibibahuza, mukagira umushinga museze rana gukorana na Yo. Ibyo, bizakurinda kunyuranya n'Imana, bizatuma uge ndera mu nzira z'Imana, bizatuma ugendana n'Imana, kandi bizagushyiramo u mwete wo guhora uyishaka amanwa n'ijoro. Umuntu wese agomba kwisuzuma akamenya niba hari umushinga ari gukorana n'Imana. Ese ni iki wasezeranije Imana gukorana na yo ? Muri **Amosi 3,3,** Ijambo ry'Imana riratubwira riti : " *Mbese abantu babiri bajyana batasezeranye* " ? Ntabwo byashoboka, nta n'ubwo babana nta kintu kibahuza, nta cyo basangiye.

Umugabo n'umugore iyo bashinga urugo, ni ingero nziza y'ababana baraseze ranye. Urugo rwo mw'isi ruhagaze ku masezerano. Umuhungu n'umukobwa iyo bapanga kwubaka, hari ibyo basezerana. Hari ibyo bumvikana bigomba kugenga imibanire yabo. Abantu bapfa kwubakana nta masezerano ahamye bagiraniye kandi ngo buri wese ayahagarareho, abo ni bo usanga ingo zabo zisenyuka hadashize n'iminsi.

N'Urugo rwacu rwo mw'Ijuru turi kwubakana n'Umutware wacu Yesu- Kristo, rugomba guhagarara ku masezerano adakuka. Umwami wacu Yesu-Kristo, ntabwo mwabana mutasezeranye. Hari amasezerano Imana iguha, nawe, hari amasezerano ugomba guha Imana.

## III.1. Amasezerano duhabwa n'Imana.

Imana yahaye abana bayo amasezerano menshi akubiye mu masezerano abiri gusa twahawe na Yesu-Kristo. Yesu-Kristo yadusezeranije amahoro tukiri mw'isi, adusezeranya ubugingo buhoraho nituva muri uno mubiri. Nyamara twanavuga ko ubugingo buhoraho ko tububonera muri ino si. Umuntu wese ufite amahoro, aba amaze kubushyikira.

Muri **Malaki 2:5**, Ijambo ry'Imana riratubwira neza ko Imana yadusezeranije Ubugingo buhoraho n'amahoro. '' *Isezerano nasezeranye na we, ryari ubugingo n'amahoro* ''. Mw'Ijambo rimwe, Imana yadusezeranije kutuneshereza haba tukiri muri ino si, haba no mu rupfu. Umuntu ukiri mw'isi yanesheje umwanzi arangwa n'amahoro ari wo mutima uturije muri Yesu-Kristo. Kandi, kuva twarakiriye Kristo, tugahindurwa bashya n'Ijambo rye, tugomba kugira ibyo byiringiro ko Umwami Yesu yatuneshereje ibiturwanya byose bitubuza amahoro muri ino si, nk'uko yaduhumurije ati : "*Ibyo mbibabwiriye kugirango mugire amahoro muri njye*:''*Mw'isi mugira imibabaro, ariko, nimuhumure, nanesheje isi* ''. **Yohana 16 : 33 .**

Umwami Yesu rero yanesheje ibiturwanya byose, kugirango tubeho mu mudendezo tudatinya. Ahubwo tubeho mu mahoro no mu munezero n'iyo twaba tugeze mu bihe bikomeye. Kuko Imana yatwibwiriye iti :" *Witinya kuko nagucunguye, naguhamagaye mu izina ryawe uri uwanjye. Nunyura mu mazi, nzaba ndi kumwe na we. Nuca no mu migezi ntizagutembana. Nunyura mu muriro, ntuzashya. Kandi ibirimi byawo ntibizagufata kuko ndi Uwiteka Imana yawe, Uwera wa Istraeli Umukiza wawe*". **Yesaya 43 : 1- 3** .

Umwami Yesu asezera abigishwa be, igihe yari bugufi bwo gusubira mw'Ijuru, ntabwo yabaraze amasambu cyangwa amazu, cyangwa indogobe, ntabwo yabaraze iby'isi, yabaraze amahoro. Kandi umuntu afite amahoro yo mu mutima, ni we wanesheje isi n'ibyayo nk'uko dukomeza kubishimangira. Tumenye neza ko imitima ituzuye amahoro ko itazabona Umwami Imana. Ijambo Yesu yatubwiye rirabitumenyesha neza riti : '' *Mwirinde, imitima yanyu ye kuremererwa n'ivutu no gusinda n'amaganya y'iyi si, uwo munsi ukazabatungura, kuko uzatungura abantu bose bari mw'isi yose, umeze nk'umutego* ''. **Luka 21 : 34-35** .

Tugomba rero kwirinda abajura bose b'amahoro, tugahorana imitima iturije mu Mana, kugirango Yesu naza kudutwara atazasanga imitima yacu yahahamutse ku bwo kuyembayembera mu by'isi, noneho iyi si tukayisigaramo abandi bazamutse. Ntituzamere nka muka Loti, yahindutse inkingi y'umunyu abandi bagahunga bakagera iyo bajyaga, na we agasigara mw'irimbukiro . Yabitewe no kuyembayembeshya umutima we ku byo yarasize inyuma, byamwanze mu

nda, abura amahoro, asubiza amaso i nyuma kandi Imana yabibabujije. N'ubu, umuntu wese yananiwe gutandukana n'ibintu byose, ngo akure mu mutima we iby'isi n'abana b'abantu, ndetse na we yikure mu mutima we ubwe, awimikemo Yesu – Kristo, impanda nivuga ntabwo azayumva. Umwami Yesu yaranatubwiye ati : « *Uwo munsi, uzaba hejuru y'inzu, ibintu bye biri mu nzu, ye kuzamanuka kubikuramo, n'uri mu mirima n'uko ntazasubira inyuma. Ushaka kurengera ubugingo bwe wese azabubura, ariko uzabura ubugingo bwe wese, azabubona* » **Luka 17 : 33 .** Nyamara, utazaba yariyambuye byose ngo yizirike kuri Yesu ntibizamukundira, kuzamuka azakererwa akijarajara mu by'isi ngo atabisiga.

Umwami Yesu yaratwibwiriye neza ko yazanywe no kuduha ubugingo buhoraho muri **Yohana 10 : 9-10**: aho Umwami Yesu atubwira ko ari we Mwungere mwiza. Umukunzi wacu Yesu-Kristo yaratubwiye ati : "*Ni jye rembo ry'Intama, umuntu niyinjira muri njye azakizwa, azinjira asohoke, kandi azabona urwuri. Umujura ntazanywa n'ikindi, keretse kwiba no kwica no kurimbura, ariko njyewe ho, nazanywe no kugirango zibone ubugingo ndetse no kugirango zibone bwinshi*".

Iyo ni yo ntego ya mbere Umwami wacu Yesu –Kristo adufiteho, ni iyo kutugeza iwe mw' Ijuru, akaduha ubugingo buhoraho, tukazabana nawe iteka ryose mu mahoro n'umunezero bidashira. Mu butumwa bwa kabiri Imana yampaye kubagezaho itubwira ko Agakiza atari igikinisho, Umwami Yesu yaratubwiye ko yaje kuduha Ijuru, ntabwo yazanywe no kuduha iby'isi, yaje kuduha Ijuru. Kandi Ijuru ritangirira hano mw'isi. Nk'uko nabivuze kare, kuba mw'ijuru ukiri mw'isi, ni ukubaho mu mahoro y'umutima wawe, ntakiguhubanganya, ntakiguhahamura, ntakigutera ubwoba.

Ijambo ry'Imana riri mu **Baroma 8 : 29 -30** na ryo riratubwira neza ko Imana yadusezeranije kutuneshereza muri aya magambo: ''*Abo yamenye kera yabatoranirije kera gushyushyanywa n'ishusho y'Umwana wayo, kugirango abe impfura muri bene se benshi. Abo yatoranije kera yarabahamagaye, kandi abo yahamagaye yarabatsindishirije, n'abo yatsindishirije, yabahaye ubwiza* ''.

Umwami Yesu yagusezeranije kukuneshereza ukazabana nawe ubuziraherezo. Tugomba kugira ibyo byiringiro, tugahorana iyo nyota n'inzara byo kuzamubona amaso ku yandi, ni ho tuzagira ishyaka ryo kwirinda, tugahora twiyeza nk'uko yera, kuko abatejeje batazigera bamubona. Impamvu abantu benshi batava mu byaha kandi bitwa ngo ni abakizwa, ni uko nta nyota bafitiye Yesu. Ibi rero bikaba bituruka ku rukundo ruke bamufitiye. Nyamara we agutegereje n'igishika cyinshi.

Umwami Yesu yabitubwiye muri aya magambo ati : ‘’ *Ntimuhagarike imitima yanyu, mwizere Imana, nanjye munyizere. Mu rugo rwa Data harimo amazu menshi : Iyaba adahari, mba mbibabwiye kuko ngiye kubategurira ahanyu. Kandi ubwo ngiye kubategurira ahanyu, nzagaruka mbajane i wanjye, ngo aho ndi, namwe muzabeyo. Kandi aho njya, inzira murayizi.* **Yohana 14 : 1- 4**

Mu magambo makeye, Umwami wacu Yesu-Kristo yadusezeranije ubugingo n’amahoro. Ariko kugirango tubisingire, natwe hari ibyo tugomba kumusezeranya, hari indahiro tugomba kumuha kandi tukazihagararaho.

## III.2. Amasezerano duha Imana

Iyo umaze guhitamo Yesu, warangiza ugakora umurimo wo kwimuka ukava munsi y’Ubwami bwa Satani ukimukira munsi y’Ubwami bw’Imana, ugomba gufata umwanya noneho wo gutekereza, ukamenya neza ya maseze rano waha Yesu umubwira ko ushaka ko akubera Umwami n’umutware icyo avuga n’uburyo wayashira mu bikorwa kugirango uyakomeze. Aho ni ho uzabona ubugingo n’amahoro, ibyo Yesu –Kristo yasezeranije abamwizera bose. Ubundi impamvu abantu benshi basubira inyuma, bakakira Agakiza ariko ntibakizwe, ni uko badaha agaciro amagambo babwiye Yesu bamwakira, ntibumve ko ari indahiro idakuka ngo batekereze uburyo, bayishyira mu bikorwa.

Wakira Agakiza wahaye indahiro Yesu-Kristo uramubwira uti : Kuva uno munsi

- Ntandukanye na Satani n’ibyaha byose yankoreshaga.
- Niyeguriye wowe Yesu ngo ube ari wowe umbera Umwami n’Umutware
- Niyemeje kukuyoboka, kukwumvira no kukwubaha, nkagendana na we iteka ryose
- Unyandukure mu gitabo cyo kurimbuka, unyandike mu gitabo cy’Ubugingo.

Mu by’ukuri, aya magambo tubwira Umwami Yesu, ni amagambo akomeye dukwiye guha agaciro kuko uzayahagararaho azamukiza, ariko uzayakere nsa azamwicisha. Si amagambo yo gukinisha, ni amagambo yo guhagararaho, tukayahorana mu mitima yacu kandi tukayisunga muri byose. Twarahiriye imbere y’Imana n’abantu ko tubaye abana b’Ubwami bw’Imana mu guhitamo Yesu –Kristo, tugatandukana na Satani. Tugomba rero kugenda uko bikwiriye ab’Umwami wacu nk’uko Pawulo yabiduhuguyemo muri **1 Abatesalonike 1 : 11** aho yatubwiye ati : “ *Ni cyo gituma tubasabira iteka ngo Imana yacu ibatekereze ko mumeze nk’uko bikwiriye abahamagawe na Yo, kandi isohoreshe imbaraga imyifurize myiza yose n’imirimo yanyu yose iva ku kwizera, kugirango Izina ry’Umwami wacu rihimbazwe muri mwe, namwe mumuhimbarizwe nk’uko ubuntu bw’Imana yacu n’ubw’Umwami Yesu-Kristo buri* “**.**
Tugomba kumenya uko tugomba kwitwara no gukora nk’abana b’Ubwami

bw'Imana. Kandi Imana yo ubwayo nk'umubyeyi ubabaye abana be kugira ngo bataba ibirara, yaratwibwiriye ibyo tugomba gukora kugirango tugume mu masezerano ye, dusingire ubugingo n'amahoro. Igihe rero yadusezeranya ubu gingo n'amahoro, muri **Malaki 2 : 5- 7,** yarongeyeho ati : *Nabimuhereye kugirango anyubahe, maze aranyubaha ahindishwa umushitsi n'izina ryanjye. Itegeko ry'ukuri ryabaga mu kanwa ke, kandi mu minwa ye, nta gukiranirwa kwahumvikanaga. Yagendanaga nanjye mu mahoro no mu byo gukiranuka, yahinduraga benshi bakareka ibyaha. Kuko akanwa k'umutambyi gakwiriye guhamya iby'ubwenge, kandi abantu bakwiriye kuba ari we bashakiraho amategeko, kuko ari we ntumwa y'Uwiteka Nyiringoma*.

Ibyo, ni byo tugomba gusezeranya Umwami Yesu. Mu magambo make, dufite inshingano zo kumusezeranya kumubera abana beza. Kandi tukamenya ko turi abana b'Umubyeyi udasanzwe, ko Umubyeyi wacu ari we Muremyi wacu, Umwami w'abami n'abatware bose. Tugomba rero kubana na we nk'uko abana bato babana n'umubyeyi wabo, ariko nyine tukirinda kwibona no kwishira hejuru, ahubwo tukubaha cyane umubyeyi wacu, tukamutinya kuko ni umubyeyi ukomeye. Aroroheje mu mutima we, ariko aranakaze. Muri **2 Gutegeka 10 : 14 – 17**, Imana yabwiye Abanyistraeli iti : " *Dore Uwiteka Imana yawe ni yo nyiri ijuru ndetse n'ijuru risumba ayandi, kandi ni yo nyir'isi n'ibirimo byose. Nubwo bimeze bityo, Uwiteka yishimiye ba Sogokuruza banyu ngo abakunde, atoranya urubyaro rwabo rwabakurikiye ari rwo mwe, abatoranya mu mahanga yose ari ko biri na bugingo n'ubu. Nuko mukure mu mitima yanyu ibituma iba nk'imibiri itakebwe, kandi ntimukomeze kutagonda amajosi. Kuko Uwiteka Imana yanyu ari Imana nya Mana, ni Umwami w'abami, ni Imana ikomeye y'inyambaraga nyinshi, iteye ubwoba itita ku cyubahiro cy'umuntu, idahongerwa*. "

Uno munsi ni twe Banyistraeli tubwirwa. N'aho Imana yadutoranije, ikadukura mu buretwa bwa Satani, ikaduhamagarira kuba abana bayo, tugomba guhora duciye bugufi mu mitima yacu. Tugomba kwumva ko turi bato cyane imbere y'Imana. Ntitugomba kwigira ibyo twishakiye imbere yayo, tugomba kuba abana bumvira.

Muri cya gitabo cy'Ubuhamya bwanjye narababwiye ukungene Umwami Yesu yambwiye ndi kumusaba igihe cyo kwisubiraho kuko yari yangaragarije ko agiye kugaruka, yambwiye ngo : " *Ndi Intare yambaye ubwoya bw'Intama* ". Ubu Umwami Yesu aracuzuye impuhwe n'imbabazi, aracyoroheje mu mutima we nk'intama. Ariko nagaruka kuducira urubanza azaba ari Intare. Nta mpuhwe azaba agifitiye abanyabyaha, buri wese azacibwa urubanza rumukwiriye rujyanye n'ibyo yakoze, yaravuze ko adahongerwa. Ni cyo gituma tugomba kumenya ko Umwami Yesu atari igikinisho cyacu. Uzakomeza kumukinisha aziboneraho. Yaravuze ko uzamutsitaraho azavunika, kandi ngo uwo azagwira azahinduka ifu.

Nk'uko nabivuze kare, ni umubyeyi, ariko ageretseho no kuba Umwami

w'abami. Ngikizwa, Imana yigeze imbwira ngo : " *Ntuzigere umenyera, ndi Imana itamenyerwa* " . Tugomba kuba abana bubaha, ntitugomba kuba abana bashira isoni, abana bibona cyangwa abana birata bamenyera Imana. Pawulo ni we watubwiye ati : " *Musoze Agakiza kanyu mutitira muhinda umushyitsi kuko Imana ari yo ibaha gukunda no gukora ibyo ishaka* ". **Abafilipi 2 : 12-13**

Tugomba rero kwumva ko Umwami Yesu ko ari umubyeyi wacu, tukifata nk'uko umwana muto yifata imbere y'umubyeyi we, ni ho tuzamubona. Muri **Matayo 18 : 1- 4,** "*Ngo icyo gihe, abigishwa begera Yesu baramubaza bati : Umukuru mu Bwami bwo mw'Ijuru ni nde ? Ahamagara umwana muto amuhagarika hagati yabo arababwira ati : " Ndababwira ukuri ni mudahinduka ngo mumere nk'abana bato, mutazinjira mu Bwami bwo mw'Ijuru. Nuko uzicisha bugufi nk'Umwana muto, ni we mukuru mu Bwami bwo mw'Ijuru*"**.**

Tugomba rero gusezeranya Umwami wacu Yesu-Kristo kugiranira imibanire nk'iyo Umwana muto agiranira n'umubyeyi we kugirango tugere kuri ayo mahoro tukiri mw'isi, kandi nidutaha tuzahabwe ubugingo buhoraho nk'uko yabidusezeranije. **Iyo mibanire ni iyi** :

**a.Umwana muto akunda cyane ababyeyi be kuko azi neza ko na bo bamukunda cyane.**

Mu buzima bwe, ni bo ba mbere. Imana irashaka ko na Yo tuyigira iya mbere, tukayikunda kurusha n'ababyeyi batubyaye ku mubiri kuko na yo idukunda kubarusha. Muri **Yesaya 49 : 15- 16,** Uwiteka Imana yacu yaratubwiye ati : ''*Mbese umugore yakwibagirwa umwana yonsa, ntababarire uwo yibyariye? Icyakora, bo babasha kwibagirwa ariko njye, sinzakwibagirwa. Dore nguciye mu biganza byanjye nkuca imanzi, kandi inkike zawe ziri imbere yanjye iteka* ". Imana idufitiye urukundo rutagerereranwa kandi rutagira ishingiro. Natwe Imana irashaka ko tuyikunda urukundo rutagira ishingiro. Ntitugakunde Imana kuko hari ibyo tuyishakaho, oya, tuyikunde kuko ari umubyeyi wacu gusa. Kandi urukundo dukunda Imana, rugaragarira mu kwubahiriza amategeko yayo. Umwami Yesu yarabitubwiye muri **Yohana 14 : 15** ati : " *Nimunkunda muzitondera amategeko yanjye* ". Abakunda Imana, si abahora babiririmba kuko nta n'umwe yakubwira ko yanga Imana. Nyamara abo Imana yemera ko bayikunda, ni abubahiriza amategeko yayo. Ni ukuvuga ko ikundwa n'abayumvira.

**b.Tugomba kubaho mu buzima bwo kwumvira Imana nk'uko umwana muto yumvira ababyeyi be akabacira bugufi.**

Umwana muto icyo ababyeyi bamubwiye ni cyo akora, nta kuburana, nta kuzanamo ubwenge bwe ngo atangire kuvuga ngo ari ko, ayoboka ababyeyi be nk'impumyi, ntaba aranaca ubwenge ngo atangire kugira ibyo yibwira we ubwe. Kandi, mu byukuri, ahora atinya no kubashavuza, kuko azi neza ko adakoze ibyo bamusaba ko no kumuhana bamuhana. Natwe n'uko, tugomba kwitwara rika imbere y'Imana tukigengesera, kuko n'aho Imana idukunda, tuyirakaje ifite n'ububasha ndetse n'uburenganzira bwo kuduhana nk'umubyeyi wacu.

Buriya, ikintu cyari cyaratandukanije Imana n'abantu, ni ukutayumvira, ni ukwigenga. Imana irema Adamu na Eva, yabahumekeyemo Umwuka we Wera kugirango ube ari wo ubayobora. **Itangiriro 2 : 7**Ariko Adamu na Eva aho bamariye kurya igiti kimenyekanisha ikibi n'icyiza Imana yarakibabujije, abantu batangiye kuyoborwa n'ubwenge bwabo, batangira kwiyobora ha kuyoborwa n'Umwuka Wera nk'uko Imana yari yarabibageneye. Imbere yo gukora ikintu batangira kwibaza bo ubwabo ngo niba ari kibi cyangwa cyiza, cyangwa bakibaza uko abandi bantu baza kubibona, icyo idini ribivugaho. Nyamara tugomba kumenya ko icyo twibaza ko ari cyiza, Imana ishobora kuba atari ko ikibona, Yo ikabona ari kibi. Ni cyo gituma Imana yari yabwiye Adamu na Eva ngo nimukirya no gupfa muzapfa. Yababwira ko bazarimbuka kuko yarazi neza ko batakwiyoboza ubwenge bwabo ngo bakiranuke, bazakora ibyaha bazi ngo bariho bakora ibyiza batakaze ubugingo buhoraho.

Rero, kuva twarakiriye Yesu-Kristo, akaba atuye muri twe, ntabwo tugo mba gukomeza kugendera ku marangamutima yacu cyangwa ngo tuyoborwe n'u bwenge bwacu, tugomba kwemera gutekererezwa n'Ubuzima bwa Yesu-Kristo buri muri twe imbere. Iyo tugiye gukora ikintu tukumva kiduhesheje amahoro n'umunezero, kiba ari cyiza, Imana iba icyemera. Ariko nubona ugiye gukora ikintu ukumva ubuze amahoro, cyihorere ni yo waba ubona ari cyiza, ntikiri mu bushake bw'Imana. Ubuzima bwacu, tugomba kubwubakira ku bu zima buturimo imbere ari we Yesu-Kristo. Mu buryo bufadika, Yesu ni Ijambo ry'Imana.

Tugomba rero kwubakira ubuzima bwacu kw'Ijambo ry'Imana. Tugomba guhora tubaza Ijambo riturimo. Ni cyo gituma nkomeza guhugurira buri muntu yahisemo Yesu guhora ashakisha buri munsi kumenya kurusha Ijambo ry'Imana akarihoza ku mutima, akaryibwira amanwa n'Ijoro. Rero, kumenya Ijambo ry'Imana ni inshingano ya buri muntu yizera Yesu-Kristo. Nyimba ugomba kuba

Umwana w'Imana nyakuri, ugomba kumenya Ijambo rye ukarigenderemo, bitabaye ibyo, ushobora guhora wibesha ngo uri uwe utari uwe ukazakorwa n'isoni atari byo wari witeze. Imana yo ubwayo yaranambwiye ngo : "*Abatagira Ijambo ry'Imana muri bo bazarimbuka* " Kandi mu by'ukuri ibi birumvikana, ntawayoborwa n'ikitamurimo imbere, ni ukuvuga, ikitari mu bitekerezo bye. Kandi ukuri kose kuri mw'Ijambo ry'Imana. Utarifite, ntazamenya ukuri, ntazamenya ubushake bw'Imana, azazimira.

Ibi tubirebera no kw'Ijambo Umwami Yesu yabwiye abigishwa be bamubwiye ko nyina na bene se ko bariho bamushaka. Noneho arababababaza ati : « *Mama ni nde ? na bene Data ni bande ? Arambura ukuboko agutunga abigishwa be ati : Dore mama na bene Data. Umuntu wese akora ibyo Data wo mw'Ijuru ashaka, ni we mwene data, ni we mushiki wanjye, ni we mama* » . **Matayo 12 : 46- 50** Rero, igihe cyose utumvira Ijambo ry'Imana, ntacyo uba upfana na Yesu-Kristo n'iyo waba witwa ngo warakiriye Agakiza.

**c.Umwana muto azi neza ko ntacyo yishoboreye, ko byose abikesha ababyeyi be**.

Umwana muto yizera ababyeyi be kuko kuri we, umubyeyi azi byose, umubyeyi ntacyo yabura, umubyeyi ntacyamunanira. Muri byose yirukira ababyeyi be.
Tugomba rero kwizera mu Mana yacu, tukamenya ko ari umubyeyi uduku nda kandi ushoboye byose, mu gihe twebwe ntacyo twakwimarira, nta n'icyo twa kwishoboza tudashobojwe na Yo. Pawulo yaravuze ati : " *Nshobozwa byose na Kri sto umpa imbaraga"*. **Abafilipi 4:13**. Ni cyo gituma tugomba guhora natwe twisu nga Imana muri byose, mu bito no mu binini, mu byoroheje n'ibikomeye. Tugomba guhora ari Imana dusaba ubufasha, ikaba ari Yo tugisha inama muri byose, ikaba ari Yo tuyoboza inzira tunyuramo kandi tukayirekurira ubuzima bwacu, tukemera kuyoborwa na Yo nk'impumyi, nta kwibaza byinshi kuko ni Yo kuri. Mu magambo make, tugomba kwiringira mu Mana yacu nk'uko umwana muto yiringira mu babyeyi be. N'Ijambo ry'Imana muri **Zaburi 37 : 5** riratubwira riti: " I*koreze Uwiteka urugendo rwawe rwose, abe ari we wiringira, na we azabisohoza* " Tugomba kwirundurira mu Mana twebwe n'ibyacu byose.

**d.Umwana muto ahora yumva akeneye kugumana n'ababyeyi be.**

Ahorana inyota n'inzara by'ababyeyi be kuko abakunda. Yumva ko igihe cyose atari kumwe n'ababyeyi be yahura n'ibibazo. Iyo atari kumwe na bo, nta mutuzo, abura amahoro. Yemera ko arinzwe na bo. Iyo ari kumwe na bo, yu mva ko ntacyamugeraho kibi. Ni cyo gituma habonetse ikintu kimutera ubwoba, yirukanka ahamagara se na nyina abasanga akabagwa mu maboko.

Nibuka nkiri muto uburyo nahora niziritse kuri maman. N'iyo yaja kuvoma amazi akansiga, nasigara ndira, yagaruka umutima wamvuyemo numva nabuze amahoro. Kandi ni iyo yamarayo umwanya muto ushoboka, njye nabonaga ari nk'umwaka wose. N'Imana irashaka ko buri gihe twumva ko ari Yo dukeneye, tukumva tuyinyotewe, tuyishonje, tuyifitiye igishika. Tukumva ko buri gihe turi kure y'Imana ko twahura n'ibibazo. Ni cyo gituma tugomba gukora ibyo Imana idusaba byose kugirango tuyifatanyeho akaramata.

Muri **2 Gutegeka 30 : 19 – 20**, Uwiteka Imana yacu yabwiye Abanyistraeli ati :
" *Uyu munsi ntanze ijuru n'isi ho abahamya bazabashinja yuko ngushize imbere ubugingo n'urupfu, n'umugisha n'umuvumo. Nuko, uhitemo ubugingo ubone kubaho wowe n'urubyaro rwawe, ukunde Uwiteka Imana yawe, uyifatanyeho akaramata kuko ari yo bugingo bwawe no kurama kwawe, kugirango ubone kuba mu gihugu Uwiteka yarahiye ba sekuruza banyu.*"
Urumva rero, natwe nituyifatanyaho akaramata, izadusoreza amasezerano yaduhaye nk'abana bayo.

Biradusaba kumenya icyo twakora ngo twifatanye n'Imana akaramata: Ni uguhorana n'Imana mu busabane budatuza, mu gukunda gusenga no gusoma Ijambo ry'Imana, mu guhoza Imana mu bitekererezo byacu, tuyiganiririza mu mitima yacu, tuyiririmbira mu mitima yacu, tuyishimira aho turi hose mu mitima yacu. Guhoza Imana mu bitekerezo byacu, ikaba ari yo tubyerekezaho tukabikura ku bindi bintu ibyari byo byose, tugakunda gusenga no gusoma Ijambo ry'Imana, bituma Imana igira imitima yacu ubuturo bwe kuko natwe tuba tu yitayeho. Kuyirinda irungu ni ko gutuma tugumana na yo. Iza nwa natwe mu mitima yacu no guhora tuyitekerezaho, tukongeraho no guhora tuyiririmbira kandi tuyiganiririza mu mitima yacu. Ni na cyo gituma Imana mw'Ijambo ry'Ibanze yatubwiye ngo kwakira Yesu no kumugumana bisaba kuba dukuze mu bitekerezo. Ngo hari abamwakira ntibababashe kumugumana kuko batamenya uburyo bamwitaho, uburyo bamugusha neza.

Muribuka ibya Mariya na Marita muri **Luka 10:38-42?**. Umwami Yesu ngo yaje kubasura, noneho Mariya yicara ku birenge bye aramuganiriza. Marita na we yirukanga mu gikoni guteka. Akazi kamaze kumuremerera, araza abwira Yesu ngo niyohereze Mariya aze kumufasha. Umwami Yesu aramubwira ati : Wiruhisha muri byinshi, Mariya ni we watoranye umugabane mwiza. Umwami Yesu icyari kimuzanye kubasura si ukurya, cyari ikiyago, yarazanywe no kubabwira Ijambo ry'Imana. Natwe, igihe cyose tudatega amatwi Yesu mu gusoma Ijambo ry'Imana, ngo tumuganiririze mu masengesho no mu mitima yacu, kandi ngo tugumize Ijambo ry'Imana mu mitima yacu duhore turitekerezaho, Yesu ararambirwa akigendera, noneho umuntu agasigara yibesha ngo arafite

Agakiza kandi ntako agifite. Ni yo mpamvu usanga abantu bakira Agakiza ntibahinduke, nuko batabashije gukomeza Yesu bamutaye. Natwe dushyire mu gaciro, bahindurwa n'uwo badafite ko bakomeje gusabana n'ibyo bararikiye ha gusabana na Yesu ?

N'Umwami Yesu yaravuze mu gitabo cyitwa: <<**Ubukwe bw'Umwana w'Intama**>> cyanditswe na Suzanne Davis ko " *Umuti w'icyaha ko ari umutima uhora ushakisha kunyurwa n'Imana* ". Arongera aratubwira ngo : *"Ntimukabe injiji, ngarurira ibitekerezo byanyu* ". Tugomba rero guhorana inzara n'inyota byo kubana n'Imana, ni ho tuzayishakana umwete kandi tuzayibona tuyifatanyeho akaramata, ni ho izabasha kutuyobora. Umwami Yesu muri iki gitabo nyine ndangije kuvuga, yaradusobanuriye uburemere bwo kugumana na we mu busabane buhoraho tukiri muri ino si. Yaravuze ati : **"I***cyo ari cyo cyose atari ubusabane nanjye, ni akazuyazi. Benshi bazatungurwa mu gihe bazambona bakamenya ko kubyina n'isi no kumarana najye akanya gato, ko ari byo bibabujije kugera mu Bwami bw'Ijuru***"**. **Ibyahishuwe 3 : 16**

Arongera aratubwira ko ku meza y'ubukwe bwe, ko buri wese azasanga mu kibanza yicajwemo impano, kandi ko buri mpano izaba ifite igisobanuro cy' umwihariko kubera ibihe birebire yagiranye na Yesu. Kandi ngo hazaba gutungurana gutangaje kuri uwo munsi wo kwizihiza ubukwe bwe. Murumva rero ko buri wese agomba kugira ku giti cye ibihe byo gusabana n'Imana. Gusenga turasengera hamwe n'abandi, na byo ni byiza, ariko kwihererana n'Imana kuri buri muntu ku giti cye ni ingenzi, ni umurimo tugomba guha agaciro gakomeye.

**e. Umwana muto ntajya abeshya ababyeyi be, avuga ibimunyuze mu mutwe byose uko biri ata buryarya.**

Umwami Yesu ni ko ashaka ko tumubanira. Ashaka ko tumwisanzuraho, tukamubwira ibyo dutekereza byose n'ibyo twibwira, imigambi yacu yose n'ingorane zacu zose atacyo tumuhisha, tukamubwira ibyo tunesha n'ibitunesha. Tukamubwira ubuzima bwacu bwose. Ibyo tunyuramo byose arashaka ko tubimubwiza ukuri. Arashaka ko tuba abanyakuri tukamwifungurira. Buriya intumwa ye Petero ni cyo yamukundiraga, yavuga ibimunyuze mu mutwe byose. Ibaze, umunsi umwe yegera Yesu aramubaza ati : " *Ko twebwe twahebye byose, tukagukurikira, none se tuzamera dute?* "**Matayo 19:27-30** .

Yaratinyutse aramubaza ati none ko watumye duta akazi kacu, tugata ingo zacu tukaguhora inyuma, uzatumarira iki ? Abacu bazabaho bate ?. Buriya n'aba ndi barabyibazaga ariko bakicwa n'isoni n'ubwoba. Imana ntishaka ko twicwa n'isoni n'ubwoba imbere yayo, ishaka ko tuyisanzuraho kuko turetse no kuba umubyeyi wacu, ni n'incuti yacu, kandi ni incuti nyancuti itigera itwinuba, ka

ndi ntijya itwararaza, itugumiriza akabanga. Kwisanzura ku Mana, bigaragaza urukundo n'icyizere tuyifitiye, kandi biyigaragariza ko twiyumvamo ko turi abana bayo nyakuri. Buriya baca umugani ngo umwana atari uwawe acukura aguhisha itaka. Umwana atari uwawe ahora akuryarya. Natwe nyimba turi abana b'Imana, twikuremo uburyarya bwose imbere yayo, tube abanyakuri ni cyo adushakaho. Imana tumenye ko itabana n'abanyabinyoma.

**f. Umwana iyo amaze gukura afasha ababyeyi mu mirimo yo gufata neza urugo rwabo no guteza imbere umuryango wabo.**

Kandi ntabwo akorera ibihembo, akorera kunezereza ababyeyi be. Umubyeyi ni we ku bwo kumwishimira amuha agashimwe ko kumunezereza. Ariko Umwana ntahembesha ababyeyi be. Natwe ni ko tugomba kwitwara mu nzu kwa Data. Tugomba kureba tukabona ibibura kugirango Ubwami bwa Data busasagare muri ino si, tukareba ikibura kugirango Itorero rya Kristo rikure rigere ku rugero rw'igihagararo cya Kristo. Noneho tukareba twebwe ubwacu umusanzu twatanga, tukawusengera kugirango Imana itugaragarize niba turi mu murongo wayo, inaduhe impano zo kuwurangura. Nk'uko Umwami Yesu yatwitangiye, tugomba natwe kumwitangira kugirango yamamare, amenyekane, abantu ba mwizere bazabone ubugingo buhoraho. Umwami Yesu, inshingano yaduhaye muri ino si, ni ukwumvira Imana twitangira Imana n'abandi bantu. Aho ni ho tuzaba turi abe. Yaratubwiye muri **Luka 9 : 23** ati : "*Umuntu nashaka kunkurikira niyiyange, yikorere umusalaba we iminsi yose ankurikire, kuko ushaka kurengera ubugingo bwe azabubura, ariko utita ku bugingo bwe ku bwanjye ni we uzabukiza. Umuntu byamumarira iki gutunga ibintu byose byo mu isi narimbuza ubugingo bwe cyangwa nabwakwaho indishi ?* "
Tugomba rero kwitanga ku bwo ubutumwa bwiza bwa Kristo kugirango Ingoma y'Imana yamamare muri ino si.

**g. Umwana muto nta nzika agirira ababyeyi be.**

Umwana, uburere bw'ibanze abuhabwa n'ababyeyi be. Ni bo bamutoza ingeso nziza, bakamwereka ikibi n'icyiza, bakamwereka umwonga uhuma n'udahuma. Umwana iyo akosheje ababyeyi baramuhanura, byaba na ngombwa iyo ari gushaka kunanirana bakanamukubita. Umwana iyo bakimukubita arababara akanarakara, ariko nta kanya bimara. Mu mwanya aba yamaze kubyibagirwa yasubiye mu busabane asanganywe n'ababyeyi be. Impamvu bihita bishira agahita asubira kwisanzura ku babyeyi be nk'aho ntacyabaye, ni uko yemera mu rukundo ababyeyi bamukunda, akaba asobanukiwe neza ko batamuhanye kuko bamwanga, ahubwo akumva ko agomba kwikosora. Ariko uzarebe nk'abantu baba barareze abana b'impfubyi, iyo umuhanye kandi umuhaniye

ikiri ukuri uko abyakira. Abenshi muri bo ntibemera ko ababareze babakunda. Ni cyo gituma iyo umuhanye yumva ari ukumutoteza, noneho agahorana inzika mu mutima, kuko yibaza ko umuhana umurenganya kuko utamukunda. Noneho ugasanga umwana ahora yigunze ata munezero afite n'iyo yaba abana n'aba ndi  bana, ukabona atishimye.

Hari abantu babaniye Imana nk'impfubyi. Bahora biganyira, bitotomba, ni intashima. Akabazo kose kabagezeho ndetse n'itinda ry'amasezerano yabo bibajana kure bagatangira kwibaza niba Imana ibazi, niba Imana ibakunda, bakishiramo ko yabataye.Ntibigera bihanganira ibihano by'Imana kandi bazi ko bayikoshereje bakananirwa kwihana kugeza aho ibanyuzaho akanywafu. Kuti-hanganira guhanwa no gucyahwa n'Imana ni kimwe mu byica iyo mibanire yacu n'Imana nk'abana bayo.

Ijambo ry'Imana mu **Baheburayo 12 : 5b -10** riratubwira riti: " *Mwana wanjye, ntugasuzugure igihano Uwiteka ahana. Kandi ntugwe isari nagucaha. Kuko uwo Uwiteka akunze ari we ahana. Kandi akubita ibiboko abo yemera bose ko ari abana be. Nimwihanganira ibiha-no, muba mugaragaje ko muri abana b' Imana. Mbese ni mwana ki udahanwa na se ? Nyimba mudahanwa nk'abandi bose, muba muri ibibyarwa mutari abana nyakuri. Ko dufite ba Data batu-byaye ku mubiri bakaduhana natwe tukabubaha , ntidukwiye kurushaho cyane kugandukira Se w'imyuka tugahoraho ? Kuko uyu, aduhanira kugirango bitubere byiza, dusangire kwera kwe. Nta gihano kinezeza ukigihanwa, ariko mu nyuma cyera imbuto zo gukiranuka zihesha amahoro abamenyerejwe na cyo* " .

Mu kwanzura kuri kino gice, twavuga ko Imana yadusezeranije ubugingo n'amahoro, ariko nyine kugirango tuyashyikire tugomba kubanira Imana yacu nk'uko umwana muto abanira ababyeyi be, tukayikiranukira mu kuyikunda kuru-sha byose na bose. Urwo rukundo rukagaragazwa no guhora tuyumvira, tuga-hora ari yo twiringira twumva neza ko mu mbaraga n'ubwebge bwacu ko ntacyo twishoboreye, bigatuma ari yo duhora twisunga muri byose no mu bihe byose, tukayigisha inama mu bito no mu binini. Tugahora twumva dukeneye kugumana na Yo no gusabana na Yo, tugahorana urukumbuzi rwo kuyibona no kubana na yo imbona nkubone. Tugomba guhora tuyibwiza ukuri ku buzima bwacu no ku byo twibwira byose. Tukumva ko dufite uruhare mu gukomeza ingoma ya Data noneho tukamusezeranya kumukorera twamamaza Ubutumwa bwiza bw' Umwami wacu Yesu-Kristo.

### III.3. Gukomeza amasezerano

**Aya masezerano twahanye n'Umwami wacu Yesu – Kristo yakomejwe n'Igaburo Ryera**.

Umwami wacu agisangira n'abigishwa be Pasika ya nyuma imbere y'uko abambwa ku musaraba, yenze Umutsima amaze kuwushimira arawumanyagura arawubaha arababwira ati : Nimwakire murye, uyu ni umubiri wanjye. Yenda igikombe, amaze kugishimira arakibaha banyweraho bose. Arababwira ati : Aya ni amaraso yanjye y'isezerano rishya, ava ku bwa benshi, mujye mukorera mutya kugirango munyibuke "  **Mariko 14 : 22-26 , Luka 22 : 14- 20**

Muri **Yohana 6 : 53,** Umwami Yesu yaratubwiye ati : " *Ni ukuri ni ukuri, ndababwira y'uko nimutarya umubiri w'Umwana w'Umuntu  ngo munywe n'amaraso ye, nta bugingo muba mufite muri mwe. Urya umubiri wanjye akanwa n'amaraso yanjye, aba afite ubugingo buhoraho, nanjye nzamuzura ku munsi w'imperuka kuko umubiri wanjye ari ibyokurya by'ukuri, n'amaraso yanjye ari ibyokunywa by'ukuri. Urya umubiri wanjye akanywa n'amaraso yanjye aguma muri njye, najye nkaguma muri we* "**.**

Umubiri n'amaraso y'Umwami wacu Yesu-Kristo, kuba yaraduhaye uburenga nzira bwo kubyakira, tukarya umubiri we, tukanywa n'amaraso ye, ni ikintu gikomeye cyane tugomba kwitwararika tukagiha agaciro. Yaratubwiye we ubwe muri ano magambo tumaze gusoma impamvu 2 zatumye atwiha ngo tuje turya umubiri we, tunywe n'amaraso :

**a.Kwari ukugirango duhore tumwibuka, twibuke n'urupfu yadupfiriye ku musaraba.**

Urupfu rwa Yesu -Kristo rwatugaragarije urukundo Imana yadukunze. Umwami wacu Yesu-Kristo arazi ko abantu twibagirwa vuba. Ni yo mpamvu yadusigiye urwibutso tuzahora tumwibukiraho, bitume tugira umwete wo kumuhoza mu bitekerezo byacu no kumukunda, noneho ubuzima bwe butubemo, kandi bugire agaciro gakomeye mu buzima bwacu. Guhora twibuka Umwami wacu Yesu-Kristo, tukibuka ubwitange bwe ku bwacu kugeza aho atumenera amaraso ku musalaba, biturinda gucogora muri ino ntambara turimo y'ibitunaniza muri runo rugendo, kuko hariho ibihora bishaka kudutandukanya na Yesu no kuduca intege mu murimo w'Imana.

Pawulo yahuguye Timoteyo muri **2 Timoteyo 2: 8-10** aramubwira ati : ‘’*Ujye wibuka Yesu-Kristo wakomotse mu rubyaro rwa Dawidi, akazuka mu bapfuye nk'uko ubutumwa nahawe buvuga, ubwo ndenganirizwa ndetse nkaboheshwa iminyururu nk'umugome, nyamara Ijambo ry'Imana ntiriboheshwa iminyururu. Ni cyo gituma nihanganira byose ku bw'intore z'Imana kugirango na zo zibone Agakiza kabonerwa muri Kristo Yesu, gafatanije n'ubwiza buhoraho*’’. Icyo gihe Pawulo yahugura Timoteyo, ariko uno munsi ni twebwe tubwirwa. Yamusabye guhora yibuka Umwami wacu Yesu kuko ni ho azihanganira imibabaro yo mu murimo w'Imana nk'uko na we yihanganye kugirango abantu bakizwe.

**b.Kwari uguhana igihango cy'isezerano ridakuka ko turi abe, na we akaba uwacu iteka ryose.**

Ni ukuvuga ko tutazigera na rimwe dutandukana. Tugendeye no ku mibanire y'abantu hagati yabo, cyane cyane mpereye ku mucyo w'abarundi n'aba nyarwanda nzi, iyo abantu babiri bafata umwanzuro wo kunywana amaraso, baba bahanye igihango gikomeye cy'ukwo bunze ubumwe butazashira. Baba bashize cachet ku bucuti bwabo. Cyari ikimenyetso ntasubirwaho cyo guhana amasezerano yo kutazigera bahemukiranira na rimwe. Baba bunze ubumwe butazagira ikintu na kimwe kibuburizamo. Baba basezeranye kubana neza ibihe byose. Haba mu makuba cyangwa mu byiza. Bagomba gusangira byose, imibabaro n'umunezero, byose bagomba kubibanamo. Bagatabarana, bagafashanya, bagahora babana mu rukundo no mu mahoro.

Ni cyo gituma gufata Igaburo Ryera atari umuhango, ahubwo ari umurimo ukomeye tugomba gukora twawutekerejeho, tuzi neza impamvu yawo kandi twawiteguye. Nta muntu n'umwe ufite uburenganzira bwo kujya kw' Igaburo ryera ahubutse atazi icyo ari gukora icyari cyo. Tugomba kubikora dushyira mu gaciro uwo mubiri n'ayo maraso yadutangiwe kugirango atweze kandi atwunge n'Imana ubuziraherezo. Kujya rero kw'Igaburo Ryera, ni ugukomeza indahiro wahaye Yesu-Kristo igihe wamwakiraga ko ari we Mwami, Umu tware n'Umukiza wawe ko utazigera umuhemukira na rimwe, kandi ko umube reye incuti magara.

Ni yo mpamvu kujya kw'Igaburo Ryera byitegurirwa. Ubwa mbere hoho, ntawu kwiye kuja kw'Igaburo Ryera atarakora intambwe yo kwimuka ngo ayirangize. Abe uw'Ubwami bw'Imana by'ukuri, yiyeguriye Kristo akamaramaza, mu kwihana ibyaha no mu kwiyambura byose, akambara Kristo, akaba yaragaragarishije ukwizera Yesu-Kristo kwe umubatizo wo mu mazi menshi. Uwo ni we ukwiye kujya kw'Igaburo Ryera. Bitabaye ibyo, tugapfa gufata Igaburo Ryera uko

twishakiye, tugirwaho n’urubanza rutuzanira ingaruka mbi cyane mu buzima bwacu.

Intumwa ya Kristo Pawulo yarabiduhuguyemo muri **1 Abakorinto 11 : 26 – 31** aho yatubwiye ati : “ *Uko muzajya murya uwo mutsima, mukanywera kuri icyo gikombe, muzaba mwerekanye urupfu rw’Umwami wacu Yesu-Kristo kugeza aho azazira. Ni cyo gituma umuntu wese uzarya umutsima w’Umwami wacu, cyangwa uzanywera ku gikombe cye uko bidakwiriye, azagibwaho n’urubanza rwo gucumura ku mubiri n’amaraso by’Umwami. Nuko umuntu yinire, yisuzume abone kurya kuri uwo mutsima no kunywera kuri icyo gikombe, kuko upfa kurya, akanywa atitaye ku mubiri w’Umwami, aba aririye, kandi aba anywereye gucirirwaho iteka. Ndetse ni cyo gituma benshi muri mwe bagira intege nke, abandi bakarwaragura, abandi benshi bakaba basinziriye. Ariko twakwisuzuma ntitwacirwaho urubanza. Nyamara iyo duciriwe urubanza n’Umwami wacu, duhanirwa na we kugirango tutazacirirwaho iteka hamwe n’ab’isi.* “

Nuko rero, igihe cyose tugomba kujya kw’Igaburo ryera, tugomba kwisuzuma ko dukwije ibya ngombwa Umwami Yesu adusaba kugirango tunywane amaraso. Kurya ku mubiri we no kunywa ku maraso ye, ni uburyo bugaragara bwo kwivanga na we. Tuba tugaragarije isi n’Ijuru ko tumufite kandi ko turi incuti ze nyakuri. Tugomba rero kuja kw’Igaburo Ryera twumva ko tubikwiriye by’ukuri : Twejeje ni ukuvuga ngo twuzuye urukundo no kwizera, kandi twumva ko tugeze ku rugero rukwiriye rw’igihagararo cya Kristo. Icyo gihe, ni ho Igaburo Ryera rizaduhesha umugisha w’Imana, na ho, ahandi ho tuzahakura umuvumo.

## Intambwe ya kane: GUHINDUKA

### IV.1 Guhinduka ni ukuvuga iki ?

Ni uguhindukirira Imana ukareka ingeso mbi, ugakora ibyiza. Ni igisubizo Umwana w'Umuntu atanga ku muhamagaro Imana igeza ku bantu b'ibihe byose. Imana kuva kera no kugeza na bugingo n'ubu, ntirareka kuduhamagarira kureka ingeso mbi ngo tuve mu byaha, duhinduke abera n'abaziranenge.

Iyo dusomye mw'Isezerano rya Kera, ni kenshi Imana yagiye ibwira Abanyisirayeli ngo ni bave mu bibi. Muri **2 Abami 17 : 13**, Imana yabwiye Abanyisirayeli iti : ''*Nimuhindukire mureke ingeso zanyu mbi, mwitondere amategeko yanjye n'amateka mukurikije ibyo nategetse ba Sogokuruza byose, nkajya mbibategekesha abagaragu banjye b'abahanuzi* ''.

Na Yohana Umubatiza, yabwirije abantu ibyo kwihana ngo bahinduke, bareke ibibi bakore ibyiza, bagorore inzira z'Uwiteka.

N'Umwami Yesu, ubutumwa bwe, bwose, bwari bugamije guhugurira abantu guhinduka, bakava mu bibi bakiyunga n'Imana. Intumwa zose Yesu yagiye atoraniriza umurimo we, nta bindi bavuga atari ugufasha abantu kuva mu byaha. Ndetse n'ubu Imana, ntisiba kutubwira n'ukuducyaha. Abasomye, n'abaziso mera Ubutumwa bw'Ubuhanuzi Imana yampaye kubagezaho, bazabona ko n'ubu Imana iriho isa n'ituburira ngo nituyigarukire amazi atararenga inkombe. Umwami wacu ari bugufi, none Imana ifitiye impuhwe abantu bayo ko bashobora gusigara mw'isi bagahusha Ijuru. Twirinde kandi tugire kwitwararika kwinshi, duharanire guhinduka kandi dukomeze tube maso.

Guhinduka, ni ukuba undi muntu, uhabanye n'uwo waruri kera utarakizwa. Guhinduka tuvuga hano, ntabwo ari ukwumubiri, duhinduka mu mitekerereze, mu myitwarire, mu mikorere no mu mivugire. Ni ukuvuka ubwa kabiri, ugahi nduka umwana w'Imana. Ukava muri Kamere y'ubumuntu yo kwikunda, ukinjira muri kamere y'Imana yo kugira urukundo. Umuntu yahindutse, ntaba agitwarwa na Kamere y'umubiri, aba asigaye ayoborwa n'Umwuka Wera w'Imana kuko aba yaravutse ubwa kabiri.

Ijambo ry'Imana riri mu **Bagalatiya 5 : 16 -17** riratubwira riti : ''*Muyoborwe n'Umwuka, kuko ari bwo mutazakora ibyo kamere irarikira, kuko kamere irarikira ibyo Umwuka yanga, kandi Umwuka yipfuza ibyo kamere yanga, kuko ibyo bihabanye*'', *ni yo mpamvu ibyo mwifuza gukora atari byo mukora.*

Mu **bagalatiya 5: 19-26,** Pawulo intumwa ya Yesu-Kristo yashyize ahagaragara imirimo ya kamere n'imbuto z'Umwuka Wera kugirango buri wese bimufashe kumenya aho agejeje ahinduka.

Imirimo ya kamere ni iyi : : " *Gusambana no gukora ibiteye isoni n'iby'isoni nke, no guse nga ibishushanyo, no kuroga, no kwangana, no gutongana, n'ishyari, n'umujinya, n'amahane , no kwitandukanya, no kwirema ibice, no kugomanwa, no gusinda, n'ibiganiro bibi n'ibindi bisa bityo. Ndababwira hakiri kare nk'uko nababwiye kera ko abakora ibisa bityo ko batazaragwa Ubwami bw'Imana .*

*Imbuto z'Umwuka na zo ni izi: urukundo, ibyishimo ,amahoro, kwihangana, kugira neza, ingeso nziza, gukiranuka, kugwa neza no kwirinda. Ibimeze bityo, nta mategeko abihana. Aba Kristo Yesu babambanye kamere n'iruba, n'irari byabo. Niba tubeshwaho n'Umwuka, tujye tuyoborwa n'Umwuka. Twe kwifata uko tutari twenderanya kandi tugirirana amahari* " .
Buri munsi, cyane cyane imbere yo kuryama, umuntu wese ushaka koko guhi nduka, agomba kwisuzuma imitekerereze ye, imyifatire ye, imivugire, n'imikorere ye by'umunsi arangije kugirango amenye nyimba koko yeze imbuto z'Umwuka ijana kw'Ijana, noneho asabe Imana imbabazi z'imirimo ya kamere yamugaragayeho afate n'ingamba nshya z'uburyo yakwisubiraho. Nk'uko Nelson Mandela yabyanditse mu gitabo cye cyitwa ngo : " *Nelson Mandela, conve rsation avec moi-même", ni ukuvuga ngo* : " *Kwiganiriza* " *ngo ntitukibagirwe ko " Umweranda, ko ari umunyabyaha ashakisha buri munsi gutera imbere mu guhinduka kwe* ".( N'oublie pas qu'un Saint est un pécheur qui cherche chaque jour à s'améliorer ).

Guhinduka, ni ugufatira ubuzima bwawe ingamba nsha yo kuva mu byaha, ukabizibukira ukabiha akato. Ukabitera umugongo. Ndetse ugaha n'akato abo bose bashaka kubigukururiramo.

Guhinduka, ni ko gukizwa. Abantu, bapfa kwakira Agakiza gusa, barangiza bakiririwa baririmba bavuga ngo barakijijwe kandi badahinduka bakiri ba ba ndi, bakibaswe na za kamere zose z'imibiri yabo. Twitonde tureke gukomeza gutukisha Izina ry'Umwami wacu Yesu-kristo tumwiba indangamuntu ye mu kumwiyitirira kandi tutameze nka we.

Guhinduka, ni ugutangaza abantu kuko uhinduka umuntu mushya, uka-

gira imyitwarire inyuranye n'iya kera, abantu bakaba banibaza by'ukuri nyi mba ari wowe cyangwa ari uwundi. Wahorana amahane n'umushiha ukagira ubugwaneza n'impuhwe. Warangwa no kwikunda ukarangwa no guku ndana, ugakunda gutanga no gukura abandi mu makuba. Wahora urangwa n'irari ry'umubiri wawe, ukabasha kuwutegeka. Wahora urangwa n'ubwoba, ukarangwa n'amahoro n'ibindi. Mu magambo make, ni ukwica umuntu wa kera, hakavuka undi mushya. Kandi abo bantu baba bahabanye, ntacyo bapfana.

Mu batubanjirije, natekereje ku muntu twafataho icyitegererezo gihamye cyo guhinduka, nsanga Pawulo, yitwaga Sawuli yatubera urugero rwiza. Sawuli yari umunyedini, umufarisayo yujuje ibya ngombwa. Yari yariyemeje guharabika no kwangisha abantu bose Izina rya Yesu-Kristo, kugeza aho afata iyambere mu kwica intumwa z'Umwami wacu. Nyamara Umwami Imana yari yaramutoranije ngo azamubere umukozi wo guhamiriza abanyamahanga ko Kristo ari Umwana w'Imana. Umwami Yesu akimara kumuhamagara mu buryo butangaje, yahise ahinduka, atangira guhamya uwo yarenganyaga.

Mu byakozwe n'**Intumwa 9 : 1-6**, Ijambo ry'Imana rirabidusobanurira neza mu kutubwira riti : '' *Sawuli akomeza gukangisha abigishwa b'Umwami ko bicwa, ajya ku mutambyi mukuru amusaba inzandiko zo guha ab'amasinagogi y'i Damasiko, kugirango nabona abantu b'Inzira ya Yesu abagabo cyangwa abagore ababohe abajane i Yerusalemu. Akigenda yenda gusohora i Damasiko, umucyo uramutungura uvuye mw'I juru uramugota*. Agwa hasi yumva ijwi rimubaza riti : '' *Sawuli, Sawuli, undenganiriza iki ? Aramubaza ati uri nde Mwami ? Nawe ati : Ndi Yesu umwe urenganya. Ariko, haguruka uje mu mudugudu, uzabwirwa ibyo ukwiriye gukora. Ananiya yoherejwe n'Imana, aragenda yinjira mu nzu arambika ibiganza kuri Sawuli………………Amarana iminsi n'abigishwa b'i Damasiko, aherako abwiriza mu masinagogi y'uko Yesu ari Umwami. Abamwumvise bose barumirwa bati : '' Uyu si we warimburiraga i Yerusalemu abambazaga iryo zina ? ……………..Ariko Sawuli, arushaho kugwiza imbaraga, atsinda Abayuda batuye i Damasiko, arabamwaza, abahamiriza y'uko "Yesu" ari we "Kristo ''*.

Urumva rero guhamya uwo wariho uratoteza, ni ibitangaza by'Imana, kandi ni ibigaragaza ubushobozi bwa Kristo bwo kuduhindura igihe cyose natwe tubyitayeho tukabigiramo uruhare. Pawulo Yarahindutse, abantu bose baramuyoberwa, ndetse na we ariyoberwa. Abatuka ku by'isi, abatuka ku cyaha, asigara ari icyitegererezo cy'abizera bose. Atarahinduka ngo amaramaze, yaravuze we ubwe ati : "*Amategeko y'Imana anyipfuriza gukora ibyiza ariko ibibi bikaba aribyo bintanga imbere. Mu mutima wanjye, ndi imbata y'amategeko y'Imana ariko, muri kamere, ndi imbata y'amategeko y'ibyaha* " **Abaroma 7:25b**. Ariko amaze guhinduka byimazeyo yahindutse icyitegererezo, na we abyimenyaho abwira Abafilipi ati : " I*byo nabigishije, ibyo nababwiye, ibyo mwanyumvanye, n'ibyo mwambonanye, abe ari byo mukora. Ni bwo Imana itanga amahoro izabana namwe* ''. **Abafilipi 4 : 9** . Guhinduka tu-

kamaramaza, kugeza ubwo twumva koko ko twera imbuto n'abandi basoromaho, na Yesu Kristo akabasha kutwiratana, tukamwubahisha, ni byo bitubereye.

Pawulo yabatutse ku by'Isi, asigara yumva ko ubutunzi bwa mbere bufite icyo bumaze ko ari ugutunga Kristo, ko gutunga iby'isi udafite Kristo ko ntacyo bimaze. Yageze n'aho atakaza ibye byose ku bw'Umwami wacu. Urukundo yarafitiye iby'isi rwakuweho asigara yikundira Yesu-Kristo wenyine. Yarivugiye ati : '' *Nyamara, ibyari indamu yanjye nabitekereje ko ari igihombo ku bwa Kristo, ndetse n'ibintu byose, mbitekereza ko ari igihombo ku bw'ubutunzi butagira akagero ari bwo kumenya Kristo Yesu, kandi mboneke ko ndi muri we ntafite gukiranuka kwanjye kuva mu mategeko, ahubwo mfite ukuzanwa no kwizera Kristo, ariko gukiranuka kuva ku Mana guheshwa no kwizera kugira ngo mumenye, menye n'imbaraga zo kuzuka kwe no gufatanya imibabaro ye, no kujya nshushanywa no gupfa kwe ngo ahari ngere ku muzuko w'abapfuye*. **Abafilipi 3 : 7-11**.

Pawulo, uwo yangaga ari we Yesu-Kristo, ni we yahindukiriye yiyunga na we, aramukunda kurusha byose na bose, aramwiyegurira amwegurira n'ibye byose, arangije aharanira no kwambara ishusho ye. Ku bwa Kristo, areka n' ibyo yakoraga byamuzanira amafranga kugirango abone umwanya wo gukorera Kristo nta mbogamizi. Nuko yafashe umwuga wo kuboha amahema kugirango abone ukwo abaho kandi abashe no gukorera Umwami we abohotse.
Uku ni ko guhinduka. Ni ukureba i buryo wareba i bumoso, ni ukwera wahora wirabura. Ni uguhinduka incuti y'Imana wahora uri umwanzi wayo. Ni ukwumvira Imana wahora uri icyigenge, ni ukwicisha bugufi wahora wishyira hejuru, ni ukuvugisha ukuri wahora uri umunyabinyoma, ni ukwuzura urukundo wahora uri umunyeshari n'umunyenzigo.
Pawulo yarahindutse ku buryo yaretse gukorera Satani agakorera Imana, ka ndi, akorera Imana byimazeyo, nta kuvanga. Pawulo yabishimiye Imana kuko ari yo yabikoze aravuga ati : **"***Ndashimira Kristo Yesu Umwami wacu wambashishije, yuko yatekereje ko ndi uwo kwizerwa, akangabira umurimo we, nubwo nabanje kuba umutukanyi n'urenganya, n'umunyarugomo. Ariko narababariwe kuko nabikoze mu bujiji ntarizera, kandi ubuntu bw'Umwami wacu bwarushijeho kunsagirizwa, bufatanije no kwizera n'urukundo, bibonerwa muri Yesu-Kristo.Iri Jambo, ni iryo kwizerwa rikwiye kwemerwa rwose, yuko Kristo Yesu yazanywe mw'isi no gukiza abanyabyaha, muri bo, ni njye w'imbere. Ariko icyatumye mbabari rwa, ni ukugirango Yesu-Kristo yerekanire muri njye uw'imbere, kwihangana kwe kwose, ngo mbe icyitegererezo cy'abazamwizera bose bagahabwa ubugingo buhoraho. Umwami nyir'ibihe byose udapfa, kandi utaboneka, ariwe Mana imwe yonyine, ihimbazwe kandi icyubahiro kibe icyayo iteka ryose*, . **1 Timoteyo 1: 12-17**

Pawulo amaze kumenya ko ibyo yakora byari bibi ko atari mu kuri, yahindukiye ahindukiye, ntiyigeze asubira inyuma . Natwe Imana, icyo idushakaho, ishaka ngo nitumara kumenya Agakiza tukakakira, dukizwe koko tumaramaze ture-

ke gukomeza kuvangatiranya, tureke kujarajara, tureke gukomeza kuyembaye mba no gukebakeba, tuboneze mu nzira y'ukuri kandi turayizi, tureke kwiyobagiza no kwigira abapfapfa. Imana irashaka ko tworoshya imitima yacu tugatega amatwi ibyo itubwira tukumvira, tugahi nduka tukava mu byaha. Kuko abariho biziba amatwi, bakarenga ku byo bazi, bagakora ibyaha nkana, bafitaniye urubanza n'Imana.

Ijambo ry'Imana riri mu **Baheburayo 2 : 1-4** riratubwira riti : " *Ni cyo gituma dukwiye kurushaho kugira umwete wo kwita ku byo twumvise, kugirango tudatembanywa tukabivamo. Mbese ubwo Ijambo ryavugiwe mu kanwa k'abamarayika ryakomeye, kandi ibicumuro byose no kutaryumvira bikiturwa ingaruka ibikwiriye, twebweho tuzarokoka dute nitwirengagiza Agakiza gakomeye gatyo, kabanje kuvugwa n'Umwami wacu natwe tukagahamirizwa n'abamwumvise, Imana ifatanije na bo guhamya, ihamirisha ibimenyetso n'ibitangaza n'imirimo ikomeye y'uburyo bwinshi, n'impano z'Umwuka Wera zagabwe nk'uko yabishatse* ''.

N'irindi jambo riri mu **Baheburayo 10 : 26,** riratubwira riti : '' *Niba dukora ibyaha nkana tumaze kumenya ukuri, ntihaba hagisigaye igitambo cy'ibyaha keretse gutegerezanya ubwoba gucirwaho iteka , no gutegereza umuriro w'inkazi uzarya abanzi b'Imana. Uwasuzuguye amategeko ya Mose ko atababarirwaga, ahubwo bakamwica abagabo babiri cyangwa batatu bamushinje, nkaswe ukandagiye Umwana w'Imana, agakerensa amaraso y'isezerano ya mwejesheje, agahemura Umwuka utanga ubuntu. Ntimugirango azaba akwiriye igihano gikabije cyane kuruta bya bindi ? Kuko tuzi uwavuze ati : Guhora ni ukwanjye, ni jye uzitura. Kandi ati : Uwiteka azacira urubanza ubwoko bwe. Erega biteye ubwoba gusumirwa n'amaboko y'Imana ihoraho* ''.

Buri wese rero, akwiye kwitondera Agakiza yakiriye, akareka kugakinisha. Uwuzagatsitaraho azavunagurika, kandi uwo kazagwira kazamuhindura ifu. Hari abari kujya mu Gakiza nko kugerageza Imana, nko gutata Imana. Pawulo yaratubwiye ati : " *Mukwiye gusoza Agakiza kanyu mutinya, muhinda umushitsi, kuko Imana ari Yo ibatera gukunda no gukora ibyo yishimira* ". **Abafilipi 2 : 12-13**

### IV.2. Duhindurwa n'iki?

Nk'uko Pawulo ari kubitubwira, tugomba kwitonda mu mibanire yacu n'Imana, kandi tukazana ubushake bwacu kugirango duhinduke. Imana ifite ubushake, ububasha n'ubushobozi byo kuduhindura, ariko ntabwo ikora yonyine, ikorana natwe. Umwami wacu Yesu-Kristo yaje mw'isi yuzuye Ubuntu bwo kuduhindura, ariko nyine, natwe biradusaba kubwakira tukabukomeza mu mitima yacu kugirango dukizwe. Ubuntu bw'Imana bugizwe n'ibintu 3 : Ijambo ry'Imana, Imbabazi z'Imana zibonerwa mu maraso ya Yesu-Kristo, Imbaraga z'Imana ari wo Mwuka Wera w'Imana. Uko twakira ubwo buntu bw'Imana, n'uko bukorera muri twe bugafataniriza hamwe kutubyara ubwa kabiri mu kuduhindura, mubi-

some muri cya gitabo nanditse cyitwa ngo “ **Dukizwa n’Ubuntu bw’Imana**”. Ariko nyine mu magambo make cyane, reka dusobanure ubwo Buntu bw’Imana.

**Ubuntu bw’Imana bugizwe n’ibintu bitatu bituruka ku Mana yonyine :**
- Ijambo ry’Imana
- Imbabazi z’Imana zibonerwa mu maraso ya Yesu-Kristo
- Imbaraga z’Imana ari wo Mwuka Wera

a. **Ijambo ry’Imana, ni ryo riduhishurira ibitekerezo by’Uwiteka**.

Iyo dushizeho umwete mu gusoma Ijambo ry’Imana tukarisobanukirwa tukari-zirika ku nkingi z’imitima yacu, tuba twakiriye ibitekerezo by’Imana, noneho ibitekerezo bya kavukire bikatuvamo tugasigara tuyoborwa n’ibitekerezo by’Imana. Uku ni ko guhinduka, ni ko kuba ibyaremwe bishya, ni ko kuvuka ubwa kabiri. Kuko ku bwo kugira imitekerereze mishya ituruka ku Mana, ugira imivugire mishya, ukagira imikorere mishya, uhinduka undi muntu utandukanye n’uwa kera. Kera warikundaga, noneho ku bwo guhinduka, wuzura urukundo. Mu by’ukuri, umuntu utagira urukundo muri we, ntaba arahinduka, ntaba araki zwa by’ukuri.

Ijambo ry’Imana muri **1 Petero 1 : 22-23** rirabitubwira neza riti : “ *Nuko rero, ubwo mwiyejesheje imitima kumvira ukuri kugira ngo mubone uko mukunda bene Data muta ryarya, mukundane cyane mu mitima yanyu, kuko mwabyawe ubwa kabiri mutabyawe n’imbuto ibora, ahubwo mwabyawe n’imbuto itabora, mubiheshejwe n’Ijambo ry’Imana rizima rihoraho*“.
Ni ukuvuga ko ku bw’Ijambo ry’Imana twakiriye, ryaduhinduye imitekerereze, ituma tuva muri kamere yo kwikunda, tukagira urukundo.

**b. Imana yaduhaye imbabazi zayo zibonerwa mu maraso Umwana wayo Yesu-Kristo yameneye ku musaraba, ku bw’umutima w’Urukundo idufitiye.**

Ibyo yabikoreye kugirango nitwamara kumenya ko twahemukiye umuremyi wacu, nitumusaba imbabazi amaraso ya Yesu - Kristo atweze adutunganye, aduheshe amahoro yo mu mutima, tuve mu bwoba n’agahinda by’icyaha. Ija mbo ry’Imana riri mu **baheburayo 10:21-22** ribitubwira neza riti‘’ *Ubwo dufite umu-tambyi ukomeye utwara inzu y’Imana, twegere dufite imitima y’ukuri twizera rwose tudashidika nya, imitima yacu imijiriweho gukurwaho kwimenyaho ikibi n’imibiri yacu yuhagijwe amazi meza*‘’.

**c.Imbaraga z’Imana ari wo Mwuka Wera, ukorera muri twe mu buryo bwin-shi, kandi natwe tutabasha gusobanukirwa neza.**

Ni wo utumenyesha ubwenge kuko ni wo utwigisha Ijambo ry'Imana, ukaridukundisha, kandi ukarikomeza mu mitima yacu, kugirango uritwibutsa igihe cyose bikenewe kugirango turishire mu bikorwa. Umwuka Wera ushingiye kw'Ijambo twamenye, ni wo utwemeza ko twakoze icyaha. Umwuka Wera ni wo worosha imitima yacu ikabasha gucira bugufi Imana ikihana, igasaba imbabazi

Umwuka Wera ni wo uduha imbaraga zo kunesha icyaha, tukareka kwige nga,ahubwo tukumvira Imana. Buri muntu rero mu busabane bwihariye agira-na n'Imana asenga kandi asoma Ijambo ry'Imana, agomba kwakira ubwo buntu bw'Imana bwuzuye, n'imbaraga ze zose, n'ubwenge bwe bwose, n'umutima we wose. Uko, ni ko kwicanga nya kuri n'Imana noneho ikabasha kugukoreramo ikakuyobora. Uku ni ko kwiyunga n'Imana.

Twebwe abana b'abantu, tugomba kumenya neza ko mu mbaraga zacu ko tudashobora gukizwa. Kwiranduramo kamere twavukanye no kwikura munsi y'ububata bwa Satani, ni Imana yonyine ibidushoboza ikoresheje Ubuntu bwayo. Imwe mu mpamvu zikomeye zituma hariho abantu bakira Agakiza ariko ntibahinduke, ni uko batakira Ubuntu bw'Imana bwo kubakiza kamere y'ibyaha. Mugire umwete rero kandi mujijuke, kunesha kwanyu kubavaho kuko Imana Yo, yiteguye kuneshereza uwo wese azabishiramo ubushake.

Mu kwanzura kuri kino gice, Ijambo ry'Imana riri muri **1 Yohana 3 : 1-3** riratu bwira riti : **"***Nimurebe urukundo ruhebuje Data wa twese yadukunze, rwatumye twitwa abana b'Imana, kandi ni ko turi. Ni cyo gituma ab'isi batatumenye kuko batayimenye. Bakundwa, ubu turi abana b'Imana ariko uko tuzamera ntikurerekanwa. Icyakora, icyo tuzi cyo, ni uko Yesu niye rekanwa tuzasa na we kuko tuzamureba uko ari. Kandi ufite ibyo byiringiro muri we yiboneza uko uwo aboneye***".** Tugomba kurwana intambara nziza yo guhinduka, kugirango Umwami wacu naseruka aje kudutwara, azasange dusa na we: Twuzuye urukundo n'impuhwe, turi abanyakuri, twicishije bugufi, turi abana bumvira. Abatazaba basa na we, buzuye ishyari n'inzigo, ububeshi, ubwirasi n'ubwi-genge, ntibazamukubita ijisho. Tugomba rero kugira ishyaka ryo gukomeza guhinduka tukagera ku rugero rwo kuvuga nka Pawulo tuti :

"*Nababambanywe na Kristo, ariko ndiho, nyamara si jye uriho, ahubwo ni Kristo uriho muri jye. Ibyo nkora byose nkiriho mu mubiri, mbikoreshwa no kwizera Umwana w'Imana wankunze akanyita ngira*". **Abagalatiya 2: 20**.

Mu **balewi 19 : 1,** Imana yabwiye Abany'Istraeli iti : " *Mube abera kuko Uwiteka Ima-na yanyu ndi Uwera* ". Natwe uno munsi ku bw'Agakiza twahawe n'Imana, ni twe banyisirayeli ba none kuko turi Ubwoko bw'Imana. Tugomba rero kwera nka Data wa Twese wo mw'Ijuru. Iki ni nacyo twahamagariwe kuba abere kugirango tuzabone ubugingo buhoraho.

## Intambwe ya gatanu. GUKORA UMURIMO W'IMANA

Ikintu cya mbere tugomba kwibaza, ni ukumenya umurimo w'Imana uwari wo kugirango tube ari wo twinjiramo noneho Imana idukoreshe. Kuva Adamu na Eva bakora icyaha bakitandukanya n'Imana, Imana ntiyigeze na rimwe iheba abantu. Kuva uwo munsi yashakishije uburyo bwose bwo kwiyunga na bo.Uwo ni wo murimo Imana ikora na bugingo n'ubu. Imana yagerageje gukoresha abakiranutsi yagiye ibona mw'isi mu bihe bitandukanye kugirango abantu ba yigarukire, bayikunde kandi bayizere ariko ntibyashobotse. Adamu na Eva bo ubwabo bagicumura yagerageje kubereka ko akibakunda ngo bamwegere bamusabe imbabazi birabananira bakomeza guhunga Imana.Yarabihamagari-ye ababaza iyo bagiye, abadodera imyenda arabiyambikira, ariko ibyo byose ntibyabemeje urukundo Imana ibakunda. **Itangiriro 3 : 8- 20**

Imana yakoresheje Nowa kugirango abantu bagarukire Imana barananirana. **Itangiriro 6 na 7** Imana itoranya Abrahamu, imutandukanya n'ab'iwabo ku-girango urubyaro ruzamukomokaho ruzamenye Imana kandi ruyubahe ariko si ko byagenze. **Itangiriro 18 : 16- 19** Abanyistraeli ntibigeze bamenya Imana ngo bayikunde bayizere. Kandi icyari cyaratumye Imana ibatoranya ikabatandukanya n'andi mahanga, kwari ukugirango biyunge na Yo, noneho bazayunge n'andi mahanga. Rero, umurimo w'Imana kuva Adamu na Eva bacumura, ni uwo kwiyunga na buri muntu ari muri ino si, nk'uko nari nabivuze.

Imana ibonye inzira zose zo kwiyunga n'abantu zinaniranye, ni ko gutuma Umwana we Yesu-Kristo kugirango atumenyeshe ko Imana ari we Data wa twese wo mw'Ijuru, kandi ko adukunda urukundo ruhebuje, ko adukunda ku-rusha ababyeyi batubyaye, ndetse no kurusha abana twabyaye. Yewe aradu kunda no kurusha uko twikunda natwe ubwacu. Imana yabihamishije gutanga Umwana we Yesu-Kristo kugirango adupfire ku musalaba, atumenere amaraso, tubabarirwe ibyaha byacu natwe tuzaragwe Ubwami bwo mw'Ijuru. Urupfu rwa Yesu-Kristo ni rwo rwabashije kutwemeza urukundo Imana idukunda, rwereka-na impuhwe n'imbabazi Imana ifitiye abantu yiremeye, ruvuguruza ibyo Satani yari yaremeje abantu ko Imana ari umubeshyi kandi ari ingome.

Iyo rero twakiriye Yesu-Kristo mu bugingo bwacu, tuba twemeye kwakira urukundo rw'Imana, mu kwemera gucungurwa n'amaraso Umwana we yatu-meneye ku musalaba. Imbabazi z'Imana zihora ku buzima bwacu igihe cyose tuzisaba ku bw'ibyaha byacu. Kandi ku bwo gukora umurimo wo kwimukira muri Yesu tumaramaje, Yesu aduturamo akaduhindura ibyaremwe bishya mu ku-tubyara ubwa kabiri atubyaje Ubuntu bw'Imana, yarangiza akadukundanisha

n'Imana, tukiyunga na Yo, tukaba incuti zayo. Incuti kandi ikugeza ku yindi. Iyo tumaze kwiyunga n'Imana, dufite natwe inshingano yo kwunga Imana n'abandi bantu. Ni wo murimo w'Imana Umwami Yesu yadusigiye ngo tuwushishikare.

Iyo rero tumaze guhinduka tukiyunga n'Imana dufite inshingano yo kwunga Imana n'abantu tubamenyesha Ubwiru bw'Imana ari we Yesu-Kristo kugirango na bo bamwemere bamwakire, we nzira nyakuri itugeza kwa Data.

Ijambo ry'Imana riri muri **2 Abakorinto 5 : 17- 21 no muri 2 Abakorinto 6 : 1** rirabidusobanurira neza riti : " *Umuntu wese iyo ari muri Yesu-Kristo , Yesu Kristo akaba ari Ijambo ry'Imana, aba abaye icyaremwe gishya, ibya kera biba bishize, dore byose biba bihindutse bishya. Ariko ibyo byose bituruka ku Mana yiyunze natwe ku bwa Kristo, ikaduha umurimo wo kuyunga n'abandi, kuko muri Kristo ari mo Imana yiyungiye n'abari mw'isi , ntiyaba ikibabaraho ibicumuro byabo, kandi noneho yatubikije Ijambo ry'umwuzuro . Ni cyo gituma tuba intumwa mu cyimbo cya Kristo, ndetse bisa n'aho ibingingira muri twe. Nuko rero turabahendahenda mu cyi mbo cya Kristo kugirango mwiyunge n'Imana, kuko utigeze kumenya icyaha Imana yamuhinduye kuba icyaha, kugirango muri we duhinduke gukiranuka kw'Imana. Kandi ubwo dukorana nayo, turabinginga ngo mudaherwa ubuntu bw'Imana gupfa ubusa* ".

Nuko rero, nta wundi murimo Imana idusaba atari ukwamamaza inkuru nziza y'Agakiza, kugirango abantu bakire Agakiza, kabakize ibyaha, kabunge n'Imana. Tugomba aho turi hose kuranga Umutware wacu Yesu-Kristo, tumurangisha kumuvuga uko ari nk'uko twamubonye, tumurangisha no kwitwara nka we kugirango abatubona bose bamutubonemo, noneho bemere kumwakira .

Pawulo ni we yavuze muri **2 Abakorinto 11 : 2** ati: " *Nabakwereye umugabo umwe ari we Kristo, ngo mubashyingire mumeze nk'umwari utunganye* " . Uwo ni wo murimo Pawulo yakoze nk'Intumwa y'Umwami wacu Yesu-Kristo, natwe, nta wundi Imana idusaba atari uguhamya Yesu-Kristo ngo abantu bose bamumenye nk'Umwana w'Imana yaje gucungura abari mw'isi bose.

Imana yampaye ubutumwa mbwira abantu ngo : " *Uwamenye Agakiza ntakabwire abandi azahemberwa iki ?* " . **Mu Byakozwe n'Intumwa 20 : 24** Pawulo yaravuze ati : " *Umurimo nahawe, ni uwo guhamya Ubutumwa bwiza bw'Ubuntu bw'Imana.* Natwe nta kindi dukwiye guhamya, atari Ubuntu bw'Imana bukiza.

Umwami Yesu asezera Intumwa ze, yazisobanuriye umurimo abasigiye ko ari uguhamya urupfu rwe no kuzuka kwe, kandi ko bagomba gusobanurira abantu ibyo kwihana no kubabarirwa ibyaha, ari bwo butumwa bwo " **Gukizwa n'Ubuntu bw'Imana** ". Ubu buntu bw'Imana twakomeje kubusobanura ko bugizwe n'Ijambo ry'Imana, Amaraso ya Yesu n'Umwuka Wera. Ndakomeza kubakangurira gusoma cya gitabo nanditse cyitwa ngo :

“ **Dukizwa n’Ubuntu bw’Imana**” , hamwe n’ icyitwa ngo : “ **Agakiza ni Yesu** “, kugirango musobanukirwe neza, noneho mubashe kwigisha abandi

Kugirango rero dukore umurimo w’Imana, Imana iduha impano. Aha tugomba kumenya ko umurimo ari umwe, ni ukuvuga ko intego tugomba kugeraho ko ari imwe, ni iyo kwunga Imana n’abandi bantu, ariko impano Imana iduha zirata ndukanye. Kandi, Imana izitugabira uko ishaka. Impano ni uburyo Imana iduha bwo kugabura ibyayo, ni ubushobozi bwayo idushyiramo, kandi mu by’ukuri, ni ibyo Imana yonyine idukoreramo kugirango tubashe kurangura uwo murimo w’Imana.

Mu **Befeso 4 : 7- 8, 11-12** Ijambo ry’Imana riratubwira riti : ’’ *Umuntu wese muri twe yahawe ubuntu nk’uko urugero rw’impano ya Kristo ruri. Ni cyo gituma ivuga iti : Amaze kuzamuka mw’Ijuru , ajyana iminyago myinshi, aha abantu impano. Nuko aha bamwe kuba intumwa ze, abandi kuba abahanuzi, abandi kuba ababwirizabutumwa bwiza, abandi kuba abungeri n’abigisha, kugirango abera batunganirizwe gukora umurimo wo kugabura iby’Imana no gukomeza umubiri wa Kristo, kugeza ubwo twese tuzasohora kugira ubumwe bwo kwizera no kumenya Umwana w’Imana, kandi kugeza ubwo tuzasohora kuba abantu bashyitse bageze ku rugero rw’igihagararo cya Kristo* ‘’ **.**

Rero, iyo umaze kwimuka ukava mu bubata bwa Satani ukiyegurira Yesu n’umutima wawe wose n’ibyawe byose, Umwami Yesu akabona ishyaka ugira ryo guhagarara ku masezerano wamuhaye n’iryo gutera ujya imbere mu guhi nduka kwawe, Umwami wacu Yesu-Kristo akwambika imbaraga ze mu kukubatiriza mu Mwuka Wera. Umwuka Wera ni wo uduha izo mpano kandi uwo Mwuka nyine ni wo ukorera byose muri twebwe, ukagabira umuntu wese uko ushaka. Ijambo ry’Imana muri **1 Abakorinto 12 : 4- 11** rirabitubwira riti : ‘’ *Hariho impano z’uburyo bwinshi, ariko Umwuka ni umwe. Kandi hariho uburyo bwinshi bwo kugabura iby’Imana, ariko Umwami ni umwe. Hariho n’uburyo bwinshi bwo gukora, ariko Imana ikorera byose muri bose ni imwe. Umuntu wese agahabwa ikimwerekanaho Umwuka kugirango bose bafashwe. Umwe aheshwa Ijambo ry’ubwenge n’Umwuka, undi agaheshwa n’uwo Mwuka Ijambo ryo kumenya, uwundi impano yo gukiza indwara, undi yo gukora ibitangaza, undi yo guhanura, undi agahabwa kuvuga indimi nyinshi, undi kuzisobanura, ariko ibyo byose uwo Mwuka umwe ni wo ubikorera muri bo. Agabira umuntu wese uko ashaka* ‘’ **.**

Ikibazo abantu benshi bakunda kwibaza, ni ukuntu bamenya ko hageze gukorera Imana, ndetse n’uburyo bamenya impano Imana yabahaye. Ibyo ngiye kubabwira, ni ibyo nkura mu buhamya bwanjye uko byangendekeye. Ariko nibaza ko nta mategeko Imana igenderaho mu kutugaragariza impano yadushizemo ndetse no mu kuduhagurukiriza kuzikoresha. Icyo numva ari ngombwa, ni uko umuntu wese kugirango atangire umurimo w’Imana uwo ari wo wose, agomba kubanza kubatirizwa mu Mwuka Wera.

Ibi turabyemezwa n'uko n'Intumwa zabanye na Yesu – Kristo, zabanje gutegereza kwambikwa imbaraga z'Imana imbere yo gutangira gukora umurimo wa Yesu-Kristo, bavuga ubutumwa bwiza, bakora ibitangaza n'ibindi. Umwami Yesu ni we yari yarabibategetse imbere yo kuzamuka mw'Ijuru, yarababwiye ati: '' *Kandi dore ngiye kubohererereza ibyo Data yasezeranye, ariko mugume mu murwa kugeza ubwo muzambikwa imbaraga zivuye mw'Ijuru* ''.**Luka 24 : 49**

Uko Umwami Yesu yabategetse ni ko babigenjeje, Yesu amaze kuzamuka mw'Ijuru, bateraniye mu cyumba kimwe, bakomeza gusenga bahuje umutima bategereje Umwuka Wera ko ubamanukira. Ku munsi wa Pentecote ni ho bamanukiwe n'imbaraga z'Umwuka Wera, noneho batangira kuvuga indimi nyinshi, baherako barasohoka guhamya Umwami Yesu, kwihanisha abantu no kubabatiriza. Ibi murabisanga mu **byakozwe n'Intumwa mu gice cya 1 n'icya 2**. Impano rero tuzigabirwa n'Umwuka Wera,

**None tumenya gute izo mpano zacu kugirango dutangire tuzikoreshe?.**

Nibaza ko impano Imana iba yaraziturеmanye. Ariko nyine birasaba imbaraga z'Imana kugirango zake zitangire gukora. Njye nasanze, mpereye no ku buhamya bwanjye, impano Imana yaguhaye, Imana itangira kuyigukundisha kuva umunsi wemeye kwiyegurira Yesu – Kristo. Nkimara kwakira Agakiza, nkabona impinduka zihise zimbaho, na cyane cyane nkabona amahoro yo mu mutima nkabasha gusinzira, natekereje ku bantu nka njye baba mu bwoba batagira amahoro ko na bo bakeneye Yesu ngo abaruhure. Nuko numvise mu mutima wanjye nifuje kumenya neza iby'Agakiza kugirango mbyigishe abandi na bo bakizwe. Buri gihe, ni byo nasengeraga.

Nari nararushye Yesu aranduhura ni yo mpamvu mporana agahinda k'abantu batazi ko Yesu aruhura abamwakiriye bose. Umwami Yesu yambatirije mu Mwuka Wera maze umwaka n'igice nakiriye Agakiza, noneho mu minsi mike yakurikiye, ni we wanyibwiriye ngo : '' *Haguruka umvugire, utegereje iki ko namaze kukwambika imbaraga* '' ?. *Namwishuye nti : Mwami wanjye ndavuga iki ko ntaramenya Bibiliya?.*
*Arambwira ngo ngiye kuyigutamika uyirye uyimare*>>. Ubwo nahise ntangira kwitaho cyane gusoma Ijambo ry'Imana mbishyizeho umutima wo kumenya no gusobanukirwa. Ntangira no guhamya Yesu mu Matorero, no kwigisha Agakiza, uko Umwuka Wera yagenda anyigishiriza mw'Ijambo ry'Imana.

Ariko nyine Umwuka Wera yanyigishije mu buryo bukomeye atangiye kumpa ubutumwa bwo kugeza ku bantu, noneho akabumpana n'imirongo ya Bibiliya yo gusoma. Ubwo butumwa narabusomaga, ngasoma n'iyo mirongo ya Bibiliya, nkumva ndasobanukiwe mu buryo butangaje. Uko ni ko nabashije gusobanurira

neza abandi iby'Agakiza, ndetse mbasha no kwandika ibitabo ku nkuru nziza y'Agakiza.

Nshingiye rero ku buhamya bwanjye, Imana iremana buri muntu impano yihariye. Iyo umaze gukizwa Imana irayigukundisha ukumva nta kindi wakorera Imana atari ikijyanye n'impano yawe. Noneho yamara kumwambika imbaraga, ikamuhagurutsa ikamwibwirira ibyo agomba kuyikorera. Ndetse twavuga ko Imana ubwayo ko ari yo itangira ikagukoreramo ku bwo Umwuka wera ukurimo. Ariko nyine kugirango Imana igukoreshe, ugomba kuyiha umwanya wo kubana na yo, ugakunda gusenga no gusoma Ijambo ry'Imana, kandi ugakunda kugumana na Yo, mu kuyihoza mu bitekerezo byawe.

Ikibazo gikomeye kiri kugaragara mu murimo w'Imana, ni uko hari abantu bihagurutsa gukorera Imana ari bo bitumye batatumwe, ni yo mpamvu bakoresha impano zitari izabo. Usanga barigize abahanuzi bihimbira ibyo babwiwe atacyo babwiwe, ugasanga ari abavuga butumwa batatumwe, ugasanga ari abungeri banyuze mu cyanzo bakiba intama za Kristo batazihawe na nyirazo. Abantu nk'abo bikoresha cyangwa bagakoreshwa n'abandi bantu nka bo barikorana  ntibakorana n'Imana. Bariyobora kuko Imana itari kumwe na bo. Abo rero barakorera ubwami batazatahamo. Ni ba bandi azabwira ngo mva imbere mwa nkozi z'ibibi mwe, sinigeze mbamenya.

Umwami Yesu yigeze ansobanurira ko ubwami bw'Imana bugereranywa n'umurima munini cyane, ugizwe n'ibivi byinshi, kandi buri wese awufitemo ikivi cye agomba guhinga akakirangiza kugirango yubake ubwami bw'Imana azabituremo. Nyine umurima, ni we akwiyerekera ikivi cyawe aho giherereye n'uko kingana Ni nawe uguha ibikoresho byo kugihinga. Hari abahabwa majagu cyangwa amasuka, biva ku kivi cyawe uko giteye. Ibyo bikoresho, twabigereranya n'impano. Hano, nakwanzura mvuga ko twebwe abana b'Imana tugomba gukorera Data, ariko twitonde tumutegereze abe ari we utwiyerekera ikivi yatugeneye kuva kera, aduhe n'uburyo ndetse n'imbaraga zo kugihinga. Nitwishora mu kivi kitari icyacu cyangwa tugashorwa yo n'abandi bantu tuzatahukana zero

Twese abana b'Imana twiyeguriye Yesu-Kristo, Imana yiteze kudukoresha, ariko Imana hari icyo idusaba. Idusaba guhinduka rwose, tukaba ibyaremwe bishya, tukava mu ngeso mbi yo kwikunda, tukuzura urukundo. Tugakunda Imana cyane kurusha byose kandi tugakunda abandi nk'uko twikunda twebwe ubwacu. Ijambo ry'Imana rirabitubwira neza muri **2 Timoteyo 2:21** riti: *"Umuntu niyiyeza  akitandukanya nibidatunganye, azaba abaye ikintu cyo gukoreshwa ibyicyubahiro cyejejwe, kigirira nyiracyo umumaro, kandi cyatunganirijwe imirimo myiza yose"*.

Imana yabinsobanuriye muri rino Jambo yanyibwiriye ngo : ‘’ *Ukora neza mu murimo w'Imana azakoreshwa, na yo uwiyobagiza azirukanwa* ‘’. Umurimo w'Imana, n'ubu Imana ikiriho ikora, ni uwo kwiyunga na buri wese muri twebwe nkuko nari nabisobanuye. Ukora neza muri uwo murimo, ni uwukora ibishoboka byose kugirango abe incuti y'Imana. Kandi Imana, ni Imana y'abahinduka, ni Incuti y'abahinduka bakava mu byaha, kandi ibyaha tubikoreshwa no kwikunda.

Ni incuti rero y'abafite urukundo mu mitima yabo. Abo rero ni bo bazakoreshwa n'Imana kuko ku bw'Urukundo rubarimo, bazabasha kwitangira Imana n'abantu kugirango abandi bakizwe, Imana yacu na Yo ihabwe icyubahiro.

Umwami Yesu yarabitubwiye muri **Mariko 8 : 34- 35** aho yahamagaye aba ntu n'abigishwa be arababwira ati : ‘’ *Umuntu nashaka kunkurikira niyiyange yikorere umusaraba we ankurikire , kuko ushaka kurengera ubugingo bwe azabubura, kandi utita ku bu gingo bwe ku bwanjye no ku bwo ubutumwa bwiza azabukiza* ‘’.

Rero, Umwami Yesu tuzamukurikira, kandi kumukurikira, ni ugukora ibyo yakoraga akiri muri ino si. Azakorerwa rero n'abamwiyeguriye, bakamuha umutima wabo, bakawimuramo ibigirwamana byose, bakaba ari we bimika, kandi bakitanga, bagatanga imibiri yabo, bagatanga n'ibyabo kugirango inkuru nziza y'Agakiza yamamare mu mahanga yose. Abo ni bo azakoresha, agakorana na bo, ahubwo akababakoreramo.

Nayo, abinjizwa mu murimo w'Imana no kwikunda bishakiramo indamu, Umwami wacu azabirukana kandi ntasiba kubikora. Abo ni ba bandi biyinjiza mu murimo w'Imana nk'abahanga umushinga ubyara inyungu. Abo baracagengwa n'irari, nta Mwuka w'Imana bagira, kandi abo ni ba bandi biha ngamo impano Imana itabahaye. Nibatihana ngo bisubireho, bagashishikara kwishushanya, Umwami Yesu azabakoza isoni bakiri mw'isi, kandi ku munsi w'urubanza azabihakana.

Intumwa Pawulo, yatubera urugero rwiza rw'Intumwa yakoreye Imana yuzuye urukundo rwinshi n'imbabazi yarafitiye ubugingo bw'abandi. Uru rugero rwa Pawulo ndarugarukaho na ho nari narutanze kare mu gusobanura ino nzira y'Agakiza ko ari inzira yo kwitanga. Pawulo Yandikiye Abatesalonike arababwira ati : ‘’ *Kuko guhugura kwacu atari uko kuyobya, kutava mu byanduye kandi kukaba atari uko kuriganya, ahubwo nk'uko Imana yatwemereye kugirango tube abo guhabwa ubutumwa bwiza, ni ko tubuvuga. Ntituvuga nk'abashaka kunezereza abantu, keretse Imana igerageza imitima yacu. Ntitwigeze kuvuga Ijambo ryo gushyeshya nk'uko mubizi, cyangwa ngo tugire urwiyeruru tso, rwo kwipfuza inyungu muri mwe. Imana ni Yo dutanzeho umugabo. Kandi ntitwashatse icyubahiro mu bantu, naho haba muri mwe cyangwa mu bandi, nubwo twabashaga kubaremerera kuko turi intumwa za Kristo. Ahubwo twitonderaga muri mwe nk'uko umurezi akuyakuya abana*

*be. Ni cyo cyatumye mudutera imbabazi tukababakunda cyane, tukishimira kutabaha ubutumwa bwiza gusa, ahubwo no kubaha ubugingo bwacu kuko mwatubereye inkoramutima cyane. Bene Data, mwibuke umuhati wacu n'imirimo nk'uko twababwirije Ubutumwa bwiza bw'Imana dukora ku manywa na nijoro, kugira ngo hatagira uwo muri mwe turemerera. Mwebwe n'Imana, ni mwe ntanzeho abagabo b'uburyo twameranaga namwe abizera turi abera, dukiranuka kandi tutariho umugayo. Kandi nk'uko mubizi, twahuguraga umuntu wese muri mwe, tukabahumuriza no kubihanangiriza nk'uko se w'abana agirira abana be, kugirango mugende uko bikwiriye ab'Imana ari yo yaduhamagariye kujya mu Bwami bwayo n'ubwiza bwayo* ''.

**1 Abatesalonike 2 : 3- 12.**

Aya magambo Pawulo yandikiye Abatesalonike, nashatse kuyandika yose naho ari menshi kugirango dusobanukirwe neza n'impamvu zigomba kuduhagurutsa mu murimo w'Imana. Ikigomba kuduhagurutsa, ni ukugirango dukize ubugingo bwa benshi, tubambure Satani, tubashikirize Kristo. Tugomba rero kwitangira abo tubwiriza tubereka urukundo. Ibyo biradusaba gukora cyane tugashakira amaramuko ahandi atari mu bo tubwiriza, kugirango ubutumwa tuvuga bu tabonekaho umugayo. Ahubwo tukabasha kubona ibitubeshaho, n'ibyo dutabaza abandi bakenye. Pawulo ngo ku bw'Ubutumwa bwiza yafashe umwuga wo kuboha amahema kugirango adasa n'umusabirizi mu matorero yagenda ashinga hirya no hino. Mu murimo w'Imana, tugomba kujyanwamo n'intego yo kwungura abandi mu by'Umwuka n'iby'umubiri uko Imana idushoboza, ariko ntitujyanwemo n'intego yo kwiyungura ubwacu, twungurwa n'abo twitwa ngo turakorera.

Hari n'aho Pawulo yavuze ati : '' *Abana si bo bakwiye guhunyikira ababyeyi babo, ahubwo ababyeyi ni bo bakwiye guhunyikira abana babo* ''. Ni twebwe abakozi b'Imana tugomba guhunyikira abo dukorera, si bo bagomba kuduhunyikira.

Nakwanzura kino gice mvuga ko umurimo w'Imana abana bayo bagomba gukora, ni uwo kwunga abantu n'Imana. Ariko tuwurangura dukoresheje impano zitandukanye duhabwa n'imbaraga z'Umwuka Wera, ari na wo uziduhishurira. Ni ngombwa rero ko buri wese ahagurutswa n'Imana kandi agakora ibyo Imana yamuteguriye gukora, mu mpano yagabiwe na yo, kugirango tuzane benshi kuri Yesu, kandi kugirango dufashanye twese gukurira muri we, tuzagere ku rugero rw'igihagararo cye. Ni ho tuzabana na we mw'Ijuru iteka ryose.

# Igicye cya 6 : UMWANZURO

Nizeye ntashidikanya ko uzasoma kino gitabo ko kizamufasha kwisuzuma kugirango amenye ko ari mu nzira y'Agakiza cyangwa atayirimo, kuko hari abantu benshi bibesha ngo bari muri iyo nzira kandi batigeze bayinjiramo kuko batayizi kandi batazi n'ingene bayinjiramo.

Iki gitabo kizamufasha kandi kumenya uko agendana na Yesu Umukiza n'Umucyunguzi we kugirango ashorere imizi muri we kandi akurire muri we, kugeza aho azagera ku rugero rwo kwambikwa imbaraga z'Imana zimuhesha impano zo gukorera Imana. Nagisoma acyitayeho kandi agashira umwete mu gukurikiza ibyo kimuhuguramo, kuyobagirika no gukinira muri ino nzira y'Agakiza bizaba birangiye. Ubujiji buri muri bamwe bwo gukurikira abana b'abantu nk'impumyi kuko bitwa abakozi b'Imana buzaba bushize. Muri ino nzira y'Agakiza izatugeza mw'Ijuru, **tugomba kumenya ko ari inzira yo kwezwa** kugirango tubashe kwiyunga n'Imana tubiheshejwe no kwiyegurira Yesu- Kristo twebwe ubwacu n'ibyacu byose, nitwarangiza tuyunge n'abandi mu guhamya Kristo mu magambo no mu myitwarire yacu. Tugomba rero guhinduka rwose kugira ngo Umwami wacu atugaragaremo bitume amenywa kandi akundwa n'abatari bamuzi na bo bamwiyegurire. **Tuzamenya kandi ko ari inzira yo kwitangira abandi ko atari inzira yo kwinezererezamo no gushakiramo indamu** nk'uko benshi bari barabyigishijwe. Urukundo, impuhwe n'imbabazi, ni byo bigomba kuranga umuntu wese yakiriye Yesu-Kristo agakizwa.

Ndavuga hano yakiriye Yesu-Kristo agakizwa, kuko hariho abamwakira ariko ntibakizwe ni ukuvuga ngo ntibahinduke kuko batamenye ibyo bagomba gukora inyuma yo Guhitamo Yesu ko bagomba kwihutira kwimuka, gusubiramo amasezerano basezeranije Yesu-Kristo bakimwakira kandi bakayahagararaho kugirango bagere ku guhinduka nyakuri no gukorera Imana. Nanjye ubwanjye guhishurirwa n'Umwami Imana zino ntambwe ni byo byampesheje gushinga imizi muri ino nzira y'Agakiza. Kuzibahishurira nanjye ni inshingano yanjye.

Nkaba nongeye gushimira Imana Yo yabinshoboje kuko nagambiriye kuva kera kubyandika, ariko bikananira. Imana ihabwe icyubahiro Yo nyine umurimo. **Amen**